Rwanda Education Board

Ikinyarwanda

Igitabo cy'umwarimu

Umwaka wa kabiri
w'amashuri abanza

USAID FROM THE AMERICAN PEOPLE

EDC Learning transforms lives.

Ikinyarwanda

Igitabo cy’umwarimu

Umwaka wa kabiri
w’amashuri abanza

Abagize uruhare mu iyandikwa ry'iki gitabo

Abanditse iki gitabo
Kanyamibwa Epaphrodite
Murekatete Marie Béatrice
Niyitegeka Dative
Ndadari Didace
Mpinganzima Sonia

Abajyanama
Bacumuwenda Nehemiah
Nyirandagijimana Anathalie

Abakosoye inyandiko
Uzabakiriho Salvator

Abatunganyije iki gitabo
Twizeyimana Jean Pierre
Sibomana Eric
Kalisa James

Itsinda rishinzwe kwemeza integanyanyigisho n'imfashanyigisho (TAC)
Dr. Musabe Joyce
Rwambonera François
Dr. Kayigema Jacques

Abandi bantu bagize uruhare mu kwemeza iyi mfashanyigisho
Nshimiyimana Alexis
Uwibanze Theophile

© 2015 Rwanda Education Board.
The Rwanda Education Board holds the copyright for the materials in this collection.

This publication is made possible by the support of the American people through the United States Agency for International Development (USAID.) The contents are the responsibility of Education Development Center (EDC) and do not necessarily reflect the views of USAID or the United States Government.

Ijambo ry'ibanze

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza cyanditswe ku nkunga y'Ikigo cy'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) binyujijwe mu Mushinga Ushinzwe Guteza Imbere Uburezi (EDC/L3) ku bufatanye n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB.)

Iki gitabo cyanditswe kandi mu buryo bwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri kigendeye ku nteganyanyigisho nshya y'Ikinyarwanda yateguwe mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibyifuzo by'Igihugu cyane cyane mu byerekeranye no kubaka ubushobozi bw'umunyeshuri bikazatuma ashobora kwikemurira ibibazo ahura na byo kandi akabana neza n'abandi.

Imbonezamasomo zo muri iki gitabo ziha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye, ahera ku byo azi agatahura ibindi akorana na bagenzi be mu matsinda. Iki gitabo kizunganira umwarimu mu gutegura no gutanga amasomo ye neza nta guhuzagurika kubera ko kigaragaza intambwe zose zikurikizwa mu isomo ku buryo busobanutse.

Mu gutegura iki gitabo, hashingiwe ku mahame y'iyigandero mu bijyanye n'imyigishirize ihamye yo gutoza abanyeshuri gusoma no kwandika bakiri bato, ku buryo umunyeshuri uzigishwa ibikubiye muri iki gitabo, azashobora kugira ubushobozi bw'ibanze butuma amenya kwandika no gusoma.

Ni yo mpamvu mu gutegura iki gitabo, hitabajwe impuguke zinyuranye mu by'uburezi ndetse n'imyigishirize y'indimi cyanecyane ururimi rw'Ikinyarwanda kugira ngo kinogere umwarimu kandi kigirire akamaro abanyeshuri.

Turashimira rero abantu bose bagize uruhare mu kwandika iki gitabo kuko bashyigikiye ku buryo bw'umwihariko igikorwa cyo gutoza abanyeshuri umuco wo gusoma no kwandika bakiri bato. Ibi bizatuma bakurana umuco wo gusoma no kwandika. Turasaba kandi abantu bose bazasoma n'abazakoresha iki gitabo gutanga ibitekerezo basanga byatuma kirushaho kunogera abo kigenewe.

GASANA I. Janvier
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Ibirimo

Ijambo ry'ibanze iii
Iriburiro vi
Imyandikire y'inyuguti nto mu mukono xiv
Imyandikire y'inyuguti nkuru mu mukono xv
IMBATA Z'AMASOMO NTANGARUGERO xvi
UMUTWE WA 1: UMUCO W'AMAHORO 1
ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA USHIZE 4
Isomo rya 1 - 8 4-6
Itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono 7
Isomo rya 1 - 8 7-13
Isomo rya 1 - 8 14-21
IBIHEKANE BYIGWA: ts, nz 22
Isomo rya 1 - 8 22-28
IBIHEKANE BYIGWA: by, rw 30
Isomo rya 1 - 8 30-37
IBIHEKANE BYIGWA: mw, nt 38
Isomo rya 1 - 8 38-44
ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 1 46

UMUTWE WA 2: ISHINGANO Z'ABANA 50
IBIHEKANE BYIGWA: tw, bw 52
Isomo rya 1 - 8 52-60
IBIHEKANE BYIGWA: cy, ry 61
Isomo rya 1 - 8 61-69
ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 2 71

UMUTWE WA 3: UBURENGANZIRA BW'UMWANA 76
IBIHEKANE BYIGWA: my, nk 78
Isomo rya 1 - 8 78-85
IBIHEKANE BYIGWA: nj, mv 86
Isomo rya 1 - 8 86-93
ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 3 94
UMUTWE WA 4: IMIYOBORERE MYIZA 99
IBIHEKANE BYIGWA: mp, jy 101
Isomo rya 1 - 8 101-108
IBIHEKANE BYIGWA: pf, zw, nw 110
Isomo rya 1 - 8 110-117
Isomo rya 1 - 2 118-119
ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 4 121

UMUTWE WA 5: ISUKU 124
IBIHEKANE BYIGWA: ns, mby, shy 126
Isomo rya 1 - 8 126-135
Isomo rya 1 - 4 136-139
IBIHEKANE BYIGWA: nsh, gw, jw 140
Isomo rya 5 - 8 140-144

Isomo rya 1 - 4 145-149
ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 5 149
UMUTWE WA 6: ITUMANAHO N'IKORANABUHANGA 152
IBIHEKANE BYIGWA: nny, nyw 155
Isomo rya 1 - 8 155-163
IBIHEKANE BYIGWA: njy, ngw 164
Isomo rya 1 - 8 164-173
IBIHEKANE BYIGWA: shw, mbw 175
Isomo rya 1 - 8 175-183
IBIHEKANE BYIGWA: mf, ndw 184
Isomo rya 1 - 8 184-192
ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 6 194

UMUTWE WA 7: ITERAMBERE 199
IBIHEKANE BYIGWA: nzw, sw 202
Isomo rya 1 - 8 202-210
IBIHEKANE BYIGWA: hw, nsw 211
Isomo rya 1 - 8 211-218
IBIHEKANE BYIGWA : ntw, tsw 219
Isomo rya 1 - 8 219-226
IBIHEKANE BYIGWA: ty na kw 228
Isomo rya 1 - 8 228-235
IGIHEKANE CYIGWA: py 236
Isomo rya 1 - 6 236-241
ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 7 243

UMUTWE WA 8: UBUZIMA 247
IBIHEKANE BYIGWA: njw, dw 250
Isomo rya 1 - 8 250-258
IBIHEKANE BYIGWA: sy, fw 259
Isomo rya 1 - 8 259-266
IBIHEKANE BYIGWA: ndy, cw 267
Isomo rya 1 - 8 267-274
IBIHEKANE BYIGWA: nshy, nty 275
Isomo rya 1 - 8 275-282
ISUZUMABUSHOZI RISOZA UMUTWE WA 8 283

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE 288

Kumenya gusoma no kwandika ni inkingi ikomeye y'iterambere ry'umuntu ku giti ke n'iry'Igihugu muri rusange. Kugira ngo umuco wo gusoma winjire mu bantu kandi wimakazwe, ni ngombwa ko abana bawutozwa bakiri bato, kandi bakagezwaho uburyo n'ibikoresho byatuma ubushobozi bwabo bwo gusoma no kwandika bwiyongera, bakabikora kenshi kandi bakabikunda.

Ibyo bituma barushaho kugenda bubaka ubushobozi bwabo bwo kuvuga, kumva, gusoma no kwandika neza Ikinyarwanda kandi bakagenda bunguka ubushobozi n'ubumenyingiro rusange bibafasha kwibeshaho no kubana neza n'abandi.
Turifuza rero ko iki gitabo kigufasha wowe mwarimu kurera umunyeshuri uzi gutekereza, utega amatwi akumva, agatekereza byimbitse, agafata ibyemezo biboneye, agakora akurikije ibyo yize, kandi akagira imyitwarire ibereye Umunyarwanda mwiza.

1. IBIKUBIYE MURI IKI GITABO

Amasomo yo muri iki gitabo yubakiye ku mitwe umunani, kandi buri mutwe ufite insanganyamatsiko wibandaho, zigenda zigaruka mu nkuru zisomerwa abanyeshuri no mu dukuru abanyeshuri bisomera ubwabo. Uretse insanganyamatsiko yihariye yigwa muri buri mutwe, higwa kandi n'itonde ry'inyuguti mu mukono ndetse n'ibihekane runaka biteganywa n'integanyanyigisho mu mwaka wa kabiri.

1.1 **Insanganyamatsiko n'ibihekane byigishwa muri buri mutwe**

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ibyigwa/Inyuguti zigwa
1	Umuco w'amahoro	Itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono Ibihekane: **ts, nz, rw, by, nt na mw.**
2.	Inshingano z'abana	Ibihekane: **tw, bw, cy** na **ry**
3	Uburenganzira bw'umwana	Ibihekane: **my, nk, nj, mv**.
4	Imiyoborere myiza	Ibihekane: **mp, jy, pf, zw, nw**.
5	Isuku	Ibihekane: **gw, ns, shy, mby**
6	Itumanaho n'ikoranabuhanga	Ibihekane: **nny, nyw, njy, ngw**, **shw, mbw**, **mf, ndw**
7	Iterambere	Ibihekane: **nzw, sw, hw, nsw**, **tsw, ntw**, **ty, nkw, py**
8	Ubuzima	Ibihekane: **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nshy, nty**

Iki gitabo cy'umwarimu gikubiyemo imbata z'amasomo ateguye birambuye n'andi ahinnye atanga amabwiriza y'ingenzi umwarimu yakwifashisha yigisha. Izi mbata z'amasomo zigaragaza ibikorwa by'umunyeshuri ndetse n'iby'umwarimu.

Iki gitabo kandi kerekana imbonezamasomo zituma abanyeshuri bagira uruhare mu myigire yabo bityo hakagaragara uruhare rw'umunyeshuri, uruhare rwa mwarimu n'uburyo bw'imyigishirize, uko umwarimu agenda afasha abanyeshuri gucengera izo nsanganyamatsiko. Iki gitabo gisobanurira umwarimu uburyo yakwigisha abanyeshuri, yifashishije igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Ikitonderwa

Mu ntangiriro za buri mutwe, hagaragara imbonerahamwe ngaragazamasomo ikubiyemo: ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe, amasomo yigwa n'ubukesha buyategerejweho. Uretse amasomo y'isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka wa mbere n'amasomo yo kwiga itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono, ayandi yose yubakiye ku nkuru.

1.2. Intambwe z'ingenzi zigaragara muri buri somo

Usibye amasomo y'isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka ushize, amasomo 16 abanza y'umutwe wa mbere akubiyemo itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono. Afasha umunyeshuri kwimenyereza uko bandika inyuguti nto n'inkuru mu mukono kubera ko mu mwaka ushize yigaga yandika mu cyapa gusa. Andi masomo akubiye mu bice umunani akurikiza intambwe z'ingenzi zigaragara muri iyi mbonerahamwe:

Uko amasomo akurikirana	Ibikorwa
1. Gusoma no kumva inkuru	Kuvumbura icyo inkuru ivuga hifashishijwe amashusho. Gusoma inkuru. Gusobanura amagambo mashya. Gusubiza ibibazo ku nkuru.
2. Gusesengura inkuru	Gusoma inkuru. Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru. Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.
3. Gutahura no gusoma igihekane	Kongera kwiyibutsa inkuru. Gutahura igihekane. Imyitozo yo gutahura.
4. Kwandika igihekane mu mukono	Kongera kwiyibutsa inkuru. Kwandika igihekane mu mukono.
5. Gutahura no gusoma igihekane	Kongera kwiyibutsa inkuru. Gutahura igihekane. Imyitozo yo gutahura.
6. Kwandika igihekane mu mukono	Kongera kwiyibutsa inkuru. Kwandika igihekane mu mukono.
7. Imyitozo y'isuzumabushobozi	Gusoma agakuru. Gusubiza ibibazo ku gakuru. Gukora umwitozo wo kwandika mu mukono amagambo n'interuro byiganjemo ibihekane byizwe. Gukora icyandikwa ku gakuru.
8. Imyitozo y'ishimangirabushobozi	Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri. Gukora imyitozo yo gusoma no kwandika.

2. IKORESHWA RY'IBINDI BITABO N'IZINDI MFASHANYIGISHO

Umwarimu azakenera gukoresha igitabo k'inkuru mu gihe azaba akeneye gusomera abanyeshuri inkuru cyangwa kongera gufasha abanyeshuri gusubira mu nkuru, kuyisesengura no kuyihuza n'ubuzima bwabo busanzwe.

Ibi bitabo byose bizifashishwa kuko byuzuzanya mu bikorwa by'imyigire no mu myigishirize. Iki gitabo kigaragaza impapuro zo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyenshuri n'igitabo cy'umunyeshuri zifashishwa muri buri somo.

2.1 Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri

Abanyeshuri bihatira gukunda gusoma iyo bafite ubasomera inkuru kenshi. Kubera iyo mpamvu, igitabo gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri kigenera umwarimu inkuru zo gusomera abanyeshuri muri buri mutwe. Buri nkuru yubakiye ku bihekane abanyeshuri baziga muri icyo cyumweru no ku nsanganyamatsiko y'umutwe.

Inkuru zo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, ziherekejwe n'amashusho agaragaza inyamaswa, abantu n'ibindi bishimisha abana, bigafasha gutambutsa inyigisho n'imyifatire umunyeshuri agomba kunguka. Impamvu, ni uko muri rusange abanyeshuri bo muri iki kiciro bashimishwa cyane n'ayo mashusho yerekana inyamaswa zivuga, zikora nk'abantu.

Izo nkuru, zigamije kongera ubushobozi bw'abanyeshuri mu gutega amatwi ndetse no gusobanukirwa n'ibyo bumvise. Ibi byongera ubushobozi bwabo mu gutega amatwi, kumva inkuru no kuyisobanukirwa. Izi nkuru kandi zumvisha abanyeshuri ko inkuru igira intangiriro, igihimba ndetse n'umusozo kandi ikaba yubakiwe ku kibazo gikeneye gukemurwa. Ubwo bumenyi bufasha cyane abanyeshuri kumva inkuru bisomera ubwabo. Umwarimu azifashisha amashusho ari mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri mu gihe cyo gusoma, kumva, gusesengura inkuru ndetse no gutahura igihekane kigwa.

Inkuru zisomerwa abanyeshuri, zibafasha kunguka amagambo n'imvugo bishya. Abanyeshuri bakungahaye ku magambo menshi, basobanukirwa n'ibyo basoma ku buryo bworoshye. Izo nkuru ni zo umwarimu avomamo amagambo n'interuro yifashisha yigisha ibihekane byigwa.

2.2 Igitabo cy'umunyeshuri.

Igitabo cy'umunyeshuri, kirimo udukuru abanyeshuri bashobora kwisomera ubwabo. Buri gakuru kibanda ku bihekane byigishwa ndetse n'ibyigishijwe mu masomo yabanje. Utwo dukuru dutegurwa hitawe ku guhera ku tworoheye abanyeshuri kumva.

Igitabo cy'umunyeshuri, gikubiyemo imyitozo ifasha abanyeshuri kubaka ubushobozi bwabo bwo gusoma no kwandika biteganywa muri buri somo. Igitabo cy'umunyeshuri, kirimo udukuru twubatse hakurikijwe ikigero n'intambwe umunyeshuri agenda atera uko yiga. Umwarimu azakenera gukoresha igitabo cy'umunyeshuri, mu gihe cyose akeneye gutanga imyitozo yo gutahura, gusoma no kwandika ibihekane byigwa, amagambo, interuro n'udukuru byiganjemo ibihekane byigishwa.

Abanyeshuri bagomba kugitahana buri gihe kugira ngo basubiriremo mu rugo ibyo bize ku ishuri. Abanyeshuri barasabwa kumara nibura iminota 20, buri mugoroba, basoma bafashijwe n'abavandimwe babo cyangwa ababyeyi babo. Ibi bifasha umunyeshuri kugira ubushobozi nsanganyamasomo bwo kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

3. IMBATA RUSANGE Y'AMASOMO KU MYIGISHIRIZE Y'IBIHEKANE

3.1 Inshamake y'uko buri somo ritangwa

Isomo ryo gusoma no kumva inkuru

- Kwereka abanyeshuri amashusho cyangwa izindi mfashanyigisho.
- Kubaza ibibazo bifasha gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.
- Gusomera abanyeshuri inkuru no kwerekana amashusho bijyanye.
- Kubaza abanyeshuri ibibazo rusange byo kumva inkuru.
- Gusobanura amagambo mashya.
- Gukoresha amagambo mashya mu nteruro.

Isomo ryo gusesengura inkuru

- Kongera gusomera abanyeshuri inkuru baheruka kwiga.
- Kubaza ibibazo byimbitse ku nkuru byerekeza ku bukesha no ku nsanganyamatsiko nsanganyamasomo.
- Kubaza ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.
- Kuganira, kujya impaka no kungurana ibitekerezo mu matsinda ku nsanganyamatsiko ivugwa mu nkuru.
- Gusangiza andi matsinda ibyo buri tsinda ryaganiriye.
- Gufata umwanzuro ukwiye ku byaganiriweho.

Isomo ryo gutahura no gusoma igihekane kigwa

- Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho no kubabaza ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane kigwa.
- Kwandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa.
- Gusomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane kigwa no kubasaba gutera urutoki mu gihe ageze ku ijambo ririmo igihekane.
- Gusaba abanyeshuri kuvuga amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane kigwa, umwarimu akayandika ku kibaho mu cyapa.
- Gusaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane cyigwa kigizwe n'imigemo y'inyajwi zose, umwarimu akayandika ku kibaho.
- Gusomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane kigwa.
- Guha abana umwanya wo gusoma umwumwe bakurikije urugero bahawe.
- Gusaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Isomo ryo kwandika igihekane mu mukono

- Kubaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo ibihekane kigwa.
- Kwandika ayo magambo abanyeshuri bavuze ku kibaho mu mukono abanyeshuri bayitegereza.
- Gusaba abanyeshuri kwerekana igihekane kigwa bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Gufasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane kigwa.
- Gufasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane kigwa, mu mukono ku kibaho no mu makayi yabo.
- Gukora icyandikwa ku gihekane kigwa.
- Kugenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umukono.

Imyitozo y'isuzumabushobozi

Imyitozo yo gusoma
- Kwitegereza amashusho ajyanye n'agakuru no gutahura icyo kari buvugeho.
- Gusomera abanyeshuri by'intangarugero agakuru.
- Mu matsinda, abanyeshuri basoma agakuru kose, akazu ku kazu.
- Gusubiza ibibabazo byo kumva agakuru.

Imyitozo yo kwandika
- Gusaba abanyeshuri gushaka mu gakuru amagambo arimo igihekane kigwa no kuyandika.
- Guha abanyeshuri icyandikwa cy'amagambo n'interuro birimo igihekane kigwa.
- Gukosora buri munyeshuri no gufasha abafite ibibazo byihariye mu kwandika.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda akurikije ingorane abanyeshuri bagaragaje mu gusoma no kwandika.
- Gutanga imyitozo itandukanye ijyanye n'ibyiciro by'abanyeshuri.
- Gukosora no gufasha buri tsinda ry'abanyeshuri yita cyane ku bafite ibibazo byihariye, abagenera indi myitozo.

Isuzuma risoza buri mutwe
Muri iki gitabo, nyuma ya buri mutwe, dutegura isuzuma rusange rigamije kugorora imyigire n'imyigishirize. Turitegura dushingiye ku bigenderwaho mu isuzuma bigaragara mu nteganyanyigisho. Umwarimu agomba gusuzuma uko abanyeshuri bakenetse ibyigwa mu isomo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikubiye mu nteganyanyigisho. Nyuma yo gukosora iri suzuma ni ngombwa ko umwarimu yereka buri munyeshuri urwego agezeho ab'intege nke akagerageza kubitaho by'umwihariko. Umwarimu ntagomba gutangira undi mutwe mu gihe ibisubizo by'isuzuma rusange bimwereka ko abanyeshuri batakenetse ibikubiye mu mutwe. Iri suzuma rikorwa mu masomo atandatu y'icyumweru andi masomo abiri agakorwamo imyitozo y'ishimangirabushobozi ari na yo igaragariza umwarimu ko abanyeshuri bageze ku bushobozi bugamijwe muri uwo mutwe.

3.2 Ibice by'ingenzi bigize imbata ya buri somo
Imbata ya buri somo igaragaza ibi bikurikira:

Intego: Igaragaza ibikorwa umunyeshuri aza kuba abasha gukora, bigaragaza ko yumvise isomo.

Imfashanyigisho: Hagaragazwa imfashanyigisho ziza gukoreshwa mu isomo. **Urugero:** amakarita y'ibihekane, imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo binyuranye by'ikinyarwanda biri ku kigero cy'abana, bashobora gukura mu masomero.

Intangiriro: Ni igice kibanza k'isomo, aho umwarimu ashobora gusaba abanyeshuri gukora ibi bikurikira:
- Gukosora umukoro

- Gusubiza ibibazo ku isomo baheruka kwiga.
- Gukora umwitozo wo gusoma neza kandi vuba.
- Gusoma agakuru bize kari mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Gusubiza ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga.

Isomo rishya: Hagaragazwa ibice bitandukanye by'ingenzi by'isomo, ibikorwa by'abanyeshuri, ibikorwa by'umwarimu n'ingero z'imyitozo ikenewe.

Imyitozo: Muri iki gitabo harimo imyitozo umwarimu aha abanyeshuri ijyanye no gutahura, gusoma no kwandika igihekane kigwa. Umwarimu asabwa guha abanyeshuri indi myitozo iteguye mu gitabo cy'umunyeshuri.

Isuzuma: Muri iki gice, hagaragazwa urugero rw'ibibazo umwarimu yakoresha mu gusuzuma ubumenyi n'ubumenyingiro by'abanyeshuri. Ibyo bibazo bifitanye isano n'intego z'isomo ryatanzwe, bimwe muri ibyo bibazo biva mu myitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umukoro: Muri iki gice, hagaragazwa igikorwa abanyeshuri bari bukorere mu rugo. Umukoro, ufasha kwimakaza ubushobozi nsanganyamasomo bwo kwiga no guhora biyungura ubumenyi ndetse n'iy'ubushakashatsi ku rwego bariho.
Urugero: Abanyeshuri barashaka amakuru aho batuye, mu miryango yabo ku bikorwa by'iterambere bihari.
Ni ngombwa rero ko intangiriro za buri somo umwarimu agenzura agakosora umukoro wa buri munyeshuri. Mu gihe higishijwe amasomo abiri akurikiranye umunsi umwe, abanyeshuri bazatahana imikoro ibiri, kuko buri somo rigenewe umukoro waryo wihariye.

4. IMYIGIRE, IMYIGISHIRIZE, ISUZUMA RY'INTEGANYANYIGISHO ISHINGIYE KU BUSHOBOZI

4.1 Ubumenyi bw'ibanze mu gusoma no kwandika

Mu mwaka wa kabiri ni ho umunyeshuri atangira gusoma no kwandika mu mukono. Guhitamo gutangirira ku nyuguti z'icyapa mu mwaka wa mbere aho guhuriza hamwe icyapa n'umukono, byashingiye ku buryo inyandiko abana bahura na zo, haba mu myigire yabo cyangwa mu buzima busanzwe, zose ziba zanditse mu nyuguti z'icyapa.

4.2 Ikoreshwa ry' inyuguti nini no gusiga umwanya munini hagati y'amagambo yanditse.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko amaso y'abana atabasha gutandukanya neza inyuguti igihe zanditse ari nto cyane. Kubera iyo mpamvu, igitabo cy'umwaka wa kabiri cy'umunyeshuri, cyanditswe mu nyuguti nini kandi amagambo agenda ahana intera nini, ku buryo abanyeshuri bashobora kubona neza intangiriro n'iherezo rya buri jambo.

4.3 Gutoza abanyeshuri gusoma badategwa, neza kandi vuba

Gusoma udategwa bishingiye ku bushobozi bwo gutahura ibihekane cyangwa imigemo yabyo vuba vuba. Abanyeshuri bagorwa no gutahura ibihekane cyangwa umugemo runaka
(**Urugero**: **rw, by, nt,...**), bahura n'ingorane mu gusoma amagambo cyangwa interuro. Kubera iyo mpamvu, amasomo amwe n'amwe atangirwa n'udukino (**urugero:** agakino ka ''Buzz'') mu rwego rwo gusubiramo ibihekane bize mu masomo yabanje.

Mu gakino ka Buzz, umwarimu yandika imigemo y'ibihekane itandukanye ku kibaho, hanyuma

akagenda akoza agakoni ku mugemo abanyeshuri bakawusomera bose icyarimwe. Mu gakino k'amakarita y'ibihekane, umwarimu agenda yereka abanyeshuri imigemo cyangwa amagambo yanditse ku makarita, bakabisomera bose icyarimwe. Ikigamijwe, ni ugufasha abanyeshuri gutahura vuba ibihekane cyangwa imigemo yabyo.

Gusoma neza kandi vuba bishingiye ku bushobozi bwo gusoma inyandiko vuba kandi neza, ukoresheje imvugo nyayo kandi hubahirizwa utwatuzo. Gusoma udategwa (ubushobozi bwo gutahura igihekane cyangwa umugemo wacyo vuba vuba) ni yo ntambwe ya mbere yo kumenya gusoma neza kandi vuba.

Ariko rero, abanyeshuri bamenya gusoma neza kandi vuba iyo bahawe umwanya wo kongera gusoma ibyo bigeze gusoma. Kubera iyo mpamvu, guhera ku mutwe wa mbere, abarimu barasabwa kumara akanya gato mu ntangiriro za buri somo, bongera gutoza abanyeshuri gusoma inkuru baheruka kwiga.

Uburyo bushobora gukoreshwa mu gusoma inkuru

- **Gusomera hamwe na mwarimu:** abanyeshuri basomera icyarimwe na mwarimu mu ijwi riranguruye.
- **Gusomera hamwe ubwabo:** abanyeshuri basomera icyarimwe, umwarimu abateze amatwi.
- **Gusoma abanyeshuri basubiramo:** umwarimu asoma amagambo make, interuro cyangwa agakuru, abanyeshuri bitegereza mu bitabo byabo banashyira urutoki kuri buri mugemo asomye, hanyuma bagasubiramo ibyo amaze gusoma.
- **Gusomera mu matsinda:** abanyeshuri basoma interuro imwimwe mu nkuru, bakuranwa, cyangwa umunyeshuri umwe akagenda akoza agatoki kuri buri jambo hanyuma bombi bakarisomera icyarimwe.
- **Gusoma bucece:** buri munyeshuri yisomera ubwe bucece kandi yitegereza anashyira urutoki kuri buri jambo uko arisomye.

4.4 Imyitozo yo kwandika.

4.4.1 Imyitozo yo kwandika abanyeshuri bayobowe n'umwarimu

Mu gihe k'imyitozo yo kwandika, abanyeshuri bafatanyije na mwarimu, bavuga bagemura amagambo, ku buryo bashobora kumva imigemo itandukanye iyagize, abanyeshuri bakabwira umwarimu inyuguti zigize iyo migemo, hanyuma umwarimu na we akayandika ku kibaho. Ibi byongera ubumenyi bw'abanyeshuri mu gusoma no kwandika.

4.4.2 Gutoza abanyeshuri kwandika ibyo bihitiyemo

Ni ngombwa kwigisha umunyeshuri kwandika ingombajwi kandi neza. Gusaba abanyeshuri kwandukura inyuguti ndetse n'amagambo, kenshi ni bumwe mu buryo bubafasha kwitoza kwandika.

Uretse kwandukura ibihekane n'amagambo, abanyeshuri bo mu mwaka wa **2** bakeneye indi myitozo irenzeho. Ni ngombwa kubaha umwanya wo kwandika ibyo bishakiye, aho abanyeshuri bandika ijambo cyangwa interuro bihitiyemo. Ibi bishobora guhera ku myitozo yo kuzuza interuro, bikagera ku myitozo ituma abanyeshuri biyandikira interuro ndetse n'udukuru bishakiye ubwabo.

4.5 Imikoreshereze y'imfashanyigisho

Abanyeshuri bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza bumva neza ibyo biga iyo babona kandi bagakora ibikorwa bifatika bijyanye n'ibyo biga. Umwarimu arasabwa gutegura, gushakisha no kwikorera izindi mfashanyigisho zinyuranye zimufasha kumvikanisha neza isomo.

Urugero: imbonerahamwe y'ingombajwi n'ibihekane, amakarita y'ibihekane, imfashanyigisho zitegwa amatwi, imfashanyigisho z'iyumvabona, n'izindi mfashanyigisho zifatika igihe umwarimu abona ko zamufasha kumvikanisha isomo rye.

4.6 Uburyo bwo kwita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye

Mu gihe umwarimu yigisha buri somo, asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye nk'abatabona, abatumva neza,… kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Nko ku batumva neza, iyo asoma akora ku buryo asoma abegereye, abatabona akabafasha gukoresha imfashanyigisho zibagenewe zijyanye no gutahura, gusoma no kwandika.

4.7 Uburyo bwo kwimakaza ubushobozi nsanganyamasomo

Imyitozo iri muri iki gitabo iteguwe ku buryo ubushobozi nsanganyamasomo bugaragaramo hose. Ni ngombwa ko mu gukora iyo myitozo umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo ubwo bushobozi abanyeshuri babugire koko. Dore uko ubwo bushobozi bwigaragaza mu bikorwa bitandukanye:

Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo: bugaragara cyane mu bibazo byo gusesengura inkuru ku buryo bwimbitse no guhuza inkuru n'ubuzima bwe bwa buri munsi. Ibi bibazo biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse kugira ngo akemure ikibazo ahuye na cyo yifashishije ibyo yize.

Ubushobozi bwo guhanga udushya: bugaragara mu myitozo inyuranye nk'aho umunyeshuri asabwa gushushanya igice k' inkuru runaka.

Ubushakashatsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: bugaragara cyane mu mikoro abanyeshuri bahabwa aho basabwa gukomereza imyitozo mu rugo no kubaza abo babana kugira ibindi babungura bijyanye n'isomo.

Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda: bugaragara mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'umutwe.

Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi: Bigaragarira cyane mu myitozo yo gukorera mu matsinda afatanya na bagenzi be. Umwarimu rero arasabwa gutsindagira ubwo bushobozi igihe akoresha iyo myitozo.

4.8 Uburyo bwo kwimakaza insanganyamatsiko nsanganyamasomo

Muri iki gitabo insanganyamatsiko nsanganyamasomo ntizirengagijwe. Zibandwaho mu myitozo inyuranye yo kumva no gusesengura inkuru cyane ko n'abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe. Inyinshi mu nkuru zisomwa n'udukuru two mu gitabo cy'umunyeshuri, zubakiye kuri izo nsanganyamatsiko nsanganyamasomo: ibidukikije n'iterambere ry'ubukungu, uburinganire n'ubwuzuzanye, uburezi budaheza,...

Umwarimu arasabwa guzibandaho cyane mu gihe asomesha inkuru n'udukuru dukubiyemo izo nsanganyamatsiko nsanganyamasomo.

Imyandikire y’inyuguti nto mu mukono

a b c d

e f g h

i j k l

m n o p

r s t u

v w y z

Imyandikire y'inyuguti nkuru mu mukono

IMBATA Y'ISOMO RYO GUSOMA NO KUMVA INKURU

Izina ry'ishuri: ……. …… **Amazina y'umwarimu:** ……

Igihembwe:	Itariki:	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Cya mbere	……	Ikinyarwanda	wa kabiri	wa mbere	17/48	Iminota 40	…….

Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo Abana batumva neza: 2	
Umutwe wa mbere	**UMUCO W'AMAHORO**
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ts** na **nz** no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro.
Isomo	Gusoma no kumva inkuru ku muco w'amahoro.
Imiterere y'aho isomo ribera	Abanyeshuri baricara ku gice cy'uruziga ku buryo babasha kureba neza amashusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.
Intego z'isomo Nyuma y'isomo abanyeshuri barashobora: • Gusobanura no gukoresha mu nteruro amagambo bungutse. • Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru yasomewe.	
Imfashanyigisho	Amashusho ajyanye n'inkuru Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro ruriho inkuru **"Inkende n'inzuki"** n'igitabo cy'umunyeshuri.
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda.

Ibice	**GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA** Umwarimu yifashishije inkuru, afasha abanyeshuri gusubiza ibibazo ku nkuru.		**Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo.**
	Ibikorwa bya mwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
Intangiriro (Iminota 5)	Gusaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Mbayiha akunda amatungo" mu gitabo cy'umunyeshuri.	Gusoma neza kandi vuba agakuru "Mbayiha akunda amatungo" mu gitabo cy'umunyeshuri.	Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo.

Isomo rishya (Iminota 25)	-Kwerekana amashusho cyangwa imfashanyigisho zifatika bijyanye n'inkuru bagiye kwiga no kubabaza ibyo babona bibafasha gutahura ibiri buvugwe mu nkuru. -Gusaba abanyeshuri gutega amatwi inkuru. -Kubwira abanyeshuri inkuru bagiye kumva **"Inkende n'inzuki"** n'icyo uri buvugeho. -Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye asoma agenda yerekana amashusho ajyanye n'ibyo asoma. -Kwita cyane ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. -Gusaba abanyeshuri gusubiza ibibazo rusange ku nkuru. **Urugero:** 1. Ni izihe nyamaswa zivugwa mu nkuru? 2. Inkende yabaga he? 3. Ni izihe nyamaswa zihanije inkende? Kubera iki?	-Kwitegereza amashusho no gusubiza ibibazo bijyanye n'ibyo babona biganisha ku bivugwa mu nkuru. -Gutega amatwi inkuru. -Kwitegereza amashusho y'inkuru no gutega mwarimu amatwi bakurikira uko asoma. -Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru. **Urugero**: 1. Inyamaswa zivugwa mu nkuru ni inkende, inzovu, inzoka n'inzuki. 2. Inkende yabaga mu ishyamba. 3. Inyamaswa zihanije inkende ni Inzoka n'inzovu kuko yashotoraga izindi nyamaswa izikurura imisatsi, izambura, izihirika,…	Umuco n'indangagaciro nyarwanda (Kudasagarira abandi) Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo
	Gusoma igika ku gika, abanyeshuri bagasobanurira bagenzi babo amagambo mashya. Kubafasha kuyasobanura ku buryo bwumvikana neza banatanga n'ingero z'interuro akoreshwamo. **Urugero:** - **Gusagarira** - **Kwiyenza** - **Ikimwaro** - **Kudwinga** - Guha abanyeshuri imyitozo yo gukorera mu matsinda. **Urugero:** Mu matsinda, kuganira ku byo bumvise mu nkuru "Inkende n'inzoka''	Gusobanura amagambo mashya. Gutanga Urugero z'interuro akoreshwamo. **Urugero:** **Gusagarira**: gushotora. **Kwiyenza:** gutangira gushotorana. **Ikimwaro**: isoni. **Kudwinga** : kuruma (ku ruyuki, ivubi, ...) Gukorera imyitozo mu matsinda. (kuganira ku cyo mu miryango yabo bakora kugira ngo badasagarira abandi.)	

Isuzuma (Iminota 10)	- Kubaza abanyeshuri ibyo bumvise mu nkuru basomewe. **Urugero**: Ni nde watwibutsa inkuru twize? Ese muri iyo nkuru bavugagamo iki?... -Gusaba abanyeshuri gukoresha mu nteruro amwe mu magambo akomeye basobanuriwe	-Gusubiza ibibazo ku nkuru. -Kuvuga inkuru basomewe "Inkende n'inzoka'' -Muri iyo nkuru bavugamo Inkende yasagariraga abandi bana b'inyamaswa. Gukoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya bungutse. **Urugero:** **Kudwinga**: Inkende inzuki zarayidwinze. **Ikimwaro**: Kamana afite ikimwaro kubera ibyo yakoze bibi.	
Umukoro	Gusaba abanyeshuri gushushanya igice bakunze mu nkuru "Inkende n'inzuki'', bakazahuza amashusho n'inkuru bakabisobanurira bagenzi babo.	Gukora umukoro bahawe.	Kwiga no guhora biyungura ubumenyi.
Igenagaciro	Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye, hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari.		

IMBATA Y'ISOMO RYO GUSESENGURA INKURU

Izina ry'ishuri: Ishuri ribanza rya ..... **Amazina y'umwarimu:** .....

Igihembwe:	Itariki:	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Cya mbere	.....	Ikinyarwanda	wa kabiri	wa mbere	18/48	Iminota 40	.....

Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo
Abana batumva neza : 3

Umutwe wa mbere	**UMUCO W'AMAHORO**
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ts** na **nz** no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro.
Isomo	Gusesengura inkuru "Inkende n'inzuki"
Imiterere y'aho isomo ribera	Abanyeshuri baricara mu matsinda bajya impaka.

Intego z'isomo
Nyuma y'isomo, abanyeshuri barashobora:
- Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho	Amashusho ajyanye n'inkuru.
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri, integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda.

Ibice	GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA Umwarimu yifashishije umwandiko, afasha abanyeshuri gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.		Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
1.Intangiriro (Iminota 5)	-Gusaba abanyeshuri kwitegereza amashusho no kubabaza ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha gusubiramo **Urugero**: 1. Mwitegereje iyi shusho, hano byageze bite? 2. Kuki inkende yigaraguye mu kiziba cy'amazi? 3.Ni iki kindi mwibuka kivugwa mu nkuru?	-Gusubiza ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga. -Kwitegereza amashusho no gusubiza ibibazo umwarimu abababaza. **Urugero rw'ibisubizo:** 1. Inkende yari mu ishyamba iri kumwe n'ababyeyi bayo. 2. Inkende yigaraguye mu biziba kuko yari imaze kuribwa n'inzuki igira ngo ababare bugabanuke. 3. Ikindi nibuka kivugwa mu nkuru ni inzoka n'inzovu byagiriye inama inkende yo kureka gusagarira ibyana byazo ikanga ahubwo ikajya yisekera.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** – Ubufatanye – Ubwumvane **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** - Umuco w'amahoro

2. Isomo nyirizina: (Iminota 25)	**Igikorwa cya mbere:** -Kubwira abanyeshuri kongera gutega amatwi umwandiko. -Gusomera abanyeshuri umwandiko, unasobanura amwe mu magambo yakoreshejwe mu mwandiko. -Umwarimu asoma yegera ba bana batumva neza.	-Abanyeshuri batega amatwi umwandiko basomerwa no gusobanura amwe mu magambo yakoreshejwe mu mwandiko ajyanye n'umuco w'amahoro.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:**. 1.Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. 2. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda.
	Igikorwa cya kabiri: Kubaza ibibazo byimbitse ku mwandiko. **Urugero**: Ni iyihe myifatire inkende yagaragaje? Ese ni myiza? -Ni iki kigaragaza ko inkende yasagariraga izindi nyamaswa?	- Kujya mu matsinda bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko. **Urugero w'ibisubizo:** -Yagaragaje imyifatire mibi yo gusagarira izindi nyamaswa kandi yagirwa inama igasuzugura, ntihinduke ikisekera. -Iyo yakinaga n'izindi nyamaswa yazikururaga imisatsi, ikazihirika, ikazambura ibyo kurya.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:**. 1.Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda.
	-Ni ikihe kemezo inkende yifatiye? **Igikorwa cya gatatu:** -Kubaza ibibazo bifasha abanyeshuri guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe. **Urugero**: -Ese mu ishuri ryanyu hari abana basagarira abandi? Babigenza bate? Yego. -Nk'abanyeshuri, mwumva mwabigenza mute mubonye mugenzi wanyu asagararira abandi? -Guha abanyeshuri imyitozo yo gukorera mu matsinda. **Urugero**: -Gusaba abanyeshuri, mu matsinda, kurondora ibikorwa byose bijyanye no gusagarira abandi biboneka mu nkuru.	-Inkende yifatiye ikemezo cyo kutazongera gusagararira abandi bana kandi ikajya yumva inama igirwa. -Gusubiza ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima bwabo busanzwe **Urugero rw'ibisubizo:** -Hari abajya basagarira abandi babatwara amakayi yabo, amakaramu cyangwa bakababakubita. -Twamugira inama yo kubireka yakwanga tukabibwira mwarimu. -Gukorera mu matsinda basubiza ibibazo babajijwe. **Urugero rw'ibisubizo:** -Ibikorwa bijyanye no gusagararira abandi ni gukubagana, gushotorana cyane, kubahirika, kubambura ibyo kurya no kujya kwiba ubuki bw'inzoka.	**2.** Ubushakashatsi no gukemura ibibazo bugaragarira mu bibazo byo gusesengura umwandiko. 3. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** -Umuco w'amahoro

	-Gusaba abanyeshuri kuganira ku ngero zigaragara ku ishuri z'abanyeshuri basagarira abandi. -Kwigana bashyira mu bikorwa icyabashimishije mu nkuru. -Gusaba abanyeshuru kuvuga ibikorwa byo gusagarira abandi babona aho ku ishuri.	-Gutanga Urugero z'abanyeshuri basagarira abandi. -Kugaragaza icyabashimishije mu nkuru. Kuvuga ibikorwa byo gusagarira abandi. **Urugero**: Hari abasunika abandi, abatwara amakaramu y'abandi,...	**Ubushobozi nsanganyamasomo:**. 1.Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. 3. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** - Umuco w'amahoro.
Umusozo w'isomo: Iminota 10 **Isuzuma**	-Kubaza iby'ingenzi bize mu nkuru basomewe. **Urugero:** **-**Kuki inkende yagize ikimwaro? -Gusaba abanyeshuri kuvuga ikintu kimwe banenze mu nkuru n'ikindi kimwe bashimye mu nkuru.	Gutanga ibisubizo ku byo bize mu mwandiko. **Urugero rw'ibisubizo:** -Inkende yagize ikimwaro imaze kudwingwa n'inzuki, ikababara, ikavuza induru, inyamaswa zose zikabyuka, zikayibona yigaraguye mu biziba. -Kuvuga ibyo banenze n'ibyabashimishije mu nkuru.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:**. 1.Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. **2.** Ubushakashatsi no gukemura ibibazo bugaragarira mu bibazo byo kumva inkuru.
	-Gusaba abanyeshuri gushushanya igishushanyo bijyanye.	-Gushushanya igishushanyo kijyanye n'ibyo banenga cyangwa bashima.	3.Ubushobozi bwo guhanga udushya bugaragarira mu gushushanya ibyo banenze cyangwa bashimye mu nkuru. I**nsanganyamatsiko nsanganyamasomo:** - Umuco w'amahoro wo kudasagarira abandi.
	- Gusaba abanyeshuri kuza gushushanya ikintu banenze mu nkuru, bagahuza igishushanyo n'inkuru bakazagisobanurira bagenzi babo mu ishuri.	-Kwereka abo babana amashusho ajyanye n'inkuru no kuyabasobanurira.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** **-** Ubushakashatsi no gukemura ibibazo. -Kwiga no guhora biyungura ubumenyi. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** - Umuco w'amahoro wo kudasagarira abandi.
Igenagaciro	Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari.		

IMBATA Y'ISOMO RYO GUTAHURA NO GUSOMA IGIHEKANE TS

Izina ry'ishuri: Ishuri ribanza rya …….. **Amazina y'umwarimu:** …….

Igihembwe:	**Itariki:**	**Inyigisho**	**Umwaka**	**Umutwe**	**Isomo**	**Igihe isomo rimara**	**Umubare w'abanyeshuri**
Cya mbere	**…….**	**Ikinyarwanda**	**wa kabiri**	**wa mbere**	**19/48**	**Iminota 40**	**…….**

Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo Abana batabona : 2	
Umutwe wa mbere	**UMUCO W'AMAHORO**
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ts** no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro.
Isomo	Gutahura no gusoma igihekane **ts**
Imiterere y'aho isomo ribera	Abanyeshuri baricara ku gice cy'uruziga aho barebera icyarimwe amashusho abafasha gutahura igihekane **ts**.
Intego z'isomo Nyuma y'isomo, abanyeshuri barashobora: Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ts**.	
Imfashanyigisho	Amashusho ajyanye n'inkuru.
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri, integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda.

Ibice	**GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA** Umwarimu yifashishije umwandiko, afasha abanyeshuri gutahura igihekane **ts** mu magambo.		**Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo**
	Ibikorwa by'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
1. Intangiriro (Iminota 5)	-Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, umwarimu arasaba abanyeshuri kumwereka aho bakoreye umukoro abafashe kwikosora. -Gusaba abanyeshuri kwimenyereza gusoma basoma neza agakuru "Abana ku ivomero" mu gitabo cy'umunyeshuri.	Kwerekana aho bakoreye umukoro no gukosorana. Gusoma neza kandi vuba agakuru "Abana ku ivomero" mu gitabo cy'umunyeshuri.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** – Ubufatanye – Ubwumvane **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** - Umuco nyarwanda wo gufashanya.

2. Isomo nyirizina (Iminota 25)	**Igikorwa cya mbere:** Gutahura igihekane **ts** -Kwerekana amashusho no kubaza ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **ts** no kwandika ku kibaho mu magambo yatahuwe. -Gusoma amagambo ku kibaho umwarimu atsindagira ku gihekane **ts**. -Gufasha abanyeshuri gutahura ijwi rishya asubiramo amagambo agenda atsindagira kuri rya jwi. -Gusaba abanyeshuri kujya guca akarongo ku gihekane **ts** mu magambo cyangwa interuro byanditse ku kibaho.	-Kwitegereza amashusho no gusubiza ibibazo. **Urugero rw'amagambo batahura**: Gasa**ts**i, umu**ts**i, umusa**ts**i, umu**ts**ima, guse**ts**a. -Gukurikira uko mwarimu asoma. -Guca akarongo ku gihekane **ts**. -Gushyira urutoki hejuru bumvise amagambo arimo igihekane **ts.** **-**Gutanga andi magambo arimo igihekane **ts.**	
	-Kubasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **ts** no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **ts.** **-**Gusaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **ts** agaragaramo imigemo yose, aho bishoboka no kuyigaragaza. -Kwita ku banyeshuri bafite ibibazo by'umwihariko.	**Urugero z'amagambo batanga:** gu**tsi**tara**,** umu**tsi**, kwa**tsa**, ...	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** -Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. -Ubushakashatsi no gushakira ibibazo ibisubizo. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** -Umuco w'amahoro
	Igikorwa cya kabiri: Gusoma igihekane ts • Gusomera abanyeshuri agace k'inkuru kiganjemo igihekane **ts.** • Gusaba abanyeshuri kuvuga amagambo bumvise mu gice k'inkuru arimo igihekane **ts.** • Kwerekana amashusho, no kwerekana ibikorwa bituma batanga andi magambo arimo imigemo inyuranye y'igihekane **ts.** • Kwandika ku kibaho, mu cyapa, amagambo atahuwe. **Urugero**: umutsima, umutsama, umutsi, gutsitara, kubyutsa, yarasetse, kwitsamura,... • Gusomera abanyeshuri ayo magambo arimo igihekane **ts** atsindagira ijwi rishya. • Gusaba abanyeshuri kuyasoma. • Kwandika amagambo ku kibaho no gufasha abanyeshuri kugaragaza igihekane **ts**.	-Gutega amatwi ibyo basomerwa na mwarimu. -Gutanga amagambo bumvise arimo igihekane **ts**. -Kwitegereza amashusho no gusubiza ibibazo batanga amagambo arimo ibihekane **ts**. -Gutega amatwi umwarimu nyuma bakamwigana basoma amagambo arimo igihekane **ts**. -Gusoma amagambo yanditse ku kibaho batsindagira ku gihekane **ts.** -Kugaragaza igihekane **ts** igihe bacyumvise.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. -Ubushakashatsi no gushakira ibibazo ibisubizo. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** -Umuco w'amahoro

	• Kujya mu matsinda bagatanga andi magambo n'interuro zirimo igihekane **ts** . • Gusaba abanyeshuri kuzisoma umwumwe. **Igikorwa cya gatatu: Imyitozo** - Gusaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ts**. **Urugero:** umutsima, kwitsamura, Mitsindo yatsinze igitego.	-Gukorera mu matsinda bakora interuro zirimo ibihekane **ts**. -Gusoma interuro bakoreye mu matsinda. -Gutahura igihekane **ts** mu magambo no munteruro byanditse ku kibaho bagicaho akarongo. -Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ts**. -Gusoma amagambo n'interuro biri ku kibaho.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. -Ubushakashatsi no gushakira ibibazo ibisubizo. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** -Umuco w'amahoro .
	-Gufasha no kuyobora abanyeshuri cyane abafite ibibazo byihariye. Nk'abatabona abafasha gukora umwitozo hakoreshejwe imfashanyigisho zabugenewe.		
Umusozo w'isomo: Iminota 10 **Isuzuma**	- Gusaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ts** mu gitabo cy'umunyeshuri.	-Gusoma amagambo n'interuro mu gitabo cy'umunyeshuri.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:**. 1.Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** - Umuco w'amahoro wo kudasagarira abandi.
Umukoro	-Gusaba abanyeshuri kuza gusaba abo babana kubafasha gushaka andi magambo arimo igihekane **ts**.	-Gukora umukoro.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** **-** Ubushakashatsi no gukemura ibibazo. -Kwiga no guhora biyungura ubumenyi. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** - Umuco w'amahoro wo kudasagarira abandi.
Igenagaciro	Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari.		

IMBATA Y'ISOMO RYO KWANDIKA IGIHEKANE TS

Izina ry'ishuri: …… **Amazina y'umwarimu:** …….

Igihembwe:	Itariki:	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Cya mbere	…/…./20…	Ikinyarwanda	wa mbere	wa mbere	21/48	Iminota 40	45

Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo Ntabahari.	
Umutwe wa mbere	**UMUCO W'AMAHORO**
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ts** na **nz** no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro.
Isomo	Kwandika igihekane **ts**
Imiterere y'aho isomo ribera	Buri munyeshuri araba yicaye mu mwanya we ukwe kugirango abashe kwandika ku giti ke, umwarimu abashe gukosora ibyo yanditse.
Intego z'isomo Nyuma y'isomo, abanyeshuri barashobora: Kwandika igihekane **ts** mu magambo n'interuro ngufi anoza umukono.	
Imfashanyigisho	Amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho zifatika zigaragaza igihekane **ts**.
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda.

Igihe buri kiciro kimara	**GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA** Umwarimu yifashishije inkuru, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri kwandika mu mukono, amagambo n'interuro birimo igihekane **ts**.		**Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo**
	Ibikorwa by'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
Intangiriro: Iminota 5	-Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro no kubafasha kwikosora. -Gusaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Mbayiha akunda amatungo" kari mu gitabo cy'umunyeshuri.	-Kwerekana aho bakoreye umukoro no kwikosora. -Gusoma agakuru "Mbayiha akunda amatungo".	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** – Ubufatanye – Ubwumvane **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** - Umuco nyarwanda wo gufashanya.

2. Isomo nyirizina: (Iminota 30)	• Kubaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize arimo igihekane **ts**. **Urugero:** Ni ayahe magambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **ts**? Kwandika ayo magambo ku kibaho mu mukono. **Urugero**: umusatsi, kuyibyutsa, yarasetse, umutsi. • Gusaba abanyeshuri kwerekana igihekane **ts** bagicaho akarongo mu magambo ari ku kibaho. • Guha umwanya abanyeshuri wo kwitoza kwandika igihekane **ts**. • Guha abanyeshuri icyandikwa ku gihekane **ts** bandika mu mukono interuro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga. **Urugero:** Mbabazi yariye umutsima. Ndamage yakomeretse umutsi.	-Gutanga amagambo bumvise arimo igihekane **ts**. **Urugero**: Ayo magambo ni aya: umusatsi, kuyibyutsa, yarasetse, umutsi… -Guca akarongo ku gihekane **ts** mu magambo yanditswe ku kibaho. -Kwitoza kwandika igihekane **ts**. -Gukora icyandikwa ku gihekane **ts** bandika mu mukono interuro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:**. --Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. -Ubushakashatsi no gushakira ibibazo ibisubizo. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** -Umuco w'amahoro
	Igikorwa cya 2 : Imyitozo Gusaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kunoza bandika interuro zirimo amagambo arimo igihekane **ts** ziri mu gitabo cy'umunyeshuri.	-Gukora umwitozo wo kunoza bandika interuro zirimo igihekane **ts** ziri mu gitabo cy'umunyeshuri.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:**. -Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** - Umuco w'amahoro wo kudasagarira abandi.
Umusozo w'isomo: Iminota 5 **Ikomatanya Isuzuma**	-Gusaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane **ts** ari mu gitabo cy'umunyeshuri.	- Gukora umwitozo wo kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ts** mu gitabo cy'umunyeshuri.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. -Ubushakashatsi no gushakira ibibazo ibisubizo. **Insanganyamatsiko nsanganyamasomo:** -Umuco w'amahoro
Umukoro	-Gusaba abanyeshuri kuza gushaka amagambo abiri arimo igihekane **ts** bakayakoramo interuro bakayandika mu mukono mu ikaye yabo y'umukoro.	-Gutega amatwi umukoro bahawe no kuza gushaka amagambo abiri arimo igihekane **ts** bakayakoramo interuro bakazandika mu mukono mu ikaye yabo.	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** -Kwiga no guhora biyungura ubumenyi.
Igenagaciro	Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari.		

UMUTWE WA 1: UMUCO W'AMAHORO

Udukuru abanyeshuri bashobora kwisomera:
Tubane mu mahoro, Dufashe abandi, Sentore azi gusaba imbabazi.
Inkuru zisomerwa abanyeshuri:
Inkende n'inzuki, Inshuti magara, Ntaganda yasabye imbabazi.

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:
- Gusoma no kwandikaanoza umukono inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda.
- Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihekane **ts, nz, by, rw, nt,** na **mw** no gusesengura utwandiko tugufi ku nsanganyamatsiko y'inshingano z'abana.

Imbumbanyigisho: Ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko n'ubumenyi mu mikoreshereze y'ururimi.
Inyigisho: kumva, kuvuga, gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihekane n'inyunguramagambo.

	Isomo rya 1	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 1	Isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka ushize. Imyitozo inyuranye yo kumva no kuvuga igitekerezo cyo mu nkuru.	Isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka ushize. Imyitozo inyuranye yo kumva no kuvuga igitekerezo cyo mu nkuru.	Isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka ushize. Imyitozo inyuranye yo kumva no kuvuga igitekerezo cyo mu nkuru.	Isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka ushize. Imyitozo inyuranye yo gusoma.	Isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka ushize. Imyitozo inyuranye yo gusoma.	Isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka ushize. Imyitozo inyuranye yo kwandika.	Isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka ushize. Imyitozo inyuranye yo kwandika.	Isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka ushize. Imyitozo inyuranye yo kwandika
Inyungura-magambo	kunanirwa umusaza, akanyoni, umwuka, akamaro, ibinyabuzima, inyamanza , guhungiza, gusamba,...	Umuheha, Cacana, ikivovo, imiheke, ukwezi gusimbuka, Kabanda, kurisha, Mbabazi igikwasi, ikinyugunyugu,...	Gakwandi, amatungo, amafaranga, umunyu, amavuta, Gashema Mbabazi, inyanya, amatunda,...	Hishamunda inyoni, amababa, Iramuterura, umugongo. iwabo, arururuka,...	Mbayiha udukwavu igitondo, kwisiga, amatungo, Nyakanga, akuramo, amashusho, kwifubika,...	Umukingo, ikinyugunyugu, amashaza, udukweto, amasogisi, Wibabara, inyanya,...	udukweto Mboneza Mbabazi gutembera Kwizera Ikinyogote yashushanyije Gashumba, Nyamagabe,...	intungamubiri, ibidukikije, kuzigama, nyogokuru,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo gutanga ibitekerezo ku byo yumvise.	Kugaragaza ubushake bwo gutanga ibitekerezo ku byo yumvise.	Kugaragaza ubushake n'amatsiko byo gusoma amashusho, amagambo n'utwandiko twanditse mu cyapa no mu mukono.	Kwitabira gusoma amagambo n'interro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe, kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Inyuguti n'ibihekane byigwa	Inyajwi, ingombajwi n'ibihekane byizwe mu mwaka ushize.	Inyajwi, ingombajwi n'ibihekane byizwe mu mwaka ushize.	Inyajwi, ingombajwi n'ibihekane byizwe mu mwaka ushize.	Inyajwi, ingombajwi n'ibihekane byizwe mu mwaka ushize.	Inyajwi, ingombajwi n'ibihekane byizwe mu mwaka wa mbere.	Inyajwi, ingombajwi n'ibihekane byizwe mu mwaka ushize.	Inyajwi, ingombajwi n'ibihekane byizwe mu mwaka ushize.	Inyajwi, ingombajwi n'ibihekane byizwe mu mwaka ushize.

	Isomo rya 1	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 1	Kwandika inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono (i,u,a)	Kwandika inyuguti nkuru z'Ikinyarwanda mu mukono (I,U A)	Kwandika inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono o,e,c	Kwandika inyuguti nkuru z'Ikinyarwanda mu mukono O,E,C	Kwandika inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono n, m, v.	Kwandika itonde ry'inyuguti nkuru z'Ikinyarwanda mu mukono. (N,M,V)	Kwandika inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono (w,s,r)	Kwandika inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono (W,S,R)
Inyunguramagambo	Icyapa, inyuguti nto, inyuguti nkuru, umukono, kunoza, inozamukono, imirongo y'inozamukono	Icyapa, inyuguti nto, inyuguti nkuru, umukono, kunoza, inozamukono, imirongo y'inozamukono	Icyapa, umukono, kunoza, inozamukono, imirongo,inyuguti nto, inyuguti nkuru, ca, uce, ace	Icyapakunoza, inozamukono, imirongo, inyuguti nto, inyuguti nkuru, umukono, ...	voma, umuvu vuna, mama	Mama, Nina Ninivi	wowe, amaraso, soroma, rorera.	Rorero, Sano, Wirira,
Ubukesha	Kwitabira kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kwitabira kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kwitabira kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kwitabira kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kwitabira kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kwitabira kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kwitabira kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kwitabira kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.
Inyuguti zigwa	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.

	Isomo rya 1	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 1	Kwandika inyuguti nto z'Ikinyarwanda mu mukono (g, j, p)	Kwandika inyuguti nkuru z'Ikinyarwanda mu mukono (G, J, P)	Kwandika inyuguti nto z'Ikinyarwanda mu mukono (z, y, l)	Kwandika inyuguti nkuru z'Ikinyarwanda mu mukono (Z, Y, L)	Kwandika inyuguti nto z'Ikinyarwanda mu mukono (t, h, d.)	Kwandika itonde ry'inyuguti nkuru z'Ikinyarwanda mu mukono. (T, H, D.)	Kwandika inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono (b,k,f)	Kwandika inyuguti nkuru z'Ikinyarwanda mu mukono (B,K,F)
Inyunguramagambo	amagi, ijoro, umupira,...	Gabiro, Jani, Poponi,...	inzovu, inyana, Jali,...	Zigama, Yuliya, Liliyani,...	amata, umuheha, urudodo,...	Teta, Dativa, Hoho,...	ibaba, ifi, ikara,...	Kankindi, Baba, Furaha,...
Ubukesha	Kugaragaza umuco wo kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuco wo kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuco wo kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuco wo kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuco wo kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuco wo kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuco wo kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuco wo kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.
Inyuguti yigwa	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.	Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono.

	Isomo rya 1:	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 1	Kumva no kuvuga igitekerezo gikubiye mu nkuru "Inkende n'inzuki"	Kumva no gusesengura inkuru "Inkende n'inzuki"	Gutahura no gusoma igihekane **ts.**	Kwandika mu mukono igihekane **ts**.	Gutahura no gusoma igihekane **nz.**	Kwandika mu mukono igihekane **nz**.	Imyitozo y'isuzumabushobozi	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.
Inyunguramagambo	Nzirorera inzugi, Nzanira, inzuzi, nzazitera, Gasatsi, Nzitunga, abahinzi, Nzabanita inzuki,...	Araramutsa, Bisetsa, Rusatsi, Gatsinzi, Kabatsi, inzira, sinzibagirwa, ...	Gasatsi, gutsura, umwotso, gusetsa, Gasatsi, gutsura, umwotso, gusetsa,...	Gatsinzi, Kabatsi, inzira, umutsi, gutsura, umwotso, gutsura, umwotso, gusetsa, gusetsa, aramuhetse,...	Nzitunga, abahinzi, Nzanira , inzuzi nzazitera, Nzitunga,... inzuzi nzazitera, zitunga, Nzabanita, abahinzi	inzuzi nzazitera, Nzitunga, abahinzi,	Nzanira , inzuzi nzazitera, Gasatsi, nzazitera, Nzitunga, umwotso, gutsura, gusetsa,. ..	Nzitunga, abahinzi, Gasatsi, gutsura, umwotso, gusetsa, Nzirorera, nzazitera,...
Ubukesha	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kugaragaza ibikorwa by'imibanire myiza n'abandi.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kugaragaza ibikorwa by'imibanire myiza n'abandi.	Kugaragaza amatsiko yo gusoma amashusho, amagambo n'utwandiko twanditse mu cyapa .	Kugaragaza ubushake bwo kwandika amagambo n'interuro mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gusoma amashusho, amagambo n'utwandiko twanditse mu cyapa .	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika. Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe.
Ibihekane byigwa	Igihekane **ts** na **nz.**	Igihekane **ts** na **nz.**	Ibihekane **ts,**	Igihekane **ts**	Igihekane **nz.**	Igihekane **nz.**	Ibihekane **ts** na **nz .**	Ibihekane **ts** na **nz .**

	Isomo rya 1:	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	Isomo rya 6	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 2	Kumva no kuvuga igitekerezo gikubiye mu nkuru "Inshuti magara."	Kumva no gusesengura inkuru "Inshuti magara."	Gutahura no gusoma igihekane **by.**	Kwandika igihekane **by** mu mukono igihekane **by.**	Gutahura no gusoma igihekane **rw.**	Kwandika igihekane **rw** mu mukono igihekane **rw.**	Imyitozo y'isuzum-abushobozi.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi.
Inyunguramag-ambo	Umubyeyi, urubyiruko, ibyondo, ibyapa,...	Umubyeyi, mubyara, urubyaro,...	Urubyiruko, umubyeyi, ababyeyi, kubyara, kubyina, kubyibuha,...	Byukusenge, barabyutsa, Mubyuke, ibyatsi, umubyuko,...	urwembe, urwiri, urwara, urwenya, urwina, urwenya, Rwesero,...	Kurerwa, urwondo, Mukarwema, urwego, umurwayi,...	Mukarwema, barabyutsa, umurwayi, Rwanda, Rwigema, urwara, ...	umurwayi, Kurerwa, Mubyuke, abarwayi, urwina, Rwanda,...
Ubukesha	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kugaragaza ibikorwa by'imibanire myiza n'abandi.	Kugaragaza ibikorwa by'imibanire myiza n'abandi. Gushima no kunenga abavugwa mu nkuru.	Kugaragaza amatsiko yo gusoma amashusho, amagambo n'utwandiko twanditse mu cyapa.	Kugaragaza ubushake bwo kwandika amagambo n'interuro mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gusoma amashusho, amagambo n'utwandiko twanditse mu cyapa.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika. Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe.
Ibihekane byigwa	Igihekane **by** na **rw.**	Igihekane **by** na **rw.**	Igihekane **by.**	Igihekane **by.**	Igihekane **rw.**	Igihekane **rw.**	Ibihekane **by,** na **rw.**	Ibihekane **by,** na **rw.**

	Isomo rya 1:	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 2	Kumva no kuvuga igitekerezo gikubiye mu nkuru "Ntaganda asaba imbabazi".	Kumva no gusesengura inkuru "Ntaganda asaba imbabazi".	Gutahura no gusoma igihekane **nt.**	Kwandika mu mukono igihekane **nt**.	Gutahura no gusoma igihekane **mw.**	Kwandika mu mukono igihekane **mw**.	Imyitozo y'isuzumabushobozi.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi.
Inyunguramagambo	intege, Ntaganda, intego, intoki, umuntu, intoki, Intobo,...	intore, umuntu, intobo, intonga, intare, inturo, abantu, Ntaganda, intama,...	Intore, umuntu, intobo, intege, intoki, Intima, ibintu,...	Intugu, intambara, Intore, umuntu, intobo, intege,...	umwanda, umweru, umwuka, umwera, umwana, umwobo,...	umweyo, umwarimu, umwana, intoki intare, intiti, Ntaganda,...	umworozi, umwanda, umweru, intambara, interuro, umwijima,...	umwumba, umwitozo, intore, umuntu, intobo, intege,...
Ubukesha	Kugaragaza ibikorwa by'imibanire myiza n'abandi.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n'imibanire myiza n'abandi. Kunenga abavugwa mu nkuru.	Kugaragaza amatsiko yo gusoma amashusho, amagambo n'utwandiko twanditse mu cyapa.	Kugaragaza umuhate wo kwandika amagambo n'interuro mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gusoma amashusho, amagambo n'utwandiko twanditse mu cyapa.	Kugaragaza umuhate wo kwandika amagambo n'interuro mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Igihekane **nt** na **mw**	Igihekane **nt** na **mw**	Igihekane **nt**	Igihekane **nt**	Igihekane **mw**	Igihekane **mw**	Ibihekane **nt,** na **mw.**	Ibihekane **nt,** na **mw.**

ISUBIRAMO RY'IBYIZWE MU MWAKA USHIZE

Isomo rya 1, 2, 3: Imyitozo yo kuvuga igitekerezo k'inkuru

1. Intego: Kuvuga igitekerezo gikubiye mu nkuru yasomewe.

2. Imfashanyigisho: -

3. Ibitabo: -

4. Imyitozo n'uko ikorwa:

Umwitozo wa 1: Kuvuga ibyo bibuka mu nkuru basomewe

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda.
- Abanyeshuri baravuga ku nkuru yabashimishije mu nkuru basomewe mu mwaka ushize.
- Amatsinda arasangiza abandi ibyo yaganiriye.
- Abanyeshuri barandika cyangwa barashushanya igice k'inkuru cyabashimishije.

Umwitozo wa 2: **Kubaza abanyeshuri ibibazo ku nkuru**

Uko bikorwa:
Umwarimu arabaza ibibazo ku nkuru kugira ngo asuzume ko bayisobanukiwe.
Urugero: Inkuru ku bidukikije " Akamaro k'umwuka"

a. Ibibazo byo kumva inkuru.
Ni ba nde bavugwa mu nkuru? *(Abavugwa mu nkuru ni Zita, Zahara na Zigama, umusaza Zakariya ndetse n'akanyoni.)* Ni ikihe kibazo kivugwa mu nkuru? *(Zita, Zahara na Zigama bafashe akanyoni maze bagashyira mu gafuka kananirwa guhumeka.)* Ikibazo cyakemutse gite? *(Ikibazo cyakemutse umusaza Zakariya akuye akanyoni mu gafuka maze akabasobanurira akamaro k'umwuka.)* Ni iki iyi nkuru yakwigishije? *(Inkuru yanyigishije ko umwuka ufite akamaro kanini cyane, utuma ibinyabuzima bihumeka.)* Ni iki wakunze mu nkuru? *(Ni uko inyamanza yongeye kubona umwuka maze ikongera kuguruka.)* Ni nde unenga mu nkuru? *(Ni abana Zita, Zahara na Zigama bafungiranye akanyamanza mu gafuka.)*

Ikosora: Umwarimu arabaza ibibazo byo gukoresha mu nteruro amagambo amwe yo mu nkuru. Umwarimu arageregeza kubaza abanyeshuri bose hanyuma bakosore kandi afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye. Umwarimu arajya asubiramo ikibazo hanyuma ahe abanyeshuri umwanya uhagije wo gusubiza.

b. Gukoresha amagambo yasobanuwe.
Umwarimu arasaba abanyeshuri gusobanura amagambo no kuyakoresha mu nteruro.

Urugero:
Guhungiza: guha umwuka ikinyabuzima cyawubuze umwuka. Hungiza uwo mwana dore yananiwe guhumeka neza.
Gusamba: Gukubita amaguru n'amaboko ugiye gupfa. Yatangiye gusamba kubera kubura umwuka.

c. Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.
Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda, hanyuma agende ababwira ikibazo cyo gusubiza no kuganiraho. Nyuma, umwarimu araha umwanya buri tsinda rigeze ku bandi igitekerezo cyabo.
Gusubiza ibibazo bibafasha guhuza inkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.
Urugero: Ese wigeze ubona ibindi binyabuzima byabuze umwuka? Byagenze bite? *(Yego, ge nigeze kwipfuka amazuru maze nshaka kubura umwuka.)* Umwuka mwiza duhumeka uva he? *(Umwuka*

mwiza duhumeka utangwa n'ibimera nk'ibiti, ibihingwa n'ibindi.) Ni iki wakora ngo wirinde guhumanya umwuka duhumeka? *(Nakwirinda kujugunya imyanda aho mbonye hose, nakwirinda kwangiza ibimera n'ibiti, ...)*

Ikosora: Umwarimu aragenda yumva ibitekerezo by'abanyeshuri, ibituzuye abyuzuze, ibitari byo abikosore. Arihatira guha abanyeshuri bose umwanya wo kuvuga, yite cyane cyane ku bafite ibibazo byihariye.

Isomo rya 3, 4, 5 Imyitozo yo gusoma

1. Ingingo ngenderwaho: Ubushobozi bwo gusoma amagambo, interuro n'udukuru birimo ibihekane n'inyuguti zose zizwe mu mwaka ushize.

2. Imfashanyigisho: Amakarita y'inyuguti n'ibihekane.

3. Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri.

4. Imyitozo n'uko ikorwa

1. Gusoma badategwa

- Umwarimu arakinisha abanyeshuri umukino wa Buzz cyangwa uw'amakarita y'inyuguti hasubirwamo inyuguti n'ibihekane byizwe byose mu mwaka ushize**.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda no gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 2, 3.

2. Gusoma amagambo.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 2, 3.

3. Gusoma interuro

- Mu matsinda, umwarimu arasaba abanyeshuri gufatanya gusoma interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3.
- Kugenda usaba umunyeshuri umwe umwe gusoma interuro umweretse.

4. Gusoma udukuru:

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gufatanya gusomera mu matsinda udukuru turi mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kugenda basimburana basoma mu ijwi riranguruye, interuro zigize agakuru, akazu ku kazu.

  Urugero:
  Agakuru: "Abana ku ivomero."
  Agakuru: "Mbayiha akunda amatungo."

  Ikosora: Umwarimu arageragaza guha buri munyeshuri amahirwe yo gusoma. Uko umunyeshuri asoma, umwarimu aramutega amatwi hanyuma age ahita asaba bagenzi be bamukosore cyangwa se we ubwe yikosore. Arageragaza kwita cyane ku banyeshuri bagaragaza ibibazo byihariye mu gusoma.

Isomo rya 6, 7, 8: Imyitozo yo kwandika

1. **Intego:** Kwandika amagambo n'interuro byo mu dukuru birimo n'inyuguti zose zizwe mu mwaka ushize.
2. **Imfashanyigisho**: Amakarita y'inyuguti n'ibihekane.
3. **Ibitabo**: Igitabo cy'umunyeshuri

4. Imyitozo n'uko ikorwa

Umwarimu arasaba abanyeshuri guhanga amagambo bifashishije amakarita y'inyuguti n'ibihekane. Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro biteganyijwe mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 3. Buri munyeshuri arandika mu ikayi ye ku giti ke.

Ikosora: Umwarimu arakosora buri munyeshuri, hanyuma amuhe umwanya wo kwikosora no kongera kwandika neza amagambo atabashije kwandika neza**.**

Umwitozo wa 1. Icyandikwa

Umwarimu arabwira abanyeshuri amagambo yo kwandika mu makayi yabo. Aravuga ijambo rimwe rimwe, arisubiremo mu ijwi riranguruye hanyuma asabe abanyeshuri na bo kurisubiramo mbere yo kuryandika. Umwarimu aratanga umwanya uhagije wo kwandika iryo jambo.

Urugero: umukingo ikinyugunyugu amashaza udukweto inyanya

Ikosora: Umwarimu arasaba buri munyeshuri gukosora amagambo yanditse nabi arebera mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3.

Umwitozo wa 2. Gutondeka amagambo no gukora interuro: Umwarimu arasaba buri munyeshuri gukora umwitozo wo gutondeka amagambo no gukora interuro uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3.

Umwitozo wa 3. Kuzuza interuro bakurikije inkuru basomewe.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzuza interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 4, akurikije ibivugwa mu nkuru basomewe.

Umwitozo wa 4. Kuzuza interuro bakoresheje ijambo bahisemo mu yandi.

Umwarimu arasaba abanyeshuri guhitamo ijambo ryo kuzuza interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 4.

UMUKORO

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandikira abo babana amagambo arimo ibihekane **nd, ng, ny, sh, mb** na **kw** akazayerekana mu ishuri.

ITONDE RY'INYUGUTI Z'IKINYARWANDA MU MUKONO

Isomo rya 1 Gusoma no kwandika inyuguti i, u na a

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti **i, u** na **a** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti **i, u** na **a** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'itonde ry'inyuguti nto z'Ikinyarwanda zanditse mu cyapa, mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru: " Abana ku ivomero" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti i, u na **a nto mu mukono.**
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **i, u** na **a** nto mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **i, u,** na **a** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **i, u,** na **a** zandikwa mu mukono imwimwe mu mirongo y'inozamukono.

i i i i i *u u u u* *a a a a*

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti **i, u** na **a** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.

Imyitozo:

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti **i, u** na **a** ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika inyuguti **i, u** na **a** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono.
- Umwarimu aragenda akosora, afasha abafite ikibazo.

Umukoro
Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono inyuguti **i, u** na **a** ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.

Isomo rya 2 Gusoma no kwandika inyuguti I, U, A nkuru mu mukono

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti **I, U** na **A** nkuru mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti **I, U** na **A** nkuru mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'itonde ry'inyuguti nkuru z'Ikinyarwanda zanditse mu cyapa, mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru: " Abana ku ivomero" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti nkuru I, U, A mu mukono.

- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **I, U** na **A** nkuru mu mukono.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **I, U** na **A** nkuru zandikwa mu mukono.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **I, U** na **A** zandikwa mu mukono imwimwe mu mirongo y'inozamukono.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti **I, U** na **A** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.

Imyitozo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti **I, U** na **A** mu cyapa, biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika inyuguti **I, U** na **A** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono.
- Umwarimu aragenda akosora, afasha abafite ikibazo.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono inyuguti **I, U** na **A** ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.

Isomo rya 3 Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nto o, e na c

Intego:

- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti nkuru **o, e** na **c** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nkuru **o, e** na **c** mu mukono.

Imfashanyigisho:

Amakarita y'inyuguti nkuru **o, e** na **c** zanditse mu cyapa no mu mukono.

Ibitabo:

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.

Intangiriro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga isomo baheruka kwiga.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti nto **i,u** na **a** banoza umukono.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti o, e na **c nto mu mukono.**

- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **o, e** na **c** nto mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **o, e** na **c** zandikwa mu cyapa.

- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **o, e** na **c** zandikwa mu mukono imwimwe.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti, imigemo n'amagambo birimo inyuguti **o, e** na **c** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti, imigemo n'amagambo birimo inyuguti o, e na c biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri umwitozo wo kwandika inyuguti n'amagambo birimo **o, e** na **c** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono.
  Urugero: ci, uce, ca ace
- Umwarimu aragenda akosora, afasha abafite ikibazo.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono inyuguti **o, e** na **c** ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5

Isomo rya 4 Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nkuru O, E na C

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti nkuru **O, E** na **C** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nkuru **O, E** na **C** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti nkuru **O, E** na **C** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti nto **o,e** na **c** banoza umukono.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti nkuru O, E na **C mu mukono.**
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti nkuru **O, E** na **C** mu mukono.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **O, E** na **C** nkuru zandikwa mu mukono.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti nkuru **O, E** na **C** zandikwa mu mukono imwimwe mu mirongo y'inozamukono.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti nkuru **O, E** na **C** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.

Imyitozo

- Umwarimu araha abanyeshuri umwitozo w'icyandikwa k'inyuguti no kubasaba kuyandika mu makayi yabo.

  Urugero: O, E, C, Coca
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri no gufasha cyane abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, mu makayi yabo amagambo yanditse mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5.

Isomo rya 5: Gusoma no kwandika inyuguti n, m na v nto mu mukono

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti **n, m** na **v** nto mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti **n, m** na **v** nto mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'itonde ry'inyuguti nkuru z'Ikinyarwanda zanditse mu cyapa, mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 6.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti nkuru **o, e, c.**

Isomo rishya

Kwandika inyuguti n, m na **v nto mu mukono.**
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **n, m** na **v** nto mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **n, m** na **v** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **n, m** na **v** zandikwa mu mukono imwimwe.

n n n n n m m m m m v v v v v

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti **n, m** na **v** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abafite ibibazo byihariye.

Imyitozo:
- Gusaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti **n, m** na **v** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 6.

  Urugero:

  ni nu no na ne
  mi mu mo ma me
  vi vu vo va ve
  ana, umuvu, voma, anine
  Ana avome umuvu.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri umwitozo wo kwandika inyuguti n'amagambo birimo **n, m** na **v** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono.

Urugero: umuvovo, voma, vuna, uvome, uvune

- Umwarimu aragenda Kugenda akosora, afasha abafite ikibazo.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo arimo inyuguti **n, m** na **v** buri munsi, urupapuro rwa 6.

Isomo rya 6: Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nkuru N, M na V

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti **N, M** na **V** nkuru mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti **N, M** na **V** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti **N, M** na **V** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 6.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa ku nyuguti zimaze kwigwa mu mukono.
Urugero: Vuna, Mama, Nina

Isomo rishya

Kwandika inyuguti n, m na **v nkuru mu mukono.**
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **N, M** na **V** nto mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **N, M** na **V** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **N, M** na **V** zandikwa mu mukono imwimwe.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti **N, M** na **V** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti n'amagambo atangijwe n'inyuguti nkuru **N, M** na **V** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 6.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Urugero:
- Umwarimu arafatanya n'abanyeshuri kwiyibutsa aho inyuguti nkuru ikoreshwa.

Icyandikwa: Umwarimu araha abanyeshuri umwitozo wo kwandika inyuguti **N, M** na **V** mu mukono, inshuro nyinshi mu makayi yabo.

Imyitozo

- Umwarimu araha abanyeshuri umwitozo w'icyandikwa cy'amagambo n'interuro, abasabe kuyandika mu makayi yabo.

  Urugero: Nina, Mama, Voma

- Umwarimu arakosora buri munyeshuri no gufasha abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

Gusaba abanyeshuri kwandika mu mukono, mu makayi yabo amagambo n'interuro byanditse mu cyapa, biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 6.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 6.

Isomo rya 7: Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nto w, s na r

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **w, s** na **r** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **w, s** na **r** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti **w, s** na **r** zanditse mu cyapa no mu mukono.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa ku magambo arimo inyuguti baheruka kwiga mu mukono.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti w, s na **r nto mu mukono.**
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **w, s** na **r** nto mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **w, s** na **r** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **w, s** na **r** zandikwa mu mukono imwimwe.

w w w w w s s s s s r r r r r

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti, imigemo n'amagambo birimo inyuguti **w, s** na **r** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
  Urugero: wi wu wo wa we
  si su so sa se
  ri ru ro ra re
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti **w, s** na **r** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri umwitozo wo kwandika inyuguti n'amagambo birimo **w, s** na **r** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono.

Urugero: wirira soroma
- Umwarimu aragenda akosora, ufasha abafite ikibazo.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono inyuguti **w, s** na **r** ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Isomo rya 8: Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nkuru W, S na R

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti **W, S** na **R** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nkuru **W, S** na **R** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti nkuru **W, S** na **R** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa cy'amagambo arimo inyuguti zimaze kwigwa kwandikwa mu mukono.
Urugero: Muve mu mucaca.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti W, S na **R** nkuru mu mukono.
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **W, S** na **R** nkuru mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **W, S** na **R** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **W, S** na **R** zandikwa mu mukono imwimwe.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo arimo inyuguti nkuru **W, S** na **R** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo

- Umwarimu araha abanyeshuri umwitozo w'icyandikwa cy'amagambo n'interuro abasabe kuyandika mu makayi yabo.

  Urugero: Sorina, Rora, Wirira
  Rora, Wirira, Sirasi.
  Rorero ararora Samusoni.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi ufashe cyane abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

Umwarimu arasaba anyeshuri kwandika mu mukono, mu makayi yabo amagambo n'interuro byanditse mu cyapa, biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Isomo rya 1: Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nto g, j na p

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **g, j** na **p** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **g, j** na **p** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti **w, s** na **r** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa cyo kwandika amagambo mu mukono.
Urugero: amasaro, wirira, umuvovo

Isomo rishya

Kwandika inyuguti g, j na **p nto mu mukono.**
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **g, j** na **p** nto mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **g, j** na **p** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **g, j** na **p** zandikwa mu mukono imwimwe.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti, imigemo n'amagambo birimo inyuguti **g, j** na **p** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti **g, j** na **p** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika amagambo arimo inyuguti **g, j** na **p** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono.
  Urugero:

garagara, umugi, amagi
jijura, umujura
umwijima, waje
umupira, ipine, papa

- Umwarimu aragenda akosora, afasha abafite ikibazo.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo arimo inyuguti ya **g, j** na **p** ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Isomo rya 2: Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nkuru G, J na P

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti **G, J** na **P** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nkuru **G, J** na **P** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti nkuru **G, J** na **P** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Intangiriro
Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa cyo kwandika amagambo mu mukono.
Urugero: amagi, amacunga, gucoca.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti G, J na **P** nkuru mu mukono.
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **G, J** na **P** nkuru mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **G, J** na **P** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **G, J** na **P** zandikwa mu mukono imwimwe.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo arimo inyuguti nkuru **G, J** na **P** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abafite ibibazo byihariye.

Imyitozo
- Umwarimu araha abanyeshuri umwitozo w'icyandikwa cy'amagambo n'interuro no kubasaba kuyandika mu makayi yabo.

  Urugero: Gema, Gabiro
  Joriji, Janja
  Jani arajijura Poponi.
  Rorero ararora Samusoni.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe cyane abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma
Umwarimu arasaba anyeshuri kwandika mu mukono, mu makayi yabo amagambo n'interuro mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Umukoro
Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 7.

Isomo rya 3: Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nto z, y na l

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **z, y** na **l** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **z, y** na **l** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti **z, y** na **l** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 8.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa cyo kwandika amagambo mu mukono.
Urugero: Gasaro, Mugema, amaso.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti g, j na p nto mu mukono.
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **z, y** na **l** nto mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **z, y** na **l** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **z, y** na **l** zandikwa mu mukono imwimwe.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti, imigemo n'amagambo birimo inyuguti **z, y** na **l** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abafite ibibazo byihariye.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti **z, y** na **l** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 8.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika amagambo arimo inyuguti **z, y** na **l** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono.

Urugero:
umuzamu, inzu, inzira, inzovu, inzara

yaje, inyana, Yuliya, Jali

- Umwarimu aragenda akosora, afasha abafite ikibazo.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo arimo inyuguti ya **z, y** na **l** ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 8.

Isomo rya 4: Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nkuru Z, Y na L

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti **Z, Y** na **L** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nkuru **Z, Y** na **L** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti nkuru **Z, Y** na **L** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 8.

Intangiriro

Umwarimu araha abayeshuri icyandikwa cy'amagambo mu mukono.
Urugero: amaguru, amazuru, Jali.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti Z, Y na **L** nkuru mu mukono.
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **Z, Y** na **L** nkuru mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **Z, Y** na **L** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **Z, Y** na **L,** zandikwa mu mukono imwimwe.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo arimo inyuguti nkuru **Z, Y** na **L** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo

- Umwarimu araha abanyeshuri umwitozo w'icyandikwa cy'amagambo n'interuro no kubasaba kuyandika mu makayi yabo.

Urugero: Zahara, Zigama
Yuliya, Yonasi
Liliyani ari i Kigali.
Zigama azi gusoma.

- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe cyane abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

Umwarimu arasaba anyeshuri kwandika mu mukono, mu makayi yabo amagambo n'interuro byanditse mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 8.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 8.

Isomo rya 5 Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nto t, h na d

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **t, h** na **d** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **t, h** na **d** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti **t, h** na **d** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa cy'amagambo mu mukono.
Urugero: amaguru, amazuru, Jali.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti b, k na **f nto mu mukono.**
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **t, h** na **d** nto mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **t, h** na **d** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **t, h** na **d** zandikwa mu mukono imwimwe.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti, imigemo n'amagambo birimo inyuguti **t, h** na **d** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abafite ibibazo byihariye.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti **t, h** na **d** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri umwitozo wo kwandika amagambo arimo inyuguti **t, h** na **d** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono.
  Urugero:

tira, titira, amata, umutima
huha, humura, hagarara, umuheha, umuhaha
doda, umudaho, akadomo, umudiho, amadegede
Ca izo njyo uze turye inzuzi.

- Umwarimu aragenda akosora, afasha abafite ikibazo.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo arimo inyuguti ya **t, h** na **d** ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

Isomo rya 6 Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nkuru T, H na D

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti **T, H** na **D** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nkuru **T, H** na **D** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti nkuru **T, H** na **D** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa cy'amagambo bayandike mu mukono.
Urugero: Zigama, umuvure, Umurerwa.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti T, H na **D** nkuru mu mukono.
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **T, H** na **D** nkuru mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **T, H** na **D** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **T, H** na **D** zandikwa mu mukono imwimwe.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo arimo inyuguti nkuru **T, H** na **D** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo

- Umwarimu araha abanyeshuri umwitozo w'icyandikwa cy'amagambo n'interuro no kubasaba kuyandika mu makayi yabo.
  Urugero:
  Toyota, Dativa, Tito
  Tito yagiye gusura Timote na Dativa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi ufashe cyane abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

Umwarimu arasaba anyeshuri kwandika mu mukono, mu makayi yabo amagambo n'interuro byanditse, biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

Isomo rya 7 Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nto b, k na f

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **b, k** na **f** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nto **b, k** na **f** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti **b, k** na **f** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa cy'amagambo mu mukono.
Urugero: umuti, Damasi, umupira

Isomo rishya

Kwandika inyuguti b, k na **f nto mu mukono.**
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **b, k** na **f** nto mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **b, k** na **f** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **b, k** na **f** zandikwa mu mukono imwimwe.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika inyuguti, imigemo n'amagambo birimo inyuguti **b, k** na **f** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, inyuguti **b, k** na **f** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri umwitozo wo kwandika amagambo arimo inyuguti **b, k** na **f** mu makayi yabo mu mirongo y'inozamukono.

Urugero:

ibaba, ibara, kubabura

ifi, ifu, gufubika

ukuboko, ikara, ikayi

Furaha arafubika Rubibi.

- Umwarimu aragenda akosora, afasha abafite ikibazo.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo arimo inyuguti ya **b, k** na **f** ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

Isomo rya 8 Gusoma no kwandika mu mukono inyuguti nkuru B, K na F

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo inyuguti **B, K** na **F** mu mukono.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo inyuguti nkuru **B, K** na **F** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'inyuguti nkuru **B, K** na **F** zanditse mu cyapa no mu mukono.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa cy'amagambo mu mukono.
Urugero: Mutihinda umutwe Mahoro.

Isomo rishya

Kwandika inyuguti T, H na **D** nkuru mu mukono.
- Umwarimu arereka abanyeshuri ahanditse inyuguti z'Ikinyarwanda **B, K** na **F** nkuru mu cyapa.
- Umwarimu aributsa abanyeshuri uko inyuguti **B, K** na **F** zandikwa mu cyapa.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko inyuguti **B, K** na **F** zandikwa mu mukono imwimwe.



- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo arimo inyuguti nkuru **B, K** na **F** mu mukono bifashishije imirongo y'inozamukono.
- Umwarimu arerekera abanyeshuri, asobanura neza uko zandikwa.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo
- Umwarimu araha abanyeshuri umwitozo w'icyandikwa cy'amagambo n'interuro no kubasaba kuyandika mu makayi yabo.

  Urugero: Baba, Kabare, Fundi
  Kankindi agira ikinyabupfura.
  Furaha na Fatuma bafite amafi atatu.
  Buri munsi nkora umukoro wange neza.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe cyane abafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

Umwarimu arasaba anyeshuri kwandika mu mukono, mu makayi yabo amagambo n'interuro byanditse, biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9.

IBIHEKANE BYIGWA: ts, nz

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "INKENDE N'INZUKI"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku mwandiko basomewe.
- Gukoresha neza amagambo mashya bungukiye mu nkuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 1, n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3.

Inyunguramagambo:
Gusagarira, kwiyenza, ikimwaro, kudwinga.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Mbayiha akunda amatungo" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3.

Isomo rishya

Gusoma inkuru "Inkende n'inzuki".
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye abereka amashusho bijyanye.

Gusobanura amwe mu magambo mashya.
- Umwarimu asoma igika ku gika, abanyeshuri bagasobanurira bagenzi babo amagambo mashya.
- Umwarimu abafasha kuyasobanura ku buryo bwumvikana neza, abanyeshuri batange ingero z'interuro akoreshwamo.

  Urugero:
  Gusagarira: gushotora.
  Kwiyenza: gusagarira, gushotora.
  Ikimwaro: isoni
  Kudwinga : kuruma (ku ruyuki, ivubi, ...)

Ibibazo rusange byo kumva inkuru.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru .
- Umwarimu arabasaba gusubiza ibibazo rusange ku nkuru.

Urugero: Ni izihe nyamaswa zivugwa mu nkuru? (*Inyamaswa zivugwa mu nkuru ni inkende, inzovu, inzoka, inzuki*) Imkende yabaga he? (*Inkende yabaga mu ishyamba*) Kuki inyamaswa zihanije inkende ? (*Inyamaswa zihanije inkende kuko yashotoraga izindi nyamaswa izikurura imisatsi, izambura, izihirika, ...)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira, bajye impaka ku byo bumvise mu nkuru "Inkende n'inzoka''
  Urugero: Kuganira uburyo gusasagarira abandi bibangamira umuco w'amahoro mu muryango.
- Abanyeshuri barabwira abandi ibyo baganiriyeho mu matsinda yabo.

Isuzuma

- Abanyeshuri barasubiza ibindi bibazo ku nkuru"Inkende n'inzoka".
- Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.

  Urugero: Kwiyenza: Si byiza kwiyenza kubana mwigana.
  Kudwinga: Inzuki zikunda kudwinga uzishotoye.

Umukoro

Abanyeshuri barabwira abo babana inkuru "Inkende n'inzuki' bashushanye igishushanyo kijyanye na yo bakazayereka abandi."

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru "Inkende n'inzuki"

Intego:
- Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 1.

Intangiriro

Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'inkuru "Inkende n'inzuki" bagatanga igitekerezo kivugwa mu nkuru.

Urugero: Mwitegereje iyi shusho, hano byagenze bite? (*Inkende yari mu ishyamba iri kumwe n'ababyeyi bayo*.) Kuki inkende yigaraguye mu biziba? (*Inkende yigaraguye mu biziba kuko yari imaze kuribwa n'inzuki igira ngo abababare bugabanuke*.) Ni iki kindi mwibuka kivugwa mu nkuru? (*Ikindi nibuka kivugwa mu nkuru ni inzoka n'inzovu byagiriye inama inkende yo kureka gusagarira ibyana byazo ikanga ahubwo ikajya yisekera*.)

Isomo rishya

Gusoma inkuru
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.
Urugero:
Ni iyihe myifatire inkende yagaragaje? Ese ni myiza? (*Yagaragaje imyifatire mibi yo gusagarira abana b'inzoka n'inzovu kandi yagirwa inama igasuzugura, ntihinduke ikisekera.*) Ni iki kigaragaza ko inkende yasagariraga abana b'inzovu n'inzoka? (*Iyo bakinaga yabakururaga imisatsi, ikabahirika, ikabambura ibyo kurya maze abana bakaririra rimwe*.) Ni ikihe kemezo inkende yifatiye? (*Inkende yifatiye ikemezo cyo kutazongera gusagararira abandi bana kandi ikajya yumva inama igirwa*.) Tanga urugero rw'indi myifatire wabonye itari myiza ku ishuri cyangwa aho utuye? (*Urugero rw'imyifatire mibi ni ugutukana, kurwana, ...)* Tanga urugero rw'imyifatire myiza ubona? (*Imyifatire myiza ni ugufasha urwaye, gutizanya ibikoresho.*)

Ibibazo bituma abanyeshuri bahuza inkuru n'ubuzima busanzwe.
- Umwarimu arabaza ibibazo bifasha abanyeshuri guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.
  Urugero: Ese mu ishuri ryanyu hari abana basagarira abandi? Babigenza bate?(*Yego. Hari abajya basagarira abandi babatwara amakayi yabo, amakaramu cyangwa bakabakubita.)* Nk'abanyeshuri, mwumva mwabigenza mute mubonye mugenzi wanyu asagararira abandi? *(Twamugira inama yo kubireka yakwanga tukabibwira mwarimu.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, kurondora ibikorwa byose bijyanye no gusagarira abandi biboneka mu nkuru?
- Abanyeshuri baraganira ku ngero zigaragara ku ishuri z'abanyeshuri basagarira abandi.
- Abanyeshuri barigana bashyira mu bikorwa ibyabashimishije mu nkuru.

Urugero: Ni ibihe bikorwa mwumvise bijyanye no gusagararira abandi? (*Ibikorwa bijyanye no gusagararira abandi ni gukubagana, gushotorana cyane, gukurura imisatsi y'abana b'inzoka n'inzovu, kubahirika, kubambura ibyo kurya no kujya kwiba ubuki bw'inzoka*.)

Hari abanyeshuri mujya mubona basagarira abandi? (*Yego, abasunika abandi, abatwara amakaramu y'abandi,...)*

Isuzuma

- Abanyeshuri barasubiza ibibazo byimbitse ku nkuru "Inkende n'inzoka".

Urugero: Kuki inkende yagize ikimwaro? (*Inkende yagize ikimwaro imaze kudwingwa n'inzuki,*

ikababara, ikavuza induru, inyamaswa zose zikabyuka, zikayibona yigaraguye mu biziba.)

- Kuvuga ikintu kimwe banenze mu nkuru n'ikindi kimwe bashimye mu nkuru no gusobanura impamvu.
- Gushushanya igishushanyo bijyanye.

Umukoro

Gushushanya amashusho ajyanye n'icyo banenze mu nkuru no kuyabasobanurira.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane ts

Intego:

- Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ts.**

Imfashanyigisho:

Amashusho ajyanye n'inkuru

Ibitabo:

Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'Igitabo cy'umunyeshuri.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza agakuru "Abana ku ivomero" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 3.

Isomo rishya

Gutahura igihekane ts

- Umwarimu arereka abanyeshuri imfashanyigisho zifatika n'amashusho mfashanyigisho.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura ijambo ririmo igihekane **ts**.

Urugero: Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? *(Ndabona umusatsi, umutsi, umutsima.)*

- Umwarimu arasubiriramo abanyeshuri amagambo arimo igihekane **ts** hatsindagirwa ku ijwi rishya.
- Umwarimu arasubirishamo abanyeshuri amagambo arimo igihekane **ts** hatsindagirwa ku ijwi rishya.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko umugemo atsindagiraho ari igihekane **ts.**
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo igihekane **ts** akabasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise ahari igihekane **ts**
- Umwarimu arandika ku kibaho mu cyapa amagambo yatahuwe no kugaragaza igihekane **ts.**

  Urugero: Gasa**ts**i, umu**ts**i, umusa**ts**i, umu**ts**ima, guse**ts**a. Afite umusa**ts**i muremure. Gasa**ts**i ari**ts**amura.
- Umwarimu aragaragaza imigemo y'igihekane **ts** ku nyajwi zose.

  Urugero: umu**tsi** gu**tsu**ra umwo**tso** guse**tsa** aramuhe**tse**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya guca akarongo ku gihekane **ts** mu magambo n'interuro byanditse ku kibaho.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ingombajwi zigize igihekane **ts.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **ts** akandikwa ku kibaho. **Urugero:** gutsitara**,** umutsi, kwatsa, ...
- Abanyeshuri barakora umwitozo wo gutahura no kwerekana igihekane **ts** mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 11.
- Umwarimu arafasha, ayobora abanyeshuri yita cyane ku bafite ibibazo byihariye.

Gusoma igihekane ts

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero arimo igihekane **ts** yanditse ku kibaho mu cyapa.

- Abanyeshuri baragenda basoma basubiramo umwe umwe buri jambo risomwe.
  Urugero: gutsinda, umutsima, kwitsamura.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arakosora, yandike izo nteruro ku kibaho.
  Urugero:
  Abanyeshuri bose baharanira gutsinda.
  Mama yatetse umutsima w'amasaka.
  Iyo urwaye ibicurane uritsamura.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

Gusoma amagambo arimo igihekanr **ts.**

Urugero: gutsitara, imitsi, umutsama, umusatsi, gusetsa

Isuzuma

- Abanyeshuri barasoma interuro n'amagambo birimo igihekane **ts** mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa11.
- Abanyeshuri baratanga andi magambo arimo igihekane **ts.**

Umukoro

Abanyeshuri barasaba abo babana kubafasha gushaka andi magambo arimo ibihekane **ts**

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane ts

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ts**
Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 1 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 11.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru "Mbayiha akunda amatungo."

Isomo rishya

Kwandika igihekane ts.

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize arimo igihekane **ts**.

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **ts***? (Ayo magambo ni aya: umusatsi, kuyibyutsa, yarasetse, umutsi…)*

- Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho mu mukono.

Urugero:

umusatsi, kuyibyutsa, yarasetse, umutsi.

- Abanyeshuri baraca akarongo ku gihekane **ts** mu magambo ari ku kibaho.
- Umwarimu araha umwanya abanyeshuri wo kwitoza kwandika igihekane **ts.**
- Umwarimu araha abanyeshuri amagambo bandika bitoza kwandika neza igihekane **ts.**

Urugero: umutsima, kubyutsa, yasetse.

- Umwarimu arakosora yita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **ts** bandika mu mukono interuro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero: Mbabazi yariye umutsima. Ndamage yakomeretse umutsi.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono interuro zirimo igihekane **ts**, ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 11.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo atanu arimo igihekane **ts** mu mukono akazayereka abandi mu ishuri.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane nz

Intego:
- Gutahura amagambo arimo ibihekane **nz**

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 1 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 10.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru "Mbayiha akunda amatungo".

Gutahura igihekane nz

- Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho.
- Kubaza abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura ijambo ririmo igihekane **nz**.

  Urugero: Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? *(Ndabona inzoka, inzovu, inzu.)*
- Umwarimu arasubiriramo abanyeshuri amagambo arimo igihekane **nz** hatsindagirwa ku ijwi rishya.
- Umwarimu arasubirishamo amagambo arimo igihekane **nz** hatsindagirwa ku ijwi rishya.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko umugemo atsindagiraho ari igihekane **nz.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kiganjemo igihekane **nz** akabasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise ahari igihekane **nz.**
- Umwarimu arandika amagambo yatahuwe agaragaze igihekane **nz** mu ngwa y'ibara.
- Umwarimu arafatanya n'abanyeshuri kugaragaza imigemo y'igihekane **nz** ku nyajwi zose.

  Urugero: inzira inzu inzobe inzara inzembe
- Gusomera abanyeshuri amagambo yiganjemo igihekane **nz**.

  Urugero: inzira, inzogera, umuhinzi, nzenguruke.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya guca akarongo ku gihekane **nz** mu magambo yanditse ku kibaho.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **nz** akandikwa ku kibaho. **Urugero:** umuhinzi, Nzirorera, umurinzi, ...

Gusoma igihekane nz

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero amagambo arimo igihekane **nz** yanditse ku kibaho mu cyapa.
- Abanyeshuri baragenda basoma basubiramo umwe umwe buri jambo risomwe.

  Urugero: inzuki, inzoka, kwiyenza.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arakosora, yandike izo nteruro ku kibaho.
- Urugero: Inzuki zikora ubuki. Inzoka ni igikururanda. Reka kwiyenza kuri bagenzi bawe.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda, hanyuma bose.

Imyitozo

- Abanyeshuri barasoma amagambo yanditse mu cyapa, arimo igihekane **nz** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 10.
- Abanyeshuri barasoma interuro zirimo igihekane **nz** wongeyeho hamwe n'izindi nyuguti barangije kwiga, urupapuro rwa 10.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nz** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 11.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cyabo, urupapuro rwa 13, bagashakamo amagambo arimo igihekane **nz.**

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane nz

Intego:
- Kwandika amagambo arimo ibihekane **nz**

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 1 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 11.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru "Mbayiha akunda amatungo".

Isomo rishya

Kwandika igihekane nz.

- Kubaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize arimo igihekane **nz**.

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **nz**? (*Ayo magambo ni: inzovu, inzoka, inzuki, umutonzi,…)*

- Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho mu mukono.

Urugero:
inzovu, inzoka, inzuki, umutonzi

Murenzi na Nzarora babonye inzovu.

- Abanyeshuri baraca akarongo ku gihekane **nz** mu magambo ari ku kibaho.
- Abanyeshuri baritoza kwandika igihekane **nz** banoza umukono.
- Umwarimu arabakosora afasha abafite ibibazo by'umwihariko.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **nz** banoza mu mukono amagambo n'interuro bigizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.
  Urugero: Nzarora yoroye inzuki .

Imyitozo

- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **nz** bandika mu mukono interuro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.
  Urugero: inzoka umuhinzi
  Nzirinda gushotora bagenzi bange.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane **nz**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 11.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo atatu mu mukono arimo igihekane **nz.**

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
- Gusoma agakuru karimo ibihekane **ts** na **nz** no gusubiza ibibazo**.**
- Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ts** na **nz**.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 11.

Intangiriro

Gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **nz** na **ts**. Abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo. **Urugero**: inzogera, inzembe, kwitsamura, inyotse, ...

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane ts na **nz.**
- Abanyeshuri barasoma agakuru " Tubane mu mahoro" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 14.
- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru **"Tubane mu mahoro**" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 14.
- Abanyeshuri baratahura icyo agakuru kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma agakuru umwe umwe, akazu ku kazu, bagenda basimburanwa.
- Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku gakuru.
  Urugero: Ni ibiki Mutsinzi yirinda kugira ngo abane na bagenzi be mu mahoro? (yirinda gusunika no gutega abandi,…*)* Wowe ni ibiki ukora kugira ngo ubane n'abandi amahoro? (Nirinda kubashotora)
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo yo kwandika.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gushaka mu gakuru "Tubane mu mahoro" amagambo arimo igihekane **ts** na **nz.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo yo mu gakuru "Tubane mu mahoro", arimo igihekane **ts** na **nz**.
- Umwarimu aratanga icyandikwa cy'amagambo n'interuro zo mu gakuru.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe abafite ibibazo byihariye.

Umukoro

Abanyeshuri barasomera abo babana agakuru "Tubane mu mahoro" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 14 no kubabwira inyigisho bakuye muri ako gakuru.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ts, nz**.

Imfashanyigisho:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 12.

Intangiriro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukina umukino wa buzz ku magambo arimo ibihekane **nz** na **ts**. Abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo.

Urugero: inzozi, inzego, inzuzi, inzara, umutsi, gutseta, kwitsamura.

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri.
- Gushyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda abahe imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gusoma mu cyapa no mu mukono amagambo arimo ibihekane **ts** na **nz** n'ibindi bihekane bize.

Urugero:

- Umwarimu aravangavanga amagambo arimo ibihekane **ts** na **nz** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

  Urugero:

  Nzirorera Nzaramba umukunzi inzogera imitsi inyotse gusetsa kotsa

  Nzirorera, Nzaramba, umukunzi, inzogera, imitsi, inyotse, gusetsa, kotsa
- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 13.
- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu akabaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

  Urugero: ibitsike, umwotsi, arotsa, inzovu, umutonzi, ikibanza
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro mu mukono.

  Urugero :

  Matsiko afite umusatsi muremure.

  Arotsa ibigori ubutitsa.

  Inzovu igira umutonzi muremure.

  Gasatsi aratsa umuriro atetse imboga.
- Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika. **Urugero:**

Nagize inzozi nziza. Umusatsi we ni muremure.

Kubasaba gusoma bucece agakuru "Inzovu n'inzoka".

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **ts** na **nz**, urupapuro rwa 13.

IBIHEKANE BYIGWA: by, rw

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Inshuti magara"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku mwandiko basomewe.
- Gukoresha neza amagambo mashya bungukiye mu nkuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho zifatika.
Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 1 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 14.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Tubane mu mahoro" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 14.

Isomo rishya

Gusoma inkuru "Inshuti magara".
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho bijyanye.

Gusobanura amwe mu magambo mashya.
- Umwarimu asoma igika ku gika, abanyeshuri bagasobanurira bagenzi babo amagambo mashya.
- Umwarimu abafasha kuyasobanura ku buryo bwumvikana neza banatanga Urugero z'interuro akoreshwamo.
  Urugero: Inshuti magara: umuntu mukundana cyane ukuba hafi igihe ugize ikibazo.
  Kwibombarika: kwitwararika
  Guhumuriza: kumara umuntu ubwoba n'isoni.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru ukabasaba gusubiza ibibazo rusange ku nkuru.
  Urugero: Ni ba nde bavugwa mu nkuru ? (*Mu nkuru haravugwamo Karwera, Hirwa, Murerwa, Rwego, nyina wa Karwera na mwarimu)*
  Ni ikihe kibazo kivugwa mu nkuru? *(Karwera yituye mu kizenga cy'amazi, abandi bana baramuseka)*
  Ikibazo cyakemutse gite? *(Umunyeshuri umwe yaramufashije, amukura mu mazi.)*

Imyitozo
Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru"Inshuti magara '' **Urugero:** Uko bafasha inshuti zabo.

Isuzuma

- Abanyeshuri barasubiza ibindi bibazo ku nkuru "Inshuti magara". Urugero: Ni iyihe nyigisho ukuye muri iyi nkuru?
- Abanyeshuri barakoresha amwe mu magambo mashya yasobanuwe mu nteruro.

Urugero: Inshuti magara uyigira inama nziza.

Umukoro

Abanyeshuri barabaza abo babana Urugero z'ibikorwa byimakaza umuco w'amahoro bakazabisangiza bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru "Inshuti magara"

Intego:
- Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho zifatika.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 1 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 17.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'inkuru "Inshuti magara" bagatanga igitekerezo kivugwa mu nkuru.

Urugero: Mwitegereje iyi shusho, hano byagenze bite? *(Karwera yari avuye kwiga ari kumwe na nyina amubwira ibyo bize.)* Karwera byamugendekeye bite amaze kwitura mu byondo? *(Abana bigana baramusetse, bakamubwira ngo aranyura he? Ngo ari bo bakwiyambura ikanzu bakayijugunya.)*
Ni iki kindi mwibuka kivugwa mu nkuru? *(Ikindi nibuka kivugwa mu nkuru ni uko Murerwa yamushyize ku ruhande, akamuhumuriza, akamufasha kuva mu kibazo.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo ku nkuru.

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Ni ikihe kibazo cyabaye muri iyi nkuru? Ni nde wafashije Karwera kuva mu kibazo? *(Uwafashije Karwera kuva mu kibazo ni Murerwa.)* Ikibazo Karwera yari yahuye na cyo ni ikihe? *(Ikibazo Karwera yari yahuye na cyo ni icyo kwitura mu cyondo ikanzu ye igahinduka ibyondo gusa.)* Ni iki kigaragaza ko Hirwa ari umwana udafite imico myiza? *(Ni uko Karwera amaze kwikubita mu cyondo yamuzomereye aho kumufasha.)* Inkuru irangira ite? *(Inkuru irangira Karwera abonye ko Murerwa ari we nshuti ye magara.)* Wowe wari gukorera iki Karwera? *(Nari kumwihanganisha mu kibazo yagize maze nkamufasha kuva mu mazi.)*
Ni irihe herezo rindi waha iyi nkuru? (*Karwera yakomeje kurira.)*

Ibibazo bituma abanyeshuri bahuza inkuru n'ubuzima busanzwe.
- Umwarimu arasubiza ibibazo bifasha abanyeshuri guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

  Urugero: Ese mu ishuri ryanyu cyangwa mu miryango yanyu mujya mufashanya? Mu bigenza mute? *(Yego. Mu ishuri ryacu dufashanya dutizanya ibikoresho by'ishuri nk'amakayi n'amakaramu. Mu miryango yacu dufashanya tugemurira abaturanyi, tubatabara bagize ibyago, dusangira na bagenzi bacu bashonje.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri barajya impaka baganire ku bikorwa byose bijyanye no gufashanya biboneka mu nkuru.

  Urugero: *(Ibikorwa bijyanye no gufashanya bigaragara mu nkuru ni uko Murerwa yegereye Karwera akamufata ukuboko akamujyana ku ruhande, akamuhumuriza, akamutiza umupira maze akamuvana muri icyo kibazo.)*
- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku bikorwa bo ubwabo bajya bakora cyangwa bashobora gukorera abandi.
- Umwarimu arasaba amatsinda gusangiza abandi ibyo baganiriye.
- Umwarimu arakosora, aruzuza ibitekerezo by'abanyeshuri yita ku bafite ibibazo byihariye.

Isuzuma

• Abanyeshuri barasubiza ibibazo byimbitse ku nkuru "Inshuti magara".

Urugero: Kuki Karwera avuga ko Murerwa ari inshuti magara? *(Karwera avuga ko Murerwa ari inshuti magara kuko yamufashije kuva mu kibazo yagize, amaze kwitura hasi, ikanzu ye igahinduka ibyondo.)*

Umukoro

Abanyeshuri baravuga banashushanye ikintu kimwe banenze cyangwa bashimye mu nkuru, bazabisobanurire bagenzi babo.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane by

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **by.**

Imfashanyigisho:
Amashusho, amakarita y'ibihekane, urwabya, ibyondo, ibyatsi, ibyondo.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 17 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 14, 19.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma agakuru "Tubane mu mahoro" mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 14.

Isomo rishya

Gutahura igihekane by

• Umwarimu arereka abanyeshuri imfashanyigisho zifatika n'amashusho mfashanyigisho akababazaho ibibazo bibafasha gutahura ijambo ririmo igihekane **by.**

Urugero: Urugero: Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? *(Ndabona umubyeyi.)*
Iki ni iki? *(ibyibo, ibyuma)*

• Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **by.**

• Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko umugemo atsindagiraho ari igihekane **by.**

• Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kiganjemo igihekane **by** akabasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise ahari igihekane **by.**

Urugero: Nuko batangira kumuseka bavuga bati: "Hahaha! Nimurebe Karwera, yahindanye, yuzuye ibyondo hose hose!"

• Umwarimu arandika ku kibaho mu cyapa amagambo yatahuwe arimo igihekane **by.**

• Umwarimu aragaragaza amagambo arimo igihekane **by** ku migemo igizwe n'inyajwi zose.

Urugero: Uwaba**bye**yi i**byo**ndo ibyobo i**byi**bo **Byu**sa ibyuya Muka**bya**gaju

• Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana, ku kibaho, ahanditse igihekane **by**

• Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ingombajwi babona zigize igihekane **by.**

• Abanyeshuri baratanga ingero z'andi magambo yumvikanamo igihekane **by** umwarimu ayandike ku kibaho, mu cyapa agaragaza igihekane **by**.

Urugero:
ibyuya umubyeyi Byusa kubyibuha ibyuma, ibyobo

Gusoma igihekane by

• Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero amagambo arimo igihekane **by** yanditse ku kibaho mu cyapa.

• Abanyeshuri baragenda basoma basubiramo umwe umwe buri jambo risomwe.

• Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.

• Umwarimu arakosora, yandike izo nteruro ku kibaho.

Urugero: Itonde utagwa mu byondo. Amatungo arya ibyatsi. Ababyeyi bacu baturera neza.

• Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda, hanyuma bose.

Umwitozo

• Abanyeshuri barasoma amagambo n'interuro birimo igihekane **by** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 19.
• Abanyeshuri barasoma interuro zirimo igihekane **by** wongeyeho izindi nyuguti barangije kwiga, urupapuro rwa 19.

Isuzuma

Umwarimu arakora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **by,** uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 19.

Umukoro

• Abanyeshuri barasomera abo babana amagambo arimo igihekane **by** mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 19.
• Abanyeshuri barabaza ababyeyi babo andi magambo arimo igihekane **by** bazayagaragaze mu ishuri.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane by

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **by**

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri 19-20.

Imfashanyigisho:
Amashusho n'amakarita y'ibihekane.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru "Abana ku ivomero", kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3.

Isomo rishya

Kwandika igihekane by

• Abanyeshuri barahera ku nkuru no ku mashusho abanyeshuri batange ingero z'amagambo arimo igihekane **by: Urugero:** kubyina, umubyeyi, ibyatsi, ibyuya
• Umwarimu arandika ku kibaho amagambo n'interuro birimo inyuguti n'ibihekane bize**.**
• Abanyeshuri baraca akarongo ku gihekane **by.**
• Umwarimu araha abanyeshuri umwanya wo kwitoza kwandika igihekane **by.**

Urugero: Uyu mubyeyi akunda urubyaro rwe .

Abanyeshuri barakora icyandikwa ku nteruro zirimo amagambo arimo igihekane **by** mu mukono.

Urugero: kubyiruka, mubyoze, ndabyemeye, urubyiruko

Imyitozo

Abanyeshuri barashaka ingero z'amagambo arimo igihekane **by,** kuyandika ku kibaho no mu makaye yabo mu mukono.

Urugero: urubyiruko, Mubyeyi .

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika igihekane **by**, urupapuro rwa 19-20.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora interuro irimo igihekane **by** hanyuma bayandike mu mukono.

Urugero: Nyabyenda yarabyaye.

Umukoro

Abanyeshuri barashaka interuro zirimo igihekane **by** bazandike mu ikaye, bazisomere abo babana iwabo mu rugo, bazazereke abandi.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane rw

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **rw.**
Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru**,** urwiri, urwembe, urwara.

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 17-25, Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 14.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma agakuru « Tubane mu mahoro» mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 14.

Isomo rishya

Gutahura igihekane rw:
- Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho akababazaho ibibazo bibafasha gutahura ijambo ririmo igihekane **rw**

Urugero: Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? (urwiri.)
Iki ni iki? **(urwembe, urwiri, urwara)**
- Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **rw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko umugemo atsindagiraho ari igihekane **rw.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kiganjemo igihekane **rw,** abanyeshuri bakavuga ijambo bumvisemo igihekane **rw.**

Urugero: Nyina aratangara cyane aramubwira ati: "None se, wa mwana witwa Uwababyeyi mukunda kujyana kwahira urwiri rw'amatungo si inshuti magara yawe?"
- Umwarimu arandika ku kibaho mu cyapa amagambo yatahuwe ku gihekane **rw.**
- Umwarimu aragaragaza amagambo arimo igihekane **rw** ku migemo igizwe n'inyajwi zose.

Urugero: Hi**rwa**, **Rwe**go, u**rwe**mbe, Mure**rwa**, Ka**rwe**ra u**rwo**ndo u**rwu**nguko
- Gusaba abanyeshuri kwerekana ku kibaho, ahanditse igihekane **rw,** bagicaho akarongo.
- Kubaza abanyeshuri ingombajwi zigize igihekane **rw**.
- Abanyeshuri baratanga ingero z'andi magambo yumvikanamo igihekane **rw**

yandikwe ku kibaho mu cyapa.
Urugero: urwenya, u Rwanda, Rwigema, urwara, urwina, Rwesero

Imyitozo:

- Abanyeshuri baratahura igihekane **rw** mu magambo ari ku kibaho bagikozaho urutoki.
- Abanyeshuri barakora umwitozo wo gutahura igihekane **rw** mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 20 babikozaho urutoki.

Gusoma igihekane rw
- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero amagambo arimo igihekane **rw** yanditse ku kibaho mu cyapa.
- Abanyeshuri baragenda basoma basubiramo umwe umwe buri jambo risomwe.
  Urugero: Karwera, umurwayi, urwiri.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arakosora, yandike izo nteruro ku kibaho.
  Urugero: Karwera arubaha. Umurwayi akenera kuruhuka. Umuhinzi ahinga atora urwiri.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda, hanyuma bose.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo igihekane **rw.**
- **Urugero:** urwina, urwenya, umurwayi, urwembe.

Umukoro

Abanyeshuri barasoma agakuru kari ku rupapuro rwa 22 bashakemo amagambo arimo igihekane **rw** bakazayabwira abandi.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane rw

Intego:
Kwandika amagambo arimo igihekane **rw** mu mukono.

Ibitabo:
Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 20.
Imfashanyigisho zifatika:
urwembe, urwara, urwiri, ikarita y'u Rwanda.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru "Tubane mu mahoro".

Isomo rishya

Kwandika igihekane rw mu mukono.

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize arimo igihekane **rw**.
- **Urugero:** Ni ayahe magambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **rw**? *(urwondo, Murerwa, urwiri, Rwego.)*
- Umwarimu arandika ku kibaho ayo magambo mu mukono.

  Urugero : urwondo, Murerwa, urwiri, Rwego.
- Abanyeshuri baraca akarongo ku gihekane **rw** mu magambo ari ku kibaho.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwitoza kwandika mu mukono igihekane **rw**.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **rw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero: Murerwa yagiye gutira urwego kwa Hirwa.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro, uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 20.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **rw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 20.

Umukoro

Abanyeshuri barashaka mu gakuru kari ku rupapuro rwa 22 amagambo atanu arimo igihekane **rw** no kuyandika mu ikayi ye mu mukono.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
- Gusoma no kumva agakuru karimo ibihekane **rw** na **by**.
- Gukora icyandikwa ku gakuru karimo amagambo n'interuro birimo ibihekane **rw** na **by.**

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 23.

Intangiriro

Gusoma ku kibaho interuro irimo ibihekane abanyeshuri bize.

Urugero: Rwego na Rwigara ni babyara ba Byusa.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane rw na **by.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru " Dufashe abandi" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 23.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'agakuru no gutahura icyo agakuru kari buvugeho.
- Umwarimu arasomera hamwe n'abanyeshuri agakuru kose, akazu ku kazu.
- Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku gakuru.
  Urugero: Umurerwa na Rwasibo bafashije nde mu nzira? *(Bafashije umukecuru wari ugiye kwibwa n'abajura.)*
  Mwebwe hari abantu mujya mufasha? Ba nde? *(Yego, bagenzi bacu barwaye, abakecuru n'abasaza duturanye, abakene, ...)*
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri no gufasha abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo yo kwandika.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo yo mu gakuru "**Dufashe abandi**" arimo ibihekane **rw** na **by**.
- Umwarimu aratanga icyandikwa cy'amagambo n'interuro zo mu gakuru.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Umukoro

- Abanyeshuri barasomera abo babana amagambo n'interuro birimo ibihekane **rw** na **by** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 21.
- Abanyeshuri barabwira abo babana kubafasha guhanga interuro zirimo ibihekane **rw** na **by** bakazandika.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **rw** na **by**

Imfashanyigisho:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 22, 23.

Intangiriro

Abanyeshuri barakina umukino wa buzz ku magambo arimo ibihekane **rw** na **by**.
Urugero: ibyibo, urwobo, ibyago, urwego,...

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Gushyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma mu cyapa no mu mukono amagambo arimo ibihekane **rw, by** n'ibindi bihekane bize.

Urugero: ibyibo, ibyuma, urwara, Karwera, Urwuri

Mukarwego na Mukabyagaju bafite ibyibo byo kudaha amasaka.

- Umwarimu aravangavanga amagambo arimo ibihekane **rw** na **by** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.
  Urugero:
  Urwabya urwuri umurwa ibyondi ibyoba umubyuko umubyeyi
- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro zanditse mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 20.
- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

  Urugero: ibyuya, Byusa, Musabyimana, barabyoza
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro irimo ibihekane byizwe.
  Urugero :

  Mukabyagaju ni umubyeyi wa Byusa na Byano.
- Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma bucece agakuru "Dufashe abandi".

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora imyitozo yo gusoma no kwandika, iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **rw** na **by**, urupapuro rwa 22.

Umukoro

Abanyeshuri barasomera abo mu rugo agakuru " Dufashe abandi", kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 23.

IBIHEKANE BYIGWA: mw, nt

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Ntaganda asaba imbabazi"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku mwandiko basomewe.
- Gukoresha neza amagambo mashya bungukiye mu nkuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 23.

Inyunguramagambo:
Umwari, umwuga, umwete, intege, ubuntu

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru "Dufashe abandi" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 23.

Isomo rishya

Gusoma inkuru "Ntaganda asaba imbabazi".
Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho bijyanye.
Gusobanura amwe mu magambo mashya.
- Umwarimu asoma igika ku gika, abanyeshuri bagasobanurira bagenzi babo amagambo mashya.
- Umwarimu abafasha kuyasobanura ku buryo bwumvikana neza banatanga n'Urugero z'interuro akoreshwamo.
  Urugero: Kugira umwete: kugira umuhate wo gukora ikintu, kwibatura.
  Kugira ubuntu: ugutanga utabyinubira.
  Intego: icyo umuntu ashaka kugeraho.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru ukabasaba gusubiza ibibazo rusange ku nkuru.
  Urugero: Ni ba nde bavugwa mu nkuru ? (*Mu nkuru haravugwamo : Ntaganda, Mukamwezi, abanyeshuri na mwarimu.)* Bakina ga iki *?(Bakinaga umukino wo gutanguranwa umupira.)*

Imyitozo
Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru " Ntaganda asaba imbabazi.
Urugero: Kuganira ku buryo bwiza bwo gusaba imbabazi n'impamvu ari ngombwa gusaba imbabazi.

Isuzuma

Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru "Ntaganda asaba imbabazi".
Abanyeshuri barakoresha amwe mu magambo mashya yasobanuwe mu nteruro.
Urugero: Kugira umwete **(**Ni byiza kugira umwete iyo twiga.)

Umukoro

Abanyeshuri barabwira abo babana inkuru "Ntaganda asaba imbabazi,'' icyo bakunze n'icyo banengamo, bakagishushanya, bakazabisobanurira bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru "Ntaganda yasabye imbabazi"

Intego:
Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru.
Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 9 n'igitabo cy'umunyeshuri.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ajyanye n'inkuru "Ntaganda asaba imbabazi" bagatanga igitekerezo kivugwa mu nkuru.

Urugero: Mukamwezi byamugendekeye bite? *(Mukamwezi yikubise hasi agushijwe na Ntaganda kuko yari amutanze.)* Ni iki kindi mwibuka kivugwa mu nkuru? *(Ikindi nibuka kivugwa mu nkuru ni uko Ntaganda yasabye Mukamwezi imbabazi.)* Inkuru yarangiye ite? *(Inkuru yarangiye Ntaganda yegera Mukamwezi aramubyiringira, amusaba imbabazi.)*
Imbabazi se Mukamwezi yarazimuhaye? (*Mukamwezi imbabazi yarazimuhaye, barahoberana maze basubira mu mikino.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru
Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.
Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.
Urugero: Ikibazo Mukamwezi yahuye na cyo ni ikihe? *(Barimo bakina gutanguranwa umupira Ntaganda aramukurura yitura hasi maze arababara.)* Garagaza uburyo Ntaganda na Mukamwezi bubahirije umuco w'amahoro? (Ntaganda yagushije Mukamwezi, amusaba imbabazi maze arazimuha.)
Ibibazo bituma abanyeshuri bahuza inkuru n'ubuzima busanzwe.
Abanyeshuri barasubiza ibibazo bibafasha guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.
Urugero: Ese ni ngombwa gusabana imbabazi mu miryango yacu no mu mashuri yacu? Kuki? (*Ni ngombwa gusabana imbabazi haba mu miryango yacu no mu mashuri yacu kuko bituma tubasha kubana neza no kumvikana n'abandi.)*
Iyi nkuru ikwigishije iki? *(Iyi nkuru inyigishije kubabarirana.)* Tanga irindi herezo ry'iyi nkuru? *(Ntaganda yiyemeje kujya atoza abana bato bo mu rugo gusaba imbabazi.)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri baravuga uko Ntaganda yabigenje ngo asabe imbabazi?

(*Ntaganda asaba imbabazi Mukamwezi yaciye bugufi, ahanagura Mukamwezi, aramubyiringira, aramuhobera maze Mukamwezi aramubabarira barahoberana bisubirira gukina.)*
Mu matsinda, abanyeshuri barigana bamwe mu bakinnyi bavugwa mu nkuru.
Urugero: Kwigana Ntaganda na Mukamwezi.)

Isuzuma

Abanyeshuri barasubiza ibibazo byimbitse ku nkuru "Ntaganda asaba imbabazi".
Urugero: Abanyeshuri bakinaga iki? *(Abanyeshuri bakinaga umupira bagatanguranwa umupira uri hagati bafite amakipe abiri.)*

Umukoro

Abanyeshuri barashushanya ikintu kimwe banenze mu nkuru n'ikindi kimwe bashimye mu nkuru.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane nt

Intego:
Gusoma igihekane **nt.**
Imfashanyigisho:
Amashusho agaragaza intobo, umweyo, intore n' umwate.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 9 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 23, 28.

Intangiriro

Gusoma neza agakuru "Dufashe abandi" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 23.

Isomo rishya

Gutahura igihekane nt

- Umwarimu arereka abanyeshuri imfashanyigisho zifatika n'amashusho mfashanyigisho akababazaho ibibazo bibafasha gutahura ijambo ririmo igihekane **nt**
  Urugero: Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? *(Intobo.)*
  Iki ni iki? *(Intoki, intare.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa.
  Intobo intoki intare
- Umwarimu arasoma amagambo yanditswe ku kibaho atsindagira ku gihekane **nt**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko umugemo atsindagiraho ari igihekane **nt**.
- Abanyeshuri baratanga andi magambo arimo igihekane **nt** akandikwa ku kibaho igihekane **nt** cyanditswe n'ingwa y'ibara**.**
  Urugero: Intabire, intare, intama,…
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo igihekane **nt** akabasaba kuvuga ijambo bumvisemo igihekane **nt.**
  Urugero: Mu kanya kakurikiyeho, hari hatahiwe Ntaganda na Mukamwezi wo mu ikipe yacu.
- Umwarimu arandika ku kibaho, mu cyapa no mu mukono, amagambo n'interuro birimo igihekane **nt .**
- Umwarimu aragaragaza igihekane **nt** kigizwe n'imigemo y'inyajwi zose.
  Urugero:
  i**nti**ti **Nta**ganda i**nte**be i**nte**ge i**nto**nga i**nta**re i**ntu**ro...
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya kwerekana ahanditse igihekane **nt** mu magambo ari ku kibaho
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ingombajwi zigize igihekane **nt**.

Gusoma igihekane nt

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero arimo igihekane **nt** yanditse ku kibaho mu cyapa.
- Abanyeshuri baragenda basoma basubiramo umwe umwe buri jambo risomwe.
  Urugero: Ntaganda, intama, intore.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arakosora, yandike izo nteruro ku kibaho.
  Urugero: Ntaganda yarikosoye. Amata y'intama bayita amatamatama. Intore zirahamiriza neza.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda, hanyuma bose.

Imyitozo

- Gutahura igihekane **nt** mu magambo ari ku kibaho babikozaho urutoki.
- Abanyeshuri baratanga Urugero z'andi magambo arimo igihekane **nt.**

- Gukora umwitozo wo gutahura no gusoma igihekane **nt** mu magambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 28 babikozaho urutoki.

Isuzuma

- Gusoma igihekane **nt** mu magambo n'interuro birimo igihekane **nt** mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 28.

Umukoro

Gusaba abo babana kubafasha gushaka andi magambo arimo igihekane **nt.**

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane nt

Intego:
Kwandika amagambo arimo igihekane **nt** mu mukono**.**
Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 9 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 28.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma agakuru "Ntaganda asaba imbabazi".

Isomo rishya

Kwandika igihekane nt mu mukono.

- Kubaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru bize arimo igihekane **nt**.
- **Urugero:** Ni ayahe magambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **nt**? (Amagambo arimo igihekane **nt** twabonye mu nkuru ni aya: intore, umuntu, intobo, intege, intoki,...)
- Kwandika ayo magambo ku kibaho mu mukono.

  intore, umuntu, intobo, intege, intoki

- Guca akarongo ku gihekane **nt** mu magambo ari ku kibaho.
- Guha abanyeshuri umwanya wo kwitoza kwandika igihekane **nt** mu mukono.

Imyitozo

Guha abanyeshuri icyandikwa cy'amagambo arimo igihekane **nt,** banoza umukono**.**

Urugero: Mukantaganda ahorana intego mu byo akora byose.

Isuzuma

Gusaba abanyeshuri gukora imyitozo yo kwandika igihekane **nt** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 28.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri gushaka mu magambo n'interuro biri ku rupapuro rwa 28 igihekane **nt** bakayandika mu ikayi yabo mu mukono.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane mw

Intego:
Gusoma igihekane **nt.**
Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru agaragaza: intobo, umweyo, intore n'umwate.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 9 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 28.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza agakuru "Dufashe abandi" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 23.

Isomo rishya

Gutahura igihekane mw

- Umwarimu arereka abanyeshuri imfashanyigisho zifatika n'amashusho mfashanyigisho akababazaho ibibazo bibafasha gutahura ijambo ririmo igihekane **mw. Urugero:** Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? *(Ndabona umweyo.)* Iki ni iki? *(umwiko.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa .
  Umweyo, umwiko.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **mw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko umugemo atsindagiraho ari igihekane **mw.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kiganjemo igihekane **mw** akabasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise ahari igihekane **mw.**
  Urugero: Twarogezaga cyane maze twese tukaririmbira icyarimwe tuvuga tuti: "Mukamweziii, Mukamweziii!"
- Umwarimu arandika ku kibaho, mu cyapa, amagambo n'interuro birimo igihekane **mw.**
- Umwarimu aragaragaza igihekane **mw** ku migemo y'inyajwi zose.

Urugero: u**mwa**rimu Muka**mwe**zi u**mwe**yo u**mwu**mba u**mwi**tozo u**mwo**bo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana ku kibaho ahanditse igihekane **mw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ingombajwi babona zigize igihekane **mw.**

Gusoma igihekane mw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero amagambo arimo igihekane **mw** yanditse ku kibaho mu cyapa.
- Abanyeshuri baragenda basoma basubiramo umwe umwe buri jambo risomwe.
  Urugero: umwarimu, Mukamwezi, umwobo.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arakosora, yandike izo nteruro ku kibaho.
- Urugero: Umwarimu aduha umukoro. Mukamwezi akunda gukina. Wirangara utitura mu mwobo.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda, hanyuma bose.

Umwitozo

- Abanyeshuri barasoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 29.
- Abanyeshuri barasoma interuro zirimo igihekane **mw** wongeyeho izindi nyuguti barangije kwiga, urupapuro rwa 29.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 29.

Umukoro

Abanyeshuri barabaza abo babana ingero z'amagambo arimo igihekane **mw** akazayabwira abandi.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane mw

Intego:
Kwandika amagambo arimo igihekane **mw** mu mukono**.**
Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro wa 29.

Intangiriro

Abanyeshuri basoma agakuru "Sentore azi gusaba imbabazi".

Isomo rishya

Kwandika igihekane mw

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize arimo igihekane **mw**.
- **Urugero:** Ni ayahe magambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **mw**? (Amagambo arimo igihekane **mw** twabonye mu nkuru ni aya: umwarimu, umweyo, umwijima, umworozi…)
- Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho mu mukono.

Urugero: umwarimu, umweyo, umwijima, umworozi

- Umwarimu arasaba abanyeshuri guca akarongo ku gihekane **mw** mu magambo yanditwe ku kibaho.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwitoza kwandika neza mu mukono igihekane **mw**.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **mw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero: Mwumvaneza n'umwana we bacukuye umweyo muremure.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 30.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo ibihekane **mw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 30.

Umukoro

Abanyeshuri barandikira abo babana nibura amagambo abiri arimo igihekane **mw** mu mukono bakazayereka bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:

- Kumva no gusobanura inkuru.
- Gutahura, gusoma amagambo n'interuro birimo ibihekane **nt** na **mw.**

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 31 n'igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupauro rwa 9.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma ku kibaho interuro irimo ibihekane abanyeshuri bize.

Urugero: Intare yariye intama ya Mwenedata.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane nt na **mw.**

- Abanyeshuri barasoma agakuru " Sentore azi gusaba imbabazi" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 32.
- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru no gutahura icyo agakuru kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwe umwe agakuru " Sentore azi gusaba imbabazi" akosora buri wese, afasha abafite ibibazo byihariye.

Gusubiza ibibazo ku gakuru bikurikira agakuru.

- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru, babisubize mu mvugo, uvuze ikibazo kitari cyo akosorwe**.**

Urugero:
Vuga amakosa atandukanye Sentore yagiye akora*? (Sentore yagushije mugenzi we atabishaka, yatuye hasi igitabo cyamugenzi we maze kiracika, yagiye mu ishuri atakoze umukoro, yageze ku ishuri yakererewe,yangije intebe yo mu rugo.)* Ni iki washima kuri Sentore Ni irihe kosa Sentore yakoze na we wigeze ukora? *(Nigeze kugusha mugenzi wange dukina umupira.)* Wowe ukosereje mugenzi wawe wakora iki? *(Namusaba imbabazi.)*

- Gukosora buri munyeshuri no gufasha abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Imyitozo yo kwandika.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gushaka mu gakuru **"Sentore azi gusaba imbabazi"** amagambo arimo ibihekane byizwe.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo yo mu gakuru **"Sentore azi gusaba imbabazi"** arimo ibihekane **nt** na **mw**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzuza interuro ikurikira agakuru " Sentore azi gusaba imbabazi."
- Umwarimu aratanga icyandikwa cy'amagambo n'interuro zo mu gakuru.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Umukoro

- Abanyeshuri barasomera abo babana agakuru karimo ibihekane **nt** na **mw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 31.
- Abanyeshuri barabwira abo babana bakabafasha gushaka amagambo arimo ibihekane **nt** na **mw** bifashishije ikinyatuzu kiri ku rupapuro rwa 31.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nt** na **mw**
Imfashanyigisho: amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 28, 30.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukina umukino wa buzz ku magambo arimo ibihekane **nt** na **mw**.

Urugero

umwarimu, intumwa, intare, umwanda, umworozi

Mwerekande, mwiriwe, nimwakire, intorezo, intego, intiti

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.

Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma mu cyapa no mu mukono amagambo arimo ibihekane **nt** na **mw** n'ibindi bihekane bize.

Urugero:

Umwarimu aravangavanga amagambo arimo ibihekane **nt** na **mw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye. Intangiriro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana aho bakoreye umukoro abafashe kwikosora.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukina umukino wa buzz ku magambo arimo ibihekane **nt** na **mw**.

  Urugero

  umwarimu, intumwa, intare, umwanda, umworozi

Mwerekande, mwiriwe, nimwakire, intorezo, intego, intiti

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma mu cyapa no mu mukono amagambo arimo ibihekane **nt** na **mw** n'ibindi bihekane bize.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 31.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: Ntaganira inturo umweyo, ikimwaro, umwigisha

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro banoza umukono.

  Urugero :

  Uwamwiza ni umworozi w'intama.

  Intore zirahamiriza ku musozi wa Mwurire.

  Nimwakire intoryi muteke.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma, bucece, agakuru "Ntaganda azi gusaba imbabazi".

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **nt** na **mw,** urupapuro rwa 31.

Umukoro

Abanyeshuri barasomera abo mu rugo agakuru "Ntaganda azi gusaba imbabazi" no kubabwira inyigisho yakuyemo.

ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 1

I. **Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga (Amasomo 2)**

1. **Ingingo ngenderwaho**
   - Gusubiza ibibazo byo kumva no gusobanukirwa inkuru.
   - Gusobanura amagambo mashya no kuyakoresha mu nteruro.

2. Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

3. Amabwiriza
- Gusoma inkuru mu ijwi riranguruye no kubaza ibibazo binyuranye ku nkuru.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri bose cyanecyane abagaragaza bafite ibibazo byihariye mu kumva no gutanga ibitekerezo ku nkuru.

4. Imyitozo yo kumva inkuru

a) Gutega amatwi inkuru

Mbana neza n'abandi

Nitwa Uwababyeyi. Mbana neza na bagenzi bange bose. Ku ishuri dufatanya muri byose. Iyo mugenzi wange abuze igikoresho ndamutiza kandi sinjya mfata ibikoresho bya bagenzi bange batabimpaye. Sinjya nca amakayi cyangwa ibitabo byabo cyangwa ngo ntware amakaramu yabo.

Iyo nkina na bagenzi bange, nirinda kwikubira ibikoresho byo gukina nk'umupira wo gutera, umugozi wo gusimbuka n'ibindi. Nirinda kubahutaza no kubasunika kugira ngo ntabatura hasi bakababara cyangwa bakavunika. Nirinda kandi kubwira nabi bagenzi bange bose, baba abo twigana, baba abo duhurira mu nzira n'abandi. Mu rugo na ho, mbana neza n'ababyeyi n'abavandimwe.

Nsangira neza amafunguro n'abo tubana nta mururumba. Iyo ndangije gukora umukoro, mfasha abo tubana imwe mu mirimo yo mu rugo. Sinjya ninuba cyangwa ngo nsigane n'abandi gukora imirimo yo mu rugo.

Nkunda kandi gufasha abandi bagize ibibazo. Umunsi umwe nabonye Gatsinzi umwana twigana arwaye. Naramwegereye maze mbona arimo atitira. Nta mupira w'imbeho yari yambaye. Nuko mfata umupira wange ndawumuha arawambara maze nihuta njya kubimenyesha umwarimu.

Iyo ngize ibyago byo kubabaza mugenzi wange cyangwa kumugirira nabi, nihutira kumusaba imbabazi mbikuye ku mutima. Umunsi umwe, twarimo dukina maze mponyora amano mugenzi wange witwa Mukunzi. Nuko ako kanya mubyiringirira aho yababaraga. Musaba imbabazi maze arambabarira.

b) Gusobanura amagambo mashya
- **guhutaza**: gusunika, kugusha.
- **umururumb**a: ubusambo, gucura abandi.
- **kwinuba**: kudashaka gufasha abandi
- **gusigana**: kwiganyira, kwanga gufasha abandi.
- **guhonyora**: gukandagira

c) Gukoresha mu nteruro amwe mu magambo yasobanuwe
- **imbabazi** : Nagushije mugenzi wange musaba imbabazi arambabarira.

- **gufasha** : Nkunda gufasha umukecuru duturanye.
- **guhutaza** : Kina neza, wihutaza abandi.

d) Gusubiza ibibazo ku nkuru:

- Mu nkuru haravugwamo nde? *(Haravugwamo Uwababyeyi, abanyeshuri bagenzi be, Gatsinzi, Mukunzi...)*
- Ni ibiki bigaragaza umuco wo kubana mu mahoro muri uyu mwandiko? *(Gusangira ibikoresho, kudasagarira abandi, gusaba imbabazi, gufasha abandi mu bibazo.)*
- Ni gute Uwababyeyi afata ibikoresho bya bagenzi be? *(Uwababyeyi yirinda gutwara cyangwa kwangiza ibikoresho bya bagenzi be.)*
- Ni gute Uwababyeyi akina na bagenzi be? *(Akina na bagenzi be yirinda kubasunika no kubahutaza.)*
- Uwababyeyi yafashije Gatsinzi gute? *(Yamutije umupira w'imbeho.)*
- Uwababyeyi akora iki iyo ababaje mugenzi we? *(Uwababyeyi asaba imbabazi bagenzi be.)*

5. Ikosora

Umwarimu arakosora abanyeshuri bagaragaje ibibazo byihariye mu gusubiza.
Umwarimu araha abanyeshuri bafite ibibazo umwanya wo kwikosora.
Umwarimu araha amahirwe menshi yo gusubiza abanyeshuri bafite ibibazo kurusha no kubashishikariza kuvuga.

II. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma (Amasomo 3)

1. Ingingo ngenderwaho

Gusoma amagambo, interuro n'udukuru tugufi dushushanyije birimo inyuguti zose zizwe.

2. **Ibikoresho bikenerwa**: Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 32.

3. **Amabwiriza**

- Abanyeshuri barasoma amagambo, interuro n'udukuru birimo inyuguti n'ibihekane byizwe, mu cyapa no mu mukono.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri aho bafite ingorane zituma basoma bagemura cyangwa se basubiramo ibyo bafashe mu mutwe.
- Umwarimu arita cyanecyane ku banyeshuri bagifite ibibazo mu gusoma.
- Mu gusomesha agakuru, umwarimu arasaba abanyeshuri gufata, buri wese, igitabo ke ku rupapuro rwa 32, ahari agakuru "Ntaganda azi gusaba imbabazi."
- Umwarimu arabasomera agakuru aranguruye abanyeshuri bateze amatwi.
- Umwarimu araha abanyeshuri bose umwanya wo gusoma no kubakosora uko bikwiye.

4. **Imyitozo yo gusoma**

a) **Gusoma amagambo yanditse ku kibaho**

Gatsinzi, inzira, ibitsike, intego, Ntabyera, Mukamwezi

b) Gusoma interuro zanditse ku kibaho

- Nzi gusoma interuro zose umwarimu anyeretse.
- Mwiriwe mukora iki muri iyi nzu?
- Si byiza ko gusagarira abandi.
- Sigaho udahirika mugenzi wawe mu rwobo.

c) Soma agakuru "Ntaganda azi gusaba imbabazi" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 32.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutahura icyo agakuru kari buvugeho bahereye ku mashusho.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri agakuru kose akazu ku kazu, mu ijwi riranguruye.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru kose, akazu ku kazu.
- Umwarimu arabaza ibibazo ku gakuru.

5. **Ikosora**
   - Kugenda buri munyeshuri akosorwa uko akoze ikosa.
   - Kwibanda ku banyeshuri bagaragaje ikibazo abaha amahirwe yo kurushaho kwitoza gusoma.

III. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika (Amasomo 3)

1. **Ingingo ngenderwaho:**
Kwandika amagambo n'interuro byoroheje birimo inyuguti zizwe.
2. **Ibikoresho bikenewe**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amakayi n'amakaramu.
3. **Amabwiriza**
   - Umwarimu aratanga imyitozo inyuranye bayikore buri wese ku giti ke.
   - Umwarimu arakosora buri wese.
   - Umwarimu arafasha abafite ingorane mu gukora imyitozo.
   - Ikosora rusange ribera ku kibaho, abanyeshuri umwumwe baza kwandika amagambo n'interuro babonye nyuma bakandika ibisubizo mu makaye yabo.

4. **Imyitozo yo kwandika**
Urugero:
a) **Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe**

i-ra-bu nzi-ti-mi (inzitiramibu)
nga- ri- i-ntu- mu-bi (intungamubiri)
nda- u- mwe (umwenda)
tsi-mu-ra- gu-tsi (gutsitsimura)
ku-na-byi (kubyina)

b) **Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono mu ikaye yawe**

urubyiruko ibitsike intama wiyenza

Ntukage _____ ku bandi bana. (wiyenza)
_____ rukwiye kurushaho kubana mu mahoro. (urubyiruko)
_____ ni itungorigufi. (intama)
_____ byacu birinda amaso yacu. (Ibitsike)

c) **Tondeka amagambo ukore interuro kandi uzandike mu mukono mu ikaye yawe.**

kwandika -no - Nzi -gusoma -kubara. (Nzi gusoma, kubara no kwandika.)

na -Mukamubyeyi -mu -nzira - ku -Ntenyo -Matsiko -igana -Byukusenge- bahuriye -na

d) **Icyandikwa: Kwandika mu mukono interuro abanyeshuri basomewe.**
- Umwarimu arabanza asomere abanyeshuri bateze amatwi. Arabasomera bwa kabiri bandika.
- Umwarimu arabasomera bagenzura niba ibyo banditse byuzuye cyangwa ari byo.

Urugero:

Nzarora yasabye imbabazi Sentama aramubabarira.

Inzoka ni igikururanda.

Inzovu ikoresha umutonzi wayo yigaburira.

5. Ikosora
- Umwarimu arakosora abanyeshuri bagaragaje ibibazo byihariye mu kwandika.
- Umwarimu araha abanyeshuri bafite ibibazo umwanya wo kwikosora.
- Umwarimu araha amahirwe menshi abanyeshuri umwanya wo kwikosora.

UMUTWE WA 2: ISHINGANO Z'ABANA

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihekane **tw, bw, cy** na **ry n**o gusesengura utwandiko tugufi ku nsanganyamatsiko y'inshingano z'abana.

Imyandiko abanyeshuri bashobora kwisomera: Itonde ry'inyuguti z'ikinyarwanda zose, ibihekane **"tw", "bw", "cy", "ry"** Udukino, utuvugo, indirimbo
Inkuru zisomerwa abanyeshuri: Umukoro wo mu ishuri, Intozi n'igihore

Imbumbanyigisho: Ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko n'ubumenyi mu mikoreshereze y'ururimi.
Inyigisho: kunva, kuvuga, gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihekane n'inyunguramagambo.

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 2	Gusoma no kunmva inkuru ku mukoro wo mu ishuri	Gusesengu ra inkuru ku mukoro wo mu ishuri.	Gutahura no gusoma igihekane **tw**	Kwandika mu mukono **tw**	Gutahura no gusoma igihekane **bw**	Kwandika igihekane **bw**	Imyitozo y'isuzumabu shobozi	Imyitozo y'ishimangirabushobozi
Inyunguramagambo	Umukoro, umutware, inyamabere, umurava,...	Umukoro, umutware, inyamabere, umurava,...	Umutwe, ugutwi, umutware, ubutwari igitwenge, umutwaro,...	Umutwe, ugutwi, umutware, ubutwari igitwenge, umutwaro,...	Ubwato, ubwatsi, ubwenge, ubwuzu, ubwenge, umukobwa, ubwato,...	Ubwato, ubwatsi, ubwenge, ubwuzu, ubwenge, umukobwa, ubwato,...	Ubwuzu, ibitwenge, Bwenge, Bwiza, ugutwi, umutware, ibitwenge,...	Ubwenge, umukobwa, ubwato, umutwe, ugutwi, umutware, ibitwenge,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo gukora umukoro wo mu ishuri.	Kugaragaza imbamuti ma ze ku bijyanye no gukora umukoro wo mu ishuri.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **tw** mu ijambo Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura igihekane **bw** mu ijambo Kwitabira gusoma amagambo n'interro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe, kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **tw** na **bw**	Ibihekane **tw** na **bw**	Igihekane **tw**	Igihekane **tw**	Igihekane **bw**	Igihekane **bw**	Ibihekane **tw** na **bw**	Ibihekane **tw** na **bw**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 2	Gusoma no kumva inkuru ku kwita ku bikoresho n'aho aba.	Gusesengura inkuru ku kwita ku bikoresho n'aho aba. yuzuye.	Gutahura no gusoma igihekane **cy.**	Kwandika igihekane **cy .**	Gutahura no gusoma igihekane **ry.**	Kwandika igihekane **ry .**	Imyitozo y'isuzumabushobozi.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi.
Inyunguramagambo	Umwihariko, ubwibone, urugaryi, guhunika, icyuya, uburanga, kwiyumvira,...	Umwihariko, ubwibone, urugaryi, guhunika, icyuya, uburanga, kwiyumvira,...	Icyari, icyuma, icyuya, ...	Icyondo, icyansi, icyogesho, intoryi,...	iryinyo, intoryi, umurya, umuryango ibiryo, ...	iryinyo, intoryi, umurya, umuryango ibiryo , kuryamira,...	Icyondo, icyobo, icyuma, icyuya, umuryango, ibiryo, icyuzi,...	Icyondo, icyobo, icyuma, icyuya, umuryango, ibiryo, icyuzi,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kwita ku bikoresho n'aho aba.	Kugaraga za imbamuti ma ze ku bijyanye no kwita ku bikoresho n'aho aba.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura igihekane **cy** mu ijambo Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa, Kugaraga za umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu cyapa, Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura igihekane **ry** mu ijambo Kwitabira gusoma amagambo n'interro ngufi mu cyapa, Kugaraga za umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu cyapa, Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe, kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **cy** na **ry**	Ibihekane **cy** na **ry**	Igihekane **cy**	Igihekane **cy**	Igihekane **ry**	Igihekane **ry**	Ibihekane **cy** na **ry**	Ibihekane **cy** na **ry**

	Isomo rya 1:	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 2	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga.	Imyitozo y'isuzumabu shobozi bwo gusoma.	Imyitozo y'isuzumabu shobozi bwo gusoma	Imyitozo y'isuzumabu shobozi bwo kwandika.	Imyitozo y'isuzumabu shobozi ku kwandika.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi rabushobozi.
Inyunguramagambo	Gutetesha, abatware, umwete, ikinyabupfura, inshingano, kuryamira,…	Gutetesha, abatware, umwete, ikinyabupfura, inshingano, kuryamira,…	Ubutwari, ubwenge, kuryaryata, kuryamira, icyaha, igitwenge, iryinyo,…	Umutwe, Mutware, Ubworozi, ugutwi, Ikibwana, icyubahiro, icyamamare,…	Ubutwari, ubwenge, kuryaryata, kuryamira, icyaha, igitwenge, iryinyo,…	Umutwe, Mutware, Ubworozi, ugutwi, Ikibwana, icyubahiro, icyamamare,…	Ubutwari, ubwenge, kuryaryata, kuryamira, icyaha, igitwenge, iryinyo,…	Umutwe, Mutware, Ubworozi, ugutwi, Ikibwana, icyubahiro, icyamamare,…
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kumenya inshingano z'abana.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n'inshingano z'abana.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika..	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe, Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **tw, bw, cy, ry**	Ibihekane **tw, bw, cy, ry**	Ibihekane **tw, bw, cy, ry**	Ibihekane **tw, bw, cy, ry**	Ibihekane **tw, bw, cy, ry**	Ibihekane **tw, bw, cy, ry**	Ibihekane **tw, bw, cy, ry**	Ibihekane **tw, bw, cy, ry**

IBIHEKANE BYIGWA: tw, bw

Isomo rya 1 — Gusoma no kumva inkuru: "Umukoro wo mu ishuri"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha amagambo yasobanuwe mu nteruro.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 26-37.

Inyunguramagambo:
umukoro, umutware, inyamabere, umurava.

Intangiriro

Kubaza abanyeshuri ibibazo ku burenganzira bw'abana bize.
Tanga Urugero ku bintu bimwe na bimwe umwana afiteho uburenganzira busesuye. *(Umwana afite uburenganzira busesuye bwo kwiga, kugaburirwa, kuvuzwa…)*
Abana se bo nta cyo bashinzwe kubahiriza mu miryango yabo cyangwa se ku ishuri?
(Abana bashinzwe gufasha ababyeyi mu mirimo yo mu rugo. Bagomba no kwiga…)

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Umukoro wo mu ishuri"
- Umwarimu arerekana amashusho n'imfashanyigisho bifasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho uko usoma buri gice.

Gusobanura amagambo mashya
- Umwarimu arasoma inkuru, igika ku gika, abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, umwarimu akabuzuza bibaye ngombwa.
  Urugero: Umutware: ni umuyobozi ukuriye abandi. Inyamabere: ubwoko bw'inyamaswa zibyara zikonsa. Umurava: ingoga

Ibibazo rusange byo kumva inkuru
- Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru.

Mbere yo gusoma inkuru

Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? *(Turabonaho abayeshuri n'umwarimu wabo mu ishuri.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Inkuru iri buvuge ku byo abanyeshuri bashinzwe mu ishuri.)*

Ibibazo byo kumva inkuru

Ni ba nde bavugwa mu nkuru? *(Ni umwarimu n'abanyeshuri barimo Bwenge, Kubwimana...)* Abanyeshuri muri iyi nkuru bari mu kihe gikorwa? *(Abanyeshuri bakoraga umukoro ku guhimba inkuru ku nyamaswa zo mu gihuru bakunda kurusha izindi.)* Kuki abanyeshuri bagiye mu isomero ry'ikigo? *(Abanyeshuri bagiye mu isomero ry'ikigo gutira ibitabo.)* Ni iki kigaragaza ko mu miryango y'inzovu bagira gahunda n'amategeko? *(Ni uko buri muryango ugira umutware uwuyobora.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, Abanyeshuri baraganira ku byo bumvise ku nkuru bijyanye n'inshingano z'abana.
- Gukoresha amagambo mashya mu nteruro: umurava, inyamabere.
- Abanyeshuri barasangiza abandi ibyavuye mu matsinda umwarimu agashimangira ibivugwa mu nkuru ku nshingano z'abana.

Isuzuma

- Umwarimu arongera kubaza ibibazo ku nkuru "Umukoro wo mu ishuri."
  Urugero: Inzovu y'icyamamare yavuzwe mu nkuru yitwa nde? (*Ni inzovu Mutware*.) Ni izihe nyamaswa zo mu gasozi zavuzweho mu nkuru? (*Havuzwe inzoka, inkende, inzovu n'inyoni*.)
- Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.

Urugero: Umurava, inyamabere. *Abanyeshuri bagira **umurava** bakora vuba kandi neza imyitozo bahawe*. *Inka ni itungo ryo mu rugo ribarizwa mu muryango w'inyamabere*.

Umukoro

Abanyeshuri barabara inkuru "Umukoro wo mu ishuri" babwira abo babana muri make ibyasomwe mu nkuru, bakazagaragaza mu ishuri uko babivuze.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru: "Umukoro wo mu ishuri"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 26-37.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Umukoro wo mu ishuri".
Urugero : Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (*Havugwamo umukoro wo mu ishuri ku nyamaswa zo mu gihuru*.) Abanyeshuri mu nkuru bahawe izihe nshingano? (*Abanyeshuri bahawe inshingano zo kwandika inkuru ku nyamaswa bakunda kuruta izindi*.) Itsinda rya Bwenge ryanditse inkuru ku yihe nyamaswa? (*Itsinda rya Bwenge ryanditse inkuru ku nzovu*.)

Isomo rishya

Gusoma inkuru: **"Umukoro wo mu ishuri"**
Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.
Ibibazo byo gusesengura inkuru
Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.
Urugero: Mu nkuru "Umukoro wo mu ishuri" bavuga ku zihe nshingano z'abana? (*Mu nkuru bavuga ku nshingano yo gukora umukoro mu ishuri*.) Ni iki mwumvise mu buryo bw'imikoranire mu gukora umukoro? (*Twumvise ko abakorera mu itsinda rimwe bagabana imirimo buri wese agakora*.)
Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe
Kubaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.
Urugero
Mu nkuru twasomewe bavuze ku zihe nshingano z'umunyeshuri? (*Umunyeshuri agomba gukora imyitozo ahawe n'umwarimu*.) Izindi nshingano z'umunyeshuri muzi ni izihe? (*Umunyeshuri afite inshingano zo kwiga agatsinda, agakurikira ibyo umwarimu yigisha, umunyeshuri afite inshingano zo kugerera ku ishuri ku gihe kandi yambaye umwambaro w'ishuri umeshe*.)
Ko mu muryango w'inzovu haba umuyobozi, imiryango y'aho mutuye ni ba nde bayiyobora? (*Imiryango yacu iyoborwa n'ababyeyi cyangwa undi muntu mukuru ubahagararira*.) Ni izihe nshingano z'abana mugomba kubahiriza mu miryango yanyu? (*Abana tugomba kumvira ababyeyi, kubafasha mu turimo duhwanye n'imbaraga zacu harimo isuku yo mu rugo n'isuku ku mibiri yacu no ku myambaro*.) Ni iki cyagushimishije mu nkuru "Umukoro wo mu ishuri?" (*Nashimishijwe n'uko abanyeshuri tungana babashije kwandika agakuru gashimishije kavuga ku nzovu*.) Ni izihe ngamba wafashe umaze kumva ko abandi bana bandika inkuru? (*Nange niyemeje kujya nandika udukuru dushimisha abandi*.)

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri baribukiranya zimwe mu nshingano z'abana bahereye ku byo basabwa gukora.
Urugero: Kujya kuvoma amazi, gukubura, koza ibikoresho byo mu rugo,…

Isuzuma

Umwarimu arabaza ibindi bibazo ku nkuru.
Urugero: Ni izihe nyamaswa zo mu gasozi zashimishije abanyeshuri kurusha izindi? (*Ni inzovu*.) Mu nkuru bavuze ko umutonzi w'inzovu ukora iyihe mirimo? (*Umutonzi w'inzovu ziwuhumekeramo, ziwifashisha zinywa amazi, zahira ibyatsi, ziyuhagira*.) Mwebwe mukoresha ibihe bice by'umubiri iyo mukora uturimo? (*Dukoresha amaboko yacu. Twikorera ku mutwe*.)

Umukoro

Abanyeshuri barongera kubwira abo babana mu rugo inshingano z'abana bumviye mu nkuru no kubasaba kubabwira izindi zitavuzwe mu nkuru, bakazazibwira bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane tw

Intego:
- Gutahura igihekane **tw**.
- Gutanga andi magambo arimo igihekane **tw**.
- Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **tw**.

Imfashanyigisho:
Amashusho: umutwe, ugutwi.
Ibitabo :
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 37.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru ka "Sentore azi gusaba imbabazi" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 32.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane tw

Gutahura igihekane tw

- Umwarimu arerekana amashusho abaza ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **tw**. **Urugero**: Murabona iki? (*Turabona umutwe, ugutwi*.)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa. Urugero: umu**tw**e, ugu**tw**i.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **tw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo.
  (Ni igihekane **tw**.
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **tw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, abasabe gutera urutoki igihe bumvise ijambo ririmo igihekane **tw.**
- Abanyeshuri barasubiramo amagambo arimo igihekane **tw** bumvise mu byo basomewe, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **tw** bagerageza aho bishoboka gukoresha imigemo y'inyajwi zose ku gihekane **tw,** umwarimu arandika ku kibaho.

Urugero: umu**twa**re, umu**twe**, gu**twi**kira, u**two**gesho, **twu**game.

Gusoma igihekane tw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **tw** yanditse ku kibaho.

Urugero: umu**tw**e, umu**tw**aro, umu**tw**are, ibi**tw**enge

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuyasoma batsindagira ku gihekane **tw.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze

gusoma.

- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.

Urugero:

Mutware ifite **umutwe** munini.

Nahuye na Twahirwa yikoreye **umutwaro** uremereye.

Twasetse twese dukubita **ibitwenge**.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro utsindagira kuri **tw**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro zanditse ku kibaho batsindagira ku gihekane **tw**

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro ziganjemo igihekane **tw**.

Urugero:

Inzovu Mu**tw**are ifite ubu**tw**ari butangaje.

Umusozi wa Ga**tw**aro uteganye n'ikiyaga kigendamo abagenzi n'imi**tw**aro yabo.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro zirimo igihekane **tw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 37.

  Urugero: Mu bukwe bwa Gakwandi Kwitonda yamutwerereye imodoka yo gutwara abageni bari bagiye kwifotoreza ku kiyaga.

Umukoro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gushushanya ikintu azi kirimo igihekane **tw**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana andi magambo arimo igihekane **tw** bakazayereka bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane tw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **tw** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita y'ibihekane.
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 38.

Intangiriro

Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho abanyeshuri bayasome.

Isomo rishya

Kwandika igihekane tw

- Abanyeshuri barashaka igihekane **tw** mu makarita y'ibihekane bakereke bagenzi babo.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **tw.**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **tw**? (*Amagambo twabonye arimo igihehane* **tw** *ni aya*: umu**tw**e, umu**tw**aro, umu**tw**are, ibi**tw**enge.)

- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

umutwe umutware

umutwaro ibitwenge

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **tw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo ari ku kibaho.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **tw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **tw** mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora icyandikwa ku gihekane **tw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

  Urugero:

  Mutware ifite umutwe munini.

  Nahuye na Twahirwa yikoreye umutwaro uremereye.
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **tw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 38.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **tw**.

  Urugero: Mu bukwe bwa Gakwandi Musemakweri yaramutwereye.

  Abana twigana barezwe neza batwaza imitwaro ababakuriye.
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bawukora neza umwarimu akabakosora.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo arimo igihekane **tw** bakereka abo babana mu rugo, bakazagaragaza mu ishuri aho bayanditse.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane bw

Intego:
Gusoma igihekane **bw** mu ijambo no mu nteruro z'agakuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho: ubwato, ubwatsi.

Ibitabo :
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 26, 32, 41.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru ka "Ntaganda azi gusaba imbabazi" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 26.

Gutahura igihekane bw

- Umwarimu arerekana amashusho abaza ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **bw**. **Urugero**: Murabona iki? (Turabona u**bw**ato, u**bw**atsi.)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa . Urugero: u**bw**ato, u**bw**atsi.
- Umwarimu arasoma amagambo, ku kibaho, atsindagira ku gihekane **bw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo.
  Ni igihekane **bw**.

- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **bw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, abasabe gutera urutoki igihe bumvise ijambo ririmo igihekane **bw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **bw** bumvise mu byo basomewe, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.

Urugero: Bwenge na Kubwimana beretse mwarimu wacu umukoro twakoze.
Bwiza na Bwenge bagira ubwuzu bwo gukina cyane.

- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **bw** bageragaza aho bishoboka gukoresha imigemo y'inyajwi zose ku gihekane **bw**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **bw**.
- Umwarimu arandika ku kibaho, imigemo y'igihekane **bw** iri mu ibara.

Urugero: u**bwe**nge, umuko**bwa**, u**bwu**zu, u**bwi**ra,
u**bwo**ro.

Gusoma igihekane bw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero amagambo arimo igihekane **bw.**
  Urugero: u**bw**enge, umuko**bw**a, u**bw**ato, u**bw**oba.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:

Umwana uzi **ubwenge** akurikira umwarimu iyo yigisha.
Umukobwa wize neza aba ingirakamaro
Ubwato butwara abantu n'ibintu buyobowe n'abasare.
Abana bagira **ubwoba** iyo bahuye n'ikibakanga.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro atsindagira kuri **bw** nyuma abanyeshuri bazisome umwumwe.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe agakuru"Bwiza na Bwenge", mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 41.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri, afashe abafite ibibazo byihariye mu gusoma.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutahura no kwerekana igihekane **bw** mu magambo, mu nteruro no mu gakuru, mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 41.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **bw: (**u**bw**enge, u**bw**oya.)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro ziganjemo igihekane **bw**.
  Urugero: Bwiza na Kubwimana bafite ubwenge butangaje.
  Teguza abana ntibagire ubwoba haraba ubwirakabiri.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **bw** aho kigaragara mu magambo no kuyasoma: ubwenge, ubwuzu, ubwato, umukobwa.

Urugero: Mu bukwe bwa Gakwandi Bwanakweri yamutwerereye ubwato bwo gutwara abageni kwifotoreza mu kiyaga.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 41-45 no gutahuramo amagambo arimo igihekane **bw**.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane bw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **bw** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita y'ibihekane.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 38.

Intangiriro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gushaka amagambo arimo igihekane **bw** ayandike ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma ayo magambo.

Isomo rishya

Kwandika igihekane bw

- Abanyeshuri barashaka igihekane **bw** mu makarita y'ibihekane bakereke bagenzi babo.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **bw.**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **bw**?
(Amagambo twabonye arimo igihehane **bw** ni aya: u**bw**enge, umuko**bw**a, u**bw**ato, u**bw**oba.

- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

ubwenge umukobwa
ubwato ubwoba

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **bw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **bw**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **bw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **bw**.

Urugero:

Umwana uzi ubwenge akurikira mwarimu iyo yigisha.
Abana bagira ubwoba iyo bahuye n'ikibakanga.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza, abakosore.

Imyitozo:
Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo ibihekane **bw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 38.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **bw**.

Urugero:

Mu bukwe bwa Gakwandi Bwanakweri yaramutwerereye.
Ubwato bwo gutwara abageni kwifotoza mu kiyaga bwari butatse indabo.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bawukora neza umwarimu akabakosora.

Umukoro

Abanyeshuri barandika mu mukono mu makaye yabo y'umukoro, amagambo arimo ibihekane **bw** bereke abo babana mu rugo.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
- Gusoma no kumva agakuru karimo ibihekane **tw** na **bw.**
- Kwandika amagambo n'interuruo birimo ibihekane **tw** na **bw.**
- Gukora icyandikwa ku gakuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho yo mu gitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 41.

Intangiriro

Umwarimu arafasha abanyeshuri gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **tw** na **bw**.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo tw na bw mu gakuru "Bwiza na Bwenge," mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 41.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutahura icyo agakuru "Bwiza na Bwenge" kari buvugeho bahereye ku mashusho.
- Umwarimu asoma agakuru by'intangarugero.
- Mu matsinda, abanyeshuri basoma agakuru kose, akazu ku kazu.
- Abanyeshuri barasubiza ibibazo byo kumva agakuru.
  Urugero:
  Ni iki ushima Bwenge na Bwiza? (*Basasa uburiri bwabo, bafasha ababyeyi babo, batega amatwi ibyo umwarimu abigisha kandi ntibagire ubwoba bo gosubiza.*)
  Wowe ufasha iki ababyeyi bawe mu kiruhuko? (*Ndavoma, Ndakubura, Nahirira amatungo.*)
- Umwarimu aratanga interuro zo mu gakuru ziganjemo **tw** na **bw** abanyeshuri bazisome batsindagira ku bihekane **tw** na **bw.**

Urugero:
Mu ishuri, abo bana bagaragaza u**bw**enge butangaje.
Batega ama**tw**i ibyo umwarimu yigisha kandi ntibagire u**bw**oba **bw**o gusubiza.

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane tw na bw mu mukono
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzuza interuro yo mu gakuru:

Iyo bageze mu rugo, Bwiza na Bwenge bakora_____. (*Iyo bageze mu rugo, Bwiza na Bwenge bakora umukoro umwarimu yabahaye.*)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika uduteruro tugufi tujyanye n'agakuru.
  Urugero:
  Bwiza na Bwenge bagira ubwuzu bwo gukina n'abandi bana.
  Bakubita ibitwenge maze bagasabana.

Umukoro
Umwarimu arasaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo mu gakuru "Bwiza na Bwenge", no kubwira abo babana uko byagenze mu gakuru, bakazanabisobanurira bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **tw/**tw, **bw/**bw

Imfashanyigisho: Amakarita y'ibihekane.
Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 27-37 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 38, 39.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Bwiza na Bwenge" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 41.

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **tw** na **bw** n'ibindi bihekane bize.

- Umwarimu aravangavanga amagambo arimo ibihekane **tw** na **bw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero: u**bw**enge, umuko**bw**a, u**bw**ato, u**bw**oba, umu**tw**e, ugu**tw**i, umutware, igitwenge.

- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro.

Urugero:
Bwiza ni umwana w'umukobwa ufite uburere bwiza.
Inzovu Mutware ifite urutwe runini.
Bwenge ni umwana utagira ubunebwe na gato.
Ibitwenge byari byatwishe twasetse twenda kwihirika.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: ubwenge, umukobwa, ubwato, ubwoba, umutwe, ugutwi, umutware, igitwenge.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro.

Urugero :
Bwiza ni umwana w'umukobwa ufite uburere bwiza.
Inzovu Mutware ifite urutwe runini.
Bwenge ni umwana utagira ubunebwe na gato.
Ibitwenge byari byatwishe twasetse twenda kwihirika.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma agakuru" Bwiza na Bwenge".

Urugero:
Bwiza ni umwana w'umukobwa ufite uburere bwiza.
Inzovu Mutware ifite urutwe runini.

Bwenge ni umwana utagira ubunebwe na gato.
Ikitwenge byari byatwishe twasetse twenda kwihirika.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane **tw, bw** urupapuro rwa 38-39.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **tw, bw** bakabisomera abo babana mu rugo, bakazerekana amagambo n'interuro banditse mu ishuri.

IBIHEKANE BYIGWA: cy, ry

Isomo rya 1 — Gusoma no kumva inkuru "Intozi n'igihore"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yasobanuwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 38-48.

Inyunguramagambo:
igihore, guhunika, ubwibone, uburanga.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma agakuru "Bwiza na Bwenge" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 41.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Intozi n'igihore" mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 38.

- Umwarimu arerekana amashusho n'imfashanyigisho bifasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho:

  Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? (*Turabonaho intozi n'ibihore*.) Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? (*Iyi nkuru iri buvuge ku dukoko nk'intozi n'ibihore*.)
- Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho.

Gusobanura amagambo mashya

- Umwarimu arasoma inkuru igika ku gika abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, umwarimu akabuzuza bibaye ngombwa.

  Urugero: Guhunika: kubika imyaka mu bigega cyangwa se ahandi uteganyiriza iminsi mibi.

  Ubwibone: Ubwirasi.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

- Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru.

  Urugero: Ni iyihe miryango ivugwa muri iyi nkuru? (*Ni umuryango w'intozi n'uw'ibihore*.) Ibihore byakoraga iki? (*Ibihore byakoraga isuku yo mu rugo, bikiyuhagira, abana bakoga hanyuma bikaririmba, bikabyina*.) Intozi zo zakoraga iki? (*Imirimo y'intozi ivugwa ni iyi: gukata indabo, gukura ibihuru ku rugo, gukubura, gukura icyondo mu nzira, kwiyuhagira, gushaka ibyo kurya...)* Kuki umukuru w'ibihore yazindukiye kureba umukuru w'intozi? (*Yazindukiye intozi kuko yari agiye kuzisaba ku byo kurya. (Kwa Gihore bari barashiriwe n'ibiryo, bashonje*.) Urutozi rwakiriye rute ikifuzo k'igihore? (*Urutozi*

rwabanje gusuzugura igihore rugeze aho rukigirira impuhwe ruragifungurira.) Inkuru yarangiye ite? (*Inkuru yarangiye intozi zihaye igihore n'abana bacyo akazi bityo kigahembwa ibyo kurya byakoze*.) Ibihore byahigiye irihe somo? (*Byize kwikorera no kureka ubunebwe, ntibyongera gusonza ukundi*.)

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri barajya impaka ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'inshingano z'abana.
- Abanyeshuri barasangiza abandi ibyavuye mu matsinda umwarimu ashimangire ibivugwa mu nkuru ku ntozi n'igihore.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukoresha amagambo mashya mu nteruro: ubwibone, guhunika. *(Ibihore byaranzwe n'ubwibone birata ubwiza gusa bidakora. Intozi ntizagize inzara mu bihe bibi kuko zakoze cyane zigahunika ibyo kurya bizamara igihe.)*

Isuzuma

- Umwarimu arongera kubaza ibibazo ku nkuru "Intozi n'igihore."

  Urugero: Abana b'intozi bakoraga iyihe mirimo? (*Abana batundaga ibyo kurya, bagakorera indabo, bagakura ibihuru ku rugo, bakiyuhagira*.) Ni iki cyateye ibihore gusonza? (*Ubunebwe ni bwo bwateye ibihore gusonza. Ntibyakoraga cyane ngo byiteganyirize*.) Ni iki ibihore byigiye ku ntozi? (*Byize gukora imirimo yose yo mu rugo n'abana babyo bamenya gukorana umurava*.)
- Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.

  Urugero: Ubwibone, ibihuru. (*Injangwe zigira **ubwibone** zikaryama mu buriri bw'abana*.) (*Ni byiza gukura **ibihuru** hafi y'urugo mu rwego rw'isuku no kurwanya imibu itera malariya*.)

Umukoro

Umwarimu arasaba buri munyeshuri kuza gusukura ikintu mu rugo iwabo cyangwa ahantu mu nzu iwabo buri wese akazavuga icyo yasukuye cyangwa aho yasukuye.

Isomo rya 2 — Gusesengura inkuru: "Intozi n'ibihore"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 38-48.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka mu nkuru "Intozi n'igihore" : Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (*Havugwamo intozi n'ibihore mu birebana n'imikorere yabyo*.) Ni iki cyarangaga intozi? (*Intozi zarangwaga no gukora cyane zitaruhuka*.) Ibihore byo byarangwaga n'iki? (*Ibihore byarangwaga n'ubwibone*.)

Isomo rishya

Gusoma inkuru: **"Intozi n'igihore"**

Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Imirimo myiza yakorwagwa n'intozi ikwiye no gukorwa n'abanyeshuri nkamwe ni iyihe? (*Intozi zose zagabanaga imirimo. Zimwe zakuragaho ibihuru, izindi zigakata indabo, izindi zikajya gushaka ibyo kurya. Ntizinubiraga akazi.)* Ibindi byarangaga intozi mwumvise bigomba kubaranga ni ibiki? *(Abanyeshuri tugomba kugira isuku, kwiyuhagira no gukorana umurava.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero

Inshingano z'ababa mu muryango mwumvise mu nkuru y'intozi n'igihore ni izihe? (*Twumvise ko mu muryango, abawugize bose bagomba gukorera urugo, ko n'abana bakora*.) Wowe wumva mu muryango wawe wakora iki kugira ngo ufashe abandi guteza imbere umuryango? (*Nakora imirimo yo mu rugo: gusasa uburiri, gukubura, kwiyuhagira, koza amasahane, gushaka amazi yo gukoresha...)* Mu muryango w'igihore bahuye n'ibihe bibi by'inzara. Ese n'iwanyu ibihe by'inzara bijya bibaho? Ryari? (*Yego ibihe by'inzara bibaho cyanecyane mu itumba*.) Iwanyu mubigenza mute kugira ngo mutazasonza mu itumba? (*Iwacu ducunga neza ibyo twejeje mu bihe byiza tukabihunika*.) Ikindi kandi duhora dushakisha imibereho dukora tutaruhuka. Nkawe w'umunyeshuri wacunga neza ibintu ute? (*Nakoresha ikaramu neza nirinda kuyibiza, nakwirinda gusiga isabune mu mazi, nakwirinda kumena ibiryo no kuba umunebwe*.) Ni ikihe kintu kiza iyi nkuru yakwigishije? (*Iyi nkuru yanyigishije kurangiza inshingano zange neza mu bushobozi bwange mfasha abo mu rugo gukora imirimo nshoboye*.) Ni iki wanenze mu nkuru? (*Nanenze ukuntu ibihore byirataga bikanga gukora bikarindira kujya gusaba intozi ziteganyirije*.) Ni iki washimye ku ntozi? (*Nashimye ukuntu zikorera hamwe ziteza imbere n'ukuntu zafashije ibihore zikanabitoza umurimo*.)

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baribukiranya ku mirimo yakorwagwa n'ibihore no ku mirimo y'intozi. *Ibihore byarisukuraga bigasukura n'aho biba. Byararirimbaga, bikabyina. Intozi zakuraga ibihuru ku rugo, zigakata indabo, zigashaka ibyo kurya, zigakora isuku ahantu hose, zigakubura*…
- Abanyeshuri bararondora inshingano z'abana bahereye ku byo buri mwana uri mu itsinda ashinzwe gukora iwabo.
- Abanyeshuri barasangiza abandi banyeshuri ibyavuye mu matsinda, umwarimu abishimangire cyangwa abyuzuze.

Isuzuma

Umwarimu arabaza ibindi bibazo ku nkuru.

Urugero:

Ni iki cyazinduye igihore gikuru mu rugo rw'intozi? (*Igihore gikuru cyazinduwe no gusaba ibyo kugaburira umuryango wacyo*.) Kuki mu muryango w'ibihore bagize ikibazo k'inzara? (*Bagize ikibazo k'inzara kuko hari igihe kinini bamaze badakora, birirwa baririmba, babyinira abahisi n'abagenzi*.) Ibihore byakuye irihe somo mu bibazo byagize? (*Ibihore byabonye amasomo yo kugira umurava bikava mu bunebwe. Byamenye kwikorera bifatanyije n'abana babyo, bimenya guteganyiriza iminsi mibi*.)

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza ababyeyi ibindi bikorwa bijyanye n'isuku y'aho baba n'iy'ibikoresho bakazabisangiza abandi banyeshuri mu isomo ritaha.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane cy

Intego:

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **cy.**

Imfashanyigisho:

Amashusho, icyuma, icyari.

Ibitabo :

Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 38-48 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Bwiza na Bwenge" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 41-45.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane cy

Gutahura igihekane cy

- Umwarimu arerekana amashusho abaza ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **cy**. **Urugero**: Murabona iki? *Turabona icyari, icyuma*.
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa. **Urugero**: i**cy**ari, i**cy**uma.
- Umwarimu arasoma amagambo, ku kibaho, atsindagira ku gihekane **cy**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane* **cy**.)
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **cy** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, abasabe gutera urutoki igihe bumvise ijambo ririmo igihekane **cy.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **cy** bumvise mu byo basomewe, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **cy** bagerageza aho bishoboka gukoresha imigemo yose y'igihekane **cy**.
- Umwarimu arayandika ku kibaho, imigemo y'igihekane **cy** iri mu ibara. **Urugero:** i**cyo**bo, i**cyu**bahiro, i**cya**ha.
- Umwarimu arasobanurira abanyeshuri ko igihekane **cy** iyo gikurikiwe na **i** cyangwa **e** gihinduka k. **urugero:** ikibo, ikerekezo.

Gusoma igihekane cy

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **cy** yanditse ku kibaho. **Urugero:** icyondo, icyansi, icyogesho.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuyasoma.
- Gusaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: Intozi zakuburaga zikura **icyondo** mu nzira.
  Icyansi gitereka amata neza.
  Buri gitondo noza amasahani n'**icyogesho**.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro atsindagira kuri **cy.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro zanditse ku kibaho batsindagira ku gihekane **cy**.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **cy** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 46**.**

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro zirimo igihekane **cy.**

Urugero: I**cy**ansi gitereka amata neza.
Iyo i**cy**ondo **cy**uzuye mu nzira abantu bagenda buhoro cyane.

Umukoro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gushushanya ikintu kirimo igihekane **cy** bakakereka abo babana mu rugo bakazanakerekana mu isomo ritaha.
- Abanyeshuri barashaka nibura andi magambo abiri arimo igihekane **cy** bakayereka abo babana bakazayavuga mu isomo ritaha.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane cy

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **cy** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita y'ibihekane.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47.

Intangiriro

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **cy,** umwarimu agende ayandika ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma ayo magambo**.**

Isomo rishya

Kwandika igihekane cy

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **cy.**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **cy**?

*(Amagambo twabonye arimo igihehane **cy** ni aya: i**cy**ondo, i**cy**uma, umu**cy**o, gu**cy**ura.)*

- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho mu mukono abanyeshuri bayitegereza.

icyondo umucyo
icyuma gucyura

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **cy** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **cy**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **cy** mu mukono ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **cy** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero:

Icyuya kiba cyarenze intozi ariko ntizihagarika gukora.
Intozi zikoresha icyuma mu kuringaniza indabo.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **cy** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **cy.**

Urugero:

Afite icyuya ku mubiri. Iyo icyondo cyuzuye mu nzira abantu bagenda gahoro cyane.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bawukora neza umwarimu akabakosora.

Umukoro

Abanyeshuri barandika amagambo arimo igihekane **cy** bayereke abo babana mu rugo, bazanayerekane mu isomo ritaha.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane ry

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ry.**

Imfashanyigisho:
Amashusho, iryinyo, intoryi.
Ibitabo :
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Bwiza na Bwenge" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 41-45.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane ry

Gutahura igihekane ry

- Umwarimu arerekana amashusho abaza ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **ry**. **Urugero**: Murabona iki? *Turabona iryinyo, intoryi*.
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa. Urugero: i**ryinyo**, i**ntoryi**.
- Umwarimu arasoma amagambo, ku kibaho, atsindagira ku gihekane **ry**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo.
  Ni igihekane **ry**.
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **ry** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, abasabe gutera urutoki igihe bumvise ijambo ririmo igihekane **cy.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **ry** bumvise mu byo basomewe, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **ry** bagerageza aho bishoboka gukoresha imigemo yose y'igihekane **ry**.
- Umwarimu arayandika ku kibaho, imigemo y'igihekane **ry** iri mu ibara.
  Urugero: umu**rya**, umu**rya**ngo, ibi**ryo**, i**ryi**nyo, mu**rye**ri, **Ryu**mugabe.

Gusoma igihekane ry

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **ry.**
  Urugero: intoryi, umuryango, kuryamira.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho.
  Urugero:
  Nkuda kurisha umuceri intoryi n'ubunyobwa.
  Umuryango wacu uvukamo abakobwa beza.
  Umuti wo kuryamira ni ukubyuka kare.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro atsindagira kuri ry nyuma abanyeshuri bazisome umwumwe.

Imyitozo

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ry** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ry** ku kibaho.
Urugero:
Ibi**ry**o bitetse neza bira**ry**oha.
Inkoko bazigaburira ibi**ry**o byasigaye zikarenzaho amazi.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 49 no gutahuramo amagambo arimo ibihekane **cy** na **ry**.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane ry

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ry** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita y'ibihekane.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47-49.

Intangiriro

- Gushaka amagambo arimo igihekane **ry** umwarimu agenda ayandika ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma amagambo arimo igihekane **ry.**

Isomo rishya

Kwandika igihekane ry

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **ry.**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **ry**?
*(Amagambo twabonye arimo igihehane **ry** ni aya: ibi**ry**o, ku**ry**a, umu**ry**ango, into**ry**i.)*

- Kwandika amagambo abanyeshuri bavuze, ku kibaho, mu mukono abanyeshuri bayitegereza.

ibiryo umuryango
kurya intoryi

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **ry** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **ry**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **ry** mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **ry** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero:

Umuryango ufite abana baryamira n'abantu badakora ubura ibyo kurya.
Iryinyo rya Ryumugabe ryaracukutse kubera kurya isukari.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **ry** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 48-49.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **ry.**

  Urugero:

  Abanyeshuri baryamira bakererwa buri munsi.

  Abana ntibakunda kurya intoryi ngo zirasharira.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bawukora neza ari na ko abakosora.

Umukoro

Abanuyeshuri baraandika amagambo arimo igihekane **ry** bareke abo babana mu rugo, bazanayereke umwarimu n'abandi banyeshuri mu isomo ritaha.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **cy** na **ry.**

Imfashanyigisho:
Amashusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru " Bwiza na Bwenge "

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo cy na ry mu gakuru "Icyari k'inyoni"

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutahura icyo agakuru "Icyari k'inyoni" kari buvugeho bahereye ku mashusho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe agakuru kari ku rupapuro rwa 50, akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.
- Umwarimu asoma agakuru by'intangarugero.
- Mu matsinda, abanyeshuri basoma agakuru kose, akazu ku kazu.

Gusubiza ibibazo byo kumva agakuru

Urugero:

Ni ibihe bikorwa ukenera gufatanya n'abandi mu ishuri no mu rugo? (*Gukora imyitozo no gusubira mu byo twize, gusukura isura, gusukura imyambaro no gufumbira umurima.*)

Inkuru ikwigishije iki? (*Gufatanya n'abandi*)

- Umwarimu aratanga interuro zo mu gakuru ziganjemo **cy** na **ry** abanyeshuri bazisome batsindagira ku bihekane **cy** na **ry.**

Urugero:

- **Cy**uzuzo na Bu**cy**ana barirukana i**cyo**ndi mu **cy**ari k'inyoni.
- Icyondi cyaje gushaka ibiryo mu cyari cy'utunyoni.

Imyitozo yo kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihekane cy na ry

- Umwarimu aruzuza interuro yo mu gakuru: icyondi kimaze guhunga inyoni_____. (*Icyondi*

kimaze guhunga inyoni, kiruka kigana mu gacyamo aho cyaturutse.)

- Abanyeshuri barandika uduteruro tugufi tujyanye n'agakuru mu mukono.

Urugero:

Bucyana na Cyubahiro batuye hafi ya Cyohoha.

Indirimbo z'inyoni za mu gitondo zirinda abana kuryamira.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 49 bakazereka abo babana bakanazerekana mu ishuri mu isomo ritaha.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **cy** na **ry**

Imfashanyigisho:

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 38 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50.

Intangiriro

Gusoma neza agakuru "Icyari k'inyoni".

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku banyeshuri bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **cy** na **ry** n'ibindi bihekane barangije kwiga.
- Umwarimu aravangavanga amagambo arimo ibihekane **cy** na **ry** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero: Icyuma, icyondo, icyuya, icyobo, umuryango, kurya, ibiryo, intoryi.

Icyuma, icyondo, icyuya, icyobo, umuryango, kurya, ibiryo, intoryi.

- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro.

Urugero

Icyondo cyuzuye ku mwenda wa Cyuzuzo. Iryinyo rya Ryumugabe ryaracukutse.

Intozi zarakoze icyuya kirazirenga. Umuryango w'igihore wakundaga kurya udakora.

- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero

Icyondo cyuzuye ku mwenda wa Cyuzuzo. Iryinyo rya Ryumugabe ryaracukutse.

Intozi zarakoze icyuya kirazirenga. Umuryango w'igihore wakundaga kurya udakora.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro ziganjemo ibihekane **cy** na **ry** n'ibindi barangije kwiga.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma bucece agakuru" Icyari k'inyoni".

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane **cy/**cy na **ry/**ry, urupapuro rwa 48-49.

Umukoro

Umwarimu arandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **cy/**cy na **ry/**ry, babisomere abo babana mu rugo, bakazanabyerekana mu ishuri mu isomo ritaha.

ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 2

Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga (Amasomo 2)

1.**Ingingo ngenderwaho**
• Gusubiza ibibazo byo kumva no gusobanukirwa inkuru.
• Gusobanura amagambo mashya no kuyakoresha mu nteruro.

2. Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.
3. Amabwiriza
• Umwarimu arasoma inkuru aranguruye ijwi hanyuma abaze ibibazo binyuranye ku nkuru.
• Umwarimu arabaza abanyeshuri bose cyanecyane abagaragaza ko imyumvire yabo ku nkuru ikiri hasi.
4. Imyitozo yo kumva inkuru
a) Abanyeshuri baratega amatwi inkuru

Inshingano z'abana

Abana twese, dukunda umuntu udutetesha, akatwitaho, akaduha ibyo dukeneye byose. Dukenera urukundo iteka. Nyamara nubwo bahora baturirimba ko turi abatware, hari inshingano natwe tugomba kuzuza. Tugomba kwiga dushyizeho umwete, kugira ngo ubwenge bwacu bwiyongere.

Yemwe bana bagenzi bange, mumenye ko dufite inshingano zo gufasha ababyeyi mu turimo two mu rugo tubashije. Mumenye kandi ko tugomba kurangwa n'ikinyabupfura kuri bose n'aho turi hose. Tugomba kuryama kare tukaruhuka kugira ngo twirinde kuryamira mu gitondo.

Mumenye ko tugomba kubaha ababyeyi bacu, abarezi, abavandimwe, inshuti n'abaturanyi bacu kandi tugakurikiza inama nziza baduhaye. Tugomba kandi kugira imico myiza, tukavugisha ukuri, tukirinda ingeso mbi zose. Ibyo byose iyo tubirangije neza, twihesha icyubahiro.

Mumenye kandi ko tugomba gufata neza ubuzima bwacu, tukirinda ibyabwangiza byose. Mwibuke ko tugomba kugira isuku y'umubiri wacu, iy'imyambaro ndetse n'iy'aho tuba. Mumenye ko tugomba gufata neza ibikoresho byose, byaba ibyo mu rugo, ku ishuri n'ahandi.
Nimucyo duharanire kurangiza neza inshingano zacu.

b) Abanyeshuri barasobanura amwe mu magambo mashya mu nkuru:
• **Ikinyabupfura**: imyifatire myiza.
• **Inshingano**: ibyo umuntu agomba gukora.
• **Kuryamira**: gutinda kubyuka.

c) Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amwe mu magambo yasobanuwe
• **Ikinyabupfura** : Abana barezwe neza bagira **ikinyabupfura**, bakimukira abantu bakuru.
• **Inshingano** : Umwana wese afite inshingano zo kumvira ababyeyi igihe cyose.
• **Kuryamira** : Abana bakererwa amasomo akenshi baba baryamiriye bagatinda mu buriri.

d) Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru:
• Mu nkuru haravugwamo ba nde? (*Haravugwamo abana*.)
• Iyi nkuru iravuga ku zihe ngingo z'ingenzi? (*Iravuga ku nshingano z'abana*.)
• Inshingano z'abana zavuzwe mu nkuru ni izihe? (*Abana bafite inshingano zo gufasha ababyeyi,*

kububaha, kugira ikinyabupfura, kugira isuku, gufata neza ubuzima bwabo, gufata neza ibikoresho…)
- Izindi nshingano z'abana muzi ni izihe? (*Abana bagomba kubyuka kare, bagomba gukora isuku aho barara, mu rugo, bagomba kubaha abo babana, bagomba kumvira….*)
- Bwira abandi icyo ushinzwe gukora buri munsi. (*Buri munsi nshinzwe kwiyuhagira umubiri wose, kuvoma amazi yo gukoresha, kwahirira inkwavu, gukubura no koza amasahane*.)
- Kuki ari ngombwa kurangiza inshingano zawe nk'umwana? (*Ni ngombwa kurangiza inshingano zange nk'umwana kugira ngo mbane neza mu mahoro n'abandi nta wubangamiwe*.)

5. Ikosora

Mu myitozo yose ikorwa, umwarimu arakosora abanyeshuri bagaragaje ibibazo byihariye mu gusubiza. Aho umunyeshuri atabashije gusubiza ikibazo ku nkuru, gusaba undi munyeshuri kumukosora nyuma umwarimu akagaruka ku munyeshuri byari byananiye akamusaba kwikosora. Umwarimu agomba kugerageza guha amahirwe menshi yo gusubiza abanyeshuri bafite ibibazo kurusha abandi, akabashishikariza kuvuga.

II. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma (Amasomo 2)

1. Ingingo ngenderwaho

Gusoma amagambo, interuro n'udukuru tugufi dushushanyije birimo inyuguti zose zizwe.

2. **Ibikoresho bikenerwa**: Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 50.

3. Amabwiriza

- Umwarimu arayobora abanyeshuri mu myitozo inyuranye yo gusoma amagambo, interuro n'udukuru birimo inyuguti n'ibihekane byizwe.
- Umwarimu arandika amagambo n'interuro ku kibaho. Arasaba abanyeshuri gusoma umwumwe ijambo cyangwa interuro umwarimu akojejeho agakoni. Umwarimu arabashishikariza gusoma batagemura kandi abasomeshe amagambo n'interuro beretswe n'umwarimu kugira ngo arinde abanyeshuri bamwe na bamwe basoma ibyo bafashe mu mutwe gusa.
- Umwarimu arasomesha buri munyeshuri yita cyanecyane ku banyeshuri bagifite ibibazo mu gusoma. Arajya abasubirishamo kenshi kugira ngo na bo bagere ku rwego rwiza rwo gusoma.
- Mu gusomesha agakuru, umwarimu arasaba abanyeshuri gufata, buri wese, igitabo ke ku rupapuro rwa 50, ahari agakuru "Icyari k'inyoni."
- Umwarimu arabasomera agakuru aranguruye abanyeshuri bateze amatwi.
- Abanyeshuri barahabwa umwanya wo gusoma, umwumwe, baranguruye. Umwe arajya asoma nk'interuro ebyiri, undi akomerezeho, gutyo gutyo, ku buryo abanyeshuri benshi bahabwa amahirwe yo gusoma.
- Ikosora rirajya rikorwa ako kanya.

3. **Imyitozo yo gusoma**

a) Abanyeshuri barasoma amagambo yanditse ku kibaho

- ubutwari ubwenge kuryaryata icyaha

ubutwari ubwenge kuryaryata icyaha

- igitwenge icyuma iryinyo umutwe

igitwenge icyuma iryinyo umutwe

- Mutware ugutwi ubworozi ikibwana

Mutware ugutwi ubworozi ikibwana

• Icyubahiro icyamamare urugaryi urutoryi

Icyubahiro icyamamare urugaryi urutoryi

• gutwikira icyondi uburyamo ubwira.

gutwikira icyondi uburyamo ubwira.

b) Abanyeshuri barasoma interuro zanditse ku kibaho

• Umutwe wa Cyubahiro ni munini.
• Bwenge afite iryinyo rirerire.
• Si byiza ko Ryumugabe ahatisha icyuma cyatonze umugese.
• Ingurube ya **Tw**ahirwa ira**bw**egetse.

c) Abanyeshuri barasoma agakuru "Icyari k'inyoni" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50.

• Umwarimu arasomera abanyeshuri uranguruye nyuma na bo bakisomera baranguruye.
• Umwarimu arasomesha abanyeshuri benshi bashoboka, umwarimu yibanda ku banyeshuri bagifite ibibazo.

4. **Ikosora**

• Ikosora mu gusoma rikorwa ako kanya: Umunyeshuri akosorwa na bagenzi be ariko umwarimu agomba guhozaho mu gutanga urugero rwo gusoma neza aranguruye ijwi kugira ngo afashe umunyeshuri wagaragaje ikibazo.
• Umwarimu yibanda cyane kuri ba banyeshuri bagaragaje ikibazo abaha amahirwe yo gukomeza kwitoza gusoma.

III. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika (Amasomo 2)

1. Ingingo ngenderwaho:

Kwandika amagambo n'interuro byoroheje birimo inyuguti zizwe.

2. Ibikoresho bikenewe: Igitabo cy'umunyeshuri, n'igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

3. **Amabwiriza**

• Umwarimu atanga imyitozo inyuranye: guhuza ibice by'amagambo hanyuma bakandika mu makaye yabo amagambo babonye, kuvangura imigemo bagakora amagambo nyuma bakayandika mu makaye yabo, guhitamo amagambo aboneye bakuzuza mu nteruro maze bakazandika, kuvangura amagambo bagakora interuro, gukora icyandikwa.

• Mu gihe abanyeshuri bakora imyitozo, umwarimu aragenda mu ishuri afasha abafite ingorane mu gukora imyitozo.
• Ikosora rusange ribera ku kibaho, abanyeshuri umwumwe baza kwandika amagambo n'interuro babonye nyuma bakandika ibisubizo mu makaye yabo.

• Ku mwitozo wo gukora icyandikwa, umwarimu asaba abanyeshuri gufata amakayi yabo n'ikaramu. Arabamenyesha ko agiye kubaha icyandikwa, abasabe gutega amatwi neza, no gutangira kwandika abahaye uburenganzira. Arasoma interuro ngufi inshuro ebyiri, noneho asabe abanyeshuri buri wese kwandika mu ikaye ye. Arakomeza atyo no ku zindi nteruro.
• Ikosora rirakorerwa ku kibaho. Umwarimu arandika interuro ku kibaho asabe buri munyeshuri gukosora aho yanditse nabi. Aragenda agenzura ko ikosorwa rikorwa neza.

3. Imyitozo yo kwandika (Urupapuro rwa 40 mu gitabo cy'umunyeshuri.)

a) Vangura imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe

- u- nge- bwe ubwenge
- mi - ra - ku - rya. kuryamira
- bwo – zi – ro- u, ubworozi

b) Kora amagambo uhuza ibice by'amagambo hanyuma uyandike mu mukono.

• Aka	ryango	Akabwibwi
• Ibi	twari	Ibitwenge
• umu	twenge	Umuryango
• Ubu	bwibwi	Ubutwari

c) Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono mu ikaye yawe

Icyumba Mutware ubwira inyamabere.

- _____ ni inzovu yo muri Parike. (Mutware)
- _____ cya Bwiza gihora gishahe neza. (Icyumba)
- Abanyeshuri bagira _____ batsinda neza. (ubwira)
- Inzovu ziba mu muryango w' _____. (inyamabere)

d) Vangura amagambo ukore interuro kandi uzandike mu mukono mu ikaye yawe.

- yakutse - Bwiza - ibwene. (Bwiza yakutse ibwene.)
- ku - mutwe - Cwahirwa - umutwaro - yikoreye. (Cwahirwa yikoreye umutwaro ku mutwe.)
- Ryumugabe - Inka – ya- mu cyondo- yabyagiye.(Inka ya Ryumugabe yabyagiye mu cyondo.)

e) Icyandikwa: Kwandika mu mukono interuro abanyeshuri basomewe.
Urugero:

- Bwiza na Bwenge batuye i Bwanamukari.
- Cyuzuzo na Cwahirwa barareba icyari mu giti.
- Baryama kare ngo badakererwa.

5. Ikosora

- Umwarimu aragenzura uko abanyeshuri bandika amagambo n'interuro agenda ubakosora umwumwe.
- Ikosora rusange rirabera ku kibaho, aho abanyeshuri, umwumwe, baza kwandika amagambo n'interuro.
- Amagambo yose n'interuro bimaze kwandikwa neza n'abanyeshuri ubwabo ku kibaho, hakurikiraho gusaba buri munyeshuri wagize ikibazo kwikosora aho yakoreye mu ikaye ye. Umwarimu aragenzura uko buri munyeshuri yikosora.
- Umwarimu arakosora icyandikwa birakorerwa ku kibaho. Umwarimu arandika interuro ku kibaho, asabe buri munyeshuri gukosora aho yanditse nabi. Aragenda agenzura ko ikosorwa rikorwa neza.
- Buri munyeshuri arandika neza za nteruro mu ikaye ye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi (Amasomo 2)

1. Ingingo ngenderwaho

- Umwarimu aratahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri.
- Umwarimu arafasha buri kiciro kugera ku bushobozi bugamijwe haba mu gusoma cyangwa mu kwandika.

2. Ibikoresho bikenerwa: Amakayi, amakaramu n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Uburyo bwo gutanga iyi myitozo, mwaburebera mu masomo y'ishimangirabushobozi yabanjirije aya ngaya, mu mutwe wa mbere.

UMUTWE WA 3: UBURENGANZIRA BW'UMWANA

Udukuru abanyeshuri bashobora kwisomera: : Twese dukine, Nyanjongo yaretse kwigunga, udukino, utuvugo n'indirimbo.
Inkuru zisomerwa abanyeshuri: : "Twese dukine, twidagadure", "Nishimiye kurererwa mu muryango".

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihekane **my, nk, nj** na **mv** no gusesengura utwandiko tugufi twasomwe ku nsanganyamatsiko y'uburenganzira bw'umwana.

Imbumbanyigisho: Ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko n'ubumenyi mu mikoreshereze y'ururimi.
Inyigisho: kumva, kuvuga, gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihekane, n'inyunguramagambo.

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 3	Gusoma no kumva inkuru "Twese dukine, twidagadure".	Gusesengura inkuru "Twese dukine, twidagadure".	Gutahura no gusoma igihekane **my**	Kwandika mu mukono igihekane **my**	Gutahura no gusoma igihekane **nk**	Kwandika mu mukono igihekane **nk**	Imyitozo y'isuzumabushobozi.	Imyitozo y'ishi-mangirabushobozi.
Inyungu-magambo	Umubabaro, yigunze, inzogera, gusabana,...	Umubabaro, yigunze, inzogera, gusabana,...	imyeyo, imyembe,...	Myato, imyungu, imyirongi, imyobo,...	inkoko, inkangara, inkono,...	inkoko, inkangara, inkono,...	imyeyo, imyembe, inkoko, inkangara, inkono,...	imyeyo, imyembe, inkoko, inkangara, inkono,...
Ubukesha	Kugaragaza imyitwarire yo kurenganura abandi. Gushima no kunenga abavugwa mu nkuru.	Kugaragaza imyitwarire yo kurenganura abandi. Gushima no kunenga abavugwa mu nkuru.	Kugaragaza amatsiko gutahura igihekane. Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza amatsiko gutahura igihekane. Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gosoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika
Ibihekane byigwa	**my na nk**	**my**	**my**	**nk**	**nk**	**my na nk**	**my na nk**	**my** na **nk**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 3	Gusomano kumva inkuru "Nishimiye kurererwa mu muryango."	Gusesengura inkuru ku "Nishimiye kurererwa mu muryango."	Gutahura no gusoma igihekane **nj**	Kwandika mu mukono igihekane **nj**	**Gutahura no gusoma igihekane mv**	Kwandika mu mukono igihekane **mv**	Imyitozo y'isuzumabu-shobozi.	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi.
Inyungura-magambo	Imfubyi, umuryango, urukiramende, injumbure,...	Imfubyi, umuryango, urukiramende, injumbure,...	injanga, inyanja, injumbure, uruhinja, kujonjora, ubukonje, imvura, imvubu, imvi, imvange,...	injanga, inyanja, injumbure, uruhinja, kujonjora, ubukonje, imvura, imvubu, imvi, imvange,...	injanga, inyanja, injumbure, uruhinja, kujonjora, ubukonje, imvura, imvubu, imvi, imvange,...	injanga, inyanja, injumbure, uruhinja, kujonjora, ubukonje, imvura, imvubu, imvi, imvange,...	injanga, inyanja, injumbure, uruhinja, kujonjora, ubukonje, imvura, imvubu, imvi, imvange,...	injanga, inyanja, injumbure, uruhinja, kujonjora, ubukonje, imvura, imvubu, imvi, imvange,...
Ubukesha		Imfubyi, umuryango, urukiramende, injumbure.	Kugaragaza amatsiko yo gusoma amashusho, amagambo n'utwandiko tunyuranye.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gosoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	**nj na mv**	nj na mv	nj	nj	mv	mv	nj na mv	**nj na mv**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 3	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga.	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga.	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma.	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma.	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika.	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi	Imyitozo y'ishimangirabushobozi
Inyunguramagambo	Inkumi, umuryango, imyanzuro, imyidagaduro, imyobo, ubukonje, imvura, injereri, kumvira,...	Inkumi, umuryango, imyanzuro, imyidagaduro, imyobo, ubukonje, imvura, injereri, kumvira,...	Inkumi, inkombe, imvubu, imvuvu, imyobo, imyase, ubukonje, imvura, injereri, kumvira,...	Inkumi, inkombe, imvubu, imvuvu, imyobo, imyase, ubukonje, imvura, injereri, kumvira,...	Imyenda, imyase, inkumi, inkombe, imvubu, imvuvu, imyobo, imyase, ubukonje, imvura, injereri, kumvira,...	inkumi, inkombe, imvubu, imvuvu, imyobo, imyase, injanga,	Injanga,imyenda, imyase, inkumi, inkombe, imvubu, imvuvu, imyobo, imyase, ubukonje, imvura, injereri, kumvira,...	Injanga,imyenda, imyase, inkumi, inkombe, imvubu, imvuvu, imyobo, imyase, ubukonje, imvura, injereri, kumvira,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu mwandiko basomye cyangwa basomewe.	Kugaragaza ubushobozi bwo gutahura igitekerezo gikubiye mu mwandiko basomye cyangwa basomewe.	Kugaragaza ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe.	Kugaragaza ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe.	Kugaragaza ubushobozi bwo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe anoza umukono, nta kosa.	Kugaragaza ubushobozi bwo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe anoza umukono, nta kosa.	Kugaragaza ubushobozi bwo gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe anoza umukono, nta kosa.	Kugaragaza ubushobozi bwo gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe anoza umukono, nta kosa.
Ibihekane byigwa	My, nk, nj na mv	My, nk, nj na mv	My, nk, nj na mv	My, nk, nj na mv	My, nk, nj na mv	My, nk, nj na mv	My, nk, nj na mv	**My, nk, nj na mv**

IBIHEKANE BYIGWA: my, nk

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru: "Twese dukine, twidagadure"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha amagambo yasobanuwe mu nteruro.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 50-60.

Inyunguramagambo:
umubabaro, inzogera, yigunze, gusabana.

Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku nshingano zabo ku ishuri no mu rugo.
Urugero: Ni iki mukora iyo muri ku ishuri? *(Iyo turi ku ishuri dukurikira ibyo umwarimu atwigisha. Ikindi iyo umwarimu aduhaye ibyo dukora tubikorana umwete.)*
Ni iki mukora iyo muri mu rugo? *(Iyo turi mu rugo twoza ibikoresho byo mu rugo tukabibika neza.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Twese dukine, twidagadure" mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 50.
- Umwarimu arerekana amashusho afasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho: Murabona iki kuri iyi ishusho? *(Turabonaho abanyeshuri biruka bajya ku kibuga.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Inkuru iri buvuge ku banyeshuri bari gukina.)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye abereka amashusho.

Gusobanura amagambo mashya
Umwarimu arasoma inkuru, igika ku gika, abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, umwarimu akabuzuza bibaye ngombwa.
Urugero: Umubabaro: agahinda kenshi. **Inzogera**: igikoresho bakoresha ku ishuri babwira abanyeshuri igihe. **Yigunze**: yitaruye abandi.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo ku nkuru, bagende basubiza umwumwe.
Urugero: Ni bande bavugwa mu nkuru? *(Muri iyi nkuru haravugwamo abanyeshuri, umwarimu Myato n'umuyobozi w'ishuri Kankera.)* Uriya munyeshuri utari kumwe n'abandi banyeshuri yitwa nde? *(Uriya munyeshuri utari kumwe n'abandi yitwa Kankindi.)* Inkuru yarangiye ite? *(Inkuru yarangiye Kankindi abonye uko azajya akina n'abandi banyeshuri.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'uburenganzira bw'umwana.
- Abanyeshuri barasangiza bagenzi babo ibyavuye mu matsinda umwarimu agashimangira ibivugwa mu nkuru bijyanye n'uburenganzira bw'umwana.
- Abanyeshuri barakoresha amagambo mashya mu nteruro: **inzogera** *(Inzogera yo ku ishuri ryacu ivuga cyane.)* **Yigunze** *(Myato yabonye Kankindi yasigaye mu ishuri yigunze.)*
- Abanyeshuri barasangiza bagenzi babo ibyavuye mu matsinda umwarimu agashimangira ibivugwa mu nkuru bijyanye n'uburenganzira bw'umwana.

Isuzuma

- Umwarimu arongera kubaza ibindi bibazo ku nkuru "Twese dukine, twidagadure."
  Urugero: Umunyeshuri utari uri gukina wavuzwe mu nkuru yitwa nde? *(Uwo munyeshuri yitwa Kankindi.)* Kankindi yakoraga iki igihe abandi banyeshuri barimo bakina? *(Igihe abandi banyeshuri barimo bakina, Kankindi we yari arimo kureba amashusho mu gitabo k'inkuru.)*
- Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.

Urugero: ibinogo *(Ikibuga kirimo ibinogo kivuna abakinnyi)*, **inzogera**: *Iyo inzogera yo gukina ivuze, abanyeshuri biruka bajya ku kibuga.*

Umukoro

Gusaba abanyeshuri kuza kubaza abo babana akamaro ko gukina no kwidagadura ku buzima bw'umuntu.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru: "Twese dukine, twidagadure"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
amashusho ajyanye n'inkuru
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 50-60.

Intangiriro:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka mu nkuru "Twese dukine, twidagadure": Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (Mu nkuru duheruka gusoma haravugwamo Kankindi n'abandi banyeshuri, umwarimu witwa Myato n'umyobozi w'ishuri witwa Kankera.) Inkuru itangira abanyeshuri bagiye he? *(Inkuru itangira abanyeshuri bajya gukina.)* Umunyeshuri utarajyaga gukina yitwa nde? *(Umunyeshuri utarajyaga gukina yitwa Kankindi.)*

Isomo rishya

Umwarimu arafasha abanyeshuri gukosora umukoro.
Gusoma inkuru: "Twese dukine, twidagadure"mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 50.
Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.
Ibibazo byo gusesengura inkuru
Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Kankindi yitegereza amashusho mu gitabo k'inkuru yabonye iki? *(Kankindi yabonye inkende isimbuka mu biti, abona inkoko n'inyoni bivuza imyirongi.)*
Ku ishuri bakora iki kugira ngo abanyeshuri bose bashobore gukina? *(Ishuri ryatunganya ibibuga bikareshya kandi ntibirangwemo imyanda inyuranye.)* Naho abanyehuri bo bakora iki? *(Abanyeshuri bose bakinana badaheje abafite ubumuga bunyuranye.)* Gukina no kwidagadura bimarira iki umunyeshuri? *(Bituma yishima, akaruhuka, bigatuma yiga neza.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero: Mu nkuru twasomewe ni ubuhe burenganzira buri mwana afite? *(Umwana afite uburenganzira bwo gukina no kwidagadura.)* Ubundi burenganzira bw'umwana muzi ni ubuhe? *(Buri mwana afite uburenganzira bwo kugaburirwa, kuvuzwa, kujyanwa ku ishuri…)*
Ese aho mukinira hameze neza ku buryo byoroshye kuhakinira? *(Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye.)* Mwumva mwahakorera iki ngo habe heza? *(Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye.)* Ni iki cyagushimishije mu nkuru "Twese dukine, twidagadure"? *(Nashimishijwe n'uko Kankesha na we yashoboye gukina n'abandi banyeshuri.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri barajya impaka baganira uko bahabwa uburenganzira bwo gukina no kwidagadura mu miryango yabo no ku ishuri.
- Umwarimu aragenzura ko bari gukorera mu matsinda.
- Abanyeshuri baragaragariza abandi ibyo bagezeho mu matsinda yabo.

Isuzuma

Abanyeshuri barasubiza ibindi bibazo ku nkuru.

Urugero: Umwarimu mushya Myato yabwiye iki Kankindi abonye atagiye gukina nk'abandi? *(Myato yamubajije impamvu atagiye gukina n'abandi.)* Ukurikije ibivugwa mu nkuru gukina bimaze iki? *(Gukina bituma abana bagira ubuzima bwiza, bakaruhuka bakanishima.)* Ese wowe ujya ubona umwanya wo gukina? Hehe? *(Yego. Ku ishuri ryacu dufite ikibuga dukiniraho.)* Ni iki kindi wumva abo mubana bagukorera? *(Abo tubana iwacu na bo bagomba kujya baduha akanya ko gukina.)*

Umukoro

Kubwira abo babana uburenganzira bw'umwana bamenyeye mu nkuru no kubabaza ubundi burenganzira baba bazi bakazabubwirana mu ishuri.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane my

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **my**.
Imfashanyigisho: amashusho, imyeyo.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50, 60.
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 50.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Icyari k'inyoni" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane my

Gutahura igihekane my

- Umwarimu arerekana ishusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **my**. **Urugero:** Murabona iki? *(Ndabona imyeyo)*
- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika abaze abanyeshuri icyo babona. **Urugero:** Iki ni iki? *(Ni imyembe.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: i**my**eyo, i**my**embe.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **my**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **my**.)*
- Gusomera abanyeshuri igice k'inkuru cyangwa kirimo igihekane **my** mu gitabo k'inkuru, urupapuro rwa 50-60 agakuru "Twese dukine" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 59-63 no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **my**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **my** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: imyirongi, imyobo.
- Gusaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **my**.
- Kuyandika ku kibaho abanyeshuri bakerekana, aho bishoboka, imigemo y'inyajwi zose kuri icyo gihekane. **Urugero:** i**mya**se, i**mye**yo, i**myi**ko, i**myu**mbati, i**myo**bo.

Gusoma igihekane my

- Umwarimu arasomera abanyeshuri, by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **my** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda. **Urugero:** imyobo, imyungu, imyirongi.

- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho. **Urugero:** Ejo mama yasaruye imyungu myinshi. Ku wa Gatanu twasibye imyobo mu kibuga cyacu. Data na sogokuru bavuza imyirongi buri mugoroba.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **my** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 55.

Isuzuma

- Abanyeshuri barasoma, umwumwe, interuro zirimo **my** zanditse ku kibaho.

Urugero: Nzanira iyo myeyo
Myiyereko yikoreye imyase

Umukoro

- Gushaka nibura andi magambo abiri ku gihekane **my** bakayereka abo babana.
- Kwereka no gusomera abo mu rugo amagambo n'interuro birimo ibihekane **my** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 55.

Isomo rya 4 — Kwandika mu mukono igihekane my

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **my** mu mukono.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 56-57.

Intangiriro

- Umwarimu arandika ku kibaho ayo magambo. **Urugero:** imyase, imyaka…
- Abanyeshuri barasoma ayo magambo.

Isomo rishya

- Kwandika amagambo abanyeshuri bavuze, ku kibaho, mu mukono abanyeshuri bayitegereza.

  imyungu, imyirongi, imyase, imyobo, Myato, imyaka

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **my** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **my**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **my** mu mukono, ku kibaho no mu makaye yabo.
- Abanyeshuri barandika interuro zirimo igihekane **my** n'izindi nyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

  Urugero: Myiyereko yagiye ku isoko agura imyumbati, imyungu n'imyeyo.
  Vangura iyo myase n imyeyo.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza akabakosora.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo ibihekane **my** uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 56.

Isuzuma

- Gukora icyandikwa ku gihekane my n'ibindi bihekane bamaze kwiga.

  Urugero: Gakwaya yikoyeye imyumbati myiza. Mukamwiza yejeje imyaka ihagije.
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakora neza icyandikwa anabakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barandika mu mukono amagambo arimo igihekane my bakereka abo babana mu rugo bazayagaragaze mu ishuri aho bayanditse.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane nk

Intego:
- Gutanga andi magambo arimo igihekane **nk**.
- Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nk**.

Imfashanyigisho: amashusho: inkoko.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 50-60 n' igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 56, 57.

Intangiriro

Gusoma neza kandi vuba agakuru "Icyari k'inyoni" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane nk

Gutahura igihekane nk

- Umwarimu arerekana amashusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **nk**. **Urugero:** Murabona iki? *(Ndabona inkoko.)*
  Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika abaze abanyeshuri icyo babona. **Urugero:** Iki ni iki? *(Ni inkoko.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: inkoko.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **nk**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. (Ni igihekane **nk**.)
- Gusomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **nk** mu gitabo k'inkuru, urupapuro rwa 50 agakuru "Nyanjongo yaretse kwigunga" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68-72 no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **nk**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **nk** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: imyumbati, imyanda.
- Gusaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **nk**.
- Kuyandika ku kibaho abanyeshuri bakerekana, aho bishoboka, imigemo igizwe n'inyajwi zose kuri icyo gihekane. **Urugero:** i**nk**a, i**nk**ende, i**nk**ima, i**nk**ombe, i**nk**unga.

Gusoma igihekane nk

- Umwarimu arasomera abanyeshuri, by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **nk** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda. **Urugero:** inkende, inkoko, Kankindi.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.

- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho.
  Urugero: Inkende zurira ibiti. Kankindi ntakina n'abandi banyashuri. Iwacu hari inkoko ebyiri.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

- Abanyeshuri baratanga andi magambo arimo igihekane **nk**: (**Urugero:** imyaka, imyeyo.)
- Abanyeshuri barakora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nk** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 56.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma, umwumwe, interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 57.

Umukoro

Abanyeshuri barashaka nibura andi magambo abirabiri ku gihekane **nk** bakayereka abo babana.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane nk

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nk** mu mukono.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 57,58.

Intangiriro

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo ibihekane **nk** umwarimu agenda ayandika ku kibaho.
  Urugero: inka, inkoko
- Abanyeshuri barasoma ayo magambo arimo ibihekane **nk**.

Isomo rishya

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize n'andi bazi arimo ibihekane nk.
  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **nk**? *(Amagambo twabonye arimo igihehane **nk** ni aya: inkende, inkoko, inkokora, Kankindi.)*
- Umwarimu araandika amagambo abanyeshuri bavuze, ku kibaho, mu mukono abanyeshuri bayitegereza.
  inkende, inkokora, inkoko, Kankindi
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane nk bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **nk**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **nk** mu mukono ku kibaho no mu makaye yabo.
- Abanyeshuri barandika interuro zirimo igihekane **nk** mu n'izindi nyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero: Nkeneye yaguze inka mu isoko rya Nyankanka.
Nkorera iyi nkangara nge gusura Nyirankoko.

- Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza akabakosora.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **nk** uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 57-58.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **nk** n'ibindi bihekane bamaze kwiga.

Urugero: Inkoko yariye inkori mu murima wa Mukankaka.

Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakora neza icyandikwa umwarimu akabakosora.

Umukoro

Kwandika amagambo arimo ibihekane **nk** bakereka abo babana mu rugo.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:

- Gusoma no kumva agakuru karimo ibihekane **my** na **nk.**
- Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **my** na **nk.**

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Intangiriro

Abanyeshuri barakina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **my** na **nk**, abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo.

Urugero: imyeyo, inka, inkoko.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane my na nk.

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru bageragaze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe agakuru "Twese dukine" kari ku rupapuro rwa 59-63 akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibazo byo kumva agakuru.

Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero:

Ese hari umwana wabonye wanga gukina n'abandi? Byagenze gute? (*Naramubonye. Yari afite ubumuga bw'ingingo yanga gukinana natwe kuko yabonaga tutameze kimwe. Umwarimu yaduhitiyemo umukino tubasha gukina twese.*)

Ubonye abana banga gukina na mugenzi wabo wakora iki? (*Nabagira inama yo kudaheza bagenzi babo mu gukina.*)

Imyitozo yo kwandika

1. Kwandika amagabo arimo ibihekane my na nk.

Abanyeshuri barashaka mu gakuru amagambo arimo ibihekane **my** na **nk** bayandike mu makaye yabo.

2. Icyandikwa

Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Urugero: Senkuyo avuye kugura imyirongi, inkoko n'imyumbati. Kankesha yatsinze ibitego bibiri Myiyereko.

Umwarimu arakosora buri munyeshuri, hanyuma bakosorere hamwe ku kibaho.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana imikino inyuranye bagomba gukina.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **my** na **nk**.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 56-58.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza agakuru "Twese dukine".

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu arabashyira mu matsinda abahe imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma mu cyapa no mu mukono amagambo arimo ibihekane **my** na **nk** n'ibindi bihekane bize.

  Urugero: imyeyo inkorora imyanda inkono imyase imyumbati Ayinkamiye Myato

  Imyeyo, inkorora, imyanda, inkono, imyase, imyumbati, Ayinkamiye, Myato
- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma agakuru "Twese dukine" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 58.
- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

  Urugero: inkangara, imyeyo, inkokora, imyembe, inkono, imyanda
- Umwarimu arasaba abo banyeshuri kwandika interuro.

  Urugero: Ku kibuga hari imyanda myinshi. Inkende iri kurya imineke iri mu nkangara.

  Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu ababwira gusoma, umwumwe, agakuru "Twese dukine".
- Umwarimu aha abo banyeshuri interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika.

  Urugero: Mwana wange, atsa uwo muriro uterekeho inkono. Mu kwezi kwa Nzeri bahinga imyumbati.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika iri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 57-58 ahari ibihekane **my** na **nk**.

IBIHEKANE BYIGWA: nj, mv

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru: "Nishimiye kurererwa mu muryango"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yasobanuwe.

Imfashanyagisho: amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 61.
Inyunguramagambo: imfubyi, umuryango, urukiramende, injumbure.

Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma, umwumwe, basoma neza kandi vuba, agakuru "Twese dukine" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 59.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Nishimiye kurererwa mu muryango"
- Umwarimu arerekana amashusho afasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho:
  Urugero: Murabona iki kuri iyi shusho?*(Turabona ababyeyi n'abana babo bageze imbere y'ikigo k'imfubyi.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Iyi nkuru iri buvuge ku muryango ugiye gutora mu kigo k'imfubyi umwana wo kurera.)*
- Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho.

Gusobanura amagambo mashya

Abanyeshuri barasoma inkuru, igika ku gika, bagerageze gusobanura amagambo mashya, umwarimu akabuzuza bibaye ngombwa.

Urugero: Imfubyi: umwana udafite umubyeyi umwe cyangwa bose baritabye Imana.
Umuryango: abantu babana mu nzu imwe (ababyeyi n'abana babo.)
Urukiramende: uduti abana bashinga bagatambikaho akandi hejuru hanyuma basimbuka banyura hejuru yatwo.
Injumbure: umurima basaruyemo imyaka (ibijumba.)

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru.

Urugero: Ni ba nde bavugwa mu nkuru? *(Muri iyi nkuru haravugwamo umwana witwa Nyiraneza, ababyeyi be, barumuna be na basaza be.)* Nyiraneza yabaga he mbere yo kubana n'uriya muryango? *(Yabaga mu kigo k'imfubyi)* Inkuru irangira ite? *(Inkuru irangira Nyiraneza avuga ko yishimiye uko ari kurerwa mu muryango wamwakiriye.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru bigaragaza ibyiza byo kuba mu muryango ku mwana.
- Abanyeshuri barakoresha amagambo mashya mu nteruro: Urugero: **imfubyi** (Imfubyi zikeneye abazitaho nk'ababyeyi babo.) **Urukiramende** (Abana bakunda gusimbuka urukiramende.)

- Abanyeshuri barasangiza abandi ibyavuye mu matsinda umwarimu agashimangira ibivugwa mu nkuru bijyanye n'uburenganzira bwo kuba mu muryango.

Isuzuma

- Umwarimu arongera kubaza ibibazo ku nkuru "Nishimiye kuba mu muryango."
  Urugero: Umwana wabaga mu kigo k'imfubyi wavuzwe mu nkuru yitwa nde? *(Uwo mwana yitwa Nyiraneza)* Ese Nyiraneza yakomeje kuba mu kigo k'imfubyi? *(Oya, hari umuryango waje kumutwara ujya kumurera.)*
- Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.
  Urugero: imfubyi (Abana b'imfubyi na bo bagomba kujya ku ishuri), injumbure (Bariya bana barahira ubwatsi bw'amatungo mu njumbure.)

Umukoro

Abanyeshuri barabwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru "Nishimiye kurererwa mu muryango" banababaze ingaruka zo kutarererwa mu muryango.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru: "Nishimiye kurererwa mu muryango"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 61-68.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka mu nkuru "Nishimiye kurererwa mu muryango"

Urugero: Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? *(Mu nkuru duheruka gusoma haravugwamo Nyiraneza.)* Nyiraneza avuga ko yabaga he mbere? *(Nyiraneza avuga ko yabaga mu kigo k'imfubyi.)* Nyiraneza avuga ko yaje kuba he nyuma? *(Nyiraneza avuga ko umuryango waje kumutwara ukamujyana kumurera.)*

Isomo rishya

Umwarimu arasoma inkuru: "Nishimiye kurererwa mu muryango"

Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Ese hakorwa iki kugira ngo abana b'imfubyi babone imiryango ibarera? *(Abantu bose bashishikarizwa kujya kubakura muri ibyo bigo bakabarera.)* Kujya kurererwa mu muryango bimarira iki abana b'imfubyi? *(Bituma bagira ababarera nk'ababyeyi babo, bakanahigira imirimo inyuranye.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero: Ese hari umwana w'imfubyi ubona aho mutuye? *(Ge aho mba bambwiye ko bankuye mu kigo k'imfubyi.)* Ubona se bagufata kimwe n'abandi bana? *(Twese mu rugo tumeze kimwe nk'aho twese batubyaye.)* Ni iyihe nama wagira abantu bose? *(Nagira inama ababyeyi kujya gutora abana b'imfubyi kuko kuba mu muryango ari byiza.)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri baraganira uko babona abana b'imfubyi bafashwe mu miryango yabakiriye.

Umwarimu agenzura ko bari gukorera mu matsinda.

Abanyeshuri bagaragariza abandi ibyo bagezeho amatsinda ku matsinda.

Isuzuma

Abanyeshuri basubiza ibindi bibazo ku nkuru.

Urugero: Nyiraneza yari amerewe ate aho yabaga mu muryango? *(Aho Nyiraneza yabaga bari bamufashe kimwe n'abandi bana babo.)* Nyiraneza abonye umuryango wari uje kumutwara yabyifashemo ate? *(Nyiraneza yaje abahobera yishimye cyane.)* Ukurikije iyi nkuru ubona abana b'imfubyi bagomba kurererwa he? *(Abana b'imfubyi bagomba kurererwa mu miryango.)*

Umukoro

Abanyeshuri babaze abo babana ibyo abana b'imfubyi bagomba gukorerwa kugira ngo barerwe neza bakazabiganira na bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane nj

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nj**.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 64-68.

Imfashanyigisho: amashusho: inkoko,
imfashanyigisho zifatika: inkoko (igikoresho.)

Intangiriro

Gusoma neza kandi vuba agakuru "Icyari k'inyoni" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 64.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane nj

Gutahura igihekane nj

Umwarimu arerekana ishusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **nj.**
Urugero: Murabona iki? *(Ndabona uruhinja)*

- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika abaze abanyeshuri icyo babona. **Urugero**: Iki ni iki? *(Ni injanga.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: uruhinja, injanga.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane nj.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **nj**.)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **nj** mu gitabo k'inkuru, urupapuro rwa 61 agakuru "Nyanjongo yaretse kwigunga" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68 no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **nj**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **nj** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: imvura, imvubu.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **nj**.
- Umwarimu arayandika ku kibaho abanyeshuri berekane, aho bishoboka, imigemo yose y'icyo gihekane. **Urugero:** ijanja, gukwanjika, injumbure, injereri, injonjori.

Gusoma igihekane nj

- Umwarimu arasomera abanyeshuri, by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **nj** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda.
  Urugero: injumbure, injereri.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho.
  Urugero: Fubika urwo ruhinja rudakonja. Sebaganji arimo kujonjora ikawa.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

Abanyeshuri barasoma amagambo arimo igihekane **nj.**

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma interuro ngufi zirimo igihekane **nj.**

Urugero: Fubika urwo ruhinja rudakonja. Nimwijonjorere izo kawa.

Abanyeshuri barasoma, umwumwe, interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 64.

Umukoro

- Abanyeshuri barashaka nibura andi magambo abirabiri ku gihekane **nj** bakayereka abo babana.
- Abanyeshuri barereka banasomere abo mu rugo amagambo n'interuro birimo ibihekane **nj** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 65.

Isomo rya 4 — Kwandika mu mukono igihekane nj

Intego:
Kwandika banoza umukono, amagambo n'interuro birimo igihekane **nj**.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 65, 66.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri isomo baheruka kwiga. Duheruka kwiga iki? (Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nj**)
- Abanyeshuri baratanga amagambo arimo igihekane nj umwarimu agenda ayandika ku kibaho.
  Urugero: injanga, injereri.
- Abanyeshuri barasoma ayo magambo arimo ibihekane **nj**.

Isomo rishya

Kwandika igihekane nj

- Abanyeshuri baravuga amagambo babonye mu nkuru bize n'andi bazi arimo igihekane **nj**.
  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **nj**?
  (Amagambo twabonye arimo igihehane **nj** ni aya: injereri, injumbure, ibijonjori, injarwe.)
- Umwarimu yandika ku kibaho mu mukono, amagambo abanyeshuri bavuze, akabasaba kuyitegereza.

injereri injumbure

ibijonjori injarwe

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **nj** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **nj**.

- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **nj** mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **nj** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero:

Sebaganji arafubika uruhinja. Injira mu nzu udakonja.

- Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza akabakosora.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **nj** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 65, 66..

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono interuro zirimo igihekane **nj**.

Urugero:

Nkeneye arumva urusaku rw'injereri.

Myiyereko arasimbuka mu njumbure.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakora neza uwo mwitozo umwarimu akabakosora.

Umukoro

Abanyeshuri barandika mu mukono amagambo arimo igihekane **nj** bayereke abo babana mu rugo.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane mv

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mv.**
Imfashanyigisho: amashusho: inkoko, imfashanyigisho zifatika: inkoko (igikoresho.)

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 63
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50, 65, 66, 68.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Icyari k'inyoni" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane mv

Gutahura igihekane mv

- Umwarimu arerekana ishusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **mv.** Urugero: Murabona iki? *(Ndabona imvubu.)*
- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika abaze abanyeshuri icyo babona. **Urugero:** Iki ni iki? *(Ni imvi.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: imvubu, imvi.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **mv**.

- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. (Ni igihekane **mv**.)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **mv** mu gitabo k'inkuru, urupapuro rwa 63-68 cyangwa agakuru "Nyanjongo yaretse kwigunga" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68-72 no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **mv**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **mv** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: imvura, imvange.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **mv**.
- Kuyandika ku kibaho abanyeshuri bakerekana, aho bishoboka, imigemo y'inyajwi zose kuri icyo gihekane. **Urugero:** imvange, imvura, imvi, wumve.

Gusoma igihekane mv

- Umwarimu arasomera abanyeshuri, by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **mv** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda. **Urugero:** imvura, imvi.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho.
  Urugero: Mvumbuka na Samvura bafite imvi zirimo imvuvu.
  Nyiramvumba avuye i Mvejuru.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

- Abanyeshuri barasoma andi magambo arimo igihekane **mv**: (**Urugero:** umuvumvu, imvuvu.)
- Abanyeshuri barakora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mv** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 65.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma, umwumwe, interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 65.

Umukoro

- Abanyeshuri barashaka nibura andi magambo abirabiri ku gihekane **mv** bakayereka abo babana.
- Abanyeshuri barereka banasomere abo mu rugo amagambo n'interuro birimo ibihekane **mv** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 67.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane mv

Intego:
Kwandika banoza umukono, amagambo n'interuro birimo ibihekane **mv**.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 66, 67.

Intangiriro

Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **mv** umwarimu agenda ayandika ku kibaho.

Urugero: imvura, imvubu.

- Abanyeshuri barasoma ayo magambo.

Isomo rishya

Kwandika igihekane mv

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize n'andi bazi arimo igihekane **mv**. **Urugero:** Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **mv**?
  (Amagambo twabonye arimo igihekane **mv** ni aya: imvura, imvubu, imvi, imvune.)
- Umwarimu arandika ku kibaho mu mukono, amagambo abanyeshuri bavuze, akabasaba kuyitegereza

imvura imvubu

imvi imvune

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **mv** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **mv**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **mv** mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **mv** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'igihekane bamaze kwiga.

  Urugero:

  Samvura yanyagiwe n'imvura.

  Mvuye i Mvejuru gusura Mvumbuka.

  Imvura nitagwa umvomerere ziriya mbuto.
- Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza akabakosora.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **mv** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 66.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **mv**.

Urugero:

Semvumba arumva urusaku rw'injereri.

Mvumba arasimbuka mu njumbure.

Kugenzura ko abanyeshuri bakora neza uwo mwitozo umwarimu akabakosora.

Umukoro

Abanyeshuri barandika amagambo arimo igihekane **mv** banoza umukono, bakereka abo babana mu rugo.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:

- Gusoma no kumva agakuru karimo ibihekane **nj** na **mv**.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nj** na **mv**.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri.

Intangiriro

- Gukosora umukoro: Abanyeshuri barereka mwarimu aho banditse amagambo beretse abo babana.
- Gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **nj** na **mv**, abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo.

Urugero: ijanja, imvubu, imvura.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane nj na mv.

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru bagerageze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma, umwumwe, agakuru kari mu gitabo akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibabazo byo kumva agakuru.

Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero: Ni iki cyatumye Nyanjongo ireka kwigunga? (*Izindi mvubu zayisanze iba yonyine zirayihamagara zirakina.*)

Ubonye mugenzi wawe yigunze wakora iki? (*Namwegera nkamuganiriza nkamusaba ko dukina.*)

Imyitozo yo kwandika.

1. Kwandika amagambo arimo ibihekane nj na mv.

Uzuza iyi nteruro yo mu gakuru: ---------- ziba mu mazi. (Imvubu)

Abanyeshuri barashaka mu gakuru amagambo arimo ibihekane **nj** na **mv** bayandike mu makaye yabo.

2. Icyandikwa

Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Urugero:

Ababyeyi ba Mvebuka na Semvubu bakiriye Nyanjongo mu muryango wabo.

Mvebuka na Semvubu zinjiye mu mazi zirakina.

Umwarimu arakosora buri munyeshuri, hanyuma bakosorere hamwe ku kibaho.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana imikino inyuranye bagomba gukina.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nj** na **mv**.

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 61-68 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza agakuru "Nyanjongo yaretse kwigunga," mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68.

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu arabashyira mu matsinda abahe imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma mu cyapa no mu mukono amagambo arimo ibihekane **nj** na **mv** n'ibindi bihekane bize.

Urugero: injanga, injereri, uruhinja, injumbure, imvura, imvubu, imvi, imvuvu

- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro zanditse mu cyapa no mu mukono mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 65.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero:

injumbure, imvubu, uruhinja, ubukonje, imvura, imvi

Umwarimu arasaba abo banyeshuri kwandika interuro zirimo ibihekane bize.

Urugero:

Nkusi afite imvi.

Injereri zivuga nimugoroba.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu ababwira gusoma,bucece, agakuru "Twese dukine".

Umwarimu aha abo banyeshuri interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika.

Urugero:

Bwira Nyamvumba ajonjore ariya mashaza.

Imvubu ntizitinya ubukonje.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **nj** na **mv**, urupapuro rwa 67.

ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 3

I. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga (Isomo rya 1 n'irya 2)

1. Ingingo ngenderwaho

- Gusubiza ibibazo byo kumva no gusobanukirwa inkuru.
- Gusobanura amagambo mashya no kuyakoresha mu nteruro.

2. Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma: Igitabo cy'umwarimu, urupapuro rwa 95.

3. Amabwiriza

- Umwarimu arasoma inkuru aranguruye ijwi.
- Umwarimu arabaza abibazo binyuranye ku nkuru.
- Umwarimu aribanda ku bafite ibibazo byihariye mu myigire.

4. Imyitozo yo kumva inkuru
a) Gutega amatwi inkuru

TUBARERE BOSE NEZA
Nyiramyasiro na Samvura ni abana babiri. Umwe ni inkumi undi ni umusore. Umunsi umwe bitabiriye inama y'umudugudu wa Nkomane yigaga ku burere bw'abana. Muri iyo nama abaturage baganiriye ku buryo bwo kurera neza abana babo.

Bidatinze inama iratangira. Bahita babaza abari aho bose ibyo bumva abana bakorerwa kugira ngo bagire ubuzima bwiza n'uburere bwiza. Samvura ahita abaza ati: "Ge n'abandi bana tubana mu muhanda, inyuma y'inkuta z'amazu, twarababaye cyane. Imvura iyo iguye iratunyagira tukabura aho tuyihungira. Rwose natwe dukeneye aho tuba mu muryango."

Hakurikiraho Nyiramyasiro. Aratangira ati: "Ge mbana n'ababyeyi bange. Bantegeka kubumvira muri byose. Ariko simva mu nzu iminsi yose kuva mu gitondo kugeza nimugoroba injereri zivuze. Ntabwo mbona akanya na gato ko kujya gukina n'abandi. Numva nakwisangira bariya batagira aho baba tukajya twikinira.

Abari aho mu nama bariyumvira maze bafata imyanzuro ikurikira: "Aba bana nimureke twese tubajyane tubarerane n'abandi. Bityo tubarinde imvura n'ubukonje bya buri munsi bibicira muri iriya myobo. Tugomba kandi kujya duha akanya abana bacu bakajya mu mikino n'imyidagaduro. Bityo tubarere bose neza."

b) Gusobanura amagambo mashya mu nkuru no kuyakoresha mu nteruro.
Umuryango: abantu baba hamwe bagizwe n'umugabo, umugore n'abana. (Umuryango wacu dufatanya imirimo yose.)
Kumvira: gukora ibyo bagusabye. (Umwana ufite uburere yumvira ababyeyi.)
Imyanzuro: ibyo abantu bemeje mu nama (Mu nama yo ku ishuri twafashe iyi myanzuro: kudasiba no kudakererwa ishuri.)

c) Gukoresha mu nteruro amwe mu magambo yasobanuwe
Umuryango: Mvuka mu muryango w'abana batatu.
Kumvira: Abana barezwe neza bumvira ababyeyi.
Imyanzuro: Mu nama twakoranye n'umuyobozi w'ikigo, hafatiwemo imyanzuro ikomeye.

d) Gusubiza ibibazo ku nkuru
Muri iyi nkuru haravugwamo ba nde? *(Haravugwamo Nyiramyasiro na Mvuyekure.)*
Iyi nkuru iravuga ko abana bagomba kurerwa bate? *(Iravuga ko abana bagomba kurererwa mu muryango, kandi bagahabwa umwanya wo gukina.)*
Ese aba bana ibyo basabaga mu nama barabibonye? *(Yego, barabibonye. Ababyeyi biyemeje kubajyana bakabarera, biyemeza no kujya babaha akanya bagakina bakidagadura.)*

5. Ikosora
Muri iyi myitozo, umwarimu akosora abanyeshuri bagaragaje ibibazo byihariye mu gusubiza. Aho umunyeshuri adasubije neza ikibazo ku nkuru, umwarimu asaba undi kugisubiza.
Umwarimu agaruka kuri wa wundi akamubaza ikindi areba ko yabyumvise.
Umwarimu ashishikariza abanyeshuri bafite ibibazo kurusha abandi gutinyuka kuvuga abasomera ibice by'inkuru bize akababazaho ibibazo.

II. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma (Isomo rya 3 n'irya 4)

1. Ingingo ngenderwaho

Gusoma amagambo, interuro n'udukuru tugufi birimo ibihekane byizwe.

2. Ibikoresho bikenerwa: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68-72.

3. Amabwiriza

- Umwarimu arayobora abanyeshuri mu myitozo inyuranye yo gusoma amagambo, interuro n'udukuru birimo ibihekane byizwe.
- Umwarimu arandika amagambo cyangwa interuro ku kibaho. Arasaba abanyeshuri gusoma, umwumwe, ijambo cyangwa interuro umwarimu akojejeho agakoni. Umwarimu arabashishikariza gusoma ibyo aberetse kugira ngo abarinde gusoma ibyo bafashe mu mutwe cyangwa kwitegereza amashusho bakavuga ibyo bafashe mu mutwe.
- Umwarimu arasomesha buri munyeshuri yibanda cyanecyane ku bagaragaza ibibazo byo gusoma kurusha abandi. Arajya abasubirishamo kugira ngo nabo bagere ku rwego rwiza rwo gusoma.
- Mu gusoma agakuru, umwarimu arasaba abanyeshuri gufata igitabo byabo byo gusoma buri munsi, urupapuro rwa 68-72 aho agakuru "Nyanjongo yaretse kwigunga" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68-72.
- Umwarimu arabasomera agakuru aranguruye ijwi abanyeshuri bateze amatwi.
- Abanyeshuri barahabwa umwanya wo gusoma umwumwe, barangururuye. Umwe arajya asoma interuro nk'ebyiri undi akomerezeho ku buryo abanyeshuri benshi bahabwa amahirwe yo gusoma.
- Umwarimu arajya akosora, ako kanya, aho umunyeshuri adasomye neza.

4. Imyitozo yo gusoma

a) Gusoma amagambo yanditse ku kibaho

inkoko, inkende, inkangara, inkombe, imyumbati, imyeyo, imyase

imvubu, imvura, imvi, imvuvu, injongo, injarwe, injiji , injereri

b) Gusoma interuro zanditse ku kibaho

Mukankaka yejeje imyaka myinshi.
Nkeneye afite imyaka makumyabiri.
Injira mu nzu imvura itakunyagira.
Umusatsi wa Semvumba urimo imvi.

c) Gusoma agakuru "Nyanjongo yaretse kwigunga" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 68-72.

5. Ikosora

- Ikosora mu gusoma rikorwa ako kanya: Umunyeshuri akosorwa na bagenzi be ariko umwarimu agomba guhora atanga urugero rwo gusomera abanyeshuri aranguruye ijwi kugira ngo afashe abafite ibibazo.
- Umwarimu yibanda kuri ba banyeshuri bagaragaje ibibazo abaha amahirwe yo gukomeza kwitoza gusoma.

III. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika (Isomo rya 5 n'irya 6)

1. Ingingo ngenderwaho: Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane byizwe.

2. Ibikoresho bikenewe:

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 66, amakayi n'amakaramu.

3. Amabwiriza:

- Umwarimu aratanga imyitozo inyuranye: guhuza ibice by'amagambo bakandika interuro babonye mu makaye yabo, kuvangura imigemo bagakora amagambo bakayandika mu makaye yabo, guhitamo amagambo aboneye bakuzuza interuro bakazandika, kuvangura amagambo bagakora interuro bakazandika no gukora icyandikwa.
- Mu gihe abanyeshuri bakora imyitozo, umwarimu agendagenda mu ishuri afasha abafite ingorane mu kwandika.
- Ikosora rusange ribera ku kibaho, abanyeshuri, umwumwe, baza ku kibaho bakandika ijambo cyangwa interuro babonye nyuma bakandika ibisubizo mu makaye yabo.
- Ku mwitozo wo gukora icyandikwa, umwarimu asaba abanyeshuri gufata amakayi yabo n'amakaramu. Arabamenyesha ko agiye kubaha icyandikwa, abasabe gutega amatwi neza maze baze gutangira kwandika abahaye uburenganzira. Umwarimu asoma interuro inshuro ebyiri, hanyuma agasaba abanyeshuri, buri wese, kwandika iyo nteruro mu ikaye ye. Arakomeza atyo no ku zindi nteruro.

4. Imyitozo yo kwandika

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

a) Vangura imigemo ukore amagambo uyandike mu mukono mu ikaye yawe

nda-mye-i (imyenda)

i-nga-ra-nka (inkangara)

ra-i-mvu (imvura)

i-nga-nja (injanga)

b) Huza ibi bice by'ijambo ukore ijambo uryandike mu ikaye yawe

inko	yo	(inkono)
inje	vu	(injereri)
imye	no	(imyeyo)
imvu	reri	(imvuvu)

c) Hitamo amagambo wuzuze interuro uzandike mu ikaye yawe.

imyenda Inkorora kujonjora Imvubu

-------- ibabaza mu gituza. (Inkorora)

Twacu banguriye-------mishya. (imyenda)

-------ziba mu ruzi. (Imvubu)

Mama arimo--------amashaza. (kujonjora)

d) Vangura amagambo ukore interuro uzandike mu ikaye yawe.

Kankindi- injanga- yaguze. (Kankindi yaguze injanga.)

imvura- Cwinjire-iraguye-mu nzu -dore. (Cwinjire mu nzu dore imvura iraguye.)

e) Icyandikwa: Tega amatwi maze wandike izi nteruro mu mukono.

Urugero rw'interuro:

Kankera yaguze imyambaro myiza.

Nkirana yikoreye inkangara irimo imyumbati.

Semvumba acuruza injanga.

5. Ikosora

- Umwarimu aragenzura uko abanyeshuri bandika amagambo n'interuro ugenda ubakosora umwumwe.
- Ikosora rusange ribera ku kibaho, aho abanyeshuri, umwumwe, bajya kwandika amagambo n'interuro.
- Amagambo yose n'interuro birangije kwandikwa neza n'abanyeshuri ku kibaho, umwarimu asaba abanyeshuri bagize ibibazo kwikosora mu makaye yabo akagendagenda areba ko buri munyeshuri yikosora.
- Gukosora icyandikwa birakorerwa ku kibaho. Umwarimu arandika interuro ku kibaho, asabe buri munyeshuri gukosora aho yanditse nabi. Aragenda agenzura ko abanyeshuri barimo kwikosora.
- Buri munyeshuri arandika neza za nteruro mu ikaye ye.

Isomo rya 7 n'irya 8: Imyitozo y'ishimangirabushobozi

1. Ingingo ngenderwaho

- Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri.
- Gufasha buri kiciro kugera ku bushobozi bugamijwe haba mu gusoma cyangwa mu kwandika.

2. Ibikoresho bikenerwa: Amakayi, amakaramu n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Uburyo bwo gutanga iyi myitozo, mwaburebera mu masomo y'ishimangirabushobozi yabanjirije aya, mu mutwe wa mbere.

UMUTWE WA 4: IMIYOBORERE MYIZA

Inkuru abanyeshuri bashobora kwisomera: Nkunda ishuri ryacu, Ukuri n'ikinyoma.
Inkuru zisomerwa abanyeshuri: Amategeko y'ishuri, Sinzongera kubeshya.

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:
Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihekane **mp, jy, pf** na **nw** no gusesengura utwandiko tugufi ku nsanganyamatsiko y'inshingano z'abana.

Imbumbanyigisho: Ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko n'ubumenyi mu mikoreshereze y'ururimi.
Inyigisho: kumva, kuvuga, gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihekane n'inyunguramagambo.

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 4	Gusoma no kumva inkuru "Amategeko y'ishuri".	Gusesengura inkuru "Amategeko y'ishuri".	Gutahura no gusoma igihekane **mp**	Kwandika mu mukono igihekane **mp**	Gutahura no gusoma igihekane **jy**	Kwandika mu mukono igihekane **jy**	Imyitozo y'isuzumabu – shobozi.	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi.
Inyunguramagambo	Impuzankano, ipfunwe, ingonera,...	Impuzankano, ipfunwe, ingonera,...	Impuzankano, ampagarika, impara,...	Impuha, impundu, impaka, impanuro,...	Mujyambere, umujyojyo, urujyo,...	Mujyambere, umujyojyo, urujyo,...	Impuha, impaka, urujyo, kujya,...	Impande, ibinyampeke, impuha, amajyambere, tujyane,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kubahiriza amategeko y'ishuri.	Kugaraga za imbamuti ma ze ku bijyanye no gukunda ishuri.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gsoma igihekane **mp** mu ijambo.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono, Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gsoma igihekane **jy** mu ijambo	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono, Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe, kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **mp** na **jy**	Ibihekane **mp** na **jy**	Igihekane **mp**	Igihekane **mp**	Igihekane **jy**	Igihekane **jy**	Ibihekane **mp** na **jy**	Ibihekane **mp** na **jy**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 4	Gusoma no kumva inkuru ku "Sinzongera kubeshya".	Gusesengura inkuru "Sinzongera kubeshya".	Gutahura no gusoma igihekane **pf.**	Kwandika mu mukono igihekane **pf**	Gutahura no gusoma igihekane **zw.**	Kwandika mu mukono igihekane **zw.**	Gutahura no gusoma igihekane **nw.**	Kwandika mu mukono igihekane **nw.**
Inyunguramagambo	Amayeri, ishema, amasiganwa irushanwa,...	Amayeri, ishema, amasiganwa irushanwa,...	Ikinyabupfura, ubupfura,...	Ikinyabupfura, ubupfura,...	Guhozwa, kurakazwa, gukizwa, gusizwa, kubabazwa,...	Guhozwa, kurakazwa, gukizwa, gusizwa, kubabazwa,...	Nsanzabaga-nwa, amarushanwa. ganwa,...	Nsanzabaganwa, amarushanwa,...
Ubukesha	Kuvugisha ukuri akirinda kubeshya	Gukoresha ukuri no gushyigikira ukuri.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **pf**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu cyapa, Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **pf**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu cyapa, Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **nw**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu cyapa, Kugaragaza umuhate wo kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **pf , zw** na **nw**	Ibihekane **pf, zw** na **nw**	Igihekane **pf**	Igihekane **pf**	Igihekane **zw**	Igihekane **z w**	Igihekane **nw**	Igihekane **nw**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 4	Imyitozo y'isuzumabu-shobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga.	Imyitozo y'isuzumabu-shobozi bwo gusoma	Imyitozo y'isuzumabu shobozi ku kwandika.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.
Inyunguramagambo	Gupfura, isiganwa, gupfa, gupfobya, gupfumura, umunwa, ubwanwa,...	Akananwa, akanwa, ibinwete, igipfunyika, amapfa, gupfunyika,...	Impongo, ibihuru, kwishongora,...	Impongo, ibihuru, kwishongora,...	Ikinyabupfura, gupfura, umujyanama, urujyo, umujyojyo, impumu, ibinyampeke, amamininwa, ibinwete,...	umujyojyo, impumu, ibinyampeke, amamininwa, ibinwete, Ntabajyana, Mukizwa,...	amamininwa, ibinwete, Ntabajyana, Mukizwa. umujyojyo, impumu, ibinyampeke,...	Gupfukama, gupfura, ikinyabupfu-ra, urujyano, kujyana, umunwa, ubwanzwa, Manwangari,...
Ubukesha	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe, kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.	Kugaragaza ubushake bwo kubahiriza amategeko y'ishuri no kuvugisha ukuri.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye no kubahiriza amategeko y'ishuri no kuvugisha ukuri.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma. Kwitabira gusubiza ibibazo abajijwe.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika. Kwitabira gusubiza ibibazo abajijwe.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **pf, zw** na **nw.**	Ibihekane **pf, zw** na **nw.**	Ibihekane **mp, jy, pf, zw** na **nw.**	Ibihekane **mp, jy, pf, zw** na **nw.**	Ibihekane **mp, jy, pf, zw** na **nw.**	Ibihekane **mp, jy, pf, zw** na **nw.**	Ibihekane **mp, jy, pf, zw** na **nw.**	Ibihekane **mp, jy, pf, zw** na **nw.**

IBIHEKANE BYIGWA: mp, jy

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru: "Amategeko y'ishuri"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo bungukiye mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 69.
Inyunguramagambo: impuzankano, ipfunwe, ingonera, abafana.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo ku bijyanye n'amabwiriza abagenga ku ishuri. Ku ishuri mugendera ku yahe mabwiriza? (*Kudakererwa, kudasiba ishuri, kubaha abarimu, kwirinda gutongana no kurwana, gukora imikoro y'ishuri…*)

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Amategeko y'ishuri"
- Umwarimu arereka imfashanyigisho abanyeshuri bagerageze gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura ibyo inkuru iri buvugeho:
- Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? (*Turabonaho abayeshuri mu kibuga bari gukina n'abarimu babo imbere y' ishuri.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Iyi nkuru iri buvuge ku bintu bibera ku ishuri.)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye abereka amashusho uko agenda asoma buri gika.

Gusobanura amagambo mashya
Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru igika ku kindi bagerageze gutahura amagambo mashya umwarimu ayandike ku kibaho.
Mu matsinda, abanyeshuri barageragеza gusobanura amagambo akomeye, umwarimu agende abunganira bibaye ngombwa anononsora ibisobanuro batanze.

Urugero:
Impuzankano: imyenda isa kandi idoze kimwe yambarwa n'abantu bahuriye ku murimo runaka.
Abafana: abantu bogeza ikipe cyangwa umuntu kubera kumukunda baharanira ko atsinda.
Ipfunwe: Ikimwaro.

Imyitozo

Abanyeshuri barakoresha amagambo mashya mu nteruro ziboneye.

Urugero:
Impuzankano: Abanyeshuri bambara impuzankano ugasanga bose basa kandi basukuye.
Abafana: Ikipe ifite abafana benshi igira n'amahirwe yo gutsinda.
Ingonera: Igihe ubyutse uge ukaraba mu maso kugira ngo hatagira usanga ugifite ingonera.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Urugero:

Ni ba nde bavugwa mu nkuru? *(Ni umunyeshuri Jyambere, nyina, umuyobozi w'ikigo, abanyeshuri n'umwarimu, …)* Jyambere yari agiye gukora iki ku ishuri? *(Yari agiye gutangira ishuri.)* Ni iki cyatangaje Jyambere akigera ku ishuri? *(Uburyo abanyeshuri bubahirizaga ifirimbi n'isuku yahabonye.)* Abanyeshuri bamwakiriye bate? *(Bamwakiranye ibyishimo bakoma amashyi.)* Kuki abanyeshuri baceceka iyo bumvise ifirimbi ya mbere? *(Ni ukubera ko amabwiriza y'ishuri ari ko abisaba.)* Bakora iki iyo bumvise ifirimbi ya kabiri? *(Biruka bajya ku ishuri ryabo.*) Abarimu bakora iki mbere y'uko abanyeshuri binjira mu mashuri? *(Babanza kugenzura isuku.)*

Imyitozo:

Abanyeshuri bari mu matsinda baratanga ibitekerezo ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'amategeko y'ishuri *(Amategeko y'ishuri atuma abanyeshuri bagendera kuri gahunda.)*

Isuzuma

Abanyeshuri barakoresha amagambo bungukiye mu mwandiko bubake interuro ziboneye. Abafana, ingonera, impuzankano, …

Umukoro

Kubara muri make, inkuru "Amategeko y'ishuri" babwira abo babana ibyo bumvise muri iyo nkuru, bakazabigeza kuri bagenzi babo.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru: "Amategeko y'ishuri"

Intego:

- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Ibitabo:

Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 69.

Intangiriro:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Amategeko y'ishuri": Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? *(Havugwamo umunyeshuri Jyambere wishimiye ibyo abona ku ishuri akanatangazwa n'uburyo abanyeshuri bubahiriza amabwiriza.)*

Isomo rishya

Umwarimu arongera asomere abanyeshuri inkuru "Amategeko y'ishuri"mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero

Ubuyobozi bw'ishuri bukora iki kugira ngo habeho gahunda mu kigo? *(Bushyiraho amategeko cyangwa amabwiriza agenga abanyeshuri.)* Ni iki washima ku buryo ikigo Jyambere agiye kwigaho kiyobowe? *(Ikigo kiyobowe neza kuko abanyeshuri bose bubahiriza amabwiriza, bigatuma bagendera kuri gahunda.)* Umuntu utubahirije amategeko cyangwa amabwiriza amugenga bimugendekera gute? *(Agirwa inama, agasabwa kwikosora byaba ngombwa agahanwa.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero

Mu nkuru twasomewe ni ibihe bintu abanyeshuri bubahiriza? *(Kugira isuku, ikinyabupfura, kudasakuza mu ishuri, kudakererwa no kubaha abarimu.*) Isuku igaragara mu kigo Jyambere yagiye kwigaho iterwa n'iki? *(Iterwa no kubaha amategeko y'ishuri.*) Ubona abanyeshuri bo ku kigo wigaho

bagendera kuri gahunda, cyangwa hari abakererwa n'abadakora imikoro? *(Abanyeshuri barasubiza bakurikije uko babibona ku kigo cyabo.*) Ni iki cyagushimishije muri iyi nkuru? *(Nashimishijwe n'uburyo Jyambere yakunze ishuri.)*

Imyitozo

Abanyeshuri barajya impaka ku nsanganyamatsiko ijyanye n'imiyoborere myiza.
Mu matsinda, abanyeshuri baratanga ibitekerezo ku byo bashima ku miyoborere y'ishuri ryabo n'ibyo bagaya.
Kwigana no gukina ibikorwa by'abavugwa mu nkuru.
Abanyeshuri barajya mu matsinda, umwe abe umuyobozi, abandi babe abanyeshuri, bigane uko bigendekera umunyeshuri wakererewe.

Isuzuma

Gushaka no kuvuga irindi herezo ry'inkuru yasomwe bikorewe mu matsinda.
Mu matsinda, abanyeshuri baratekereza ku bundi buryo inkuru yashoboraga kurangiramo hanyuma bagende bahabwa ijambo buri tsinda rivuga igitekerezo cyaryo.

Umukoro

Buri munyeshuri arabaza abo babana icyo ubuyobozi bumarira abayoborwa, maze azakigeze ku bandi.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane mp

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mp**.
Imfashanyigisho: amashusho: impapuro, impu, imparage.

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 69 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 73.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, akazu ku kandi, agakuru ka "Nyanjogo yaretse kwigunga" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 68.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane mp

Gutahura igihekane mp

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane mp. **Urugero:** Murabona iki? *(Turabona impapuro, impu, impindu, imparage.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: impapuro, impu, impindu, imparage.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **mp**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **mp**.)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane mp mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 76 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 76, abasabe gutera urutoki mu gihe bumvise ijambo ririmo igihekane **mp**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **mp** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane mp ayandike ku kibaho mu cyapa *(impapuro, impu, impindu, imparage; mp iri mu ibara.)*
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane mp, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere. **Urugero:**

impande, impara, impuguke, impuhwe, mpa, mumpere…

Gusoma amagambo arimo igihekane mp.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **mp** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

  Urugero: impapuro, impande, impu, impindu, impaka.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.

  Urugero:
  - Twandika ku mpapuro zifite imirongo.
  - Abanyarwanda ba kera bambaraga impu.
  - Ntimugatere impaka zitagambiriye kubaka.
  - Kwiruka cyane bitera impumu.
  - Tuzage kureba impara n'imparage zifite amabara atangaje.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 73.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 73.

Umukoro

Abanyeshuri baritoza gusoma barakora imyitozo yo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 73-74.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane mp

Intego :
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane mp mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita yanditseho ibihekane.
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 73.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga *(ni igihekane **tw**.)*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane mp agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane mp

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **mp**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **mp**. *(Amagambo arimo igihehane mp ni aya: Impapuro, impu, impaka, impande, impindu.)*

• Umwarimu arandika mu mukono, ku kibaho, amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

impapuro, impande, impaka, impu

• Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane mp bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
• Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **mp**.
• Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **mp** mu mukono ku kibaho no mu makaye yabo.

Umwitozo

Abanyeshuri baritoza kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **mp**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74.

Isuzuma

• Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **mp** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo.

Impu zivamo imikandara ikomeye.

Impapuro tuzandikaho.

• Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **mp** bazandike mu makaye yabo.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane mp na jy

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **jy.**
Imfashanyigisho: urujyo, umujyojyo.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma mu matsinda ya babiri agakuru ka "Nkunda ishuri ryacu" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 77.

Isomo rishya

• Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane jy. Urugero: Murabona iki? *(Turabona urujyo, isuka y'umujyojyo, umujyanama.)*
• Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: urujyo, umujyojyo, umujyanama, Kajyunguri; **jy** iri mu ibara.
• Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **jy**.
• Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **jy**.)*
• Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane jy mu gitabo k'inkuru zisomerwa

abanyeshuri, urupapuro rwa 76 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 77, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **jy**.

- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **jy** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane jy ayandike ku kibaho mu cyapa *(kujyana, umujyojyo, **jy** iri mu ibara.)*
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **jy**, bageragaza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.

  Urugero: amajyambere, amajyaruguru, umujyanama, Kajyunguri, umujyojyo.

Gusoma amagambo arimo igihekane jy

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane jy yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

  Urugero: Amajyambere, umujyanama, urujyo, umujyojyo.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.

  Urugero:

  Isuka ikiri nshya bayita umujyojyo.

  Nitwiga dushishikaye tuzagera ku majyambere.

  Urujyo rw'ikibindi ruri mu muhanda.

  Karisa ni umujyanama w'ubuzima
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

  Urugero:

  Isuka ikiri nshya bayita umujyojyo.

  Nitwiga dushishikaye tuzagera ku majyambere.

  Urujyo rw'ikibindi ruri mu muhanda.

  Karisa ni umujyanama w'ubuzima.

Umwitozo

Mu matsinda ya babiri, abanyeshuri barasoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 76, bashakemo amagambo arimo ibihekane **mp** na **jy**.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74

Umukoro

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74-75

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane jy

Intego:

Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **jy** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita yanditseho ibihekane.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga *(ni igihekane **jy**.)*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo igihekane **jy** agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane jy

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane jy.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane jy. *(Amagambo arimo igihehane jy ni aya: amajyambere, urujyo, umujyojyo, umujyanama.)*
- Umwarimu arandika mu mukono ku kibaho amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

amajyambere, urujyo, umujyanama, umujyojyo

- Abanyeshuri barerekana igihekane jy bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Abanyeshuri baratahura inyuguti zigize igihekane **jy**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane jy mu mukono, ku kibaho no mu makaye yabo.
- Abanyeshuri barandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane **jy**.

urujyo, umujyojyo, amajyambere, impinja

Mujyambere, urujyano, Bujyakera

Mwige mushishikaye bizabageza ku majyambere.

Isuka y'mujyojyo ni yo ihinga neza.

Imyitozo:

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane jy mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74.

Isuzuma

Abanyeshuri barandika interuro zikurikira:

Majyambere acuruza amasuka y'imijyojyo n'impapuro.

Ntimukage impaka n'umujyanama w'ubuzima kuko aba yarahuguwe.

Umukoro

Abanyeshuri barahanga interuro zirimo amagambo arimo igihekane jy n'ibindi bamaze kwiga, bazandike mu makaye yabo.

Imyitozo 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane mp/mp, jy/jy

Imfashanyigisho: Amashusho yo mu gitabo k'inkuru
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74.

Intangiriro

Umwarimu araha abanyeshuri arimo ibihekane **mp** na **jy** bayandike.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane mp na jy

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru bagerageze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru kari ku rupapuro rwa 77 akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibabazo byo kumva agakuru.

- Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.
- Ni ibiki uyu mwana avuga ko akesha kwiga? (Kumenya gusoma, kubara nono kubana neza hagati yacu.) Wowe hari ibyo umaze kungukira ku ishuri wigaho? (Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye: Kumenya gusoma, kwandika, kugira ikinyabupfura,...)

Imyitozo yo kwandika.

1. Kwandika amagabo arimo ibihekane mp na jy.

Abanyeshuri barashaka mu gakuru amagambo arimo ibihekane **mp** na **jy** bayandike mu makaye yabo.

2. Icyandikwa

Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Jyambere yiga ku kigo cy'amashuri cya Jyambere.

Amajyambere ni yo yatumye Abanyarwanda bareka kwambara impu n'impuzu.

Mujyanama yabyaye abana babiri b'impanga.

Muge mujya inama mwirinde impagarara.

Umwarimu arakosora buri munyeshuri, hanyuma bakosorere hamwe ku kibaho.

Umukoro

Gukora umwitozo, mu makaye yabo, wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 76.

Imyitozo 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **mp/**mp na **jy/**jy

Imfashanyigisho: amakarita yanditseho ibihekane
Ibitabo: Igitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, igika ku kindi agakuru "Nkunda ishuri ryacu", mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 77.

Isomo rishya

- Umwarimu aratahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri
- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro akurikije ingorane bafite, abahe imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gusoma amagambo arimo ibihekane **mp** na **jy** n'ibindi bihekane barangije kwiga.
- Umwarimu aravanga amagambo arimo ibihekane **mp** na **jy** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.
  Urugero: impaka, kujya, impinja, urujyo, impundu, amajyambere, umujyojyo.
- Gusaba abo banyeshuri gusoma interuro.

  Urugero
  Impara n'imparage bigeira amabara meza.
  Impara n'imparage bigira amabara meza.
  Jya wubaha so na nyoko.
  Jya wubaha so na nyoko.
  Mu majyaruguru harakonja.
  Mu majyaruguru harakonja.
  Impundu zigaragaza ibyishimo.
  Impundu zigaragaza ibyishimo.

- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.
  Urugero: Impongo, kujya inama, urujyo, impuha, impombo, impande.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro ziganjemo ibihekane **mp** na **jy** n'ibindi

  barangije kwiga.
  Urugero :

  Impara n'imparage bigeira amabara meza.
  Jya wubaha so na nyoko.
  Mu majyaruguru harakonja.
  Impundu zigaragaza ibyishimo.

- Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma bucece agakuru "Nkunda ishuri ryacu".

Urugero:

Impara n'imparage bigira amabara meza.

Jya wubaha so na nyoko.

Mu majyaruguru harakonja.

Impundu zigaragaza ibyishimo.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane **mp/**mp na **jy/**jy, urupapuro rwa 75-76.

Umukoro

Abanyeshuri barandika amagambo n'interuro bihimbiye birimo ibihekane **mp/**mp na **jy/**jy, banoza umukono.

IBIHEKANE BYIGWA: pf, zw, nw

Isomo rya 1 — Gusoma no kumva inkuru" Sinzongera kubeshya"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yasobanuwe.

Imfashanyigisho: Amakarita yanditseho ibihekane.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 80.
Inyunguramagambo: amayeri, bari babukereye, ishema.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru "Nkunda ishuri ryacu", igika ku kindi.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Sinzongera kubeshya"
- Umwarimu arereka amashusho n'imfashanyigisho abanyeshuri bagerageze gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho: Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? *(Ishuri, umwana na nyina.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Iyi nkuru iri buvuge ku mwana ugiye gutangira ishuri.)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye abereka amashusho.

Gusobanura amagambo mashya
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru, igika ku kindi, bagerageze gutahura amagambo mashya umwarimu ayandike ku kibaho.
- Mu matsinda, abanyeshuri barageregeza gusobanura amagambo akomeye, umwarimu agende abunganira bibaye ngombwa anonosora ibisobanuro batanze.

  Ipfunwe: Ikimwaro
  Amayeri: uburyo bwo gukora ikintu ukoresheje uburyarya cyangwa uburiganya.
  Kurabukwa: kubona ikintu ariko ntubone umwanya wo kukitegereza neza.

Gushiguka: gukangukira hejuru kubera ubwoba cyangwa ikintu kiguhangayikishije.

Gukoresha amagambo mashya mu nteruro

- Abanyeshuri bari mu matsinda, barakora interuro ziboneye bakoreshejemo amagambo bungukiye mu nkuru.

  Urugero:

  Kubeshya bitera **ipfunwe**.

  Gushikagurika: Umwana yaraye ashiguka kubera ko yigeze kwitura hasi.

Imyitozo

- Abanyeshuri bari mu matsinda baratanga ibitekerezo ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'inshingano z'abana.
- Gusangiza abandi ibyavuye mu matsinda umwarimu agashimangira ibivugwa mu nkuru ku kutavugisha ukuri.

Ipfunwe:

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo, bagende basubiza umwumwe.

Urugero: Ni iki cyari giteganijwe ku ishuri rya Ikuzwe? *(Ni amarushanwa yo kwiruka.)* Ikuzwe yatekereje ate kubeshya? *(Ni uko yabonaga Mukabaganwa amusiga mu myitozo.)* Ku munsi wo gusiganwa Ikuzwe yabigenje ate? *(Yihishe mu giti, abonye abandi bagarutse abagenda imbere bituma aba uwa mbere.*) Ni nde wavumbuye ko Ikuzwe yabeshye? *(Ni se wabo Mukizwa.)* Nyuma yo kubeshya akanahembwa, Ikuzwe yagize amahoro mu mutima? *(Oya, yahoraga yikanga buri kintu.)*

Imyitozo:

1. Gutanga ibitekerezo

Abanyeshuri bari mu matsinda, baratekereza ku bibi byo kubeshya bandike nibura ingaruka eshanu. *(guhorana ipfunwe, kutagirirwa ikizere, kuyobya abandi, …)*

Isuzuma

Abanyeshuri barakoresha amagambo bungukiye mu mwandiko bubake interuro ziboneye.

Umukoro

Buri munyeshuri arabaza abo babana impamvu kubeshya ari bibi, azageze kuri bagenzi be ibyo yashoboye kumenya.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru: "Sinzongera kubeshya"

Intego:

- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Amakarita yanditseho ibihekane

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 80.

Intangiriro:

Kubaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Sinzongera kubeshya": Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? *(Haravugwamo umunyeshuri wabeshye mu masiganwa agahembwa kandi atigeze yiruka.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Sinzongera kubeshya"

Kongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Kubaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero:

Wavuga ko kubeshya byagiriye Ikuzwe akamaro kuko yahembwe? Sobanura. *(Oya, kuko n'ubwo yahembwe yahoraga afite umutima uhagaze.)*

Ubona kubeshya bigira izihe ngaruka? *(Bitera kubura amahoro mu mutima, bituma abantu batongera kukugirira ikizere.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe

Kubaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero

Ni iyihe nama wari kugira Ikuzwe iyo akugisha inama? *(Nari kumugira inama yo kwiruka wenda akaba uwa kabiri ariko agahemberwa ukuri.)*

Ni iki washima Ikuzwe? *(Nashima Ikuzwe ko yageze aho akiyemeza kuvugisha ukuri akanasaba imbabazi.)*

Ni iki washima Mukizwa? *(Mukizwa namushima ko atahishiye ikinyoma n'ubwo yari afitanye isano na Ikuzwe.*)

Hari icyo wanenga kuri Ikuzwe cyangwa kuri Mukizwa? *(Ikuzwe namungenga kubeshya. Mukizwa na we namunenga ko atahise akurikirana Ikuzwe hakiri kare ngo amubuze kubeshya kuko yari yamubonye.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baratanga ibitekerezo ku byiza byo kuvugisha ukuri n'ibibi byo kubeshya.
- Abanyeshuri bari mu matsinda batekereze ubundi buryo inkuru "Sinzongera kubeshya" yashoboraga kurangiramo"hanyuma buri tsinda rigeze ku bandi igitekerzo cyaryo.

Isuzuma

Abanyeshuri baravuga umwumwe uko byagenze mu mwandiko "Sinzongera kubeshya" muri make n'icyo bawungukiyeho.

Umukoro

Buri munyeshuri abaze abo bababana nibura ingaruka eshanu zo kubeshya n'ibyiza bitanu bituruka ku kuvugisha ukuri, hanyuma azabigeze ku bandi mu isomo rikurikiraho.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane pf

Intego:

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **pf**

Imfashanyigisho: amakarita ariho ibihekane, amashusho: umwana upfukamye, ipfupfu, ipfundo.

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 82.

Intangiriro

- Abanyeshuri barasomera mu matsina agakuru ka "Nkunda ishuri ryacu" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 77.

Isomo rishya

Umwarimu arereka amashusho abanyeshuri ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **pf**: Murabona iki kuri aya mashusho? *(Turahabona: umwana upfukamye, ipfupfu, ipfundo.)*

Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: Gupfukama, ipfupfu, ipfundo
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **pf**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **pf**.)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **mp** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abannyeshuri, urupapuro rwa 69 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 82, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **pf**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **pf** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: ipfunwe, ubupfura, ipfa, umupfumu, ipfupfu, amapfizi, urupfu.
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **pf**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.
  Urugero: amapfizi, gupfa, gupfobya, gupfunyika, upfe kugenda.

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane pf
- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **pf** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo. **Urugero:** ipfunwe, ubupfura, ipfa, umupfumu, ipfupfu, amapfizi, urupfu, ikinyabupfura.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:
  Umwana ufite uburere bwiza agaragariza ikinyabupfura abantu bose.
  Ibimasa bigira ipfupfu rinini.
  Mukizwa yagize ipfunwe kubera kudakoresha ukuri.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 82.

Isuzuma

Umwarimu arasomesha abanyeshuri umwumwe, interuro zikurikira.
Umwana ufite uburere bwiza agaragariza abantu bose ikinyabupfura.
Hitamo imara ipfa.

Umukoro

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 82, hanyuma bazabisomere abandi mu ishuri.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane pf

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **pf** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita yanditseho ibihekane.
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 82.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga (ni igihekane **pf**.)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane pf agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane pf
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **pf**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **pf**.
- Umwarimu arandika mu mukono ku kibaho amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

Urugero: ikinyabupfura, gupfobya, ipfupfu, amapfa

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane pf bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **pf**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **pf** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

Umwitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika banoza umukono amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 82.

Isuzuma

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **pf** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo.

Ubupfura buba mu nda.

Amapfizi agira amapfupfu manini.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **pf** bazandike mu makayi yabo.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane zw

Intego:

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **zw.**

Imfashanyigisho:

ishusho y'umwana uri guhozwa na nyina.

Ibitabo:

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba agakuru "Nkunda ishuri ryacu" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 77.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane zw

Gutahura igihekane zw

- Umwarimu arerekana ishusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **zw**. **Urugero**: Murabona iki? (*Ndabona umwana uri guho**zw**a*)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: *guho**zw**a.*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **zw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. (*Ni igihekane **zw**.*)
- Gusomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **zw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 80 cyangwa agakuru "Ukuri n'ikinyoma" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 86 no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **zw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **zw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: ababa**zw**a, Neze**zw**a.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **zw**.
- Umwarimu arayandika ku kibaho abanyeshuri berekane, aho bishoboka, imigemo yose y'icyo gihekane. **Urugero:** gusi**zwa**, yare**zwe**, bira**zwi**.

Gusoma igihekane zw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri, by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **zw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, umwumwe, bose hamwe, cyangwa mu matsinda. **Urugero:** gusi**zwa**, yare**zwe**, bira**zwi**.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho.
  Urugero: Buri mwana ababazwa no kubura ababyeyi be. Umwana warezwe neza ntasuzugura. Birazwi ko isuku ari isoko y'ubuzima.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birim igihekane **zw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83.

Isuzuma

Umwarimu arasomesha abanyeshuri umwumwe, interuro zirimo igihekane **zw**.
Urugero: Iki kibanza kizasizwa ejo. Ntukakarakazwe n'ubusa.

Umukoro

Abanyeshuri barasomera abo mu rugo amagambo n'interuro birimo igihekane **zw** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83, hanyuma bazabisomere abandi mu ishuri.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane zw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **zw** mu mukono.
Imfashashanyigisho: Amakarita yanditseho ibihekane.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83-84.

Intangiriro
Abanyeshuri barahuza amakarita y'ibihekane babone amagambo arimo igihekane **zw** umwarimu ayandike ku kibaho.

Urugero: guhazwa, gusozwa

Abanyeshuri barasoma ayo magambo.

Isomo rishya

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize n'andi bazi arimo ibihekane **zw.**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **zw**?
(*Amagambo twabonye arimo igihehane zw ni aya: kubabazwa, Ikuzwe.*)

- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze, ku kibaho, mu mukono abanyeshuri bayitegereza.

kubabazwa Ikuzwe

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **zw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **zw.**
- Umwrimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **zw** mu mukono ku no mu makaye yabo.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo ibihekane **zw** uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83-84.

Isuzuma

- Abanyeshuri barandika interuro zirimo igihekane **zw,** izindi nyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero: Nezezwa no kuba uwa mbere mu ishuri. Jya wivuza ukirwara kugira ngo utazahazwa n indwara.

- Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza akabakosora.

Umukoro

- Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **zw** bazandike mu makaye yabo.

Isomo rya 7 Gutahura no gusoma igihekane nw

Intego

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nw**.

Imfashanyigisho: amakarita ariho ibihekane.

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 80 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83.

Intangiriro:

Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba agakuru "Nkunda ishuri ryacu" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 77.

Isomo rishya:

Gutahura no gusoma igihekane nw

Gutahura igihekane nw

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane nw. **Urugero:** Murabona iki? *(Turabona: ubwanwa, akananwa.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: ubwanwa, akananwa, amamininwa, gupiganwa.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **nw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **nw**.)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane nw mu gitabo k'inkuru urupapuro rwa 81 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 85, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **nw**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane nw bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **nw** ayandike ku kibaho mu cyapa *(ubwanwa, akananwa, amamininwa, gupiganwa.)*
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane nw, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.
  Urugero: ubwanwa, akananwa, amamininwa, gupiganwa …

Gusoma amagambo arimo igihekane nw.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **nw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda

bicayemo.
Urugero: ubwanwa, akananwa, amamininwa, gupiganwa.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.

Urugero:

Sebaganwa agira ikinyabupfura.
Kutavugisha ukuri bitera ipfunwe

Ipiganwa rikomeye rizahuza abahanzi bo mu Rwanda mu kwezi gutaha.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83.

Isuzuma

Abanyeshuri barsoma abanyeshuri umwumwe interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 84.

Umukoro

Abanyeshuri barasoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 85 bashakemo amagambo arimo ibihekane **pf** na **nw.**

Isomo rya 8 Kwandika mu mukono igihekane nw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nw** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita y'ibihekane
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 83.

Isomo rishya

Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba agakuru "Nkunda ishuri ryacu" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 77.

Intangiriro

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro wo mu isomo riheruka, hanyuma bakosorere hamwe ku kibaho bafashijwe n'umwarimu.
- **Isubiramo:**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga *(ni igihekane **nw**.)*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane nw agende ayandika ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma amagambo yanditse ku kibaho.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane nw.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **nw**.

(Amagambo arimo igihehane **nw** ni aya: umunwa, akananwa, ubwanwa, ibinwete, ipfunwe.
- Umwarimu arandika mu mukono ku kibaho amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze..

Umunwa, ubwanwa, ipfunwe, ibinwete, akananwa

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane nw bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane nw. Ababaza ibibazo: murabona ari izihe nyuguti zigize iki gihekane?
- Umwarimu arandika igihekane ku kibaho mu mukono.

- Abanyeshuri barandika igihekane nw mu mukono ku kibaho no mu makaye.
- Gukora icyandikwa mu mukono ku gihekane nw mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

  Urugero:

  Kutavugisha ukuri bitera ipfunwe.

  Mudaheranwa afite ubwanwa burebure.
- Kugenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo

Abanyeshuri barandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane nw, biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 84.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono interuro zikurikira:

Isiganwa ry'amagare rirashimisha.

Mu kinyabupfura, iyo wayuye utega ikiganza ku munwa.

Umukoro

Abanyeshuri barakora umukoro wo kwandika mu mukono amagambo n'interuro, biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 84.

Isomo rya 1 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **pf** na **nw**

Imfashanyigisho: amashusho.
Ibitabo: Igitabo cy'umwarimu, igitabo k'inkuru, urupapuro rwa 80 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 84-85.

Intangiriro

Umwarimu arafasha abanyeshuri gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **pf** na **nw**, abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane pf na nw

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru" Ukuri n'ikinyoma" bageragaze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe agakuru kari ku rupapuro rwa 86 akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibazo byo kumva agakuru.

Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Imyitozo yo kwandika.

1. Kwandika amagabo arimo ibihekane pf, zw na nw

Urugero:

Ni gute kuvugisha ukuri bifasha umuntu kugira nshuti? (*Abantu baramwizera kandi bakamukunda.*)
Wigeze ubona umuntu uvuga ibinyoma? Byagagenze bite? (*Naramubonye. Yari afite ubwoba, arya*

iminwa avuga areba hasi.)
Abanyeshuri barashaka mu gakuru amagambo arimo ibihekane **pf** na **nw** bayandike mu makaye yabo.

2. Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane pf na **nw, mu mukono**

Kwandika uduteruro tugufi tujyanye n'agakuru.

Urugero: Mouge mugaragariza ikinyabupfura abantu bose.

3. Icyandikwa

Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Mudaheranwa afite ubwanwa ku kananwa.

Ibiti binini bibazwamo imbaho.

Kuvugisha ukuri ni ubupfura, bintera ishema bikandinda ipfunwe

Umwarimu arakosora buri munyeshuri, hanyuma bakosorere hamwe ku kibaho.

Isomo rya 2 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **pf/**pf, zw/zw na **nw/**nw

Imfashanyigisho: amakarita y'ibihekane.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 84-85.

Intangiriro

Gusoma neza agakuru "Ukuri n'ikinyoma": Abanyeshuri barasoma umwumwe, akazu ku kandi, basimburana.

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Gushyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **pf, zw** na **nw** n'ibindi bihekane barangije kwiga.
- Kuvangavanga amagambo arimo ibihekane **pf, zw** na **nw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero: amapfa, ubwanwa, ikinyabupfura, amasiganwa, gupfukama, guhanwa, gusizwa, guhozwa.

- Gusaba abo banyeshuri gusoma interuro.

Urugero

Kudakoresha ukuri byateye Ikuzwe ipfunwe.

Buri mwana urize agomba guhozwa.

Mouge mugaragariza ikinyabupfura abantu bose.

- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

  Urugero: icyanwa, amamininwa, ubupfura, gupfundura, kozwa, gukazwa

- Gusaba abanyeshuri kwandika interuro ziganjemo ibihekane **pf** na **nw** n'ibindi barangije kwiga.
  Urugero :

  Kudakoresha ukuri byateye Ikuzwe ipfunwe.

  Mudaheranwa afite ubwanwa burebure.

  Muge mugaragariza ikinyabupfura abantu bose.

- Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma bucece agakuru"Ukuri n'ikinyoma".
  Urugero:

  Kudakoresha ukuri byateye Ikuzwe ipfunwe.

  Mudaheranwa afite ubwanwa burebure.

Isuzuma

Gukora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane pf/pf, zw/zw na nw/nw, urupapuro rwa 85.

Umukoro

Kwandika amagambo n'interuro bihimbiye birimo ibihekane **pf/**pf, **zw/**zw na **nw/**nw, bakabisomera abo babana mu rugo.

ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 4

I. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga (isomo rya 3)

1. Ingingo ngenderwaho

• Gusubiza ibibazo byo kumva no gusobanukirwa inkuru
• Gusobanura amagambo mashya no kuyakoresha mu nteruro.

2. Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

3. Amabwiriza

• Umwarimu arasoma inkuru aranguruye ijwi hanyuma abaze ibibazo binyuranye ku nkuru.
• Kubaza abanyeshuri bose cyanecyane abagaragaza ko ubushobozi bwabo bukiri hasi.

4. Imyitozo yo kumva inkuru

a) Gutega amatwi inkuru

IMIYOBORERE MYIZA

Kera habayeho intare yari umwami w'ishyamba. Mu buyobozi bwayo, iyo ntare yakundaga kwica izindi nyamaswa ikaba arizo irya. Inyamaswa yakundaga guhiga zari impongo, impara n'imparage. Mbese kuri yo izindi nyamaswa zari zibereyeho kuribwa. Buri munsi yajyaga guhiga igataha yishe inyamaswa. Nyuma yaho yaje guhanwa. Yagiye guhiga yiruka ku mpara. Impara ibonye igiye kuyifata irasimbuka inyura mu mashami y'igiti, ipfumurira mu gihuru. Impara ikizwa n'uko ya ntare inyuze aho impara yaciye igafatwa mu mashami ya cya giti. Inyamaswa zose zanyuraga munsi y'icyo giti zayishongoragaho ziyibwira ziti: "Nawe wajya wabona? Watuyoboye nabi wica inyamaswa kandi wiyita umwami wacu!" Intare irakazwa n'ayo magambo ariko ibura uko ibigenza. Nyuma yaje kwisubiraho iravuga iti: "Nibyo koko nta mutware wo kwica abo ashinzwe kurengera."

b) Gusobanura amwe mu magambo mashya mu nkuru:

Impongo: inyamaswa irisha iruta ihene ho gato.
Igihuru: ahantu hari ibiti n'ibyatsi byinshi byegeranye.
Kwishongora: kubwira umuntu amagambo agaragaza ko wishimiye ibyago bye.

c) Gukoresha mu nteruro amwe mu magambo yasobanuwe

Impongo: Muri Pariki harimo impongo nyinshi.
Ibihuru: Ibihuru byegereye urugo bizana imibu itera marariya.
Kwishongora: Si byiza kwishongora ku muntu ubabaye.

d) Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva inkuru

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo ku nkuru bagende basubiza.

Urugero: Intare yabanaga gute n'izindi nyamwaswa? *(Aho kuziyobora yarazihigaga ikazica ikazirya.)* Inyamaswa intare yakundaga guhiga ni izihe? *(Impongo, impara, n'imparage.)* Intare byaje kuyigendekera gute? *(Yirutse ku mpara ifatwa n'igiti.)* Izindi nyamaswa zababajwe n'uko intare yagize ibyago? *(Oya, ahubwo zatangiye kuyishongoraho.*) Imiyoborere y'intare wayivugaho iki? *(Intare yayoboraga nabi kuko umuyobozi atagomba kugirira nabi abo ayobora.)* Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru? *(Ni ukubana n'abandi bose neza.)*

5. Ikosora: Abanyeshuri baragenda basoma ibisobanuro batanze, umwarimu abafashe guhitamo igisobanuro kiri cyo no kukinoza.

Mu myitozo yose ikorwa, umwarimu arakosora abanyeshuri bagaragaje ibibazo byihariye mu gusubiza. Aho umunyeshuri atabashije gusubiza ikibazo ku nkuru, gusaba undi munyeshuri kumukosora nyuma umwarimu akagaruka ku munyeshuri byari byananiye akikosora. Umwarimu

agomba kugerageza guha amahirwe menshi yo gusubiza abanyeshuri bafite ibibazo kurusha abandi, akabashishikariza kuvuga.

II. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma (isomo rya 4)

1. Ingingo ngenderwaho

Gusoma amagambo, interuro, n'udukuru tugufi dushushanyije birimo inyuguti zose zizwe.

2. Ibikoresho bikenerwa: Igitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. Amabwiriza

Umwarimu yandika mu cyapa no mu mukono amagambo arimo ibihekane byizwe ku kibaho, abanyeshuri bakayasoma.

4. Imyitozo yo gusoma

a) Gusoma amagambo yanditse ku kibaho

Ubwanwa, amapfa, ubupfura, ibinwete, gupfura, gupfukama, umunwa.

Ubwanwa, amapfa, ubupfura, ibinwete, gupfura, gupfukama, umunwa.

Gusoma interuro zanditse ku kibaho

Mbega ubwanwa bwa Mudaheranwa.

Mbega ubwanwa bwa Mudaheranwa!

Amarushanwa yo gusiganwa akunda kwitabirwa n'abantu batandukanye.

Amarushanwa yo gusiganwa akunda kwitabirwa n'abantu batandukanye.

Hitamo imara ipfa.

Hitamo imara ipfa.

Agapfundikiye gatera amatsiko.

Agapfundikiye gatera amatsiko.

III. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika (Isomo rya 5 na 6.)

1. Ingingo ngenderwaho:

Kwandika amagambo n'interuro byoroheje birimo inyuguti zizwe.

2. Ibikoresho bikenewe: igitabo cy'inkuru, Igitabo cy'umunyeshuri, amakayi n'amakaramu.

a) Huza ibice by'amagambo ukore amagambo afite ibisobanuro byumvikana.

Urugero: 2. e) ibinwete

1. ubu	a) siganwa
2. ibi	b) nwa
3. ama	c) bupfura
4. akana	d) pfura
5. gupfu	e) nwete
6. ikinya	f) kama

b) Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono mu ikaye yawe: ubwanwa, ipfupfu, agapfundikiye, ubupfura.

- _____ ry'ikimasa rijyana n'ubunini bwacyo. (ipfupfu.)
- _____ buba mu nda. (Ubupfura.)
- _____ gatera amatsiko.*(agapfundikiye.)*
- Aho_____ bwaje, ubwana burahava. *(Ubwanwa.)*

c) Tondeka amagambo ukore interuro kandi uzandike mu mukono mu ikaye yawe.

- ubwanwa - ikimenyetso -kigaragaza- umuhungu- gukura-utangiye-ni. *(Ubwanwa ni ikimenyesto kigaragaza umuhungu utangiye gukura.)*
- beza - abana -ikinyabupfura- barangwa. *(Abana beza barangwa n'ikinyabupfura.)*

d) Icyandikwa: Kwandika mu mukono interuro interuro basomewe.

- Mujye mugira ikinyabupfura aho muri hose.
- Agapfa kaburiwe ni impongo.
- Nsanzabaganwa yatsinze amasiganwa.

5. Ikosora

Isomo rya 7 na 8: Imyitozo y'ishimangirabushobozi

1. Ingingo ngenderwaho

- Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri.
- Gufasha buri kiciro kugera ku bushobozi bugamijwe haba mu gusoma cyangwa mu kwandika

2. Ibikoresho bikenerwa: Amakayi, amakaramu n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Kureba uko masomo y'ishimangirabushobozi mu mutwe wa mbere atangwa.

UMUTWE WA 5: ISUKU

Udukuru abanyeshuri bashobora kwisomera: Dusukure aho turara, Nshizirungu n'amatungo ye

Inkuru zisomerwa abana: Ntashya na Nyombya, Ukonsukura umubiri wange

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusoma no kwandika banozaumukono amagambo n'interuro ibihekane **"ns, mby, shy, nsh, gw, jw "**no gusesengura utwandiko tugufi twasomwe ku nsanganyamatsiko yerekeye isuku.

Imbumbanyigisho: Ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko n'ubumenyi mu mikoreshereze y'ururimi.
Inyigisho: kumva,kuvuga,gusoma no kwandika ibihekane **"ns", "mby", "nsh", "gw","jw"** n'inyunguramagambo.

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 5	Gusoma no kumva inkuru" Ntashya na Nyombya"	Gusesengura umwandiko (Isuku y'aho barara)	Gutahura no gusoma igihekane **ns**	Kwandika mu mukono igihekane **ns**	Gutahura no gusoma igihekane **mby**	Kwandika mu mukono igihekane **mby**	Gutahura no gusoma igihekane **shy** Imyitozo y'isuzumabushobozi.	Kwandika mu mukono igihekane **shy** Imyitozo y'ishimangirabushobozi.
Inyunguramagambo	Zarizihirwaga, Umunyeshyaka, Wakiranye urugwiro, Bakubitwa n'inkuba, insina, imirishyo, ishyamba, imbyiro, Ntashya.	Umunyeshyaka, Nsabimana, Gashyantare, Kansi, buri munsi	Insenda, insina, insokozo, inseko, umunsi.	Insina, nsukira, Mukansoro, insakazamajwi, insenda, insisiro.	Umuririmbyi, imbyiro, umukororombya, imbyeyi.	imbyaro, imbyiro, imbyeyi, abaririmbyi.	Ishyamba, Intashya, ishyo, ishyirahamwe.	ishyari, amashyengo, ishyaka, amashyo, ishyiga.
Ubukesha	Kugaragaza amatsiko yo gusoma. Gushishikarira kugira isuku y'aho barara no kubishishikariza abandi.	Kugaragaza amatsiko yo gusoma. Kugaragaza imbamutima ze kubijyanye n'isuku y'ahobarara.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **ns**.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **mby**.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **shy**.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma. Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.
Ibihekane byigwa	Ibihekane: **ns**, **mby** na **shy**	Ibihekane: **ns**, **mby** na **shy**	Igihekane: **ns**,	Igihekane: **ns.**	Igihekane: **mby**	Igihekane: **mby**	Igihekane: **shy**	Ibihekane: **shy**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya4**	**Isomo rya5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya**7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 8	Imyitozo y'isuzumabushobozi	Imyitozo y'ishimangirabushobozi	Gusoma no kumva inkuru "Uko nsukura umubiri wange"	Gusesengura inkuru "Uko nsukura umubiri wange"	Gutahura no gusoma igihekane **nsh**	Kwandika mu mukono igihekane **nsh**	Gutahura no gusoma igihekane **gw**	Kwandika mu mukono igihekane **gw**
Inyunguramagambo	insokozo, insinga, insina, amashyuza, amashyo, ishyamba, ishyanga, imbyino, imbyaro, mbyirire, mbyariyehe, imirishyo	Kansi, insengo, insengero, Niyonsaba, Mukansoro, icyansi, umuhimbyi, umuvumbyi, umukororomba, urugombyi, intashyo.	Ikigwari, urugwiro, Kugwiramo, ngatutubikana, ntimukajijwe.	Ikigwari, urugwiro, Kugwiramo, ngatutubikana, ntimukajijwe.	Inshinge, inshira, inshozamihigo, inshinga, inshabiranya, inshenga.	Inshinga, insharwatsi, inshira, inshoberamahanga.	Imigwegwe, yagwiriye, kugwengera, gugwatiriza.	Kugweragwera, Kagwene, kugwangara, yagwije.
Ubuke-sha	Kugaragaza ubushake bwo kumenya akamaro ko gusukura umubiri no ku bishishikariza abandi.	Kugaraga za imbamutima ze ku bijyanye n'akamaro k'isuku y'umubiri.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura ibihekane **nsh, jw** na **gw** mu magambo no mu nteruro.	Kwitabira gusoma amagambo n'intero ngufi mu cyapa, Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **nsh**.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **gw**.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.
Ibihekane byigwa	Ibihekane: **nsh, gw** na **jw**	Ibihekane: **nsh, gw** na **jw**	Ibihekane: **nsh, gw** na **jw**	Ibihekane: **nsh, gw** na **jw**	Igihekane: **nsh**	Igihekane: **nsh**	Ibihekane: **jw**	Ibihekane: **jw**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya**7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 8	Gutahura no gusoma igihekane **jw**	Kwandika mu mukono igihekane **jw**	Imyitozo y'isuzumabushobozi	Imyitozo y'ishimangirabushobozi.	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga.	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo gusoma.	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo kwandika.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi
Inyunguramagambo	Amajwi, kujwigira, kujwibura, ikijwangajwanga.	Amajwi, kujwigira, kujwibura, ikijwangajwanga.	Urugwiro, ibigwi, ubugwaneza, ikijwangajwanga, kujijwa, kujwenga, Nshogoza, Nshizirungu, inshumbushanyo.	Kugwatiriza, Bigogwe, Magwera, Magwiti, ijwi, kajwiga, insharwatsi	inshinge, inshira, inshuke, imigwagati, imigwegwe, kugwatiriza, ijwi, bijwara	inshoberamahanga, kugwa, kugweragwera, kajwiga, kujwibura, inshira, insharwatsi	inshuke, imigwagati, imigwegwe, kugwatiriza, ijwi, bijwara	ubugwaneza, ikijwangajwanga, kujijwa, kujwenga.
Ubukesha	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **gw**.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma. Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe, kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **ns, mby, shy, nsh, gw** na **jw,**	Ibihekane **ns, mby, shy, nsh, gw** na **jw,**	Ibihekane **ns, mby, shy, nsh, gw** na **jw,**	Ibihekane **ns, mby, shy, nsh, gw** na **jw.**	Ibihekane **ns, mby, shy, nsh, gw** na **jw.**	Ibihekane **ns, mby, shy, nsh, gw** na **jw.**	Ibihekane **ns, mby, shy, nsh, gw** na **jw.**	Ibihekane **ns, mby, shy, nsh, gw** na **jw.**

IBIHEKANE BYIGWA: ns, mby, shy

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Ntashya na Nyombya"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo bungutse.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'izindi mfashanyigisho zifatika.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 90-99.
n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 86-89.

Inyunguramagambo:
Zarizihirwaga, umunyeshyaka, wakiranye urugwiro, bakubitwa n'inkuba, banenze

---

Intangiriro

Umwarimu arasoma agakuru: "**Ukuri n'ikinyoma**" kari mu gitabo cy'umunyeshuri cyo gusoma burimunsi urupapuro rwa 86-89.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: Ntashya na Nyombya

- Abanyeshuri baravumbura icyo inkuru "Ntashya na Nyombya" iri buvugeho hifashishijwe ishusho iri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 90-99.
- Mwarimu arabaza ibibazo byo gutahura icyo inkuru iri buvugeho.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho uko usoma buri gace.
- Umwarimu arasobanura amagambo mashya
- Umwarimu arasoma inkuru igika ku gika abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, umwarimu akabuzuza bibaye ngombwa.

Urugero: **Zarizihirwaga:** zaranezerwaga.
Umunyeshyaka: Umunyamwete.
Wakiranye urugwiro: wakiranye ibyishimo, wakiriye neza.
Bakubitwa n'inkuba: barumirwa.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru
Kubaza no gusubiza ibibazo ku nkuru.

Mbere yo gusoma inkuru

Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? *(Turabonaho umuntu uri gusasa uburiri, imyeyo n'akabati karimo imyenda izinze neza.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Inkuru iri buvuge ku isuku yaho turara.)*

Ibibazo byo kumva inkuru

Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru? *(Ntashya n' umuryango we na Nyombya.)* Ni iki kivugwa mu nkuru? *(Inkuru iravuga ku isuku y'aho turara.)* Ni ikihe kifuzo Ntashya yagejeje ku muryango we? *(ikifuzo cyo kujya gusura umuryango wa Nyombya.)* Ni gute Nyombya yakiriye abashyitsi? *(Nyombya yari yatoranije abaririmbyi bazi kuririmba no kuvuza ingoma neza maze baririmbira umuryango wa Ntashya.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'isuku y'aho barara: Uburiri bwa Ntashya bwari intangarugero (uburiri bushashe neza n'amashuka meza ameshe.)
- Abanyeshuri batanga Urugero bumvise mu nkuru. **Urugero:** Kwa Nyombya hari hari umwanda (amasafuriya yuzuyeho imbyiro, uburiri budashashe n'amasahane atogeje)
- Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amagambo mashya.

Urugero :
Inyoni zo mu mu ryango wa Ntashya zirizihirwa cyane zataramye.
Kanyombya ni umunyeshyaka cyane mu gusoma ibitabo.
Mukansoro yakubiswe n'inkuba abonye insina ze zarumye.

Isuzuma

Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru:

Urugero:

1. Ni iki wakora kugira ngo ugirire isuku aho urara? *(Guhindura ibyo kuryamira byibuze kabiri cyangwa gatatu mu cyumweru, gusasa uburiri uko ubyutse, gukubura cyangwa gukoropa, guhanagura imirayi n'ivumbi, kuzinga neza imyenda n'ibindi.)*
2. Gukoresha aya magambo mu nteruro: imbyiro, ishyaka, insina

Urugero: Iyo isafuriya itozwa inyuma igira imbyiro nyinshi.
Ni ngombwa gukorana ishyaka ngo utsinde neza.
Papa yateye insina eshatu mu rutoki.

Umukoro

Kubwira abo babana muri make ibyasomwe mu nkuru "Ntashya na Nyombya" no kubabaza akamaro ko kugirira isuku aho barara.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru "Ntashya na Nyombya"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru

Ibitabo :
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 90-99.
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 86-89.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru " Ntashya na Nyombya"
Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (*Haravugwamo isuku y'aho turara*.) Nyombya yitwaye ate nyuma y'uko umuryango wa Ntashya umufasha gukora isuku? (*Nyombya yahise afata umwanzuro wo guhora akora isuku mu nzu ye, ahakubura neza, ahungura imirayi, asasa uburiri bwe neza kandi atondeka neza imyambaro n'ibikoresho bye byose.*)

Isomo rishya

Gusoma inkuru" Ntashya na Nyombya**"**
Kongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye no kubabazaho ibibazo.

Ibibazo byo gusesengura inkuru
Kubaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Ni iki Kigaragaza ko Ntashya yari umunyesuku? (*Uburiri bwe bwari intangarugero, yaryamaga mu mashuka akeye, uburiri bwabaga bushashe neza, ibikoresho bye byabaga biri ku murongo. Igitambaro ke cy'amazi cyahoraga gisa neza. Buri gitondo, Ntashya yabyukaga akubura inzu ye maze agahungura umukungu wose wabaga watumukiye ku ntebe n'ameza bye*.) Ni iki cyatumye umuryango wa Ntashya unenga uwa Nyombya? (*Umuryangango wa Ntashya wasanze kwa nyombya hari umwanda. Amashuka ya Nyombya yari yarahindutse umuhondo asa nabi, amasafuriya yari yuzuyeho imbyiro**,** amasahane atogeje. Kandi bibitse ahantu hadakwiye.*) Iyi nkuru ikwigishije iki? (*Kugirira isuku aho ndara nka Ntashya, Kumenya gufashanya nk'uko Ntashya n'umuryango we bafashije Nyombya.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe
Kubaza abanyeshuri ibibazo bihuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.
Ni iki mukora iyo mubyutse mu gitondo kugira ngo musukure aho murara? (*Gusasa uburiri, gufungura amadirishya kugira ngo hinjire umwuka mwiza, gukubura*.) Ni ibihe bikoresho mwifashisha mu rugo kugira ngo muharanire isuku y'aho murara? (*Isabune yo kumesa, umweyo,*

umukoropesho, igitambaro cyabugenewe mu guhanagura ivumbi.) Wakora iki usuye mugenzi wawe ugasanga afite umwanda? (*Namugira inama cyangwa nkamwigisha uko batunganya aho barara*.)

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri barageragеza kuganira no kujya impaka ku buryo wagirira isuku aho urara.
  Urugero: Kumesa amashuka n'ibyo kwiyorosa, gukubura no guhungura ivumbi mu cyumba turaramo, kwibuka gufungura amadirishya uko tubyutse, gukubura cyangwa gukoropa mu cyumba cyo kuraramo, kubika neza ku murongo ibikoresho biri mu cyumba.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kubwira abandi uburyo wagirira isuku aho urara nk'uko babiganiriyeho mu matsinda.

Isuzuma

Umwarimu arabaza ibindi bibazo byimbitse ku nkuru.

Urugero: Ni nde uvugwa muri iyi nkuru wagiraga umwanda? (Ni Nyombya)? Ni iki cyatumaga inyoni zikunda gutaramira kwa Ntashya? *(Ni uko kwa Ntashya harangwaga n'isuku.)* Ni iki wakwigira kuri Ntashya? (*Gusasa neza uburiri nk'ubwa Ntashya, kuryama mu mashuka akeye, kubika ibikoresho ku murongo. Kugira igitambaro cy'amazi gihora gisa neza.)*

Umukoro

- Abanyeshuri barabaza abo mu rugo ubundi buryo bagirira isuku aho barara.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gushushanya igice k'inkuru bakunze no gusobanurira bagenzi be igishushanyo bagihuza n'inkuru.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane ns

Intego:

Gusoma igihekane **ns** mu ijambo no mu nteruro z'agakuru.

Imfashanyigisho:

Imfashanyigisho zifatika n'amashusho: insenda, insina, insokozo.

Ibitabo :

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 86-89, 90.

Intangiriro

Umwarimu arasoma agakuru: "**Ukuri n'ikinyoma**" kari mu gitabo cy'umunyeshuri cyo gusoma burimunsi urupapuro rwa 86-89.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane ns

Gutahura igihekane: ns

- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **ns**.
  Urugero: Murabona iki? (*Turabona insina, insenda, icyansi, insokozo,*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa (**ns** iri mu ibara.)
  Urugero: i**nsi**na, i**nse**nda, icya**nsi**
- Umwarimu arasoma amagambo ku kibaho atsindagira ku gihekane **ns.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ijwi rishya, asubiramo amagambo agenda atsindagira kuri rya jwi.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko ijwi rishya atsindagiraho ari igihekane **ns.**
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo igihekane **ns** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri abanyeshuri bashyire urutoki hejuru cyangwa bakome mu mashyi bumvise igihekane **ns**.
  Urugero: Kansinga agirira isuku aho arara.
  Mukansoro yaguze insakazamajwi.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **ns**.
- **Urugero:** Insika, inseko, insisiro, nsasira
- Umwarimu arayandika ku kibaho agaragaza aho bishoboka imigemo y'inyajwi zose ku gihekane **ns,** **Urugero:** *in**si**bika, ya**nsu**ye, **nso**romera, i**nsa**kazamajwi, i**nse**ngero,...*

Gusoma igihekane ns

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **ns** yanditse ku kibaho**.** **Urugero:** *inseko, umunsi, insenda*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuyasoma batsindagira ku gihekane **ns.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma cyangwa andi agaragaramo ibihekane **ns**.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.

Urugero:
Nsabimana agira inseko nziza
Uyu munsi twariye ubugari
Mukansoro arasoroma insenda

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro utsindagira kuri **ns**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma izo nteruro batsindagira ku gihekane **ns**.

Imyitozo

- Abanyeshuri baratanga andi magambo arimo igihekane **ns:** (insisiro, insika.)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro ziganjemo igihekane **ns**.
  Urugero:
  Nsengimana arasoroma insenda
  Nsasira buriya buriri nsize budashashe.

Isuzuma

- Abanyeshuri barasoma interuro zirimo igihekane **ns** mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 90.
  Urugero: Kansinga yansobanuriye imibare. Mama yansukiye amata mu gikombe. Mukansoro yansigiye igitabo kiza.

Umukoro

Kubaza abo babana andi magambo arimo igihekane **ns**.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane ns mu mukono

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ns** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 92.

Intangiriro

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **ns** umwarimu agenda ayandika ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma amagambo arimo igihekane **ns** yanditse ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane ns

Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo

igihekane **ns**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **ns**?

(Amagambo twabonye arimo igihehane **ns** ni aya: insina, nsukira, Mukansoro, insakazamajwi, insenda, insisiro)

Kwandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

insina, nsukira, Mukansoro

insakazamajwi, insenda, insisiro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **ns** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **ns.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **ns** mu mukono ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **ns** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero:

Insina za Mukansoro zirashaje. Nsabimana arahinga insenda.

Nsengimana asengera mu nsengero ebyiri.

Kugenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo:

Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **ns** bayandike mu mukono ku kibaho no mu makaye yabo.

Urugero: insisiro, insengo, yansekeye

- Gusaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **ns** mu gitabo cy'umunyeshuri.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **ns**

Urugero:

Mama Yansokoreje imisatsi ndanezerwa.

Sinsubira kubyina ndananiwe.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakora neza uwo mwitozo abakosore.
- Abanyeshuri barakora interuro zirimo igihekane **ns** hanyuma bayandike mu mukono.

Urugero:

Nsekanabandi yansoromeye imboga aragiye.

Umukoro

Abanyeshuri barashaka interuro zirimo igihekane **ns** bazandike mu ikaye bazazisomere abo babana iwabo mu rugo.

Urugero: Mukansoro agira ishyaka ryo kuririmba.
Mbyariyehe, ashyuhije, ibiryo.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane: mby

Intego:
Gusoma igihekane **ns** mu ijambo no mu nteruro z'agakuru.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho urugero*: ishusho y'abaririmbyi, imbyeyi.*

Ibitabo :
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 91-99, igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 86-89.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "**Ukuri n'ikinyoma"** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 86-89.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane mby

Gutahura igihekane:mby

- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **mby**.
  Urugero: Murabona iki? (*Turabona umuririmbyi, imbyiro, umukororombya, imbyeyi.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa (**mby** iri mu ibara.)
  Urugero: umuriri**mbyi**, i**mbyi**ro, umukororo**mbya**, i**mbye**yi
- Umwarimu arasoma amagambo ku kibaho atsindagira ku gihekane **mby.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ijwi rishya, asubiramo amagambo agenda atsindagira kuri rya jwi.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko ijwi rishya atsindagiraho ari igihekane **mby.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **mby** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri abanyeshuri bashyire urutoki hejuru cyangwa bakome mu mashyi bumvise igihekane **mby**.
  Urugero: Isafuriya ye iriho imbyiro.
  Inka ya Nsabimana ni imbyeyi.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **mby**.
  Urugero: imbyaro, umuhimbyi, simbyuka, umuvumbyi.
- Umwarimu arayandika kukibaho agaragaza aho bishoboka imigemo yose y'igihekane **mby.**
  Urugero**: imbyaro**, si**mbyu**ka, mbyayingabo, umuvu**mbyi,** i**mbye**yi.

Gusoma igihekane mby

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **mby** yanditse ku kibaho**. Urugero:** imbyaro, inyombya, imbyino
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma cyangwa andi agaragaramo igihekane **mby**.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.

Urugero:

Inka yange ifite imbyaro ebyiri.

Inyombya ni akanyoni keza.

Barabyina imbyino ishimishije.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro utsindagira kuri **mby**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma izo nteruro batsindagira ku gihekane **mby**.

Imyitozo

- Abanyeshuri badatanga andi magambo arimo igihekane **mby:** (mbyinira, yahombye)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro ziganjemo igihekane **mby**.

Urugero:

Abaririmbyi bararirimba amajwi meza.

Kansinga yasize imbyiro ku gikuta.

Isuzuma

- Abanyeshuri barashaka andi magambo arimo imigemo yose y'igihekane **mby**: *umukororo**mbya**, i**mbyi**no, yare**mbye**, ya**mbyu**kije*.
- Abanyeshuri barerekana igihekane **mby** aho kigaragara mu magambo no kuyasoma: ***mbya**kire, yamuhe**mbye***

Umukoro

Abanyeshuri barabaza abo mu rugo amagambo abiri n'interuro imwe birimo igihekane **mby** bayandike mu makaye y'umukoro**.**

Isomo rya 6 Kwandika igihekane mby mu mukono

Intego:

Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **mby** mu mukono.

Imfashanyigisho:

Imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 92.

Intangiriro

Gushaka amagambo arimo igihekane **mby** umwarimu agenda ayandika ku kibaho, abanyeshuri bayasome.

Isomo rishya

Kwandika igihekane mby

Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **mby**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **mby**?

(Amagambo twabonye arimo igihehane **mby** ni aya**:** imbyaro, imbyiro, imbyeyi, abaririmbyi,...

- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

imbyaro imbyiro

umuhimbyi abaririmbyi

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **mby** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **mby.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **mby** mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Umwarimu arakora icyandikwa ku gihekane **mby** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

  Urugero:

  Isafuriya ya mama iriho imbyiro.

  Itorero rya Nsengiyumva rifite abahimbyi n'abaririmbyi.

Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo:

Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **mby** bayandike mu mukono mu makaye yabo.

Urugero: mbyemere, mbyarire, mbyikorere

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **mby** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 92.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **mby.**

  Urugero:

  Mwarimu wacu ni umuririmbyi w'umuhanga

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakora neza uwo mwitozo abakosore.
- Abanyeshuri barakora interuro zirimo igihekane **mby** hanyuma bayandike mu mukono.

  Urugero: Inyombya ni inyoni igira amabara menshi.

Umukoro

Abanyeshuri barandika banoza umukono interuro irimo igihekane **mby**.

Urugero: Kalisa yiriwe yarimbye kurusha abandi bana.

Isomo rya 7 Gutahura no gusoma igihekane shy

Intego:

Gusoma igihekane **shy** mu ijambo no mu nteruro z'agakuru.

Imfashanyigisho:

Imfashanyigisho zifatika n'amashusho: *Ishyamba, Intashya.*

Ibitabo :

Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 91-99 n'igitabo cy'umunyeshuri, rupapuro rwa 91.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "**Dusukure aho turara"** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 94-98.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane shy

Gutahura igihekane shy

- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **shy**.
  Urugero: Murabona iki? (Turabona ishyamba, ishyo, ishyirahamwe.)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho, mu cyapa (**shy** iri mu ibara.)
  Urugero: *i**shya**mba, i**shyo**, i**shyi**rahamwe*
- Umwarimu arasoma amagambo ku kibaho atsindagira ku gihekane **shy.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ijwi rishya, asubiramo amagambo agenda atsindagira kuri rya jwi.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko ijwi rishya atsindagiraho ari igihekane **shy.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **shy** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri abanyeshuri bashyire urutoki hejuru cyangwa bakome mu mashyi bumvise igihekane **shy.**
  Urugero: Shyaka na Kansinga batuye i Shyorongi.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **shy**.
  Urugero: *gushyenga, yashyuhije, yashyikirijwe*.
- Umwarimu arayandika ku kibaho agaragaza aho bishoboka imigemo yose y'igihekane **shy. Urugero:** *gu**shye**nga, ya**shyu**hije, ya**shyi**kirijwe, gu**shya**mirana, gu**shyo**gozanya*

Gusoma igihekane shy

- Gusomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **shy** yanditse ku kibaho**.**
  Urugero: *Shyorongi, Gushyeshyenga, gushyamirana*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuyasoma batsindagira ku gihekane **shy**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma cyangwa andi agaragaramo igihekane **shy**.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:
  Shyaka aratema ibitimu ishyamba.
  Abaturage batuye i Shyorongi bagira ishyaka.
  Nsekanabo arashyushya ibiryo.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro atsindagira kuri **shy**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma izo nteruro batsindagira ku gihekane **shy**.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro n'amagambo byiganjemo igihekane **shy**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 91-92.
  Urugero:
  Abanyeshuri beza bahorana ishyaka ryo gutsinda.
  Shyaka yatembereye i Cyangugu abona amashyuza.

Isuzuma

- Abanyeshuri barerekana igihekane **shy** aho kigaragara mu magambo no kuyasoma: *ama**shy**ongore***,** i**shya**nga

Umukoro

Gusaba abanyeshuri gusomera abo mu rugo agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 94-98 bakabafasha gutahura amagambo arimo ibihekane **ns, mby, shy**

Isomo rya 8 Kwandika mu mukono igihekane shy

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **shy** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 92.

Intangiriro
Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **shy** umwarimu agenda ayandika ku kibaho abanyeshuri bakayasoma.

Isomo rishya

Kwandika igihekane shy
Kubaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **shy**
Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **shy**?
(Amagambo twabonye arimo igihehane **shy** ni aya**:** ishyamba, ishyari, amashyengo, ishyaka.
Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

ishyamba amashyengo
ishyaka ishyari

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **shy** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **shy.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **shy** mu mukono ku kibaho no mu makaye.
- Umwarimu arakora icyandikwa ku gihekane **shy** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.
  Urugero:
  Abana bararya ibiryo bishyushye.
  Nimwishyure amafaranga mwagurijwe n'ishyirahamwe.
  Kamana yashyikirijwe ishyo ry'inka.
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **shy** bayandike mu mukono mu makaye yabo.
  Urugero: amashyushyu, amashyuza
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **shy** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 92.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **shy**
  Urugero:
  Mukashyaka yashyingiwe umwaka ushize
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakora neza uwo mwitozo abakosore.

- Abanyeshuri barakora interuro zirimo igihekane **shy** hanyuma bayandike mu mukono.

  Urugero: Abakecuru bararamukanya ngo amashyongore.

Umukoro

Abanyeshuri barashaka interuro zirimo igihekane **shy** abanyeshuri bakazandika mu ikaye bakazisomera abo babana ndetse bakazereka bagenzi babo uko bazanditse banoza umukono.

Urugero: Shyaka arashyushya amazi.

Isomo rya 1 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'intererurro birimo ibihekane **ns, mby** na **shy.**

Imfashanyigisho:
Igitabo k'inkuru, amashusho yo mu gitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 93, 94-98.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru "**Dusukure aho turara**"

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane ns mby na **shy.**

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru no gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, akazu ku kazu agakuru "**Dusukure aho turara**" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 94-98. Umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosore aho batasomye neza.
- Abanyeshuri barasubiza ibibazo byo kumva agakuru.
- Umwarimu aragenda abaza ibibazo byo kumva agakuru, babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero:

Ni ibiki Shyaka na Kansinga bigiye kuri mubyara wabo? (*Bamwigiyeho gusukura aho barara*.)

Ni gute usukura aho urara? (*Nkubura icyumba ndaramo nkanasasa uburiri.*)

Ni izihe ngaruka zo kudasukura aho urara? (*Bitera udukoko dutera indwara nk'imbaragasa, ibiheri n'utundi*)

Imyitozo yo kwandika.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gushaka mu gakuru "**Dusukure aho turara**" amagambo arimo ibihekane **ns, mby** na **shy**
- Umwarimu arasoma interuro abanyeshuri bateze amatwi hanyuma ayisome nibura kabiri bayandike mu makaye yabo.

  Urugero rw'icyandikwa:

  Umuryango wa Ntashya wari uhagaze hafi y'umurima w'insina za Nyombya

  Ntashya yari umuririmbyi ndetse akaba n'umunyesuku.

  Amasafuriya ya Nyombya yari yuzuyeho **imbyiro**.

  Ntashya yarizihirwaga akaba umunyeshyaka cyane
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Umukoro

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 99 akazu ka 11 bayahuze n'inkuru bavuga uko byagenze.
- Abanyeshuri barabaza abo murugo ibikorwa by'isuku bikunze kugaragara mu gace batuyemo.

Isomo rya 2 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ns, mby, shy.**

Imfashanyigisho: Igitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza agakuru "**Dusukure aho turara**"

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **ns, mby** na **shy** n'izindi nyuguti bamaze kwiga zivangavanze.

Kuvangavanga amagambo arimo ibihekane **ns, mby** na **shy** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero: Insibika, insina, insenda, insanganayamatsiko, imbyaro,imbyiro, ishyaka, ishyari,gushyushya

Gusaba abo banyeshuri gusoma interuro.

Urugero: Mukansoro akunda gushyushya inkuru.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika.

Urugero: Insokozo, insika, insisiro, imbyeyi, ishya, ishyirahamwe (Insokozo, insika, insisiro, imbyeyi, ishya, ishyirahamwe.)

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro.

Urugero : Nsabimana na mbyariyehe baba mu ishyirahamwe rimwe.
Mukansoro yabifurije umwaka w'ishya nihirwe.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakayandika hanyuma bagasoma agakuru"Dusukura aho turara"

Urugero: Kansinga agize imbyaro ebyiri. Ishyirahamwe ryacu rihinga insina.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane **ns, mby, shy**, urupapuro rwa 92-93.

Umukoro

Abanyeshuri barabaza abo babana ingaruka zo kutagira isuku y'aho barara bazazisobanurire bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 3 Gusoma no kumva inkuru “Uko nsukura umubiri wange”

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo bungutse.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n’inkuru n’izindi mfashanyigisho zifatika.

Ibitabo:
Igitabo k’inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 100-106.
n’igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 94-98.

Inyunguramagambo:
Ikigwari, urugwiro, kugwiramo, ngatutubikana, ntimukajijwe

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma agakuru: “Dusukure aho turara"

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Uko nsukura umubiri wange"

- Abanyeshuri baravumbura icyo inkuru "Uko nsukura umubiri wange" iri buvugeho hifashishijwe ishusho iri mu gitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 100.
- Mwarimu arabaza ibibazo byo gutahura icyo inkuru iri buvugweho:
  Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? (*Turabonaho umwana uri koga mu mutwe)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? (*Inkuru iri buvuge ku isuku y’umubiri wacu*.)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho uko usoma buri gace.

Gusobanura amagambo mashya

Umwarimu arasoma inkuru igika ku gika abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, umwarimu akabuzuza bibaye ngombwa.

Urugero:

Ikigwari: Ni umuntu utabasha gusabana n’abandi, utazi kuganira, udashobora kusohoza inshingano ze, mbese ni umuntu udashoboye.

Gusubiza ibibazo rusange byo kumva inkuru

- Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru.

Urugero: Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru? (*Haravugwa mo Mugwera*.)Ni iki kiranga Mugwera? (*Mugwera agira urugwiro, ntabwo ari ikigwari, ahorana ubuzima bwiza, kandi agira isuku*) Ni ibihe bice by’umubiri Mugwera agirira isuku bivugwa muri iyi nkuru? (*Isuku y’intoki, umutwe, mu kanwa, amatwi ndetse n’ibirenge)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n’isuku y’umubiri. (*Gwiza asukura umubiri we* (*akaraba kenshi intoki akoresheje isabune n'amazi. Buri gihe iyo avuye ku musarani, ntiyibagirwa gukaraba intoki. Iyo amaze gukaraba, yihanaguza agatambaro gafite isuku.)* Abanyeshuri batanga Urugero z’ibikoresho by’isuku bumvise mu nkuru. **Urugero:** (*Amazi meza n’isabune, uburoso, umuti wabugenewe n’ibindi.)*

Isuzuma

- Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru:

Urugero:

Ni gute Mugwera yagirira intoki ze isuku? (*Mugwera yakarabaga intoki ze kenshi akoresheje amazi n’isabune, ntiyibagirwaga gukaraba uko avuye ku musarani ndetse zacaga inzara z’intoki ze akazisukura*.) Iyi nkuru yakwigishije ko wasukura amenyo yawe ute? (*koza mu kanwa buri gitondo na buri gihe uko maze gufata amafunguro nkoresheje uburoso umuti w’amenyo ndetse n’amazi meza*.)

• Abanayeshuri barakoresha aya magambo mu nteruro: ikigwari, inshabure, kujijwa.
Urugero: Ibigwari kenshi bijijwa no kutamenya kubaza
Inshabure wari umwambaro w'abakurambere.

Umukoro

• Abanyeshuri barabwira abo babana muri make inkuru "**Uko nsukura umubiri wange**"
• Abanyeshuri barabwira bagenzi be ibikoresho by'isuku iwabo bifashisha n'uburyo bikoreshwa.

Isomo rya 4 Gusesengura umwandiko "Uko nsukura umubiri wange"

Intego:
• Gusubiza ibibazo ku nkuru.
• Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika, amashusho ajyanye n'inkuru

Ibitabo :
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 100-106.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru " **Uko nsukura umubiri wange**"

Isomo rishya

Gusoma inkuru" Uko nsukura umubiri wange"
Kongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye no kubabazaho ibibazo.
Ibibazo byo gusesengura inkuru
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse:
Ni iki cyatumye Mugwera akunda kwita ku isuku cyane? *(Ni uko Mugwera yatojwe kugira isuku kandi abantu b'iwabo baharanira isuku y'umubiri.*) Ni gute Magwera yasukuraga umutwe we? (Yahakarabaga kabiri kumunsi) Vuga ingaruka zivugwa mu nkuru zo kutagiririra isuku umubiri wacu. (*Udukoko dukwirakwizwa no kutagirira isuku intoki, kurwara inda mu mutwe bitewe no kutagirira isuku umutwe, kugira impumuro mbi mu kanwa, gupfa amatwi no kugira umwuka mubi mu birenge.)*
Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bihuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.
Ni ryari ukaraba intoki? (*Iyo mvuye ku musarani, mbere yo kurya, ynuma yo kurya, n'igihe cyose nkoze imyanda*.) Ni ibihe bikoresho byifashishwa kugira isuku y'umubiri waba uzi? (*Isabune, amazi, urwembe, akati kariho agapamba bakoresha bikurugutuza, uburoso bw'amaenyo, umuti w'amenyo*…) Ni iyihe nama wagira umuntu wikomerekeje mu gutwi ahasukura (*kujya kwa mu ganga*)
Imyitozo
• Mu matsinda ya bane, abanyeshuri baravuga ku ngaruka ziterwa no kutagirira umubiri wacu isuku.
• Buri tsinda rirabwira bagenzi babo ingaruka eshanu byibuze.

Isuzuma

Umwarimu arabaza ibindi bibazo byimbitse ku nkuru.

Urugero: Kuki Mugwera ahorana ubuzima bwiza? (*Ni ukubera ko agirira umubiri we isuku kandi akunda gusabana n'abandi*.) Mugwera afite imyaka ingahe? (*Mugwera afite imyaka umunani.*)
Ni izihe nama wagira mugenzi wawe kugira ngo atazahura n'ikibazo cyo kugira umwuka mubi mu kanwa? (*Koza mu kanwa n'uburoso n'umuti w'amenyo ndetse ntiwibagirwe kwiyunyuguza n'amazi meza.*)

Umukoro

Abanyeshuri barashaka kandi bavuge irindi herezo rishoboka ku nkuru bize.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane nsh

Intego:
- Gusoma igihekane **nsh** mu magambo no mu nteruro by'agakuru.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho.

Ibitabo :
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 100-106 n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 100.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Dusukure aho turara**"** mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 94-96.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane nsh

Gutahura igihekane: nsh
- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho abaza ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **nsh**.
  Urugero: Murabona iki? (*Turabona i**nshi**nge, i**nshi**ra*, **nsh** iri mu ibara.
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa (**nsh** iri mu ibara.)
  Urugero: *i**nshi**nge, i**nshi**ra*
- Umwarimu arasoma amagambo ku kibaho atsindagira ku gihekane **nsh.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ijwi rishya, asubiramo amagambo agenda atsindagira kuri rya jwi.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko ijwi rishya atsindagiraho ari igihekane **nsh.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **nsh** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri abanyeshuri bashyire urutoki hejuru cyangwa bakome mu mashyi bumvise igihekane **tw**.
  Urugero: Nshizirungu yahuye n'insharwatsi.
  Abana bararobesha inshundura**.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **nsh**.
  Urugero: Inshoberamahanga, inshumbushanyo, inshinga
- Umwarimu arayandika kukibaho agaragaza aho bishoboka imigemo yose y'igihekane **nsh.**
  Urugero: *I**nsho**beramahanga, i**nshu**mbushanyo, i**nshi**nga*

Gusoma igihekane nsh
- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **nsh** yanditse ku kibaho**.** **Urugero:** *i**nshi**ra, i**nshi**ke, i**nshe**nga*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuyasoma batsindagira ku gihekane **nsh.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma cyangwa andi agaragaramo ibihekane **nsh**.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.

Urugero: *Mukamana ni umukecuru w'inshike.*
Yariwe n'insharwatsi ku kuguru.
Nshirabake yahawe inshumbushanyo

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro utsindagira kuri **nsh**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma izo nteruro batsindagira ku gihekane **nsh**.

Imyitozo

- Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nsh** mu gitabo.

- Gutanga andi magambo arimo igihekane **nsh:** (i**nshu**ro, i**nshu**ngu)
- Gusaba abanyeshuri gusoma interuro ziganjemo igihekane **nsh**.

Urugero: *Inshuti magara iguhoza ku mutima.*
Mama Yanshaguriye imyenda myiza.

Isuzuma

- Gushaka andi magambo arimo imigemo yose y'igihekane **ns** **Urugero:** *i**nsho**zamihigo, i**nshi**nga, i**nsha**biranya, i**nshe**nga*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **nsh** aho kigaragara mu magambo no kuyasoma: Munyanshongore, **Nshi**rabake, si**nsho**rera, ya**nshi**nyaguriye
- Abanyeshuri barasoma interuro zirimo igihekane **nsh** mu gitabo cy'umunyeshuri.

Urugero: *Ababyeyi bange banshakira ibikoresho by'isuku bikwiye.*
Kenshi na kenshi nambara amasogisi n'inkweto zifunze.

Umukoro

Gushaka nibura andi magambo abiri n'interuro ebyiri birimo igihekane **nsh** bakayereka abo babana.

Isomo rya 6 Kwandika igihekane nsh mu mukono

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **nsh** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 100.

Intangiriro

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **nsh** umwarimu agenda ayandika ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma ayo amagambo.

Isomo rishya

Kwandika igihekane nsh

Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **nsh.**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **nsh**?

(Amagambo twabonye arimo igihehane **nsh** ni aya i**nshi**nga, i**nsha**rwatsi, inshira, inshoberamahanga

Kwandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

inshinga inshira
insharwatsi inshoberamahanga

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **nsh** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **nsh.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **nsh** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **nsh** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero:

Uyu munsi turiga inshinga kuba mu isomo ry'igifaransa.
Inshira yanshiriye ku kaboko none karwaye.

Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo:

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **nsh** bayandike mu mukono ku kibaho no mu makaye yabo.

  Urugero: Sinsheceka, unshakishirize.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **nsh** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 100.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **nsh**

Urugero:

Munyanshongore yampaye inshumbushanyo.
Mwarimu wacu yanshishikarije kwigana umwete.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakora neza uwo mwitozo abakosore.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzandika banoza umukoro interuro zirimo igihekane **nsh**.

Urugero: Sinshobora gukisha inzara urwembe rushaje.
Mama Yarakajwe nuko Nshogogoza yakandagiye inshinge.

Isomo rya 7 Gutahura no gusoma igihekane gw

Intego:

- Gusoma igihekane **gw** mu ijambo no mu nteruro z'agakuru.

Imfashanyigisho:

Imfashanyigisho zifatika: imigwegwe

Ibitabo :

Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri.

Intangiriro

Gusoma neza kandi vuba agakuru "Dusukure aho turara" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 94-96.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane gw

Gutahura igihekane: gw

- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho abaza ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **gw**.

Urugero: Murabona iki? (*Turabona imi**gwegwe**, ya**gwi**riye.*)

- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa, igihekane **kw** cyandikwe mu ibara.

Urugero: *imi**gwegwe**, ya**gwi**riye*

- Umwarimu arasoma amagambo ku kibaho atsindagira ku gihekane **gw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ijwi rishya, asubiramo amagambo agenda atsindagira kuri rya jwi.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko ijwi rishya atsindagiraho ari igihekane **gw.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **gw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri abanyeshuri bashyire urutoki hejuru cyangwa bakome mu mashyi bumvise igihekane **gw**

  Urugero: *Munyanshongore yagwatirije inka ye.*

  Igiti cyagwiriye umwana akaboko.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **gw**.

  Urugero: *kugwira, kugwiza*.
- Umwarimu arayandika ku kibaho agaragaza aho bishoboka imigemo yose y'igihekane **gw, Urugero:** *ku**gwi**ra, ku**gwi**za*.

Gusoma igihekane gw

- Gusomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **gw** yanditse ku kibaho**.**

  Urugero: *ku**gwe**ngera, gu**gwa**tiriza.*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuyasoma batsindagira ku gihekane **gw.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma cyangwa andi agaragaramo ibihekane **gw**.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.

  Urugero: *Nshizirungu agira urugwiro*

  Gwiza yagwiriwe n'igiti.

  Abakobwa bavuye guca imigwegwe yo kuboha imisambi.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro utsindagira kuri **gw**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma izo nteruro batsindagira ku gihekane **gw**.

Imyitozo

- Abanyeshuri baratahura no kwerekana igihekane **gw** mu magambo no mu nteruro, mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 101.
- Abanyeshuri barasoma amagambo n'interuro birimo igihekane **gw** mu gitabo.
- Abanyeshuri baratanga andi magambo arimo igihekane **gw:** (*imi**gwa**gati, ku**gwa***)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro ziganjemo igihekane **gw**.

  Urugero: *Abana babanebwe bakunze kwigwangaza ngo badakora imirimo yo murugo*.

  Papa agwiza umubyizi hakiri kare kuko ajya guhinga yizinduye.

Isuzuma

- Abanyeshuri barashaka andi magambo arimo imigemo yose y'igihekane **ns Urugero:** *ibi**gwa**ri, Ma**gwe**ra, **Gwi**za,…*
- Kwerekana igihekane **gw** aho kigaragara mu magambo no kuyasoma: *Ru**gwi**ro, ku**gwe**ngera*
- Gusoma interuro zoroshye zirimo igihekane **gw.**

Urugero: *Ibishyimbo byange byaragwengeye.*

Ntukabe ikigwari mu bagabo.

Umukoro

- Abanyeshuri barashaka nibura andi magambo abiri n'interuro ebyiri arimo igihekane **gw** bakayisomera abo babana.
- Kwereka no gusomera abo mu rugo amagambo n'interuro birimo igihekane **gw** mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 101-102.

Isomo rya 8 Kwandika mu mukono igihekane gw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **gw** mu mukono.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 102.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru

Intangiriro

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **gw** umwarimu agenda ayandika ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma ayo amagambo

Isomo rishya

Kwandika igihekane gw

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **gw**
  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **gw**?
  (Amagambo twabonye arimo igihehane **gw** ni aya ku**gwe**ra**gwe**ra, Ka**gwe**ne, ku**gwa**ngara, ya**gwi**je
- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

kugweragwera Kagwene
kugwangara yagwije

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **gw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **gw**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **gw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **gw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero: Magwiti yagwatirije inzu ye
Mukarugwiza avuye gutemberera mu bigogwe.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **gw** bayandike mu mukono ku kibaho no mu makaye yabo.
  Urugero: kagwene, Mugwaneza
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **gw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 102.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **gw**
  Urugero:
  Rugwiro yiga i Kagwa

Rugwizangoga yahuye n'urusamagwe

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakora neza uwo mwitozo abakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barashaka interuro zirimo igihekane **gw** abanyeshuri bakazandika mu ikaye bakazisomera abo babana iwabo mu rugo.

Urugero:

Batemye imigwegwe ya Rugwizangoga.

Nkerabigwi agira urugwiro

Isomo rya 1 — Gutahura no gusoma igihekane jw

Intego:
Gusoma igihekane **jw** mu ijambo no mu nteruro z'agakuru.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho.

Ibitabo :
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 101, 102.

Intangiriro

Gusoma neza kandi vuba agakuru "Dusukure aho turara**"** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 94.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane jw

Gutahura igihekane jw

- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho abaza ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **jw**.

  Urugero: Murabona iki? *Turabona iki**jwa**nga**jwa**nga*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa (**jw** iri mu ibara.)

  Urugero: *iki**jwa**nga**jwa**nga*
- Umwarimu arasoma amagambo ku kibaho atsindagira ku gihekane **jw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ijwi rishya, asubiramo amagambo agenda atsindagira kuri rya jwi.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko ijwi rishya atsindagiraho ari igihekane **jw.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **jw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri abanyeshuri bashyire urutoki hejuru cyangwa bakome mu mashyi bumvise igihekane **jw.**

  Urugero: *Inzuki za mu**jwi**buye mu maso.*

  *Abaririmbyi bafite ama**jwi** meza.*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **jw**.

  Urugero: : ***ijwi**, ku**jwi**gira,*
- Umwarimu arayandika ku kibaho agaragaza aho bishoboka imigemo yose y'igihekane **jw.**

  Urugero: *ku**jwi**bura, yaji**jwe,** insakazama**jwi**, ya**jwigiriye**.*

Gusoma igihekane jw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **jw** yanditse ku kibaho**.** **Urugero:** *yarakiji**jwe**, inya**jwi.***
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuyasoma batsindagira ku gihekane **jw.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma

cyangwa andi agaragaramo igihekane **jw**.

- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: *Ikijwangajwanga ntigikunze kubone.*
  Yoherejwe n' ababyeyi be kwiga.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro utsindagira kuri **jw**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma izo nteruro batsindagira ku gihekane **jw**.

Imyitozo

- Abanyeshuri barasoma amagambo n'interuro birimo igihekane **jw** mu gitabo.
- Abanyeshuri baratanga andi magambo arimo igihekane **jw:** (*ingomba**jwi**, ka**jwi**ga.*)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro ziganjemo igihekane **jw**.
  Urugero: *Umuyobozi wacu afite i**jwi** rinini.*
  *Ntamuntu u**jwi**gira hajwigira imbeba.*

Isuzuma

- Abanyeshuri baratahura igiihekane **jw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 102. Gushaka andi magambo arimo imigemo yose y'igihekane **jw**. (*ama**jwi**, yohere**jwe.**)*
- Abanyeshuri barashaka andi magambo arimo imigemo yose y'igihekane **jw** **Urugero:** *ibi**gwa**ri, Ma**gwe**ra, **Gwi**za*
- Abanyeshuri barerekana igihekane **jw**aho kigaragara mu magambo no kuyasoma: *yaraka**jwe**, tubaba**jwe.***
- Abanyeshuri barasoma interuro zoroshye zirimo igihekane **jw.**
  Urugero: *Yakuji**jwe** no kurya neza*
  *Yaraka**jwe** n'abana b'inkubaganyi.*

Umukoro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwereka abo babana igihekane **jw** gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 101.
- Gushaka nibura andi magambo abiri n'interuro ebyiri arimo igihekane **jw** bakayereka abo babana.

Isomo rya 2 Kwandika mu mukono igihekane jw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **jw** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 102, 103.

Intangiriro

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **jw** umwarimu agenda ayandika ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma amagambo arimo igihekane **jw.**

Isomo rishya

Kwandika igihekane jw mu mukono

Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **jw.**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **jw**?

(Amagambo twabonye arimo igihehane **jw** ni aya ama**jwi**, ku**jwi**gira, ku**jwi**bura, iki**jwa**nga**jwa**nga.

Kwandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

amajwi kujwigira
kujwibura ikijwangajwanga

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **jw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **jw**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **jw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **jw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero: Ikijwangajwanga gihagaze mu giti.
Ni agaki kajwigirira munsi y igitanda?

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo

- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **jw** bayandike mu mukono ku kibaho no mu makaye yabo.
  Urugero: *ku**jwe**nga, yahe**jwe***
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **jw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 103.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **gw**.
  Urugero:

Yijejwe ibitangaza none byamuyobeye.
Tunejejwe no kubatumira mu munsi mukuru wacu.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakora neza uwo mwitozo abakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barashaka interuro zirimo igihekane **jw** abanyeshuri bakazandika mu ikaye bakazisomera abo babana iwabo mu rugo.

Urugero:

Yajwijwe no kutabaza.
Yabajijwe ibibazo byinshi abura na kimwe yasubiza.

Isomo rya 3 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interururo birimo ibihekane **nsh, gw, jw.**

Imfashanyigisho:
Igitabo k'inkuru, amashusho yo mu gitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.

Intangiriro

Abanyeshuri barakora icyandikwa cy'amagambo arimo ibihekane **nsh, gw** na **jw**.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane nsh, gw, jw.

- Abanyeshuri barasoma umwumwe akazu ku kazu, agakuru " Nshizirungu n'amatungo ye" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 104.
- Umwarimu aragenda akurikirana uko basoma kandi abakosora ko basomye neza.

Gusubiza ibibabazo byo kumva agakuru

Umwarimu aragenda abaza ibibazo byo kumva agakuru, babisubize mu mvugo uvuze igisubizo kitari cyo abandi baramukosora.

Urugero:

Nshizirungu yakoze iki ngo agarure urugwiro mu matungo ye? (*Nshizirungu yagnirije amatungo ye ayumvisha uburyo buri tungo ryose rifite akamaro.)*

Ni gute usukura umubiri wawe? (*Nkaraba intoki mbere na nyuma yo kurya ndetse n'igihe mvuye ku musarani; oga umubiri wose buri munsi no koza amenyo numa yo kurya.*)

Imyitozo yo kwandika.

- Uzuza iyi nteruro

Nshizirungu……(Yorora amatungo menshi)

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gushaka mu gakuru " Nshizirungu n'amatungo ye" amagambo arimo ibihekane **nsh, gw** na **jw**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo yo mu gakuru "Nshizirungu n'amatungo ye" arimo ibihekane **nsh, vgw** na **jw**
- Umwarimu aratanga icyandikwa cy'amagambo n'interuro zo mu gakuru umwarimu arasoma interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi hanyuma ayisome bwa kabiri bayandike. Iyo barangije kwandika yongera kubasomera bakagenzura ko banditse neza ibyo yasomye.

Urugero rw'icyandikwa:

Nshizirungu agira urugwiro

Ikijwangajwanga kirajwigirira mu giti.

Bijwara na Nshogoza bagiranye urugwiro.

Umukoro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kubwira abo babana uko Nshizirungu yakemuye ikibazo hagati y'amatungo ye, no kubabaza uko bo babigenza bahuye n'abana batagira isuku.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gushaka mu kinyatuzu amagambo arimo ibihekane **nsh, gw, jw, shy, mby** na **ns** mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 103.

ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 5

Isomo rya 4: Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga

1. Ingingo ngenderwaho:

- Gutahura igitekerezo gikubiye mu kandiko basomye cyangwa basomewe.
- Gusobanura amagambo mashya no kuyakoresha mu nteruro.

2. Ibikoresho bikoreshwa mu isuzuma: Igitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. **Amabwiriza**
2. **Umwarimu arasoma inkuru aranguruye ijwi.**
3. **Umwarimu arabaza abibazo binyuranye ku nkuru.**
4. **Kwibanda ku bafite ibibazo byihariye mu myigire.**

Imyitozo yo kumva inkuru

a) **Gutega amatwi inkuru**

Nigiye kuri mugenzi wange

Rugwiro na Mugwaneza ni abana bakuranye ku musozi wa Bigogwe ariko ntibari bahuje ibigwi. Kenshi na kenshi Mugwaneza yarangwaga n'isuku naho Rugwiro we akarangwa n'umwanda. Rugwiro yagiraga umwanda ku mubiri we ku buryo yari yararwaye zimwe mu ndwara zuruhu. Ababyeyi be bamugiraga inama buri munsi ariko ntiyumve.

Umunsi umwe ajyana na Mugwaneza guca imigwegwe bageze hafi yaho Rugwiro yikanga ijwi ry'urusamagwe agwa igihunga. Abwira mugenzi we n'ubwoba bwinshi ati: "Tega amatwi iryo jwi wumve!" Mugwaneza yumva ni amajwi y'ibijwangajwanga byajwigiriraga hafi aho mu giti. Nuko bagira ubwoba baca imigwegwe n'ingoga barataha.

Mu nzira Rugwiro na Mugwaneza bataha, bahura na Rugwizangoga yitegereje Rugwiro agahinda karamwica kubera umwanda yari afite nuko asaba Mugwaneza kujya yigisha mugenzi we uko bagira isuku y'umubiri.

Bukeye Rugwiro yigira inama yo kujya kureba mugenzi we ngo ahari yamwigisha kugira isuku. Agezeyo arasuhuza ati: "Yemwe aba hano! Nuko inshuti ye Mugwaneza aba araje amwakira neza n'urugwiro. Hanyuma amutwara mu rwogero afata uburoso ahereza na Rugwiro uburuso bushya buriho n'umuti w'amenyo, amwerekera uko boza neza amenyo maze Rugwiro na we yoza amenyo ye arebera kuri mugenzi we. Nuko Rugwiro uwo munsi ataha yigiye kuri mugenzi we byinshi.

Kuva uwo munsi atangira kuba intangarugero ku buryo abantu bose bari basigaye bamureba aho aciye hose bakabona ari umwana ubereye u Rwanda.

b) Gusobanura amwe mu magambo mashya mu nkuru no kuyakoresha mu nteruro:

Urugero :

Kugwa igihunga: kugira ubwoba.

c) Gukoresha amwe mu magambo mashya mu nteruro:

Urugero: Rugwiro yikanga **ijwi** ry'**urusamagwe** agwa igihumure

Rugwiro na Mugwaneza ntibari bahuje ibigwi.

d) Gusubiza ibibazo ku nkuru:

Umwarimu arasomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye agakuru "Nigiye kuri mugenzi wange" hanyuma abanyeshuri, umwumwe, basubize ibibazo babajijwe ku nkuru.

Urugero:
Ni nde uvugwa muri iyi nkuru? *(Muri iyi nkuru haravugwamo abana babairi Rugwiro na Mugwaneza)* Aba bana batandukaniye kuki? *(Mugwaneza yarangwaga n'isuku naho Rugwiro we yarangwaga n'umwanda.)* Byagenze bite bahuye na Rugwizangoga? *(Rugwizangoga yatangajwe cyane n'umwanda wa Rugwiro nuko asaba inshuti ye Mugwaneza kumwigisha uko bagirira isuku umubiri)* Iyi nkuru yakwigishije iki? *(Iyi nkuru yanyigishije ko ngomba kugirira isuku umubiri wange, kwigira kuri bagenzi bange ibintu byiza bandusha, kwigisha bagenzi bange umuco wo kugira isuku.)*

Abanyeshuri barasubiza, umwumwe, ibibazo bihuza inkuru n'ubuzima busanzwe
Ukaraba umubiri wose kangahe ku munsi? (Nge nkaraba rimwe ku munsi, kabiri ku munsi)
Ni izihe ngaruka zo kutagirira umubiri wacu isuku uko bikwiye? (Kudasukura umubiri wacu neza bitera kurwara indwara z'uruhu,) Ni ibihe bice by'umubiri dukwiye kwitaho cyane igihe twisukura (gukaraba neza mu mutwe, koza neza inzara, gusukura neza mu matwi, koza mu kanwa, gusukura ibirenge no gukaraba intoki igihe cyose mbere na nyuma yo gufata amafunguro ndetse n'igihe tuvuye ku musarani.)

II. Isuzuma ku gusoma amagambo n'interuro birimo ibihekane (ns, mby, shy, nsh, gw, jw)

1. Ingingo ngenderwaho
Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura inyajwi, amagambo n'interuro birimo ingombajwi n'ibihekane byizwe.

2. **Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma**: Igitabo cy'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. **Amabwiriza:** Andika amagambo n'interuro birimo ibihekane bimaze kwiga muri uyu mutwe kukibaho
- Kugenzura abanyeshuri no kubafasha, ureba uko babikora wita no kubafite ibibazo bitandukanye.
- Umwitozo wa **2** urahitamo imyitozo ushaka ijyanye no gusoma ibihekane bamaze kwiga

Isomo rya 6: Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma ibihekane byose bimaze kwigwa mu mutwe wa 5

Umwitozo wa 1:
Abanyeshuri barakora mu matsinda ya babiri babiri basoma amagambo n'interuro biri ku kibaho.
Urugero : Mukansoro arashyushya isosi mu isafuriya irimo imbyiro.
Nshizirungu araca imigwegwe
Ikijwangajwanga n'intashya byahuriye mu ishyamba.
Umwitozo wa 2:
Abanyeshuri barakora, umwumwe, imyitozo yo gusoma amagambo n'interuro birimo ibihekane byose bimaze kwigwa usanga gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 91-92, 100-102.

Isomo rya 7: Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika

1. **Ingingo ngenderwaho:**
Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, inyajwi, amagambo n'interuro birimo ibihekane bimaze kwigwa
2. **Amabwiriza:** Umwitozo wa 2 ushobora no gusohora abanyeshuri hanze.
Ibuka kwita kubanyeshuri bafite ibibazo bitandukanye
Umwitozo wa gatatu mwarimu arahitamo imyitozo ashaka.

3. **Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma**: Igitabo cy'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri.
4. **Imyitozo yo kwandika ibihekane bimaze kwigwa**

Umwitozo wa 1.
Abanyeshuri barakora, imyitozo yo kuzurisha mu nteruro amagambo akurikira: Insina, umuririmbyi, ishyamba, ishyo, imirishyo, insenda, urugwiro, ijwi, inshumbushanyo, inshundura.

Urugero: 1. Mukansoro arasoroma ……. Munsi yurugo.(Insenda)
2. Abarobyi bararobesha…… (inshundura)
3. Bijwara aratera…….mu myobo irimo ifumbire. (insina)

Umwitozo wa 2
Gusomera abanyeshuri interuro zikurikira no kubasaba kuzandika mu makaye yabo y'imyitozo.
1. Abaririmbyi barakoma mu mashyi.
2. Kansinga atuye i Shyorongi.
3. Nsekanabo yagwatirije inka y'imbyaro ebyiri.

Umwitozo wa 3:
Abanyeshuri umwumwe barakora imyitozo yo kwandika ibihekane bimaze kwigwa muri uyu mutwe iri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 93, 103.

Isomo rya 8 : Imyitozo y'ishimangirabushobozi

1. **Ingingo ngenderwaho**
   - Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri.
   - Gufasha buri kiciro kugera ku bushobozi bugamijwe haba mu gusoma cyangwa mu kwandika.

2. **Ibikoresho bikenerwa:** Amakayi, amakaramu n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. Amabwiriza :
Ifashishe amasomo guhera ku rya **7, 8** mu gukemura ibibazo bitandukanye wasanze abana bafite
- Rebera mu mutwe wa mbere uko amasomouoko atangwa.

UMUTWE WA 6: ITUMANAHO N'IKORANABUHANGA

Udukuru abanyeshuri bashobora kwisomera:
Ababyinnyi baramenyekanye, Iterambere ryabagezeho, Rudasumbwa yarikosoye, Ikoranabuhanga iwacu.
Inkuru zisomerwa abanyeshuri:
Intsinzi mu kigo cyacu, Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga, Itumanaho, Dufate neza ibikoresho.

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:
Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihekane nny, nyw, njy, ngwa, shw, mbw, mf na ndw no gusesengura utwandiko tugufi ku nsanganyamatsiko y'itumanaho.

Imbumbanyigisho: Ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko n'ubumenyi mu mikoreshereze y'ururimi.
Inyigisho: kumva, kuvuga, gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihekane n'inyunguramagambo.

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 6	Gusoma no kumva inkuru"Intsinzi mu kigo cyacu"	Gusesengura inkuru "Intsinzi mu kigo cyacu"	Gutahura ibihekane **nny** na **nyw**	Gusoma ibihekane **nny** na **nyw**	Kwandika ibihekane **nny** na **nyw**	Gusoma no kwandika ibihekane **nny** na **nyw**	Imyitozo y'isuzumabu -shobozi	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi
Inyungura-magambo	Ubunnyano, indashyikirwa, kunnyigira, amanywa, gusabana,…	Ubunnyano, indashyikirwa, kunnyigira, amanywa, gusabana,…	Abakinnyi, ababyinnyi, ubunnyano, amanywa, umunywi, kunywana,…	Abakinnyi, ababyinnyi, ubunnyano, amanywa, umunywi, kunywana,…	Ababyinnyi, abakinnyi, ubunnyano, kunnyigira, amanywa, kunywa, umunywanyi,…	Ababyinnyi, abakinnyi, ikinnyeteri, ubunnyano, kunnyigira, amanywa, kunywa,…	Munywanyi, kunnyigira, Munnyeri, Nyiramanywa, Munywanyi,…	Ababyinnyi, abakinnyi, ubunnyano, kunnyigira, amanywa, kunywa, umunywanyi,…
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kwita ku gutsinda amarushanwa.	Kugaraga za imbamuti ma ze gukora no gutsinda amarushanwa.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura ibihekane **nny** na **nyw** mu ijambo.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	-	-	Ibihekane **nny** na **nyw**	Ibihekane **nny** na **nyw**	Ibihekane **nny** na **nyw**	Ibihekane **nny** na **nyw**	Ibihekane **nny** na **nyw**	Ibihekane **nny** na **nyw**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 6	Gusoma no kumva inkuru "Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga".	Gusesengura inkuru "Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga".	Gutahura ibihekane **njy** na **ngw.**	Gusoma ibihekane **njy** na **ngw.**	Kwandika ibihekane **njy** na **ngw.**	Gusoma no Kwandika ibihekane **njy** na **ngw.**	Imyitozo y'isuzumabu-shobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.
Inyunguramaga-mbo	Itumanaho, ikoranabuhanga, kurondora, injyana, injyanamuntu, ingwate, mudasobwa,…	Itumanaho, ikoranabuhanga, kurondora, injyana, injyanamuntu, ingwate, mudasobwa,…	Injyana, injyo, injyana-muntu, ibihingwa, ibishingwe, ingweba, ingwate, Njyambere, Ngwabije,…	Injyana, injyo, injyanamuntu, ibihingwa, ibishingwe, ingweba, ingwate, Njyambere, Ngwabije,…	Injyana, injyo, injyanamuntu, ibihingwa, ibishingwe, ingweba, ingwate, Njyambere, Ngwabije,…	Injyana, injyo, injyanamuntu, ibihingwa, ibishingwe, ingweba, ingwate, Njyambere, Ngwabije,…	Injyana, injyo, injyanamuntu, ibihingwa, ibishingwe, ingweba, ingwate, Njyambere, Ngwabije,…	Injyana, injyo, injyanamuntu, ibihingwa, ibishingwe, ingweba, ingwate, Njyambere, Ngwabije.
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kumenya ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n' ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura ibihekane **njy** na **ngw** mu ijambo	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **njy** na **ngw**	Ibihekane **njy** na **ngw**	Ibihekane **njy** na **ngw**	Ibihekane **njy** na **ngw**	Ibihekane **njy** na **ngw**	Ibihekane **njy** na **ngw**	Ibihekane **njy** na **ngw**	Ibihekane **njy** na **ngw**

	Isomo rya 1:	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 6	Gusoma no kumva inkuru "Itumanaho."	Gusesengura inkuru "Itumanaho."	Gutahura ibihekane **shw** na **mbw**	Gusoma ibihekane **shw** na **mbw**	Kwandika ibihekane **shw** na **mbw**	Gusoma no kwandika ibihekane **shw** na **mbw**	Imyitozo y'isuzumabu-shobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.
Inyunguramagambo	Umukambwe, umushushwe, umushwi, gushwiragira,…	Umukambwe, umushushwe, umushwi, gushwiragira,…	Rugambwa, umukambwe, igishwemu, gushwanyaguza, gushwekura, imbwa, imbwija,…	Rugambwa, umukambwe, igishwemu, gushwanyaguza, gushwekura, imbwa, imbwija,…	Rugambwa, umukambwe, igishwemu, gushwanya-guza, gushwekura, imbwa, imbwija,…	Umukambwe, umushushwe, umushwi, gushwiragira, ibitumbwe, Tambwe, igishwemu, imbwebwe,…	Rudasumbwa, Mutarushwa, Umukambwe, umushushwe, umushwi, gushwiragira, ibitumbwe,…	Rudasumbwa, Mutarushwa, Umukambwe, umushushwe, umushwi, gushwiragira, ibitumbwe,…
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kumenya akamaro k'itumanaho.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n'itumanaho.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **shw** na **mbw**	Ibihekane **shw** na **mbw**	Ibihekane **shw** na **mbw**	Ibihekane **shw** na **mbw**	Ibihekane **shw** na **mbw**	Ibihekane **shw** na **mbw**	Ibihekane **shw** na **mbw**	Ibihekane **shw** na **mbw**

	Isomo rya 1	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 6	Gusoma no kumva inkuru "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuha-nga "	Gusesengura inkuru "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuha-nga ".	Gutahura ibihekane **mf** na **ndw**.	Gusoma ibihekane **mf** na **ndw**.	Kwandika **mf** na **ndw**..	Gusoma no kwandika **mf** na **ndw**..	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.
Inyunguramagambo	Inkurikirane, kwangiza, uburondwe, gutunguka, guhonda, umusundwe, ikiroba, kwangiza, guhanda,…	Inkurikirane, kwangiza, uburondwe, gutunguka, guhonda, umusundwe, ikiroba, kwangiza, guhanda,…	Mukamfizi, imfuruka, umusundwe, guhandwa, Ndwaniye, Murindwa, Mfitimana, uburondwe,…	Mukamfizi, imfuruka, umusundwe, guhandwa, Ndwaniye, Murindwa, Mfitimana, uburondwe,…	Mukamfizi, imfuruka, umusundwe, guhandwa, Ndwaniye, Murindwa, Mfitimana, uburondwe,…	Mukamfizi, imfuruka, umusundwe, guhandwa, Ndwaniye, Murindwa, Mfitimana, uburondwe,…	Mukamfizi, imfuruka, umusundwe, guhandwa, Ndwaniye, Murindwa, Mfitimana, uburondwe,…	Mukamfizi, imfuruka, umusundwe, guhandwa, Ndwaniye, Murindwa, Mfitimana, uburondwe,…
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo gufata neza ibikoresho by'ikoranabuhanga	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye no gufata neza ibikoresho by'ikoranabuhanga.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **mf** na **ndw**	Ibihekane **mf** na **ndw**	Ibihekane **mf** na **ndw**	Ibihekane **mf** na **ndw**	Ibihekane **mf** na **ndw**	Ibihekane **mf** na **ndw**	Ibihekane **mf** na **ndw**	Ibihekane **mf** na **ndw**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 6	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo kumva no kuvuga inkuru "Gasaro yaratabawe"	Imyitozo y'isuzumabusho-bozi bwo kumva no kuvuga inkuru " Gasaro yaratabawe".	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo gusoma	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo gusoma	Imyitozo y'isuzumabu-shobozi bwo gusoma	Imyitozo y'isuzumabu-shobozi bwo kwandika	Imyitozo y'isuzumabu-shobozi bwo kwandika	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo kwandika
Inyunguramagambo	Imfura, kunnyega, abaturanyi, itumanaho, injyana,…	Imfura, kunnyega, abaturanyi, itumanaho, injyana,…	Ababyinnyi, abakinnyi, amanywa, umunywanyi, injyana, ingweba, umushwi, ibitumbwe,…	Umushwi, ibitumbwe, imfashanyo, imfuruka, indwara, imisundwe, uburondwe,…	Ababyinnyi, abakinnyi, amanywa, umunywanyi, injyana, ingweba, umushwi, ibitumbwe,…	Umushwi, ibitumbwe, imfashanyo, imfuruka, indwara, imisundwe, uburondwe,…	Ababyinnyi, abakinnyi, amanywa, umunywanyi, injyana, ingweba, umushwi, ibitumbwe,…	Umushwi, ibitumbwe, imfashanyo, imfuruka, indwara, imisundwe, uburondwe,…
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kumenya ibikoresho by'ikoranabuha-nga n'itumanaho, akamaro kabyo n'uko bifatwa neza.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n'ibikoresho by'ikoranabuha-nga n'itumanaho, akamaro kabyo n'uko bifatwa neza.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf na ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf na ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf na ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf na ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf na ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf na ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf na ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf na ndw**

	Isomo rya 1:	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 6	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi.	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi.	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi.	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.
Inyunguramagambo	Imfura, kunnyega, abaturanyi, itumanaho, injyana,…	Imfura, kunnyega, abaturanyi, itumanaho, injyana,…	Ababyinnyi, abakinnyi, amanywa, umunywanyi, injyana, ingweba, umushwi, ibitumbwe,…	Umushwi, ibitumbwe, imfashanyo, imfuruka, indwara, imisundwe, uburondwe,…	Ababyinnyi, abakinnyi, amanywa, umunywanyi, injyana, ingweba, umushwi, ibitumbwe,…	Umushwi, ibitumbwe, imfashanyo, imfuruka, indwara, imisundwe, uburondwe,…	Ababyinnyi, abakinnyi, amanywa, umunywanyi, injyana, ingweba, umushwi, ibitumbwe,…	Umushwi, ibitumbwe, imfashanyo, imfuruka, indwara, imisundwe, uburondwe,…
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kumenya ibikoresho by'ikoranabuhanga n'itumanaho, akamaro kabyo n'uko bifatwa neza.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n'ibikoresho by'ikoranabuha-nga n'itumanaho, akamaro kabyo n'uko bifatwa neza.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **nny, nywa, njy, ngw, shw, mbw, mf** na **ndw**	Ibihekane **nny, nywa, njy, ngw, shw, mbw, mf** na **ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf** na **ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf** na **ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf na ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf** na **ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf** na **ndw**	Ibihekane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf** na **ndw**

IBIHEKANE BYIGWA: nny, nyw

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Intsinzi mu kigo cyacu"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha amagambo yasobanuwe mu nteruro.

Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 108. Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 104.
Inyunguramagambo: ibikorwa by'indashyikirwa, ubunnyano, kunnyigira.

Intangiriro

Gusoma agakuru "Nshizirungu n'amatungo ye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 104.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Intsinzi mu kigo cyacu" mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 108.
- Umwarimu arerekana amashusho n'imfashanyigisho bifasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho.

  Urugero:
  Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? *(Turabonaho abanyeshuri, abarimu n'umuyobozi w'ikigo.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Inkuru iri buvuge ku marushanwa yo kwandika)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho uko usoma buri gice.

Gusobanura amagambo mashya
- Umwarimu arasoma inkuru, igika ku gika, abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, umwarimu akabuzuza bibaye ngombwa.

  Urugero: Ibikorwa by'indashyikirwa: ibikorwa byiza abandi bose bareberaho.
  Ubunnyano: umuhango imiryango ikora bise umwana izina abana bakabaha ibiryo bagasangira.
  Kunnyigira: gusakuza kw'injangwe.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru
- Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru.
  Urugero: Ni ba nde bavugwa mu nkuru? *(Ni Munnyeri na Nyiramanywa.)*
  Abanyeshuri muri iyi nkuru bari mu kihe gikorwa? *(Baritegura kwakira ibihembo ku banyeshuri bakoze irushanwa ryo kwandika.)*
  Kuki abanyamakuru baje ari benshi ku kigo cyacu? *(Abanyamakuru baje ari benshi kuko ku ishuri ryacu abanyeshuri batsinze irushanwa ku rwego rw'igihugu bari bahabwe igihembo.)*
  Baje bitwaje ibihe bikoresho by'itumanaho? *(Baje bafite ibyuma bifata amashusho, ibifata amajwi n'indangururamajwi.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise ku nkuru bijyanye n'itumanaho.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukoresha amagambo mashya mu nteruro: ibikorwa by'indashyikirwa, ubunnyano, kunnyigira.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusangiza abandi ibyavuye mu matsinda ashimangire ibivugwa mu nkuru ku nshingano z'abana.

Isuzuma

- Umwarimu arongera kubaza ibibazo ku nkuru "Intsinzi ku kigo cyacu."
  Urugero: Inzovu y'icyamamare yavuzwe mu nkuru yitwa nde? *(Yitwa Mutware.)* Ni izihe nyamaswa zo mu gasozi zavuzweho mu nkuru? *(Havuzwe inzoka, inkende, inzovu n'inyoni.)*
- Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.
  Urugero:
  Ubunnyano: Nta kintu gishimisha abana nko kujya kurya ubunnyano abaturanyi bise izina.
  Kunnyigira: Utwana tw'injangwe turannyigira iyo dushonje.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru: "Intsinzi ku kigo cyacu" bakagaragaza mu ishuri uko babivuze.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru "Intsinnzi mu kigo cyacu"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 108.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Intsinzi mu kigo cyacu":
Urugero: Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? *(Havugwamo umunsi mukuru wo kwakira ibihembo ku banyeshuri batsinze amarushanwa yo kwandika.)* Abayeshuri bahembwe iki ? *(Bahembwe ibitabo, amakayi, imipira yo kwambara bahabwa n'amafaranga.)* Ni nde wari umushyitsi mukuru muri ibyo birori ? *(Umushyitsi mukuru yari ushinzwe uburezi ku rwego rw'akarere.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Intsinzi ku kigo cyacu," mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 108.
Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.
Urugero:
Umuyobozi w'ikigo yakoresheje ubuhe buryo bw'itumanaho mu gutumira abantu mu birori? *(Ku batumirwa bamwe hakoreshejwe ubutumwa bugufi kuri terephone, ku bandi barabahamagawe.)* Ibindi bikoresho by'itumanaho bivugwa mu nkuru ni ibihe? *(Havugwamo mikoro, ibyuma bifata amajwi, ibifotora, radiyo, tereviziyo…)* Mukurikije ibyavuzwe mu nkuru, bimaze iki gukoresha ibikoresho by'itumanaho? *(Kubikoresha byoroshya mu guhanahana amakuru no mu kwimenyekanisha.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.
Urugero: Mu nkuru twasomewe bavuze ku bihe buhe buryo bw'itumanaho? *(Havuzwe ku itumanaho rikoresha terefone, radiyo, tereviziyo, utwuma dufata amajwi n'ibinyamakuru.)* Ubundi buryo bw'itumanaho muzi ni ubuhe? *(Hari ugukoresha iposita, mudasobwa, urubuga rwa interineti…)* Ibikoresho by'itumanaho bifasha iki? *(Bifasha abantu kwimenyekanisha no kumenyekanisha ibikorwa byabo.)* Ku kigo cyanyu mwaba mwitabira amarushanwa yo kwandika? Niba ari yego mwandika ku ki,

niba ari oya, mukora ayahe marushanwa? *(Ku kigo cyacu dukunze gukora amarushanwa yo gukina umupira w'amaguru, uw'intoki, amarushanwa yo gusiganwa twiruka. Ku bijyanye no kwandika, dushushanya udukuru.)* Uramutse ukoze irushanwa ugahembwa ibihumbi ijana wabikoresha iki? *(Nayashyikiriza ababyeyi akaba ari bo bagena ibikwiriye kuko ntaraba mukuru.)* Umaze kumva uko Munnyeri na Nyiramanywa bakoze irushanwa ryo kwandika inkuru bagatsinda ku rwego rw'Igihugu wafashe ikihe kemezo? *(Nafashe ikemezo cyo kutisuzugura nkajya nkora amarushanwa nk'abandi.)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri baribukiranya bumwe mu buryo bw'itumanaho n'akamaro kabwo. Barajya impaka ku kamaro ko gukoreha ibikoresho by'itumanaho.

Urugero:
Radiyo idufasha kumenya amakuru no kuyatangaza, tereviziyo itwumvisha amakuru tunayareba, terefone ituma tuva mu bwigunge tugasabana n'abandi…

Isuzuma

Kubaza ibindi bibazo ku nkuru.
Urugero: Mu nkuru bavuze ko abanyeshuri bo mu wa mbere no mu wa kabiri bakoze iki ku munsi wo kwakira ibihembo bya bagenzi babo? *(Bakoze umwiyereko berekana ibishushanyo bakoze.)* Abo mu wa gatatu no mu wa kane bakoze iki? *(Bararirimbye ndetse baranabyina.)* Abo mu wa gatanu no mu wa gatandatu? *(Bakiraga abashyitsi babereka ibyicaro.)*

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kongera kubwira abo babana mu rugo bimwe mu bikoresho by'itumamanaho no kubabaza ubundi buryo bw'itumanaho, bakazabubwira bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane nny

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro zirimo igihekane **nny**.
Imfashanyigisho: Amashusho yo mu gitabo k'inkuru, ishusho y'abakinnyi, iy'ababyinnyi.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 104.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma, umwumwe, neza kandi vuba, agakuru "Nshizirungu n'amatungo ye " mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 104.

Gutahura igihekane nny

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **nny**. **Urugero:** Murabona iki? *(Turabona ababyi**nny**i, abaki**nny**i.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho, mu cyapa: ababyi**nny**i abaki**nny**i.
- Umwarimu arasoma amagambo, ku kibaho, atsindagira ku gihekane **nny**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **nny**)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **nny** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 108, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **nny**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **nny**, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.

  Urugero: ubunnyano, umukannyi, kunnyega, kunnyigira, umunnyuzu

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **nny.**
- Umwarimu arayandika ku kibaho yerekana, aho bishoboka, imigemo yose y'igihekane **nny**.
  Urugero: kunnyagira, umukinnyi, ikinnyeteri, umunnyuzu.

Gusoma igihekane nny

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **nny** yanditse ku kibaho mu cyapa.

  Urugero: ababyinnyi, abakinnyi, Munnyeri.
- Abanyeshuri baragenda basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.
- Abanyeshuri barakora interuro interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.

  Urugero:

  Abakinnyi bambara imyenda ibaranga. Ababyinnyi baba baragoroye imbavu.

  Munnyeri yanditse inkuru atsinda amarushanwa.
- Gusomera abanyeshuri interuro utsindagira ku gihekane nny.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 109.

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri gutahura igihekane **nny** mu nteruro.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe interuro zanditse ku kibaho.

Urugero: Kirazira kunnyuzura abanyeshuri bashya. Kurya ubunnyano birashimisha.

Umukoro

- Gusaba abanyeshuri gushaka andi magambo arimo igihekane **nny** bakayereka abo babana kandi bakazayabwira umwarimu na bagenzi babo mu isomo rishya.
- Gusaba abanyeshuri gushushanya ikintu kirimo igihekane **nny** bakazakereka bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 4 Kwandika igihekane nny

Intego:
Kwandika mu mukono, amagambo n'interuro birimo igihekane **nny**.

Imfashanyigisho:
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 109.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma, umwumwe, neza kandi vuba, agakuru "Nshizirungu n'amatungo ye " mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 104.

Isomo rishya

Kwandika igihekane nny

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **nny**.
  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **nny**?
  (Amagambo twabonye arimo igihehane nny ni aya: ababyinnyi, abakinnyi, ubunnyano.)

- Umwarimu arandika ku kibaho amagambo abanyeshuri bavuze, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

ababyinnyi ubunnyano

abakinnyi kunnyigira

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **nny** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo ari ku kibaho.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **nny**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane nny mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Gusaba abanyeshuri gukora icyandikwa ku gihekane **nny** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero:

Bishimisha abakinnyi gukina bafite ababogagiza.

Umunyeshuri udakaraba abandi baranunnyega.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Imyitozo

Abanyeshuri baritoza kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **nny**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 109.

Isuzuma

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **nny** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo.

Urugero:

Iyo abakinnyi batsinze abafana barishima cyane.

Ababyinnyi bo muri iri torero si ibinnyeteri.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika interuro banoza neza anabakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barakora interuro zirimo igihekane nny bazandike mu makaye yabo, bazereke abo babana mu rugo ndetse na mwarimu mu isomo ritaha.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane nyw

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nyw.**

Imfashanyigisho: Amashusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 110.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Nshizirungu n'amatungo ye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 104.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane nyw.

Gutahura igihekane nyw

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **nyw**. **Urugero:** Umukobwa watsinze irushanwa yitwa nde? *(Yitwa Nyiramanywa.)* Hari ryari umuryango wa Munnyeri wita izina? *(Hari ku manywa.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho, mu cyapa: Nyiramanywa, amanywa.
- Umwarimu arasoma amagambo, ku kibaho, atsindagira ku gihekane **nyw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **nyw**)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **nyw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 109, cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 112, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane nyw.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **nyw** umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: umunywanyi, urunywero, umunywi.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **nyw**.
- Umwarimu arayandika ku kibaho yerekana, aho bishoboka, imigemo yose y'igihekane **nyw**.

Urugero: kunywa, kunywesha,

Gusoma igihekane nyw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane nyw. yanditse ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: Nyirama**nyw**a, ama**nyw**a, ku**nyw**a.
  Abanyeshuri baragenda basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:
  Nyiramanywa yanditse inkuru ishimishije.
  Izuba rikunda kuva ku manywa.
  Si byiza kunywa itabi ritera uburwayi.
- Gusomera abanyeshuri interuro utsindagira ku gihekane **nyw**.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

- Mu matsinda ya babiribabiri, abanyeshuri barasoma agakuru"Ababyinnyi baramenyekanye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 98 , bashakemo amagambo arimo ibihekane **nny** na **nyw**.

Isuzuma

- Abanyeshuri barasoma, umwumwe, interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 110.
- Gusaba abanyeshuri gushaka andi magambo arimo igihekane **nyw**.
  Urugero: umunywi, kunywana, amanywa.

Umukoro

- Gusaba abanyeshuri gushaka andi magambo arimo igihekane nyw bakayereka abo babana, nyuma bakazayerekana mu ishuri mu isomo ritaha.

Isomo rya 6 Kwandika igihekane nyw mu mukono

Intego:
Kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane **nyw**.

Imfashanyigisho: -
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 110.

Intangiriro

Abanyeshuri barakora icyandikwa cy'amagambpo arimo igihekane **nny**.

Isomo rishya

Kwandika igihekane nyw.

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo igihekane **nyw**.

Urugero:

Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **nyw**? (Amagambo twabonye arimo igihehane **nyw** ni aya: Nyirama**nyw**a, ama**nyw**a, ku**nyw**a, umu**nyw**anyi.)

- Kwandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

Nyiramanywa, amanywa, kunywa, umunywanyi.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **nyw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **nyw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **nyw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.
- Umwarimu araha abanyeshuri icyandikwa ku gihekane **nyw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero:

Kunywa ugasinda bitera isoni.

Kunywa itabi si byiza.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza ababakosore.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **nyw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 110.

Isuzuma

- Gukora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **nyw**.

Urugero:

Abana banywa amata bagira umubiri mwiza.

Ababyinnyi bo mu itorero rimwe baba ari abanywanyi bakundana cyane.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bawukora neza abakosore.

Umukoro

Kwandika amagambo arimo igihekane **nyw** mu mukono bakereka abo babana mu rugo, bakazerekana ayo magambo mu ishuri mu isomo ritaha.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nny** na **nyw**.

Imfashanyigisho: amashusho yo mu gitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.
Ibitabo: igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 90, 98.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Nshizirungu n'amatungo ye" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 90.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo nny na nyw mu gakuru "Ababyinnyi baramenyekanye"
Umwarimu arasaba abanyeshuri gutahura icyo agakuru "Ababyinnyi baramenyekanye" kari buvugeho bahereye ku mashusho.

- Abanyeshuri barasoma, umwumwe, agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 98, akazu ku kazu, umwarimu agenda akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibazo byo kumva agakuru

- Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru, babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.
- Abanyeshuri barasubiza ibibazo byo kumva agakuru.
  Urugero:
  Byagenze gute kugira ngo itorero ryabo rimenyekane? *(Itorero ryagiranye ikiganiro n'abanyamakuru kinyuzwa kuri tereviziyo.)*
  Ni ibihe bikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga uzi? Bikora iki? (*Nzi terefoni, radiyo, tereviziyo na mudasobwa. Terefoni idufasha guhanahana amakuru; tereviziyo na radiyo bisakaza amakuru; mudasobwa ifasha mu kwandika.*)
- Gutanga interuro zo mu gakuru ziganjemo **nny** na **nyw** abanyeshuri bakazisoma batsindagira ku bihekane **nny** na **nyw.**
  Urugero:
  Munywanyi, Murerwa na Mukannyi ni abaturanyi.
  Bambara impu zikannye mu ruhu rwiza.

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane nny, nyw mu mukono

- Gusaba abanyeshuri kwandika uduteruro tugufi tujyanye n'agakuru.
  Urugero:

  Ababyinnyi bashinze itorero rikomeye mu mudugudu.

  Ababyinnyi bitoza mu gitondo, ku manywa na nimugoroba.

- Gusaba abanyeshuri kuzuza interuro yo mu gakuru:

Ikiganiro cyaciye_____. (kuri tereviziyo.)

Icyandikwa

- Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma amagambo cyangwa interuro, inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma abasubiriremo ubwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Umukoro

- Gusaba abanyeshuri gusomera abo babana agakuru kose.
- Gusaba abanyeshuri gukora umwitozo, mu makaye yabo, wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 110, bakazazerekana mu isomo ritaha.
  Urugero:
  Ubunnyano Amanywa
  Abakinnyi bahawe ibihembo ku manywa.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nny** na **nyw**

Imfashanyigisho:
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 112-113.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru «Ababyinnyi baramenyekanye»: umwumwe, mu matsinda bicayemo ya babiribabiri hanyuma bose hamwe, mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 113.

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **nny** na **nyw** n'ibindi bihekane bize.
- Umwarimu aravangavanga amagambo arimo ibihekane **nny** na **nyw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.
  Urugero: abakinnyi, urunywero, ababyinnyi, Nyiramanywa, ubunnyano, amanywa, umukannyi.
- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro.
  Urugero:
  Munnyeri na Nyiramanywa batahanye intsinzi.
  Ku munsi wo kwita izina abana barya ubunnyano.

  Ligaho kunnyega uwo mwana ahubwo mufashe.

  Ririnde kunywa itabi nta mumaro waryo.
- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: abakinnyi, urunywero, ababyinnyi, Nyiramanywa, ubunnyano, amanywa, umukannyi.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro.

Urugero:

Munnyeri na Nyiramanywa batahanye intsinzi.

Ku munsi wo kwita izina abana barya ubunnyano.

Ligaho kunnyega uwo mwana ahubwo mufashe.

Ririnde kunywa itabi nta mumaro waryo.

- Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma agakuru "Bwiza na Bwenge."

Urugero:

Munnyeri na Nyiramanywa batahanye intsinzi.

Ku munsi wo kwita izina abana barya ubunnyano.

Ligaho kunnyega uwo mwana ahubwo mufashe.

Ririnde kunywa itabi nta mumaro waryo.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **nny**, **nyw** ku rupapuro rwa 112.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nny, nyw** bakabisomera abo babana mu rugo, bakazabyerekana mu isomo ritaha.

IBIHEKANE BYIGWA: njy, ngw

Isomo rya 1 — Gusoma no kumva inkuru "Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yasobanuwe.

Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 113.
Inyunguramagambo: kurondora, injyana, kuhira, ingwate.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba, agakuru "Ababyinnyi baramenyekanye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 113.

Isomo rishya

Gusoma inkuru "Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga" mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 118.

- Umwarimu arerekana amashusho n'imfashanyigisho bifasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho.
  Urugero: Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? *(Turabona abantu bari mu nama.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Iri buvuge ku bikoresho by'ikoranabuhanga.)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye abereka amashusho uko asoma buri gice.

Gusobanura amagambo mashya

- Umwarimu arasoma inkuru, igika ku gika, abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, abuzuza bibaye ngombwa.
  Urugero:
  Kurondora: Gutondeka amagambo uyavuga.
  Injyana: Uburyo amajwi y'indirimbo yumvikana neza.
  Kuhira: Kuvomerera
  Ingwate: Ikintu umuntu atangaho ingurane akazagisubizwa yamaze kwishyura.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo ku nkuru.

Urugero:
Ni ba nde bavugwa mu nkuru? *(Ni Njyambere na Ngwabije.)*
Ni hehe inama y'abaturage yabereye? *(Inama y'abaturage yabereye ku kibuga cy'umupira.)*
Iyo nama yari igamije iki? *(Yari igamije gukangurira abaturage kumenya no gukoresha neza ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga.)*
Kuki Njyambere na Ngwabije begereye umuyobozi w'inama? *(Bari bafite amatsiko yo kumenya ibivugirwa mu nama.)*
Ni ibihe bikoresho by'ikoranabuhanga bemeje ko biboneka aho batuye? *(Hari tereviziyo, radiyo, terefone, imodoka, amapikipiki, ubwato…)*
Ni ibihe bikoresho bifasha mu buhinzi bavuze? *(Bavuze ku mashini zihinga n'izuhira ibihingwa, izisya ibigori, soya, ibihwagari n'imyumbati.)*
Ibikoresho by'itumanaho bidufasha iki? *(Bidufasha gusabana, guhanahana amakuru no kumenya ibibera ahandi.)*
Ibyo bikoresho bigomba gufatwa gute? *(Bigomba gufatwa neza, umuntu akirinda kubitura hasi, kubimenamo amazi.)*
Ni ibihe bikoresho by'ikoranabuhanga bidufasha mu guhahirana n'abandi? *(Ni ibitwara abantu n'ibintu nk'imodoka, indege…)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'itumanaho n'ikoranabuhanga.
- Abanyeshuri barakoresha amagambo mashya mu nteruro: kuhira, injyana, ingwate.
- Abanyeshuri barasangiza abandi ibyavuye mu matsinda umwarimu ashimangire ibivugwa mu nkuru ku bikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga.

Isuzuma

- Umwarimu arongera kubaza ibibazo ku nkuru "Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga."

  Urugero:

  Igikoresho k'ikoranabuhanga kitwa mudasobwa kimara iki? *(Ikoreshwa mu kwandika no kubara, mu itumanaho, mu kwiga.)*

  Ni iki abana bagomba kwitondera iyo bafashe terefone? *(Bagomba kwitondera kurangazwa na yo, bakirinda kuyica bayishyira mu mazi cyangwa bayihondagura hasi.)*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.

  Urugero:

  Kuhira: Mu gihe k'izuba twuhira imboga kugira ngo zituma.

  Ingwate: Ishyamba ryacu baritanzeho ingwate bahabwa inguzanyo muri banki.

  Injyana: Nahuye na Tuyisenge yatwawe n'injyana y'umuziki ndamusuhuza ntiyumva.

Umukoro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukoresha amagambo mashya mu nterururo, bakazazivuga mu ishuri mu isomo ritaha.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru "Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga", bakazagaragaza mu ishuri uko babivuze.

Isomo rya 2 — Gusesengura inkuru "Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 118.

Intangiriro:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga."

Urugero:

Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? *(Havugwamo inama y'abaturage ku kibuga cy'umupira.)*

Inama yibanze ku ki ? *(Inama yibanze ku gukangurira abaturage kumenya no gukoresha neza ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Tumenye ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga", mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 118.

Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero:

Iyi nkuru yaguteye gutekereza ku bihe bikoresho by'itumanaho cyangwa iby'ikoranabuhanga wakoresha iwanyu? *(Buri munyeshuri arasubiza ibyo yakoresha iwabo.)* Ibyo bikoresho byahindura iki ku buzima bw'iwanyu? *(Ibyo bikoresho byakoroshya ubuzima, bikanateza imbere urugo rw'iwacu.)* Uretse ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga byavuzweho, ibindi uzi ni ibihe? *(Ibindi nzi ni ibifasha gucana hakoreshejwe imirasire y'izuba, utumashini dutonora ibigori…)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero
Uretse ibikoresho wumvise mu nkuru, nta bindi waba uzi bitavuzweho? *(Hari uburyo bwateye bwo gutekesha biyogaze, ibiryo bigashya mu gihe gitoya. Hari amashyiga ya rondereza akwirakwizwa mu baturage, bikabarinda gucana inkwi nyinshi.)* Ni ibihe bikoresho by'itumanaho bikoreshwa ku ishuri ryanyu? *(Umwarimu wacu atuma ku babyeyi abandikiye akandiko cyangwa akohereza ubutumwa bugufi kuri terefone ku babyeyi bazifite.)* Iyo inteko rusange y'ikigo yegereje, umuyobozi acisha itangazo rimenyesha inama kuri radiyo. Ni akahe kamaro ibikoresho by'ikoranabuhanga bigufitiye? *(Terefoni ya mama nyireberaho igihe bikandinda gukererwa. Kuba iwacu barazanye amazi mu rugo, byankijije urugendo rwo mu kabande n'imvune.)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri barajya impaka batanga ibitekerezo ku kamaro k'ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga n'uko bikwiye gufatwa.

Urugero:
Imashini zikama inka, zihutisha ikama. Zigomba kugirirwa isuku no kubikwa neza. Radiyo na tereviziyo bidufasha kumva amakuru. Tugomba kubicana no kubizimya twitonze, tugomba kwirinda kubitura hasi.

Isuzuma

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibindi bibazo ku nkuru.

Urugero:
Abantu bavuzwe mu nkuru ni ba nde? *(Ni Njyambere, Ngwabije, umuyobozi n'abaturage.)* Ni iki umuyobozi yakanguriye abaturage? *(Yabakanguriye kumenya no gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga.)* Ibikoresho by'ikoranabuhanga bimariye iki abaturage? *(Bibafasha gutera imbere vuba.)*

Umukoro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kongera kubwira abo babana mu rugo bimwe mu bikoresho by'ikoranabuhanga n'akamaro kabyo, bakazagaragaza mu ishuri uko babivuze.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana mu rugo ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga baba bazi, bakazabivuga mu ishuri ku isomo rikurikira.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane njy

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **njy**.

Imfashanyigisho: Amashusho.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 119.
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 113, 118.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe agakuru "Ababyinnyi baramenyekanye"mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 113.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane njy

Gutahura igihekane njy
Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura

igihekane **njy.**

Urugero: Murabona nde kuri iyi shusho? *(Turabona Njyambere.)*
Ibimene by'ikibindi byitwa gute? *(Byitwa injyo)*

- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho, mu cyapa. **Urugero**: Njyambere, injyo.
- Umwarimu arasoma amagambo, ku kibaho, atsindagira ku gihekane njy.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane njy)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **njy** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 119, cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 119, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **njy.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **njy** umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: injyana, Njyunguri.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **njy.**
- Umwarimu arayandika ku kibaho yerekana, aho bishoboka, imigemo yose y'igihekane **njy**.
  Urugero: injyo, winjyana, njyanira.

Gusoma igihekane njy

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **njy** yanditse ku kibaho mu cyapa nyuma nabo basome.
  Urugero: injyana, injyo, njyanira.
  Umwarimu arasobanurira abanyeshuri ko **njy** ihinduka **ng** iyo kurikiwe na **i** cyangwa **e**.
  Urugero: ingiga, ingenzi.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:
  Iyi ndirimbo ifite injyana nzinza.
  Iterambere ryaraje nta mwana ugikarabira mu njyo.
  Njyanira amazi mu rwiyuhagiriro nisukure.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro atsindagira ku gihekane **njy** nyuma abanyeshuri bazisome.

Imyitozo

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro bikurikira birimo igihekane **njy**

Urugero:
Njyunguri injyana
Nkunda **injyana** y'indirimbo z'utunyoni.
Njyanira amazi mu gikari noze ibyombo.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **njy** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 118.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri gushaka andi magambo arimo igihekane **njy** bakayereka abo babana mu rugo banayabasomera, bakazayasomera bagenzi babo na mwrimu mu ishuri.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane njy

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **njy**

Imfashanyigisho: -
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 119

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe agakuru "Ababyinnyi baramenyekanye"mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 113.

Isomo rishya: Kwandika igihekane njy mu mukono

Umwarimu arahera ku magambo yanditse ku kibaho arimo igihekane **njy**

Injyana Njyambere injyo Njyunguri

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane njy bagicaho akarongo aho cyanditse ku kibaho.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **njy**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **njy** mu mukono ku kibaho no mu makaye yabo.
- Umwarimu arakora icyandikwa ku gihekane **njy** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane byizwe

Urugero: Njye nibuka udukino two mu kiburamwaka.

Buri gitondo njyana ku ishuri amazi yo kunywa.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza abakosore.

Imyitozo

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **njy** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 119.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika mu mukono interuro zirimo igihekane **njy**.

Indirimbo za burakeye zigira injyana ituje.

Njyana ku kibaho nkosore umwitozo.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo arimo igihekane **njy** mu mukono, bakereka abo babana mu rugo, bakazagaragaza amagambo banditse mu isomo ritaha.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane ngw

Intego:
- Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ngw**.

Imfashanyigisho: Ishusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'iyo mu gitabo cy'umunyeshuri: Ishusho ya Ngwabije n'iy'ingwe.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 118.
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 113, 118.

Intangiriro

- Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba, agakuru "Ababyinnyi baramenyekanye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 113.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane ngw

Gutahura igihekane ngw

- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo ku buryo hasubizwa amagambo arimo igihekane **ngw**
  Urugero: Imashini zikoreshwa mu buhinzi zuhira iki? (Ibihin**gw**a.)
  Imyanda bayoye bamaze gukubura yitwa gute? (Ibishi**ngw**e)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa. Urugero: Ibihi**ngw**a ibishi**ngw**e
- Umwarimu arasoma amagambo, ku kibaho, atsindagira ku gihekane **ngw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **ngw**)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane ngw mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 118, cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 118, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **ngw**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **ngw** umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: i**ngw**eba, i**ngw**ate.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **ngw**.
- Umwarimu arayandika ku kibaho yerekana, aho bishoboka, imigemo yose y'igihekane ngw.
  Urugero: ibishi**ngw**e, i**ngw**ate, i**ngw**izamurongo.
- Umwarimu arasobanurira abanyeshuri ko mbere ya **u** na **o ngw** ihinduka **ng**. **Urugero**: ingurube, ingofero.

Gusoma igihekane ngw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero amagambo arimo igihekane **ngw**, nyuma nabo bakayasoma. **Urugero:** Ibihi**ngw**e ingwate.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: Ibihi**ngw**a byafumbiwe biba bitohagiye.
  Data yatanze i**ngw**ate bamuguriza amafaranga.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro atsindagira ku gihekane **ngw** nyuma abanyeshuri bazisome umwumwe.

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane ngw mu gitabo cy'umunyeshuri. **Urugero:** i**ngw**eba, i**ngw**a.

I**ngw**eba yacu bayisize i**ngw**a ku mabere.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane ngw n'ibindi bize.
  Urugero: I**ngw**e, **Ngw**ije.
  Ibishi**ngw**e bimenwa mu ngarani bigatanga ifumbire nziza.

Umukoro

Umwarimu arasaba abayeshuri gusomera abo babana amagambo arimo igihekane ngw bakazayasomera no mu isomo ritaha.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane ngw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ngw** mu mukono.

Imfashanyigisho: -
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 119.

Intangiriro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo arimo igihekane **ngw.**
- Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma ayo magambo.

Isomo rishya

Kwandika igihekane ngw

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo ibihekane **ngw**.
  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **ngw**?
  *(Amagambo twabonye arimo igihehane **ngw** ni aya: Ngwabije, ingwate, ibihingwa, ingweba.)*
- Kwandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

  Ngwabije, ingwate, ibihingwa, ingweba.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane ngw bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **ngw**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **ngw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.
- Umwarimu arakora icyandikwa ku gihekane **ngw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.
  Urugero:
  Iwacu dufumbiza ibishingwe byaboze.
  Mwarimu wacu akoresha ingwa itukura ku magambo akomeye.
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza abakosore.

Imyitozo:

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **ngw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 119.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **njy** na **ngw.**

Imfashanyigisho: amashusho yo mu gitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Ababyinnyi baramenyekanye" mu igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 113.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo njy na ngw mu gakuru "Iterambere ryabagezeho"

- Umwarimu arasaba abanyesuri gutahura icyo agakuru "Iterambere ryabagezeho" kari buvugeho bahereye ku mashusho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122 , akazu ku kazu agenda akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batavuze neza.

Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru

- Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru, babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.
  Urugero:
  Ni ibihe bikorwa by'iterambere bigaragara aho mutuye? *(Hari amashanyarazi n'amazi mu mudududu, amashuri, ivuriro n'uruganda rutunganya ibigori.)*
  Iyi nkuru ikwigishije iki? *(Kwiteza imbere mu mirimo yacu twifashishije ibikoresho by'ikoranabuhanga.)*
- Umwarimu aratanga interuro zo mu gakuru ziganjemo **njy** na **ngw** abanyeshuri bazisome batsindagira ku bihekane **njy** na **ngw.**
  Urugero:
  Njyunguri na Kantengwa batuye hafi ya Nyungwe.
  Ingweba yabo yinjiza amafaranga atari makeya.

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane njy na ngw mu mukono

- Gusaba abanyeshuri kwandika uduteruro tugufi tujyanye n'agakuru.
  Urugero:
  Njyunguri na Kantengwa baratunze baratunganirwa.
  Batanze ishyamba ho ingwate muri banki.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzuza interuro yo mu gakuru: Njyunguri na Kantengwa_____. *(Njyunguri na Kantengwa baratunze baratunganirwa.)*

Icyandikwa

Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma abisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Urugero: injyana, Njyunguri, Ngwabije, ingwate
Iyo Njyambere akubuye, ajugunya ibishingwe mu ngarani.

Ingweba ya Njyunguri irahaka.

Umukoro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusomera abo babana agakuru kose.
- Abanyeshuri barakora umwitozo, mu makaye yabo, wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 119-120, bazerekane aho bakoreye umwitozo mu isomo ritaha, umwarimu abakosore.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **njy** na **ngw**

Imfashanyigisho:
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba, agakuru "Iterambere ryabagezeho", mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122.

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu arabashyira mu matsinda abahe imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gusoma amagambo arimo ibihekane **njy** na **ngw** n'ibindi bihekane bize.
- Kuvangavanga amagambo arimo ibihekane **njy** na **ngw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero: injyana, Njyunguri, Kantengwa, ingweba, ingwate, ibishingwe.

- Gusaba abo banyeshuri gusoma interuro.
  Urugero:
  Njyunguri na Kantengwa borora ingweba.
  Radiyo itugezaho injyana zinyuranye.

Njyambere na Ngwabije bakomeje kungurana ibitekerezo.

Uyu mutobe wunjyanire mu kabati uwutereke neza.

- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: injyana, injyo, Njyunguri, Kantengwa, ingweba, ingwate, ibishingwe.

- Gusaba abanyeshuri kwandika interuro mu mukono.

Urugero:

Njyunguri na Kantengwa borora ingweba.

Radiyo itugezaho injyana zinyuranye.

Njyambere na Ngwabije bakomeje kungurana ibitekerezo.

Uyu mutobe ni injyanamuntu uwawishinga ntiyahaguruka.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma agakuru" Iterambere ryabagezeho".

Urugero:

Njyunguri na Kantengwa borora ingweba.

Radiyo itugezaho injyana zinyuranye.

Njyambere na Ngwabije bakomeje kungurana ibitekerezo.

Uyu mutobe wunjyanire mu kabati uwunterekere neza.

Isuzuma

Gusaba abanyeshuri gukora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **njy** na **ngw** urupapuro rwa 121.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **njy** na **ngw** bakabisomera abo babana mu rugo, bakazabyereka mwarimu na bagenzi babo mu isomo ritaha, bakanakosorwa.

IBIHEKANE BYIGWA: shw, mbw

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Itumanaho"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha amagambo yasobanuwe mu nteruro.

Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 126, igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122.
Inyunguramagambo: umukambwe, umushushwe, umushwi, gushwiragira.

Intangiriro

Gusoma agakuru "Iterambere ryabagezeho" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Itumanaho"mu gitabo k'inkuru, urupapuro rwa 126.
- Kwerekana amashusho n'imfashanyigisho bifasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Kubaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho
  Urugero: Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? *(Turabonaho umusaza n'umwana aho bacuruza terefoni rusange.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Inkuru iri buvuge ku itumanaho rikoresha terefoni.)*
- Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho uko usoma buri gice.

Gusobanura amagambo mashya

Gusoma inkuru, igika ku gika, abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, umwarimu akabuzuza bibaye ngombwa.

Urugero: umukambwe: umusaza.

umushushwe: ubwoko bw'imbeba nto ifite umunwa usongoye.
umushwi: akana k'inkoko.
Gushwiragira: kugenda uyobagurika ujya iyo utazi.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Kubaza no gusubiza ibibazo ku nkuru.

Urugero:
Ni ba nde bavugwa mu nkuru? *(Ni Rugambwa n'umukambwe Ntirushwa.)*
Bahuriye hehe? *(Bahuriye hafi y'umurima w'imbwija.)*
Rugambwa yajyaga he? *(Yajyaga ku isoko kugura inkoko yo korora.)*
Umukambwe we yari yazinduwe n'iki? *(Umukambwe yaje akurikiye imbwa yirukankanaga umushushwe.)*
Rugambwa yafashije iki umukambwe kugira ngo abashe gusubira iwabo? *(Yamubajije niba nta ka nomero ka terefoni k'iwabo yagira ngo abahamagare.)*
Uwamwitabye yamubwiye ko mu rugo hegereye ayahe mashuri? *(Yamubwiye ko hegereye amashuri ya Tambwe amwizeza ko agiye kuza gutahana umusaza)*
Ese Rugambwa yategereje ko baza gufata Muzehe? *(Oya, ntiyategereje yahereyeko amutahana kuko ku mashuri yari ahazi.)*
Amugejejeyo byagenze gute? *(Rugambwa baramushimye cyane ndetse bamuha n'ibihembo: terefoni, inkoko n'agashwi kayo.)*
Atashye mu nzira yahuye n'ikihe kibazo? *(Yamenye ko hari imbwa y'inkazi yatorotse kandi ishwanyaguza ibyo ihuye na byo byose.)*
Yabyitwayemo ate? *(Yigiriye inama yo gutabaza porisi ahamagaje terefoni.)*

Abaporisi bahageze bakoze iki? *(Bahanganye na ya mbwa barayifata barayizirika.)*
Ni akahe kamaro ka terefoni wumvise mu nkuru? *(Terefoni yafashije Rugambwa gutabaza ku buryo bwihuse.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise ku nkuru bijyanye n'itumanaho.
- Gusangiza abandi ibyavuye mu matsinda umwarimu agashimangira ibivugwa mu nkuru ku nshingano z'abana.

Isuzuma

- Umwarimu arongera kubaza ibindi bibazo ku nkuru "Itumanaho."
  Urugero:
  Rugambwa amaze kugirira umusaza neza yagororewe iki? *(Yahawe terefoni, inkoko n'udushwi twayo.)*
  Mu nkuru terefoni yabafashije mu bihe bikorwa byiza? *(Rugambwa yayifashijije ngo amenye uburyo ayobora umukambwe iwe yongera kuyifashisha atabaza porisi ngo ibakize imbwa y'inkazi.)*
- Gukoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.
  Urugero:
  Gushwiragira: Abana bahunze imbwa bagenda bashwiragira mu bihuru.
  Umukambwe: Umukambwe ntakwiye gukora urugendo wenyine kuko ashobora gutakara akayoberwa inzira imucyura iwabo.

Umukoro

Abanyeshuri barashushanya igice cyabashimishije mu nkuru "Itumanaho" basobanure ibishushanyo babihuza n'inkuru.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru "Itumanaho"

Intego
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 126.

Intangiriro:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Itumanaho":
Urugero:
Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (Havugwamo umusaza wabuze inzira imusubiza iwabo yayobeye hafi y'isoko rya Ruhango.)
Ni ikihe gikorwa k'indashyikirwa mwumvise mu nkuru ? (Igikorwa k'indashyikirwa ni uburyo Rugambwa yafashije umusaza gusubira iwe n'uburyo yatabaje porisi ikabakiza imbwa y'inkazi.)

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Itumanaho," mu gitabo k'inkuru, urupapuro rwa 126.
Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.
Urugero:
Mu nkuru twasomye, terefoni yifashshijwe ite? *(Terefoni yifashishishijwe mu kuyobora umuntu wayobye no gutabaza Porisi.)*

Wumva terefoni yaboneka he kugira ngo ifashe abantu bose? *(Hashyirwa terefoni ikoreshwa n'abantu bose ahantu hahurirwa n'abantu benshi nko ku masoko, aho abantu bategera imodoka n'ahandi.)*
Kugira ngo abantu bage bitabaza terefoni biboroheye babigenza bate? *(Bajya bahorana nomero za terefoni zinyuranye: iz'abashinzwe umutekano, izo kwa muganga, iz'ubuyobozi bw'aho batuye n'izindi.)*
Hari akandi kamaro ka terefoni uzi? *(Terefoni ifasha abantu koherezanya amafaranga no kwishyura amazi n'umuriro.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero

Mu nkuru twasomewe bavuze ku buhe buryo bw'itumanaho? *(Havuzwe uburyo bukoresha terefoni.)*
Ubundi buryo bw'itumanaho muzi ni ubuhe? *(Hari ugukoresha radiyo, terevisiyo, iposita…)* Ese ku kigo cyanyu haba terefoni? Ikoreshwa ryari? Iba hehe? *(Yego ku kigo cyacu haba terefoni. Ikoreshwa batumira ababyeyi mu nama. Ikoreshwa n'umunyamabanga w'ikigo.)*
Uramutse uhuye n'umuntu mukuru wayobye wabigenza ute? *(Namwegera nkamubaza izina ry'aho atuye cyangwa nkamubaza niba nta nomero za terefoni y'abo babana cyagwa uwo baturanye yaba afite nuko nkazamuhamagarira.)*
Udafite terefone wabigenza ute? *(Nakoresha iya rusange.)* Udafite amafaranga yo guhamagara? *(Nakwinginga ucuruza guhamagara agiriye impuhwe umukambwe.)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri baribukiranya bumwe mu buryo bw'itumanaho n'uko bukoreshwa.

Urugero:
Iposita idufasha mu kohereza amabaruwa kure.
Radiyo idufasha kumenya amakuru no kuyatangaza.
Tereviziyo itwumvisha amakuru tunayareba.
Terefone ikoreshwa mu guhamagara no mu kwitaba, kohereza ubutumwa bugufi n'amafaranga.

Isuzuma

Abanyeshuri baravuga, umwumwe, uko bakwifashisha ferefoni.

Umukoro

Kubaza abo babana mu rugo ubundi buryo bw'itumanaho bakazabusangiza bagenzi babo.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane shw

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **shw.**
Imfashanyigisho: Amashusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Ibitabo: igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 126 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122, 131, 127.

Intangiriro

Gusoma neza kandi vuba, agakuru ka "Iterambere ryabagezeho" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane shw

Gutahura igihekane shw

- Umwarimu arerekana ishusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **shw**. **Urugero:** Murabona iki? (Turabona umushwi.) Ni mu yahe magambo inkuru igaragaza ko umukambwe yabuze epfo na ruguru? (Umukambwe yarashwiragiye)
- Umwarimu arandika igisubizo ku kibaho mu cyapa: umushwi.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **shw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. (Ni igihekane **shw**.)
- Gusomera abanyeshuri igice k'inkuru cyangwa kirimo igihekane **shw** mu gitabo k'inkuru, urupapuro rwa 126 cyangwa agakuru "Rudasumbwa yarikosoye" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131 no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **shw**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **shw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: umushwi, umushushwe, Ntirushwa.
- Gusaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **shw.**
- Kuyandika ku kibaho abanyeshuri bakerekana, aho bishoboka, migemo yose y'icyo gihekane. **Urugero:** urushwima, igishwemu, gushwanyaguza…

Gusoma igihekane shw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri, by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **shw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda. **Urugero:** gushwana, imishwaro.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma. Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho. **Urugero:** Si byiza ko abanyeshuri bashwana bakina. Abantu bakwiriye imishwaro kubera akaruru. Nabonye umushushwe wambukiranya inzira.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **shw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 127.

Isuzuma

- Abanyeshuri barasoma, umwumwe, interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 127.

Umukoro

- Abanyeshuri barereka banasomere abo mu rugo amagambo n'interuro birimo igihekane **shw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 111.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane shw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **shw** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita y'ibihekane.
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 127.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma amagambo arimo igihekane **shw**.

Isomo rishya

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo ibihekane **shw**.

  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **shw**?

(Amagambo twabonye arimo igihehane shw ni aya: umushushwe, umushwi, gushwanyaguza, gushwekura.)

- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

umushushwe umushwi

gushwanyaguza gushwekura

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **shw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo ari ku kibaho.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **shw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **shw** mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **shw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'igihekane bamaze kwiga.

Urugero: Ishishwa binyanyagiye mu rutoki.

Ubutaka bwo kuri uriya musozi bukize ku ishwagara.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza umwarimu akabakosora.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **shw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 127.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono interuro zirimo igihekane **shw**.

Urugero:

Ntirushwa yayobewe inzira itaha arashwiragira.

Iriya nkoko ifite imishwi myiza.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bawukora neza umwarimu abakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barahanga interuro zirimo igihekane **shw** n'ibindi bamaze kwiga, bazandike mu makaye yabo mu mukono.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane mbw

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mbw**.

Imfashanyigisho: Amashusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro 122, 128, 129, 130, 131.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba, agakuru ka "Iterambere ryabagezeho" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane mbw

Gutahura igihekane mbw

- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo ku nkuru basomewe ku buryo hasubizwa amagambo arimo igihekane **mbw**. **Urugero:** Umusore wari wagiye kugura inkoko ni nde? *(Ni Rugambwa.)* Ku isoko yahuye na nde wari wayobewe inzira imutahana? *(Yahuye n'umukambwe.)*
- Umwarimu arerekana ishusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **mbw**. **Urugero:** Murabona iki? *(Turabona imbwa*.)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: Rugambwa, umukambwe.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **mbw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. (Ni igihekane mbw.)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru cyangwa kirimo igihekane **mbw** mu gitabo k'inkuru, agakuru "Rudasumbwa yarikosoye" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131 no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **mbw**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **mbw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: Rugambwa, intambwe, ibitumbwe.
- Gusaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **mbw**.
- Kuyandika ku kibaho abanyeshuri bakerekana, aho bishoboka, imigemo yose y'icyo gihekane. **Urugero:** imbwa, imbwija, imbwebwe, …
- Umwarimu arasobanurira abanyeshuri ko igihekane **mbw** gikurikiwe na **o** cyangwa **u** kitabaho.

Gusoma igihekane mbw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri, by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **mbw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda. **Urugero:** imbwija, imbwa, ibitumbwe.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma. Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho.
  Urugero: I Mugombwa beza ikawa nyinshi. Abantu bakuru bagendana ibyangombwa.
  Muri iki gihembwe nzaba uwa mbere.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

Abanyeshuri barasoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mbw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 128.

Isuzuma

Abanyeshuri barandika basome, umwumwe, interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 130.

Umukoro

Abanyeshuri barasoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 130 batahuremo amagambo arimo igihekane **shw** na **mbw**.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane mbw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **mbw** mu mukono.

Imfashanyigisho: -
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 128, 130.

Intangiriro

- Abanyeshuri barasoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 130.
- Abanyeshuri barashaka amagambo arimo igihekane **mbw** umwarimu agenda ayandika ku kibaho.
- Abanyeshuri barasoma amagambo arimo igihekane **mbw**.

Isomo rishya

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize cyangwa andi bazi arimo ibihekane **mbw**.
  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **mbw**?
  (Amagambo twabonye arimo igihehane **mbw** ni aya: umukambwe, imbwija, ibitumbwe, Rugambwa.)
- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

umukambwe imbwija

ibitumbwe Rugambwa

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **mbw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo ari ku kibaho.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **mbw**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **mbw** mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **mbw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'igihekane bamaze kwiga.
  Urugero:

Izo mbwija ziteke mu bitoki.

Urya mukambwe agiye i Cambwe.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza abakosore.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro irimo igihekane **mbw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 128.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 130.
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bawukora neza anabakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barahanga interuro zirimo igihekane **mbw** n'ibindi bamaze kwiga, bazandike mu makaye yabo mu mukono.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **shw** na **mbw.**

Imfashanyigisho: amashusho yo mu gitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122, 131.

Intangiriro

Gusoma agakuru "Iterambere ryabagezeho" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 122.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo shw na mbw mu gakuru "Rudasumbwa yarikosoye"

- Abanyeshuri baritegereza amashusho batahure icyo agakuru "Rudasumbwa yarikosoye" kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru kari ku rupapuro rwa 131, akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibazo byo kumva agakuru.
Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero: Kuki ari ngombwa kuzimya radiyo na tereviziyo iyo imvura igwa? (Ni ngombwa kubizimya bidakubitwa n'inkuba.)

Ni iyihe nyigisho ukuye muri iyi nkuru? (Iyi nkuru inyigishije gufata neza ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga.)

- Gutanga interuro zo mu gakuru ziganjemo **shw** na **mbw** abanyeshuri bakazisoma batsindagira ku bihekane **shw** na **mbw**

Urugero:
Rudasumbwa na Mutarushwa babana n'umukambwe Sekuru.
Ibyo bibabaza Mutarushwa n'umukambwe.

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane shw na mbw mu mukono

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzuza interuro yo mu gakuru: Rudasumbwa yarikosoye ---------- ( )

Abanyeshuri barandika uduteruro tugufi tujyanye n'agakuru.

Urugero:

Rudasumbwa we ntiyita ku ikoreshwa ry'ibyo bikoresho.

Mutarushwa yita ku ikoreshwa neza ry'ibyo bikoresho.

Icyandikwa:
Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bakurikira bayandike mu makaye yabo:
Umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ku nshuro ya kabiri bandike mu makaye yabo.

Urugero: ibitumbwe gushwana imbwa
Ntirushwa afite inka zirindwi.

Umukoro

- Gusomera abo babana agakuru kose.
- Gukora umwitozo, mu makaye yabo, wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 129.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **shw** na **mbw**

Imfashanyigisho:
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma neza agakuru "Rudasumbwa yarikosoye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131.

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu arashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi
Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **shw** na **mbw** n'ibindi bihekane bize.

- Kuvangavanga amagambo arimo ibihekane **shw** na **mbw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.
  Urugero: umukambwe, umushushwe, imbwa, gushwanyaguza, ibitumbwe, udushwi.
- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro.
  Urugero:

  Rudasumbwa na Ntirushwa bahuriye ku murima urimo imbwija.
  Rudasumbwa na Ntirushwa bahuriye ku murima urimo imbwija.

  Rugambwa yafashe umukambwe akaboko barashwekura.
  Rugambwa yafashe umukambwe akaboko barashwekura.

  Imbwa ikaze yatorotse ikigo ishwanyaguza ibintu byose.
  Imbwa ikaze yatorotse ikigo ishwanyaguza ibintu byose.

  Imbwa yirukankanye umushushwe mu muhanda.
  Imbwa yirukankanye umushushwe mu muhanda.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo n'interuro bigizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero:

Umukambwe, umushushwe, imbwa, gushwanyaguza, ibitumbwe, udushwi.

Rugambwa na Ntirushwa bahuriye ku murima urimo imbwija.

Rugambwa yafashe umukambwe akaboko amusba ko bashwekura biramunanira.

Imbwa ikaze yatorotse ikigo ishwanyaguza ibintu byose.

Imbwa yirukankanye umushushwe mu muhanda.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma agakuru" Rudasumbwa yarikosoye."

Urugero:

Rudasumbwa na Ntirushwa bahuriye ku murima urimo imbwija.

Rugambwa yafashe umukambwe akaboko amusaba ko bashwekura biramunanira.

Imbwa ikaze yatorotse ikigo ishwanyaguza ibintu byose.

Imbwa yirukankanye umushushwe mu muhanda.

Isuzuma

Gukora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane **shw** na **mbw** urupapuro rwa 129-130.

Umukoro

Abanyeshuri barandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **shw, mbw** bakabisomera abo babana mu rugo.

IBIHEKANE BYIGWA: mf, ndw

Isomo rya 1 — Gusoma no kumva inkuru: "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha amagambo yasobanuwe mu nteruro.

Imfashanyigisho: amashusho ajyanye n'inkuru.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 135.
Inyunguramagambo: terefoni, radiyo, umusundwe, imfuruka, uburondwe.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo ku bikoresho by'ikoranabuhanga.

Urugero: Ni ibihe bikoresho by'ikoranabuhanga muzi? *(Nzi radiyo, imodoka, imashini ihinga, terefoni…..)* Hari ibyo muzi gukoresha? *(Nzi gufungura radiyo ikavuga.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga," igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 135.

- Kwerekana amashusho afasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Kubaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho.

  Urugero: Murabona iki kuri iyi ishusho? *(Ndabona abana bafite radiyo na terefoni.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Inkuru iri buvuge ku bana barimo gukoresha terefoni bumva na radiyo.)*
- Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho uko usoma buri gace.

Gusobanura amagambo mashya

Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru, igika ku gika, basobanure amagambo mashya, abuzuza bibaye ngombwa.

Urugero:

Radiyo: igikoresho gisakaza amajwi abantu bakoresha bumva amakuru n'ibiganiro.

Terefoni: igikoresho bakoresha bahamagara cyangwa bitaba umuntu uri kure.

Imfuruka: inguni y'icyumba k'inzu.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru.

Urugero: Ni ba nde bavugwa mu nkuru? *(Muri iyi nkuru haravugwamo Murindwa, Kundwanayo, Ndwaniye na Mukamfizi.)* Murindwa na Kundwanayo basohokanye iki mu nzu? *(Basohokanye radiyo na terefoni.)* Babonye sekuru atungutse bakoze iki? *(Bahise bajya guhisha terefoni.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, kuganira ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'ibikoresho by'ikoranabuhanga no kubifata neza.
- Abanyeshuri barakoresha amagambo mashya mu nteruro:

  Urugero: Radiyo: Iwacu twumva radiyo buri munsi.

  Imfuruka: Reba aho mu mfuruka unzanire akabando kange.
- Abanyeshuri barasangiza abandi ibyavuye mu matsinda umwarimu agashimangira ibivugwa mu nkuru bijyanye no gufata neza ibikoresho by'ikoranabuhanga.

Isuzuma

- Umwarimu arongera kubaza ibindi bibazo ku nkuru "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga".

  Urugero: Ababyeyi ba Murindwa na Kundwanayo bari bagiye he ubwo abo bana barimo bakubaganya radiyo na terefoni? *(Bari bagiye guhinga.)* Umuntu wasanze Murindwa na Kundwanayo barimo bakorogoshora ni nde? (*Ni sekuru wasanze bakorogoshora.)* Abana bamurabutswe babigenje bate? *(Barirukanse bajya kumuhisha terefone mu byondo.)* Ni iki cyafashe Murindwa ku kuguru? *(Ni umusundwe.)*
- Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.

  Urugero:

  Imfuruka: Iwacu babika amasuka mu mfuruka.

  Radiyo: Buri munsi twumva amakuru kuri radiyo Rwanda.

Umukoro

Abanyeshuri barabwira abo babana muri make ibyo bumvise mu nkuru "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga" bazavuge mu ishuri uko babivuze.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru: "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Amashusho ajyanye n'inkuru. Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 135.

Intangiriro:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga":

Urugero: Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? *(Havugwamo abana bishe radiyo na terefone by'iwabo.)* Kwica terefone byatumye abana bahomba iki? *(Byatumye abana bahomba inkweto yari kubagurira.)* Inkuru irangira abana bafashe ikihe kemezo? *(Inkuru irangira abana biyemeje kujya bafata neza ibikoresho by'ikoranabuhanga.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga," mu gitabo k'inkuru, urupapuro rwa 135.

Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Ukurikije ibyo wumvise mu nkuru, ibikoresho by'ikoranabuhanga birindwa bite? *(Birindwa gukinishwa kugira ngo bitangirika no gushyirwamo amazi.)* Ni iki cyakorwa kugira ngo abana bacike ku ngeso yo kwangiza ibikoresho by'ikoranabuhanga? *(Abantu bakuru bajya bababwira ko ari bibi kandi bakanababwira akamaro bibafitiye.)* Ni iki unenga muri iyi nkuru? Ni iki ushima mu nkuru? *(Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye bijyanye no gufata neza neza ibikoresho by'ikoranabuhanga.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero: Kwa Ndwaniye na Mukamfizi bari batunze ibihe bikoresho by'ikoranabuhanga? *(Bari batunze terefone na radiyo)?* Wowe iwanyu mutunze ibihe bikoresho? *(Iwacu dutunze tereviziyo, radiyo, akamashini gatonora ibigori….)* Iyo iwanyu bagiye mu mirimo mwe musigara mukora iki? *(Dusigara turinze urugo, duha inka ubwatsi, dutetse….)* Niba iwanyu bafite terefone, uyikoresha ute? *(Nkoresha terefone nikinira udukino tubamo...)* Ese iwanyu babaha terefoni igihe cyose muyishatse? *(Oya, bayidutiza twabaye abana beza kandi bakadusaba kutayicokoza no kutayijugunya mu mazi.)* Uhereye ku byo wumvise mu nkuru, wafashe ikihe kemezo? *(Ngomba gufata neza ibikoresho by'ikoranabuhanga nkirinda kubyangiza.)* Uramutse ubonye abana bakandakanda terefone uko bishakiye wabagira iyihe nama? *(Nababwira ko terefone atari igikinisho ko bagomba kuyubaha no kuyikoresha neza kandi bitonze.)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri baribukiranya ku byo bagomba kwirinda mu rwego rwo gufata neza terefone na radiyo.

Abanyeshuri barabwira bagenzi babo ibyavuye mu matsinda.

Urugero: Bagomba kwirinda guhondagura terefone na radiyo. Bagomba kwirinda kubijugunya mu mazi cyangwa mu byondo. Bagomba kwirinda kubikinisha no kubitura hasi.

Isuzuma

Umwarimu arabaza ibindi bibazo ku nkuru.

Urugero: Abana bakubagana bahuye n'ikihe kibazo? *(Umwe yariwe n'umusundwe, hanyuma bombi babura inkweto iwabo bari kubagurira.)* Ni gute wafata terefone neza? *(Nayifata neza nirinda kuyihondahonda, nirinda kuyishwanyaguza, nirinda kuyijugunya mu mazi.)* Ese terefone wayikoresha wumva imiziki gusa? *(Oya, nayikoresha mvugana n'abandi, nohereza ubutumwa.)*

Umukoro

- Kongera kubwira abo babana mu rugo inkuru "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga."
- Kubaza abo babana mu rugo ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga n'uko bigomba gufatwa neza.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane mf

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **mf**.
Imfashanyigisho: Amashusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Ibitabo: igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 135 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131, 136, 140.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru ka "Rudasumbwa yarikosoye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131, 140.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane mf

Gutahura igihekane mf

- Umwarimu arabaza ibibazo ku nkuru "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga"n'ibindi bibazo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **mf.**
  Urugero: Umugore wa Ndwaniye yitwa nde? (*Yitwa Mukamfizi*.) Amasuka bayabikaga hehe? (*Bayabikaga mu mfuruka.*) Umwana uvutse bwa mbere bamwita bate mu Kinyarwanda (*Bamwita imfura.*)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: Mukamfizi, imfuruka, imfura, Mfitimana.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **mf**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. (Ni igihekane **mf**.)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru cyangwa kirimo igihekane **mf** mu gitabo k'inkuru, urupapuro rwa 135 agakuru "Ikoranabuhanga iwacu" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 140 no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **mf**.
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane mf bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: imfabusa, mfungira.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane mf.
  Umwarimu arayandika ku kibaho abanyeshuri berekane, aho bishoboka, imigemo yose y'icyo gihekane. **Urugero**: i**mfi**zi, i**mfu**nguzo, Ara**mfe**ndegeza, i**mfa**shayo, **mfo**toreza…
  Gusoma igihekane mf
- Umwarimu arasomera abanyeshuri, by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **mf** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda.
  Urugero: i**mfi**zi, i**mfu**nguzo, i**mfa**shayo.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho.

Urugero: Inzu yacu ifite imfuruka zigororotse. Iwacu buri wese agira imfunguzo ze. Mukamfizi yagiraga abana bakubagana.

- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

Abanyeshuri barasoma amagambo mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 136**.**

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 136.

Umukoro

Kwereka no gusomera abo mu rugo amagambo n'interuro birimo ibihekane **mf** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 136.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane mf

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **mf** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita y'ibihekane.
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 136.

Intangiriro

- Umwarimu arandika ku kibaho ayo magambo. **Urugero**: imfunguzo, mfungurira…
- Abanyeshuri barasoma amagambo arimo ibihekane **mf**.

Isomo rishya

Kwandika igihekane mf

- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

imfuruka imfunguzo

imfabusa Mukamfizi

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **mf** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo ari ku kibaho.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **mf**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **mf** mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barandika interuro zirimo igihekane **mf** n'izindi nyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero:

Imfunguzo zange zatakaye mu modoka.

Imfashanyo zihabwa abatishoboye.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza akabakosora.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane ndw

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ndw**.
Imfashanyigisho: Amashusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Ibitabo: igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 135 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 137.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru ka "Rudasumbwa yarikosoye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane ndw

Gutahura igihekane ndw

- Umwarimu arabaza ibibazo ku nkuru "Dufate neza ibikoresho by'ikoranabuhanga"n'ibindi bibazo bibafasha abanyeshuri gutahura igihekane **ndw**.

  Urugero: Abana bakubaganaga bavugwa mu nkuru ni ba nde? (*Ni Murindwa na Kundwanayo*.) Ni iki cyafashe Murindwa mu kirenge akandagiye mu byondo? (*Ni umusundwe*.) Se wa Murindwa bavuga ko yashituraga inka iki? (*Yayishituraga uburondwe*.) Abana iyo bagurirwa inkweto byari kuzabarinda iki? (*Zari kuzabarinda guhandwa*.)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: Murindwa, Kundwanayo umusundwe, uburondwe, guhandwa.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **ndw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. (*Ni igihekane* **ndw**.)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **ndw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 135 cyangwa agakuru "Ikoranabuhanga iwacu" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 140 no kubasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise igihekane **ndw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **ndw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa: indwara, **karindwi**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **ndw**.
- Umwarimu arayandika ku kibaho abanyeshuri bakerekana, aho bishoboka, imigemo yose y'icyo gihekane. **Urugero**: i**ndw**ara, amaca**ndw**e, kari**ndwi,** **ndwu**bake, **ndwo**geze…

Gusoma igihekane ndw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri, by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **ndw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda. **Urugero:** i**ndw**ara, amaca**ndw**e, kari**ndwi**.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho.

  Urugero: Inzu yubatse neza igira imfuruka zigororotse.
  Aborozi beza barinda inka zabo uburondwe.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Imyitozo

- Abanyeshuri barashaka nibura andi magambo abirabiri arimo gihekane **ndw** bakayereka abo babana.
- Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ndw** biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 137.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma, umwumwe, interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 137.

Umukoro

Abanyeshuri barasoma agakuru mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 139 bashakemo amagambo arimo ibihekane **mf** na **ndw**.

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane ndw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ndw** mu mukono.

Imfashanyigisho: -
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 138.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma amagambo arimo igihekane **ndw**.

Isomo rishya

- Kwandika amagambo abanyeshuri bavuze ku kibaho, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

  uburondwe, umusundwe, indwara, inkundwakazi
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **ndw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **ndw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **ndw** mu mukono, ku kibaho no mu makaye.
- Abanyeshuri barandika interuro zirimo igihekane **ndw** n'izindi nyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

  Urugero:

  Nyandwi ni umwana wa karindwi.

  Urushwima ni indwara yica nabi.
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Imyitozo:

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika amagambo n'interuro irimo igihekane **ndw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 138.

Isuzuma

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono interuro zirimo ibihekane **mf** na **ndw**.

  Urugero: Murindwa afite abana barindwi. Abana bagomba kurindwa indwara.
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bawukora neza, anabakosore.

Umukoro

Kwandika amagambo arimo ibihekane **ndw** mu mukono bakereka abo babana mu rugo bakazagaragaza mu ishuri aho bayanditse.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **mf** na **ndw.**

Imfashanyigisho: amashusho yo mu gitabo k'inkuru.
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 135 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 138-139.

Intangiriro

- Gukosora umukoro: Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana aho banditse amagambo beretse abo babana.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe agakuru "Rudasumbwa yarikosoye" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 131.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo mf na ndw mu gakuru "Ikoranabuhanga iwacu"

- Abanyeshuri baritegereza amashusho batahure icyo agakuru "Ikoranabuhanga iwacu" kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru kari ku rupapuro rwa 140, akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibazo byo kumva agakuru.
Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero: Ni ibihe bikoresho by'ikoranabuhangwa bivugwa muri iyi nkuru? *(Hari imashini ikata ibyatsi, imashini yogosha umusatsi.)*
Ni iki wakunze muri iyi nkuru? *(Nakunze ukuntu ikoranabuhanga ryageze mu muryango nuko barimenyekanisha mu bandi.)*

- Abanyeshuri barasoma interuro zo mu gakuru ziganjemo **mf** na **ndw**

Urugero: Nitwa **Ndwa**niye, **mfi**te imyaka iri**ndwi**.
Urugo rwacu rurage**ndwa** cyane.

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane mf na ndw mu mukono

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzuza interuro yo mu gakuru: Ibikoresho by'ikoranabuhanga bibikwa ----------
- Abanyeshuri barandika uduteruro tugufi tujyanye n'agakuru.

Urugero: Utumashini turindwa ubukonje ngo tutazana ingese.
Yafashe imfunguzo agarura utumashini.

Icyandikwa: Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bakurikira bayandike mu makaye yabo: Umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ku nshuro ya kabiri bandike mu makaye yabo.

Urugero: imfunguzo, indwara, imfashanyo
Murindwa yataye imfunguzo ze.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana amagambo nibura abiri arimo ibihekane **mf** na **ndw** bayakoremo interuro bazandike mu mukono mu makaye yabo.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **mf** na **ndw.**

Imfashanyigisho: -
Ibitabo: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 140, 139.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza agakuru "Ikoranabuhanga iwacu" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 140.

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **mf** na **ndw** n'ibindi bihekane bize.
- Umwarimu aravangavanga amagambo arimo ibihekane **mf** na **ndw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

  Urugero: imfuruka umusundwe imfura uburondwe imfashanyo gutsindwa.
- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro zanditse mu cyapa no mu mukono.

  Urugero:

  Mukamfizi yafashe amasuka mu mfuruka.

  Murindwa yaratatse umusundwe umwinjiye mu kirenge.

  Urwo ruyama mundeke ndwumve.

  Mfatira ako kana nkaganirize kamfudikiye.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo n'interuro bigizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: Imfuruka umusundwe imfura uburondwe imfashanyo gutsindwa.

Mukamfizi yafashe amasuka mu mfuruka.

Murindwa yaratatse umusundwe umwinjiye mu kirenge.

Urwo ruyama mundeke ndwumve.

Mfatira ako kana nkaganirize kamfudikiye.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma bucece agakuru" Rudasumbwa yarikosoye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 131.

Urugero:

Mukamfizi yafashe amasuka mu mfuruka.

Murindwa yaratatse umusundwe umwinjiye mu kirenge.

Urwo ruyama mundeke ndwumve.

Mfatira ako kana nkaganirize kamfudikiye.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane **mf, ndw** urupapuro rwa 139.

Umukoro

Abanyeshuri barandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **mf** na **ndw** babisomere abo babana mu rugo.

ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 6

I. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga (Amasomo 2)

1. Ingingo ngenderwaho

- Gusubiza ibibazo byo kumva no gusobanukirwa inkuru.
- Gusobanura amagambo mashya no kuyakoresha mu nteruro.

2. Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma: igitabo cy'umwarimu, urupapuro rwa 193

3. Amabwiriza

• Umwarimu arasoma inkuru aranguruye ijwi.
• Umwarimu arabaza abibazo binyuranye ku nkuru.
• Umwarimu aribanda ku bafite ibibazo byihariye mu myigire.

4. Imyitozo yo kumva inkuru

a) Gutega amatwi inkuru

• Umwarimu arasaba abanyeshuri gutega amatwi inkuru "Gasaro yaratabawe."

Gasaro yaratabawe

Gasaro ni umwana w'imfura iwabo ufite imyaka irindwi. Ababyeyi be batuye mu mugi wa Rwamagana. Umunsi umwe Gasaro yacunze ababyeyi be batamureba arabacika arigendera. Hashize akanya, ababyeyi be baramubura bashakashaka hafi aho babaza n'abaturanyi bababwira ko ntawe babonye. Ababyeyi ba Gasaro bakomeza kwibaza uko bazamubona birabayobera.

Gasaro ageze mu mugi hagati anyura mu isoko areba ibicuruzwa binyuranye. Abona Sebishwi acuruza imbwija, abona amazi mu ducupa dupfundikiye arayasaba ati: "Mwampaye amazi nkinywera?" Maze abacuruzi bose baramunnyega bati: "Ese yewe mwa, ntuzi ko aya mazi agurishwa?" Abonye batamwitayeho arakomeza arigendera.

Gasore ageze imbere ayoberwa aho yaturutse. Arakomeza agera aho ababyinnyi bari kwitoza arahagarara yumva injyana zinyuranye zihari biramushimisha arahaguma kugeza ku manywa. Aza gusonza imuriye atangira kurira maze umukecuru Kantengwa aramwegera amubaza iwabo ntiyabamenya yiyemeza kumugurira ibyo kurya maze aramutahana.

Kantengwa ageze iwe yigira inama yo kujya gushaka umukuru w'umudugudu ngo amufashe. Umukuru w'umudugudu abaza Gasaro iwabo maze ahamagara uyobora umudugudu waho. Abo bakuru b'imidugudu bahuza Gasaro n'iwabo kuri terefone baravugana. Nuko Gasaro arishima cyane ati: "Itumanaho rirantabaye." Bukeye bamushyira ababyeyi be.

b) Gusobanura amagambo mashya mu nkuru no kuyakoresha mu nteruro.

Abaturanyi: abantu baba mu ngo zegeranye n'aho umuntu atuye.
Kunnyega: guseka umuntu cyane.
Injyana: amajwi y'indirimbo.

c) Gukoresha mu nteruro amagambo yasobanuwe

Abaturanyi: Abaturanyi bakunda kuza kudusura
Kunnyega: Umwana wabaye uwa nyuma abandi baramunnyega.
Injyana: Iyi ndirimbo ifite injyana nziza.

d) Gusubiza ibibazo ku nkuru

Muri iyi nkuru haravugwamo ba nde? (*Haravugwamo Gasaro*.) Gasaro ni umwana wa kangahe iwabo? (*Gasaro ni umwana w'imfura iwabo*.) Ni nde watahanye Gasaro yayobewe aho yaturutse? (*Ni umukecuru Kantengwa*.) Ni iki cyatumye umukuru w'umudugudu Kantengwa atuyemo amenya

iwabo wa Gasaro? (*Ni terefone*.)

5. Ikosora

Muri iyi myitozo, umwarimu akosora abanyeshuri bagaragaje ibibazo byihariye mu gusubiza. Aho umunyeshuri adasubije neza ikibazo ku nkuru, umwarimu asaba undi kugisubiza.

Umwarimu agaruka kuri wa wundi akamubaza ikindi areba ko yabyumvise.

Umwarimu ashishikariza abanyeshuri bafite ibibazo kurusha abandi gutinyuka kuvuga abasomera ibice by'inkuru bize akababazaho ibibazo.

II. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma (Amasomo 3)

1. Ingingo ngenderwaho

Gusoma amagambo, interuro n'udukuru tugufi dushushanyije birimo inyuguti zose zizwe.

2. Ibikoresho bikenerwa: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 140.

3. Amabwiriza

- Umwarimu arayobora abanyeshuri mu myitozo inyuranye yo gusoma amagambo, interuro n'udukuru birimo inyuguti n'ibihekane byizwe.
- Umwarimu arandika amagambo n'interuro ku kibaho. Arasaba abanyeshuri gusoma umwumwe ijambo cyangwa interuro akojejeho agakoni. Umwarimu arabashishikariza gusoma batagemura kandi abasomeshe amagambo n'interuro beretswe n'umwarimu kugira ngo arinde abanyeshuri bamwe na bamwe gusoma ibyo bafashe mu mutwe gusa.
- Umwarimu arasomesha buri munyeshuri yita cyanecyane ku banyeshuri bagifite ibibazo mu gusoma. Arajya abasubirishamo kenshi kugira ngo na bo bagere ku rwego rwiza rwo gusoma.
- Mu gusomesha agakuru, umwarimu arasaba abanyeshuri gufata, buri wese, igitabo ke ku rupapuro rwa 140, ahari agakuru "Ikoranabuhanga iwacu."
- Umwarimu arabasomera agakuru aranguruye abanyeshuri bateze amatwi.
- Abanyeshuri barahabwa umwanya wo gusoma, umwumwe, baranguruye. Umwe arajya asoma nk'interuro ebyiri, undi akomerezeho, gutyo gutyo, ku buryo abanyeshuri benshi bahabwa amahirwe yo gusoma.
- Ikosora rirajya rikorwa ako kanya.

3. Imyitozo yo gusoma

a) Gusoma amagambo yanditse ku kibaho

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo.

• ubunnyano	umunywanyi	abakinnyi	urunywero
• injyo	ingwate	Njyunguri	ingweba
• Gushwiragira	imbwebwe	urushwima	umukambwe.
• Imfashanyo	uburondwe	imfuruka	guhendwa.
• Urumamfu	gukundwa	injyanamuntu	umushushwe.
• Ikinnyeteri	umunywi	ingwa	imbwa.

b) Gusoma interuro zanditse ku kibaho

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro.

- Mukamfizi yampaye impano imfitiye akamaro.
- Ni bibi kunnyega umunyeshuri usubije nabi.

- Abana bashimishwa no gukina.
- Cyura iyo mishwi dore yishwe n'imbeho.
- Arwaye indwara yo kuma mu kanwa akabura amacandwe.
- Inanga igira injyana ikundwa n'abasaza.
- Iwacu dufumbiza ibishingwe byaboze.
- Imbwa zinywa amata zikarya inyama.

c) Gusoma agakuru «Ikoranabuhanga iwacu» mu igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 140.

- Abanyeshuri barasoma umwumwe agakuru, akazu ku kazu, umwarimu agenda akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.
- Gusomesha abanyeshuri benshi bashoboka, umwarimu yibanda ku banyeshuri bagifite ibibazo.

d. Ikosora

- Ikosora mu gusoma rikorwa ako kanya: Umunyeshuri akosorwa na bagenzi be ariko umwarimu agomba guhozaho mu gutanga urugero rwo gusoma neza aranguruye ijwi kugira ngo afashe umunyeshuri wagaragaje ikibazo.
- Umwarimu yibanda cyane kuri ba banyeshuri bagaragaje ikibazo abaha amahirwe yo gukomeza kwitoza gusoma.

III. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika (Amasomo 3)

1. Ingingo ngenderwaho:

Kwandika amagambo n'interuro byoroheje birimo inyuguti zizwe.

2. Ibikoresho bikenewe: Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 138-139, amakayi n'amakaramu.

3. Amabwiriza

- Umwarimu atanga imyitozo inyuranye: guhuza ibice by'amagambo hanyuma bakandika
- mu makayi yabo amagambo babonye. Kuvangura imigemo bagakora amagambo nyuma bakayandika mu makayi yabo. Guhitamo amagambo aboneye bakuzuza mu nteruro maze bakazandika. Kuvangura amagambo bagakora interuro. Gukora icyandikwa.
- Mu gihe abanyeshuri bakora imyitozo, umwarimu agenda mu ishuri afasha abafite ingorane mu gukora imyitozo.
- Ikosora rusange ribera ku kibaho, abanyeshuri, umwumwe, baza kwandika amagambo cyangwa interuro babonye nyuma bakandika ibisubizo mu makayi yabo.
- Ku mwitozo wo gukora icyandikwa, umwarimu asaba abanyeshuri gufata amakayi yabo n'ikaramu. Abamenyesha ko agiye kubaha icyandikwa, akabasaba gutega amatwi neza, no gutangira kwandika abahaye uburenganzira. Asoma interuro ngufi inshuro ebyiri, noneho agasaba abanyeshuri buri wese kwandika mu ikayi ye. Akomeza atyo no ku zindi nteruro.
- Ikosora rirakorerwa ku kibaho. Umwarimu arandika interuro ku kibaho asabe buri munyeshuri gukosora aho yanditse nabi. Aragenda agenzura ko ikosorwa rikorwa neza.

4. Imyitozo yo kwandika

a) Kora amagambo uhuza ibice by'amagambo hanyuma uyandike mu mukono.

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora amagambo bifashishije akambi.

• umuka	nayo
• ku	na
• injya	nywa
• ingwe	mbwe
• igihe	mishwa
• gushi	ba
• imfa	nnyi
• Nkundwa	busa

Ibisubizo: (Umukannyi Kunywa Injyana Ingweba Igihembwe Gushimishwa Imfabusa Nkundwanayo.)

Indi myitozo urayisanga mu igitabo cy'umunyeshuri, ku mpapuro 119-120.

b) **Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono mu ikaye yawe**

Umwarimu arasaba abnyeshuri kuzuza interuro bakoresheje aya magambo
(Ibishingwe, yashwanyaguritse, umukambwe, imfunzo, indwara, kunywa, abakannyi, njyana)

• Kera _____bakoraga imyenda mu mpu. (Kera abakannyi bakoraga imyenda mu mpu.)

• Uno mwana yambaye imyenda_____. (Uno mwana yambaye imyenda yashwanyaguritse.)

• Abana bakunda _____ amata. (Abana bakunda kunywa amata.)

• Sogokuru yabaye_____nta kabaraga. (Sogokuru yabaye umukambwe nta kabaraga.)

• _____ bijugunywa mu ngarani. (Ibishingwe bijugunywa mu ngarani.)

• Buri cyumweru_____na Mama gusenga. (Buri cyumweru njyana na Mama gusenga.)

• Mu gishanga hamera _____. (Mu gishanga hamera imfunzo.)

• Imibu ni mibi itera _____ya malariya. (Imibu ni mibi itera indwara ya malariya.)

Indi myitozo urayisanga mu igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 111, 120, 129, 138.

c) Vangura amagambo ukore interuro kandi uzandike mu mukono mu ikaye yawe.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvangura amagambo no gukora interuro hanyuma bakazandika mu makaye yabo mu mukono.

• amazi cyane Ababyinnyi banywa.	(Ababyinnyi banywa amazi cyane.)
• kwa Ngwino muganga unjyane .	(Ngwino unjyane kwa muganga.)
• yashwaratuye umwana Imbwa.	(Imbwa yashwaratuye umwana.)
• amacandwe Mfite kanwa mu.	(Mfite amacandwe mu kanwa.)

Indi myitozo urayisanga mu igitabo cy'umunyeshuri, ku mpapuro 112, 120, 130, 138.

d) Icyandikwa: Kwandika mu mukono interuro abanyeshuri basomewe.
Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zkurikira bazandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Urugero:

Umuntu wese akunda umukundwakaza.

Si byiza ko abanyeshuri bashwana bakina.

Ifumbire ituma ibihingwa bikura neza.

5. Ikosora

- Kugenzura uko abanyeshuri bandika amagambo n'interuro ugenda ubakosora umwumwe.
- Ikosora rusange rirabera ku kibaho, aho abanyeshuri, umwumwe, baza kwandika amagambo n'interuro.
- Amagambo yose n'interuro bimaze kwandikwa neza n'abanyeshuri ubwabo ku kibaho, hakurikiraho gusaba buri munyeshuri wagize ikibazo kwikosora aho yakoreye mu ikayi ye. Umwarimu aragenzura uko buri munyeshuri yikosora.
- Gukosora icyandikwa birakorerwa ku kibaho. Umwarimu arandika interuro ku kibaho, asabe buri munyeshuri gukosora aho yanditse nabi. Aragenda agenzura ko ikosorwa rikorwa neza.
- Buri munyeshuri arandika neza za nteruro mu ikayi ye.

Isomo rya 1- 8: Imyitozo y'ishimangirabushobozi

1. Ingingo ngenderwaho

- Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri.
- Umwarimu arafasha buri kiciro kugera ku bushobozi bugamijwe haba mu gusoma cyangwa mu kwandika.

2. Ibikoresho bikenerwa: Amakayi, amakaramu n' igitabo cy'umunyeshuri.

3. Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Uburyo bwo gutanga iyi myitozo, mwaburebera mu masomo y'ishimangirabushobozi yabanjirije aya ngaya, mu mutwe wa mbere.

UMUTWE WA 7: ITERAMBERE

Udukuru abanyeshuri bashobora kwisomera :
Ntaganzwa ku isoko, Isiganwa ry'amamodoka, Tumenye ibihwagari, Nkwakuzi yahembwe gutembera muri pariki.
Inkuru zisomerwa abanyeshuri: Masenge ni umuhinzi, Uko Mukantaganzwa yabaye rwiyemeza mirimo akiri muto, Tumenye akamaro ko gutwara abantu n'ibintu, Urugendoshuri, Ntamwana ukwiye kuvutswa ishuri.

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusoma no kwandika banozaumukono amagambo n'interuro ibihekane **"nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw na py"** no gusesengura utwandiko tugufi twasomwe ku nsanganyamatsiko yerekeye iterambere.

Imbumbanyigisho: Ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko n'ubumenyi mu mikoreshereze y'ururimi.
Inyigisho: kunva,kuvuga,gusoma no kwandika ibihekane **nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw,py** n'inyunguramagambo

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 7	Gusoma no kumva inkuru "Uko Mukantaganzwa yabaye rwiyemezamirimo akiri muto".	Gusesengura inkuru "Uko Mukantaganzwa yabaye rwiyemezamirimo akiri muto".	Gutahura no gusoma igihekane **sw**	Kwandika mu mukono igihekane **sw**	Gutahura no gusoma igihekane **nzw**	Kwandika mu mukono igihekane **nzw**	Imyitozo y'isuzumabushobozi	Imyitozo y'ishimangira bushobozi
Inyunguramagambo	Icyunzwe, rwiyemezamirimo, agaswaro, ishyirahamwe,...	Icyunzwe, rwiyemezamirimo, agaswaro, ishyirahamwe, ...	Inyamaswa imiswa Umuswaro, ruswa, kugwa miswi, ubuswa, yakubiswe, ...	imisuswe, yakubiswe, umuswa, ...	Yahenzwe, yahanzwe, ...	kubanzwa, icyunzwe, yarenzwe, ashinzwe, ...	kugenzwa, kurenzwa, umuswa, gusaswa, Muhire Icyunzwe, Simpenzwe, inyamaswa, ruswa, ...	Ntaganzwa, yahenzwe, imiswa, guseswa, yiswe, yahinzwe, ashinzwe, umuswa, gusaswa, ...
Ubukesha	Kugaragaza amatsiko yo gusoma. Gushishikarira n'amasoko n'ubucuruzi y'aho barara no kubishishikariza abandi.	Kugaragaza amatsiko yo gusoma. Gushishikarira n'amasoko n'ubucuruziy'aho barara no kubishishikariza abandi.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **sw**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **nzw.**	Kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe, kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza ubushake bwo gukora imirimo ijyanye n'ubucuruzi n'amasoko.
Ibihekane byigwa	Ibihekane byigwa: **nzw** na **sw**	Ibihekane byigwa : **nzw** na **sw**	Ibihekane byigwa: **sw**	Ibihekane byigwa: **sw**	Ibihekane byigwa : **nzw**	Ibihekane byigwa: **nzw**	Ibihekane byigwa : **nzw** na **sw**	Ibihekane byigwa : **nzw, sw**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 7	Gusoma no kumva inkuru Masenge ni umuhinzimworozi .	Gusesengura inkuru "Masenge ni umuhinzi mworozi."	Gutahura no gusoma igihekane **hw**	Kwandika mu mukono igihekane **hw.**	Gutahura no gusoma igihekane **nsw.**	Kwandika mu mukono igihekane **nsw.**	Imyitozo y'isuzumabushobozi.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi.
Inyunguramagambo	umuhwituzi, ibihuhwe, inswa, guhwekera, guhwera,...	Umuhwituzi, ibihuhwe, inswa, guhwekera, guhwera,...	Umuhwituzi, ibihuhwe, ...	Amahwa, impuhwe, guhwema, guhwekera, ...	inswa, konswa, ...	Inswa, twonswa, konswa, amahwa, ...	Guhwihwisa, guhwama, guhwitura, impuhwe, twonswa, konswa, ...	inswa, twonswa, konswa, amahwemo, ihwa, ibihahwa, ...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo gukora imirimo ijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi.	Kugaraga za imbamuti ma ze ku bijyanye guhinga no korora.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **hw**	Kugaragaza umuhate wo kwitabira kwandika mu mukono. Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **hw**.	Kugaragaza umuhate wo kwitabira kwandika mu mukono. Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane byigwa: **hw, nsw**	Ibihekane byigwa: **hw**	Ibihekane byigwa: **hw**	Ibihekane byigwa: **nsw**	Ibihekane byigwa: **nsw**	Ibihekane byigwa: **hw, nsw**	Ibihekane byigwa: **hw, nsw**	Ibihekane byigwa:**hw, nsw**

	Isomo rya 1	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 2	Gusomano kumva inkuru "Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri."	Gusesengura inkuru "Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri."	Gutahura no gusoma igihekane **tsw**	Kwandika mu mukono igihekane **tsw**	Gutahura no gusoma igihekane **ntw.**	Kwandika mu mukono igihekane **ntw.**	Imyitozo y'isuzumabushobozi.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi.
Inyungu-ramaga-mbo	Intwererano, kuvutswa,…	Intwererano, kuvutswa,…	guhagurutswa kururutswa,kotswa, gusetswa,…	kuvutswa, kotswa, gusetswa, gususuru-tswa,…	intwari, intwaro, arantwikiriye. intwererano,…	Mukantwari, Ntwari, intwererano,…	Mukantwari, Ntwari, intwererano, kuvutswa, kotswa, gusetswa, kururutswa,…	Mukantwari, Ntwari, intwererano, kuvutswa, kotswa, gusetswa, kururutswa,…
Ubukesha	Kwitabira ishuri no kubikangurira abandi.	Gukunda uburezi butangirwa mu mashuri.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **tsw**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **ntw**	Kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe, kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **tsw** na **ntw**	Igihekane **tsw** na **ntw**	Igihekane **tsw**	Igihekane **tsw**	Ibihekane **ntw**	Ibihekane **tsw** na **ntw**	Ibihekane **tsw** na **ntw**	Ibihekane **tsw** na **ntw**

	Isomo rya 1	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 7	Gusoma no kumva inkuru "Urugendoshuri"	Gusesengura inkuru "Urugendoshuri"	Gutahura no gusoma igihekane **ty**	Kwandika mu mukono igihekane **ty**	Gutahura no gusoma igihekane **nkw**	Kwandika mu mukono igihekane **nkw**	Imyitozo y'isuzumabushobozi	Imyitozo y'ishimangirabushobozi
Inyunguramagambo	ikigwari, urugwiro, kugwiramo, ngatutubikana, ntimukajijwe, …	ikigwari, urugwiro, kugwiramo, ngatutubikana, ntimukajijwe,…	ityazo, gutyaza, Matyazo, Batya, tyaza,…	batya, tyaza, gutyaza, Gutyo, gutyazwa,…	inkwano, inkware, inkwenene, nkwimurire,…	Mubashankwaya, inkwano, inkwakuzi, zitankwiriye,…	gutyaza, Matyazo, inkweto, inkwano, inkwakuzi, zitankwiriye, Nyirinkwaya,…	inkwi, nkwibarize, nkwakire, nkwereke, tyaza, yatyaje, Matyori, nkwemereye,…
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kumenya no kwitabira ibijyanye n'ubukeraruge-ndo	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n'ubukerarugendo	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **ty.**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **nkw**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **ty** na **nkw**	Ibihekane **ty** na **nkw**	Igihekane **ty**	Igihekane **ty**	Igihekane **nkw**	Igihekane **nkw**	Ibihekane **ty** na **nkw**	Ibihekane **ty** na**nkw**

	Isomo rya 1:	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 7	Gusoma no kumva inkuru "Akamaro ko gutwara abantu n'ibintu".	Gusesengura inkuru "Akamaro ko gutwara abantu n'ibintu"	Gutahura no gusoma igihekane **py**	Kwandika mu mukono igihekane **py**	Imyitozo y'isuzumabushobozi	Imyitozo y'ishimangira bushobozi	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga	Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga.
Inyunguramagambo	Kwipyipyinyura, gupyinagara, imodoka ya rukururana,...	Kwipyipyinyura, gupyinagara, imodoka ya rukururana,...	Kwipyipyinyura, yapyinagaye, gupyatura, gupyoka, pyoo!,...	Kwipyipyinyura, gupyinagaza, gupyora, Gapyisi, guheka mapyisi,...	Kwipyipyinyura, gupyinagaza, gupyora, Gapyisi, guheka mapyisi,...	Kwipyipyinyura, gupyinagaza, gupyora, Gapyisi, guheka mapyisi,...	Kwipyipyinyura, gupyinagaza, Ityazo, gutyaza, Matyazo Umuhwituzi, ibihuhwe, inswa, Amahwa, umuhwituzi, ibihuhwe, inswa, Yahanzwe, kubanzwa, kugenzwa, kurenzwa,...	gupyinagaza, gupyora, Gapyisi, guheka mapyisi Batya, tyaza, gutyaza, inkwi,nkwibarize, guhwekera, guhwera. Umuhwituzi, umuswa, gusaswa, Muhire Icyunzwe, Simpenzwe,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kumenya akamaro ko gutwara abantu n'ibintu.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n'akamaro ko gutwara abantu n'ibintu.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **py**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **py**	Ibihekane **py**	Ibihekane **py**	Ibihekane **py**	Ibihekane **py**	Ibihekane **py**	Ibihekane **py**	Ibihekane **py.**

	Isomo rya 1:	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya7	Isomo rya 8
Ibigize umutwe wa 7	Imyitozo y'isuzumabu shobozi bwo gusoma.	Imyitozo y'isuzuma-bushobozi bwo gusoma	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo kwandika.	Imyitozo y'isuzumabu shobozi ku kwandika.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangira bushobozi.	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.
Inyunguramagambo	Gupyinagaza. Gapyisi, guheka mapyisi, Matyazo, inkweto, inkwano, inkwakuzi guhwekera, guhwera, twonswa, konswa, amahwa. Sinzwi, aragenzwa, umuswaro, inyamaswa, ruswa,...	Pyoo, gutyo, gutyazwa, inkwano, inkware, inkwenene, nkwimurire Umuhwituzi, ibihuhwe, inswa, Yashinzwe, yanzwe, arinzwe, Ntaganzwa, yahenzwe, imiswa,...	gupyinagaza, gupyora, guheka mapyisi, Sematroyi, gutyaza, gutyo, utyooo, Mubashankwaya, guhwekera, guhwera, twonswa, guseswa, yiswe, Mutanganzwa, yahinzwe, ashinzwe,...	gupyora, Gapyisi, guheka mapyisi, yatyaje, Matyori, nkwemereye ibihuhwe, inswa, Semiswa, niswe kugenzwa, kurenzwa,...	Gapyisi, guheka mapyisi, inkwi, nkwibarize, nkwakire, nkwereke, tyaza, konswa, amahwa. umuswa, gusaswa, Muhire,...	Kwipyipyinyura, gupyinagaz, gupyora guhwekera, guhwera, twonswa, konswa, gupyora, Gapyisi, guheka mapyisi, Icyunzwe, Simpenzwe, inyamaswa, ruswa,...	Kwipyipyinyura, gupyinagaza, gupyora guhwekera, guhwera, twonswa, konswa, gupyora, Gapyisi, guheka mapyisi, Icyunzwe, Simpenzwe, inyamaswa, ruswa,...	Gapyisi, guheka mapyisi, inkwi, nkwibarize, nkwakire, nkwereke, tyaza, konswa, amahwa, umuswa, gusaswa, Muhire,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kumenya inshingano z'abana.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n'inshingano z'abana.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw, py**	Ibihekane **nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw, py "**	Ibihekane **nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw, py "**	Ibihekane **nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw, py "**	Ibihekane **nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw, py "**	Ibihekane **nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw, py "**	Ibihekane **nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw, py "**	Ibihekane **nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nkw, py "**

IBIHEKANE BYIGWA: nzw, sw

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Uko Mukantaganzwa yabaye rwiyemezamirimo akiri muto"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yasobanuwe mu nteruro.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'izindi mfashanyigisho zifatika.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 141.

Inyunguramagambo:
Icyunzwe, rwiyemezamirimo.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, basimburanana, agakuru "**Ikoranabuhanga iwacu**", igika ku kindi, umwarimu agende abakosora aho batasomye neza.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: Uko Mukantaganzwa yabaye rwiyemezamirimoakiri muto

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho n'imfashanyigisho bagerageze gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho: Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? (*Turabonaho abana bari kuboha uduseke*.) Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? (*Gukunda umurimo umurimo cyangwa iterambere*.)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru igika ku kindi, bagerageze gutahura amagambo mashya umwarimu ayandike ku kibaho.

Gusobanura amagambo akomeye

- Mu matsinda, abanyeshuri barageragеza gusobanura amagambo akomeye, umwarimu agende abunganira bibaye ngombwa anonosora ibisobanuro batanze.
  Urugero:
  Rwiyemeza mirimo: umuntu utangiza igikorwa kibyaza inyungu akiyemeza kuba yahomba cyangwa yakunguka ndetse akanakurikirana igikorwa yatangije umunsi kuwundi.
  Ishyirahamwe: ihuriro ry'abantu bahuriye ku kintu kimwe.

- Abanyeshuri barakoresha amagambo mashya mu nteruro ziboneye.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva umwandiko bagende basubiza umwumwe, abandi bamukosore aho atatanze igisubizo gitunganye.

Urugero: Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru? (*Mukantaganzwa, Semiswa na Muhire*.) Ni iki kivugwa mu nkuru? (*Gutera imbere ukiri muto*) Ni nde Mukantaganzwa yigiyeho kuboha (*Ni nyina na mwarimu*) Mukantaganzwa yakoze iki arangije amashuri ye? *(Yatangiyeguhuza abandi bana bari baturanye atangira kubigisha kuboha udufurari, uduhago n'ibindi ndetse nyuma aza gutangiza ishyiramwe ryo kuboha.*) Ni iki iyi nkuru yakwigishije? (*Gukunda kwihangira imirimo, guharanira kwiteza imbere ndetse no guteza imbere abandi.)*

Imyitozo

- Abanyeshuri bari mu matsinda baratanga ibitekerezo ku byo bumvise mu nkuru bijyanye no gukorana umwete.
- Abanyeshuri barasangiza bagenzi babo ibyavuye mu matsinda umwarimu ashimangira ibivugwa mu nkuru.

Isuzuma

Abanyeshuri barakoresha amagambo bungukiye mu mwandiko bubake interuro ziboneye.

Urugero:

- Gukoresha aya magambo mu nteruro: Icyunzwe, imiswa, umuswaro

  Urugero:

  Yirukanse cyane none yabize icyu**nzwe**.

  Imi**swa** yamuririye agakapu.

  Simpenzwe yaguze umuswaro wera de.

Umukoro

Abanyeshuri barabara muri make, inkuru "Uko Mukantaganzwa yabaye rwiyemezamirimo akiri muto" babwira abo babana ibyo bumvise muri iyo nkuru, bakazabigeza kuri bagenzi babo.

Isomo rya 2 Gusesengura umwandiko

Intego:

- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:

Imfashanyigisho zifatika, amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo :

Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 141.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Uko Mukantaganzwa yabaye rwiyemezamirimo akiri muto."

Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (*Umukobwa wabaye rwiyemeza mirimo akiri muto*)

Ni ikihe kintu kiza Mukantaganzwa yakoreye ababyeyi be (*Mukantaganzwa amaze kuba umukire yubakiye ababyeyi be inzu.)*

Isomo rishya

Umwarimu arongera gusomera anyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero:

Urangije amashuri ntubone akazi wakomeza kugashakisha ntihagire ikintu ukora? Muri iki gihe ni iki mukora kugira ngo mwibonere amafaranga yanyu atari ayo muhawe n'ababyeyi banyu?

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Wowe wumva uzakora iki nuba mukuru? (*Abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye*) Ni iyihe mirimo y'amaboko ukunda gukora ku buryo wumva uzakomeza kuyikora nukura? (*Abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye.)*

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri barungurana ibitekerezo ku cyo bagiye gutangira gukora ngo bashobore kwibonera amafaranga bo ubwabo, hanyuma basangize abandi ibyo bakoreye mu matsinda.

Isuzuma

Buri munyeshuri aravuga icyo yungukiye ku nkuru n'uburyo na we agiye gutangira kugira umushinga woroheje ashira mu bikorwa: korora inkoko, urukwavu, guhinga imbuto nk'inyanya, kuboha uduseke, …

Umukoro

Buri munyeshuri arahitamo umushinga w'ikintu yifuza gukora ngo yishakire amafaranga, awugeze ku bamurera, abasaba igishoro giciritse, hanyuma azabwire abandi icyo yifuza gukora n'aho azakura igishoro.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane: sw

Intego:
Gusoma igihekane **sw** mu magambo no mu nteruro z'agakuru.
Imfashanyigisho:
Ibishushanyo by'imiswa, inyamaswa, umuswaro,

Ibitabo :
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 141 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 145.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, akazu ku kandi basimburana, agakuru "**Ikoranabuhanga iwacu"** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 122, umwarimu agende abakosora.

Isomo rishya

Gutahura igihekane sw

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **sw**. **Urugero**: Murabona iki? (*Turabona Inyamaswa, imiswa, umuswari.*)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: *Inyamaswa, imiswa, umuswaro* Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **sw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **sw.)***
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **sw** mu gitabo k'inkuru urupapuro rwa 142 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 148, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **sw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **sw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **sw** ayandike ku kibaho mu cyapa (umuswa, ubuswa, *yakubi**swe**.*)
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **sw**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere. umuswa, ubuswa, *yakubi**swe, yiswe***

Gusoma amagambo arimo igihekane sw

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **sw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

Urugero: inyamaswa, imiswa, umuswaro, ubuswa, yakubiswe, ruswa, kugwa miswi.

- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.

  Urugero:

  Papa yanguriye umuswaro mwiza.

  Uriya mugabo ntajya arya ruswa.

  Barwanye bagwa miswi.

  Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 145-146

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe interuro zirimo igihekane *sw*.

Urugero:

Imiswa yamuririye umuswaro.

Inyamaswa zo mu gasozi ziri mu byiza bitatse u Rwanda.

Umukoro

Abanyeshuri baritoza gusoma, barakora imyitozo yo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 146.

Isomo rya 4 Kwandika igihekane sw mu mukono

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane *sw* mu mukono.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 145.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga (*ni igihekane **sw**.*)

Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane *sw* agende ayandika ku kibaho.

Kwandika igihekane sw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **sw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **sw.**

(Amagambo arimo igihehane **sw** ni aya: umuswa, umuswaro, gusaswa, yakubiswe.)

- Umwarimu arandika mu mukono, ku kibaho, amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

  guseswa, yakubiswe, busaswe, kugwa miswi

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **sw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **sw**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **sw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

Umwitozo:

Abanyeshuri baritoza kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **sw**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 145.

Isuzuma:

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **sw** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu mukono mu makaye yabo.

Umupira wa mama wariwe n'imiswa
Nta mwana w'umuswa ubaho.

Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Umukoro:

Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **sw** bazandike mu makeye yabo.

Isomo rya 5: Gutahura no gusoma igihekane: nzw

Intego:
Gusoma igihekane **nzw** mu ijambo no mu nteruro z'agakuru.
Imfashanyigisho: imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho urugero*: ishusho y'abaririmbyi, imbyeyi.*

Ibitabo : igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 145 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 146.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, basimburanana, agakuru "**Ikoranabuhanga iwacu**", igika ku kindi, umwarimu agende abakosora aho batasomye neza.

Isomo rishya:

Gutahura no gusoma igihekane nzw
Gutahura igihekane: nzw

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **nzw**. **Urugero**: Murabona iki? (Turabona Umuntu wahanzwe nihwa, umuntu wahenzwe*)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: *si**nzwi**, simpe**nzwe**, arage**nzwa**.*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **nzw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **nzw.)***
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **nzw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 145 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 148, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **nzw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **nzw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **nzw** ayandike ku kibaho

mu cyapa (*yahenzwe, arakunzwe, kuganzwa, sinzwi* ***nzw*** *iri mu ibara*.)
Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **nzw**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.
Yahenzwe, arakunzwe, kuganzwa, sinzwi, **…**

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane nzw.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **nzw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

Urugero: Ntaga**nzw**a, hahi**nzw**e, harari**nzw**e, si**nzwi**

- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:

- *Umunyeshuri wakererewe yane**nzwe** na bagenzi be.*
- *Umuririmbyi yaku**nzwe** n'abafana be.*

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 147-148.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe interuro zirmo igihekane **nzw.**
Urugero: Ntaganzwa yanenzwe ko adakora neza ibyo ashinzwe.

Umukoro

Abanyeshuri baritoza gusoma barakora imyitozo yo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 148.

Isomo rya 6: Kwandika igihekane nzw mu mukono

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **nzw** mu mukono.
Imfashanyigisho:
imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 146.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga (*ni igihekane* ***nzw***.)

Isomo rishya

Kwandika igihekane nzw

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane **nzw** agende ayandika ku kibaho mu mukono.

(Amagambo twabonye arimo igihehane **nzw** ni aya: kubanzwa, icyunzwe, yarenzwe, ashinzwe.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **nzw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **nzw.**

(Amagambo arimo igihehane **nzw** ni aya: kubanzwa, yarenzwe, icyunzwe, ashinzwe Umwarimu arandika mu mukono, ku kibaho, amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

Urugero: kubanzwa, yarenzwe,
icyunzwe, ashinzwe

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **nzw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **nzw**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **nzw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

Umwitozo :

Abanyeshuri baritoza kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane **nzw**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 147.

Isuzuma :

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **nzw** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo.
- Urugero:

  Simpenzwe yikanze inyamaswa.
  Mutaganzwa ashinzwe kurwanya ruswa.
  Nahenzwe na Ntaganzwa.
  Aragenzwa na bose kuko bamukekaho icyaha
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Umukoro :

Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **nzw** bazandike mu makeye yabo.

Isomo rya 7: Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interururo birimo ibihekane **sw** na **nzw.**
Imfashanyigisho:
imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'agakuru.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuriurupapuro rwa 147-148.

Intangiriro

Umwarimu arafasha abanyeshuri gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **sw** na **nzw:** Abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo sw na **nzw mu gakuru "Ntaganzwa ku isoko"**

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru bagerageze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru“"Ikoranabuhanga iwacu” kari ku rupapuro rwa 140 akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.
- Abanyeshuri baratahura banerekane ibihekane **sw** na **nzw** mu nteruro bazikozaho urutoki.

Gusubiza ibibabazo byo kumva agakuru.

Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero:
Ni iyihe nama umucuruzi yagiriye Ntaganzwa? (*Yamugiriye inama yuko agaomba kwirinda ubuswa mu ishuri)*
Ni uwuhe mugambi wowe ufite kugirango uzagere ku iterambere?(*Kuba umuhanga mu ishuri, kwitoza umuco wo kuzigama)*

- Abanyeshuri baratanga interuro zo mu gakuru ziganjemo **sw** na **nzw** abanyeshuri bakazisoma batsindagira ku bihekane **sw** na **nzw.**

Urugero:
Ntaga**nzwa** na nyina bakanzwe n’inyama**swa**.
Basanze Muhire yatangiye gucuruza.
Mu isoko hariyo n’abashi**nzwe** gucunga abage**nzwa** no kwiba.

Imyitozo yo kwandika.

1**. Kwandika amagabo arimo ibihekane ntw** na **tsw.**
Abanyeshuri barashaka mu gakuru amagambo arimo ibihekane **ntw** na **tsw** bayandike mu makaye yabo.
2. **Kuzuza interuro yo mu gakuru:** Ntaganzwa yiyemeje kwirinda kuba umuswa mu ishuri.
3**. Icyandikwa**
- Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n’interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo.
- Umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Imodoka ya Semiswa irapakurura amapaki y’imiswaro.
Ntaganzwa yatashye yafashe umwanzuro wo kutaza umuswa

Umukoro

Abanyeshuri barakora umwitozo, mu makaye yabo, wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 147.

Isomo rya 8: Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **sw** na **nzw.**
Imfashanyigisho:
Amakarita y'ibihekane

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 141 n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 147-148.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza agakuru "Ntaganzwa ku isoko"

Isomo rishya

- Umwarimu aratahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri.
- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.

Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **sw** na **nzw** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bivangavanze.

- Kuvangavanga amagambo arimo ibihekane **sw** na **nzw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero: Simpenzwe, yakanzwe, yanzwe, yaguyemiswi, imisuswe, yiswe (izina.)

- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro.
  Urugero: Inyana ya Muhire iryamye mu misu**swe**.
- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika.
  Urugero:Umu**swar**o, umu**swa**, imi**swa**, age**nzwa**, nyashi**nzwe (**akazi**.**)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro mu mukono.
  Urugero :

Ingona ni inyamaswa yo mu mazi.
Umuyobozi wacu ntarya ruswa.
Yahenzwe no guhaha atinze.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakabyandika mu mukono hanyuma basome, bucece, agakuru "Ntaganzwa ku isoko".
Urugero:
Ntabwo nahe**nzw**e aho naguze iyi mi**sw**aro.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 147 ahari ibihekane **sw** na **nzw**.

Umukoro

Abanyeshuri barandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **sw** na **nzw** babisomere abo babana mu rugo.

IBIHEKANE BYIGWA: hw, nsw

Isomo rya 1: Gusoma no kumva inkuru: "Masenge ni umuhinzimworozi"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo bungukiye mu mwandiko.

Imfashanyigisho:
Imfashanyigisho zifatika n'amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 151 n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 154.

Inyunguramagambo:
Umuhwituzi, ibihuhwe, inswa, guhwekera, guhwera.

Intangiriro

Abanyeshuri barabaza ibibazo ku bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi (Ni ibihe bihingwa bihingwa mu Rwanda? (*Ibishyimbo, ibigori, ikawa, icyayi,...)* Ni ayahe matungo yororwa mu Rwanda? *(Inka, ingurube, inkoko, intama, ihene, …)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Masenge ni umuhinzimworozi"
- Umwarimu arerekana amashusho n'imfashanyigisho bifasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho:
  Urugero: Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? (*Turabona umusozi uciyeho amaterasi y'indinganire n'ibiraro by'amatungo.)* Murakeka koiyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Iyi nkuru iraza kuvuga ku buhinzi n'ubworozi.)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye abereka amashusho uko agenda asoma buri gace.

Gusobanura amagambo mashya

Gusoma inkuru igika ku kindi abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, umwarimu akabuzuza bibaye ngombwa anonosora ibisobanuro batanze.

Urugero:

Umuhwituzi: umuntu ushinzwe gukangurira abandi ikintu iki n'iki.
Ibihuhwe: imbuto zidakomeye kubera ko ziteze neza.
Guhwekera: gusinzira cyane.
Guhwera: Gupfa.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Urugero:

Ni bande bavugwa mu nkuru? (*Ni umuhinzimworozi witwa Mpuhwezimana*.) Mpuhwezimana yorora ayahe matungo? (*Yorora inka, inkoko n'ingurube*.) Ahinga iyihe myaka? (*Ahinga ibishyimbo n'ibigori*.) Imirima ye imeze ite? (*Iciyeho amaterasi ateyeho ibyatsi n'ibiti*.)

Imyitozo

- Kuganira ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi.
- Gukoresha amagambo mashya mu nteruro.
  Urugero:
  Umukangurambaga w'ubuzima ashinzwe guhwiturira abantu kwivuza iyo barwaye.

Imyaka yishwe n'imvura ihinduka **ibihuhwe**.
Uruhinja rukunze kuryama **rugahwekera**.

Isuzuma

Umwarimu arongera kubaza ibibazo ku nkuru "**Masenge ni umuhinzi mworozi**."
Ibibazo byo kumva inkuru:
Uvuga mu nkuru yari yagiye he? (*Yari yagiye gusura nyirasenge*.)Ni iki yabonye mu murima? *(Mu mirima yahabonye ibigori n'ibishyimbo bitohagiye*.) Ni iki cyamushimishije ku nkoko? (Ni uko yabonye zitera amagi menshi.) Ageze ku ngurube yumvise ameze ate? (*Yagize ubwoba*.) Icyamushimishije ku ngurube ni iki? *(Ni uburyo utwana twazo twonkaga.)*

Umukoro

Kubaza abo bababana ibihingwa bitandukanye bihingwa mu Rwanda n'akamaro kabyo, bakazabigeza kuri bagenzi babo.

Isomo rya 2: Gusesengura inkuru: "Masenge ni umuhinzimworozi"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 151.

Intangiriro:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Masenge ni umuhinzimworozi ": Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (*Havugwamo umwana wasuye nyirasenge mu biruhuko akamutembereza mu mirima no mu biraro by'amatungo.)*

Isomo rishya

- Gusoma inkuru: "Masenge ni umuhinzimworozi"
- Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye agenda abereka amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.
Urugero:
Ni akahe kamaro k'amaterasi y'indinganire? (*Arwanya isuri kandi agatuma ubutaka burumbuka.)* Ibiti n'ibyatsi biteye ku materasi bimara iki? (*Birwanya isuri kandi bikavamo ibiryo by'amatungo.Ibiti byo biranabazwa cyangwa bikubakishwa.)*Amatungo afite akahe kamaro*? (Azana amafaranga kandi agaha uyoroye ifumbire yo gukoresha mu murima.)*
Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.
Urugero
Imisozi y'aho utuye iciyeho amaterasi? Ibiryo muteka iwanyu biva he? (*Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye.*) Ubworozi n'ubuhinzi bifite akahe kamaro? (*Bituma twihaza mu biribwa kandi bikazana amafaranga*.) Ni gute ubworozi bwuzuzanya n'ubuhinzi? (*Ubuhinzi butuma haboneka ibyatsi byo kugaburira amatungo, naho ubworozi bugatanga ifumbire ituma ibihingwa bimera neza.)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri bararondora ibihingwa bitandukanye bihingwa mu Rwanda n'amatungo ahaboneka.

Isuzuma

Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu nkuru
Urugero:
Wavuga ko korora no guhinga bifitiye akahe kamaro ubikora? (*Biramutunga.)*
Bifite akahe kamaro ku Gihugu? (*Bituma Igihugu gitera imbere.)*

Umukoro

Buri munyeshuri abaze abo babana amatungo atandukanye yororwa mu Rwanda, azabigeze kuribagenzi be.

Isomo rya 3: Gutahura no gusoma igihekane: hw

Intego:
Gusoma igihekane **hw** mu ijambo no mu nteruro z'agakuru.
Imfashanyigisho: imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho urugero*: ibihwagari.*

Ibitabo: igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 154 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 154.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza agakuru "Ntaganzwa ku isoko"

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane hw

Gutahura igihekane: hw

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **hw**. **Urugero**: Murabona iki? (*Turabona: ibihwagari.*)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: *ibihwagari*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **hw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **hw.)***
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **hw** mu gitabo k'inkuru urupapuro rwa 152 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 158, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **hw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **hw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **hw** ayandike ku kibaho mu cyapa (Mpu**hwe**zimana, guh**we**kera, amahwa)
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **hw**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.
  Urugero: impuhwe, amahwa, guhwitura, gehwekera, guhwihwisa, ibihuhwe, guhwera, impuhwe, guhuhwa **…**

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane hw.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **hw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.
  Urugero: guhwihwisa, guhwera, guhwitura, amahwa, ibihuhwe, ibihwagari.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.

- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.

Urugero:

Abantu bari kugenda bahwihwisa ko imvura itazagwa neza muri iki gihe k'ihinga.

Nujya mu murima uge witegereza amahwa atakwica.

- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 154.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe interuro zikurikira:

Masenge Mpuhwezimana ni umuhinzimworozi

Guhwihwisa ibyo utazi neza ni umuco mubi.

Umukoro

Abanyeshuri baritoza gusoma bakora imyitozo yo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 155.

Isomo rya 4: Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane hw

Intego:

Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **hw** mu mukono.

Imfashanyigisho:

Amakarita yanditseho ibihekane mu mukono.

Ibitabo:

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 155 n'igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga *(ni igihekane **hw**.)*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane **hw** agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane hw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **hw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **hw.**

*(Amagambo arimo igihehane **hw** ni aya:* amahwa, impuhwe, guhwema, guhwekera)

- Umwarimu arandika mu mukono, ku kibaho, amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

intwari, intwaro, intwererano, Muganintwari, Moukantwari

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **hw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **hw**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **hw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

Umwitozo :

Abanyeshuri baritoza kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **hw**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 154-155.

Isuzuma :

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **hw** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo.

Impuhwe n'ubudahemuka bige bikuranga aho uri hose.
Muge muhwitura bagenzi banyu bigane umwete.
Muge mugirira impuhwe abantu batishoboye.
Umuhwituzi yirinda kuryamira.
Amahwa yamwishe mu kirenge.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Umukoro :

Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **hw** bazandike mu makeye yabo.

Isomo rya 5: Gutahura igihekane nsw

Intego:
Gusoma igihekane **hw** mu ijambo no mu nteruro z'agakuru.
Imfashanyigisho: imfashanyigisho zifatika cyangwa amashusho urugero*: ibihwagari.*
Ibitabo: igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 151 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 155.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, akazu ku kandi basimburana, agakuru "Ntaganzwa ku isoko" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 149.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane nsw

Gutahura igihekane: nsw
Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **nsw**. **Urugero**: Murabona iki? (*Turabona* inswa, turabona utwana tw'ingurube turi konswa na nyina.)

- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: *inswa, konswa.*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **nsw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **nsw.**)*
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **nsw** mu gitabo k'inkuru urupapuro rwa 157 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 159, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **nsw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **nsw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **nsw** ayandike ku kibaho

mu cyapa (*konswa, nkanswe, kuronswa.)*

- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **nsw**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.
  Urugero: Konswa, yonswe, **…**

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane nsw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **nsw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.
  Urugero: Konswa, yonswe.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:
  - Nibyza ko umwana wese yonswa na nyine.
  - Inswa ziraribwa kandi zikungahaye mu ntungamubiri.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 156-157.

Isuzuma

Gusaba abanyeshuri kuza gusoma agakuru ko mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 157 batahuremo amagambo arimo ibihekane **hw** na **nsw**

Umukoro

Abanyeshuri baritoza gusoma interuro zikurikira:
Utwana tw'inkoko ntitwonswa na nyina.
Inswa iyo zaguye usanga zinyanyagiye ahantu hose.
Iyo utwana tw'ingurube tumaze konswa na nyina turaryama tugahwekera.

Isomo rya 6: Kwandika igihekane nsw mu mukono

Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane nsw
Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane ***nsw*** mu mukono.

Imfashanyigisho: Amakarita yanditseho ibihekane.
Ibitabo: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 155.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga (*Ni igihekane **nsw***.)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane ***nsw*** agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane nsw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **nsw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **nsw.**

(*Amagambo arimo igihehane nsw ni aya: Inswa, inswegegeri, yonswa, nkanswe.)*

- Umwarimu arandika mu mukono, ku kibaho, amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

inswa, inswegegeri, yonswa, nkanswe

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **nsw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **nsw**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **nsw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

Umwitozo

Abanyeshuri baritoza kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **nsw**, mu gitabo co gusoma buri munsi, urupapuro rwa 157.

Isuzuma

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **nsw** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo mu mukono.

Umwana wonswa na nyina akura yishimye.

Abanyeshuri baratoragura inswa hafi y'ishuri.

Ejo karekare nzaza kuguhwitura tuge gutora inswa zo kugaburira inkoko.

Isomo rya 7: Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **hw, nsw**

Imfashanyigisho:
Amashusho yo mu gitabo k'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 155-157.

Intangiriro

- Umwarimu arafasha abanyeshuri gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **hw** na **nsw:**
- Abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane hw na **nsw**

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru bagerageze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru"Tumenye ibihwagari" kari ku rupapuro rwa 158 akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibabazo byo kumva agakuru.

Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero:

Kuki amavuta y'ibihwagari akunzwe cyane? (*Amavuta y'ibihwagari arakunzwe cyane kuko nta*

ngaruka agira ku buzima.)

Vuga ibindi bihingwa biteza abahinzi imbere?(*ikawa, icyayi, umuceri, ibigori .)*

Imyitozo yo kwandika.

1. Kwandika amagabo n'interuro birimo ibihekane hw na **nsw.**

Abanyeshuri barashaka mu gakuru amagambo arimo ibihekane **hw** na **nsw** bayandike mu makaye yabo.

2**. Icyandikwa**

Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Iyo utwana tw'ingurube tumaze konswa na nyina turaryama tugahwekera.
Ti byiza kugenda uhwihwisa utazi neza.
Ni byiza kugaburira isosi y'ibihwagari abana batashoboye konswa na ba nyina.
Uhinze ibihwagari biramukungahaza kuko aronswa amafaranga atagira ingano n inganda zibikoramo amavuta.
Ntimuhweme guhinga ibihwagari.

Umukoro

Abanyeshuri barakora umwitozo, mu makaye yabo, wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 157.

Isomo rya 8: Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **hw** na **nsw.**
Imfashanyigisho:
amashusho agaragaza ibivugwa mu nkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 141 n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 154-157.

Intangiriro

Gusoma neza agakuru "**Tumenye ibihwagari n'akamaro kabyo**".

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **hw** na **nsw** n'ibindi bihekane barangije kwiga.

- Umwarimu arandika amagambo amagambo arimo ibihekane **hw** na **nsw** avanze abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bagende bayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero: ibihwagari, kuronswa, guhwihwisa, konswa, guhwema, inswa.

- Gusaba abo banyeshuri gusoma interuro zanditse mu cyapa no mu mukono.

Urugero

Ni byiza kugaburira isosi y'ibihwagari abana batashoboye konswa na ba nyina.

Uhinze ibihwagari biramukungahaza kuko aronswa amafaranga atagira ingano n inganda zibikoramo amavuta.

Ntimuhweme guhinga ibihwagari.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: konswa, kuronswa, ibihwagari, Ntimuhweme

- Gusaba abanyeshuri kwandika mu mukono, interuro ziganjemo ibihekane **hw** na **nsw** n'ibindi barangije kwiga.

  Urugero:

  Ni byiza kugaburira isosi y'ibihwagari abana batashoboye konswa na ba nyina.

  Uhinze ibihwagari biramukungahaza kuko aronswa amafaranga atagira ingano n'inganda zibikoramo amavuta.

  Ntimuhweme guhinga ibihwagari.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika mu mukono hanyuma bagasoma, bucece, agakuru "**Tumenye ibihwagari n'akamaro kabyo".**

Urugero:

Ni byiza kugaburira isosi y'ibihwagari abana batashoboye konswa na ba nyina.

Uhinze ibihwagari biramukungahaza kuko aronswa amafaranga atagira ingano n'inganda zibikoramo amavuta.

Ntimuhweme guhinga ibihwagari.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane **hw** na **nsw** urupapuro rwa 157.

Umukoro

Abanyeshuri barandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **hw** na **nsw** bakabisomera abo babana mu rugo.

IBIHEKANE BYIGWA : ntw na tsw

Isomo rya 1: Gusoma no kumva inkuru "Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yasobanuwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 158-164.

Inyunguramagambo:
kuvutswa, intwererano.

Intangiriro

- Umwarimu aragirana akaganiro gato n'abanyeshuri ku bijyanye n'abana bavutswa ishuri ababaza utubazo tujyanye n'uburenganzira bwo kwiga? *(Haba hari abana muzi batiga kandi bagejeje igihe cyo gutangira ishuri? Byaba se biterwa n'iki?.*) Nyuma yaho arababwira ko agiye kubasomera inkuru: Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri"

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho n'imfashanyigisho bagerageze gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho: Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? (*Turahabona abana babiri: uw'umuhungu ufite ubumuga n'undi w'umukobwa.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? (*Iyi nkuru iri buvuge ku kwita ku bana bose ntawuhejwe*.)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru igika ku kindi bagerageze gutahura amagambo mashya umwarimu ayandike ku kibaho.

Gusobanura amagambo mashya

Mu matsinda, abanyeshuri barageregeza gusobanura amagambo akomeye, umwarimu agende abunganira bibaye ngombwa anonosora ibisobanuro batanze.

Urugero:

Intwererano: inkunga

Kuvutswa: kwimwa, kubuzwa uburenganzira.

- Abanyeshuri barakoresha amagambo mashya mu nteruro ziboneye.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Urugero: Ni iki cyatumaga ababyeyi bashidikanya gushyira Ntwari mu ishuri? (*Ni uko yabanaga n'ubumuga*.) Ni iki cyatumye bahindura ibitekerezo byabo? (*Ni uko mushiki we Mukantwari na we yanze kujya ku ishuri atajyanye na musaza we.*) Ntwari ageze mu ishuri yitwaye ate? (*Yabaye umuhanga cyane kandi akagira ibitekerezo bihamye, akita no ku murimo we wo kwiga.)*

Imyitozo

- Abanyeshuri bari mu matsinda baratanga ibitekerezo ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'uburenganzira bw'umwana.
- Gusangiza abandi ibyavuye mu matsinda umwarimu agashimangira ibivugwa mu nkuru Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri.

Isuzuma

Abanyeshuri barakoresha amagambo bungukiye mu mwandiko bubake interuro ziboneye.

Intwererano: Iyo umuntu yagize ubukwe, inshuti n'abavandimwe bamuzanira intwererano zo kumufasha.

Kuvutswa: Nta muntu ukwiye kuvutswa uburenganzire bwo kubaho.

Umukoro

Abanyeshuri barabara muri make, inkuru "Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri" babwira abo babana ibyo bumvise muri iyo nkuru, bakazabigeza kuri bagenzi babo.

Isomo rya 2: Gusesengura inkuru: “Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri”

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n’inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k’inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 158-164.

Intangiriro:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri" : Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (*Ni inkuru ivuga ku babyeyi bari bagiye kuvutsa umwan ishuri kubera ko yamugaye.*) Abana bakunze kuvutswa ishuri kubera iki ? (*Kubera ubumuga, kubera ko ari abakobwa, kubera ubukene, …*) Ese umwana ufite ubumuga bw’ingingo ashobora kuba umuhanga mu ishuri ? (*Yego kuko kumugara ingingo bitandukanye no kugira ubumuga bwo mu mutwe.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: **"Nta mwana ukwiye kuvutswa ishuri"**
Umwarimu arongera gusomera anyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.
Urugero:
Ni iki kigaragaza ko kugira ubumuga bw’urugingo rw’umubiri atari ukugira ubumuga bwo mu mutwe? (*Ni uko kumugara urugingo rw’umubiri bitabuza bwonko gutekereza*. *Ikindi Ntwari ni urugero rwiza rubiduhamiriza. Nubwo yari afite ubumuga yarushaga abandi mu ishuri.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n’ubuzima bwabo busanzwe.
Urugero
Wowe iyo uba uvukana na Ntwari wari kwemera kujya ku ishuri we agasigara mu rugo? (*Oya nange nari kwanga kujya kwiga ngasaba ko njyana n’umuvandimwe wange ku ishuri*.) Hari abana muzi bavukijwe kwiga kubera kumugara? (*Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye.)*

Imyitozo

Mu matsinda abanyeshuri barahuza ibitekerezo ku bibi byo kuvutsa abana kwiga no ku byiza byo gushyira abana bose mu ishuri, hanyuma babihurize hamwe umwarimu abafashe kubinonosora.

Isuzuma

Abanyeshuri barashaka banavuge irindi herezo ry’inkuru yasomwe bikorewe mu matsinda.
Mu matsinda, abanyeshuri baratekereza ku bundi buryo inkuru yashoboraga kurangiramo hanyuma bagende bahabwa ijambo buri tsinda rivuga igitekerezo cyaryo.

Umukoro

Buri munyeshuri arasobanuza abo babana akamaro ko kwiga, maze azabigeze ku bandi.

Isomo rya 3: Gutahura no gusoma igihekane ntw mu magambo.

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ntw.**
Imfashanyigisho:
Amashusho agaragaza intwaro, intwererano, ntwikira.
Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 166 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 162-163.

Intangiriro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga akamaro ko kwiga.
  - Bituma tujijuka, bituma dushobora gukorera Igihugu cyacu n'isi dutuyeho, bidufasha kwiteza imbere, tukagira ubuzima bwiza.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, akazu ku kandi, agakuru ka "Tumenye ibihwagari n'akamaro kabyo" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 158.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane ntw

Gutahura igihekane ntw

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **ntw**. **Urugero**: Murabona iki? (*Turabona: intwaro.*)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa. **Urugero:** *intwaro.*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **ntw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **ntw.)***
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **ntw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 166 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 158, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **ntw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **ntw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **ntw** ayandike ku kibaho mu cyapa (Intwari, intwaro, intwererano, **ntw** iri mu ibara.)
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **ntw**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.
  Urugero: intwari, intwaro, intwererano, **…**

Gusoma amagambo arimo igihekane ntw.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **ntw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

Urugero: intwari, intwaro, intwererano, Mukantwari

- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:
  Mu muco nyarwanda iyo umuntu acyuje ubukwe, abandi baramufasha bakamuzanira intwererano.
  Intwari mu bikorwa, igereranywa n'intwari ku rugamba.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 162.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe izi nteruro:

Ntwari yarantwereye.

Intwari mu bikorwa twayigereranya n'intwari ku rugamba.

Ntwaza iki gikapu kiraremereye.

Umukoro

Abanyeshuri baritoza gusoma bakora imyitozo yo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 163.

Isomo rya 4: Kwandika igihekane ntw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ntw** mu mukono.
Imfashanyigisho:
Amakarita yanditseho ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga (ni igihekane **ntw**.)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane **ntw** agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane ntw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **ntw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **ntw.**

(Amagambo arimo igihehane **ntw** ni aya: intwari, intwaro, intwererano, Muganintwari, Mukantwari.

- Umwarimu arandika mu mukono, ku kibaho, amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

intwari, intwaro, intwererano, Muganintwari, Mukantwari

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **ntw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **ntw**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **ntw** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

Umwitozo :

Abanyeshuri baritoza kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ntw**, mu gitabo co gusoma buri munsi, urupapuro rwa 163.

Isuzuma :

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **ntw** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo mu mukono.

Urugero:

Impu zivamo imikandara ikomeye.

Mu muco nyarwanda iyo umuntu acyuje ubukwe, abandi baramufasha bakamuzanira intwererano.

Intwari mu bikorwa, igereranywa n'intwari ku rugamba.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Umukoro :

Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **ntw** bazandike mu makeye yabo.

Isomo rya 5: Gutahura no gusoma igihekane tsw

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **tsw.**
Imfashanyigisho:
Amashusho agaragaza kotswa, guhagurutswa.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 158 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 162-164.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, akazu ku kandi, agakuru ka "Tumenye ibihwagari n'akamaro kabyo" mu gitabo cy'umunyeshuri.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane tsw

Gutahura igihekane tsw.

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **tsw**. **Urugero**: Murabona iki? (*Turabona umusaza uri guhagurutswa n'abana)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: *guhagurutswa, kotswa.*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **tsw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **tsw.)***
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **tsw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **tsw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **tsw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **tsw** ayandike ku kibaho mu cyapa (guhagurutswa, gusetswa, kururutswa, kotswa, tsw iri mu ibara.)
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **tsw**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.
  Urugero: kotswa, guhagurutswa, kururutswa, gusetswa, **…**

Gusoma amagambo arimo igihekane tsw.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **tsw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

Urugero: kotswa, guhagurutswa, kururutswa, gusetswa

- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.

  Urugero:

  Mukantwari arinda umwana we kotswa n'amazi ashyushye.

  Ubukwe bususurutswa n'indirimbo ndetse n'intwererano ziturutse mu bavandimwe.

  Umwana asusurutswa no kumusekera.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 162.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe, interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 163.

Umukoro

Abanyeshuri baritoza gusoma barakora imyitozo yo gusoma amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 162.

Isomo rya 7: Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ntw** na **tsw**

Imfashanyigisho:
Amashusho yo mu gitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 164,166 n'igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Intangiriro

- Umwarimu arafasha abanyeshuri gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **ntw** na **tsw**.
- Abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane ntw na **tsw**

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru bageragaze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru"Uburere bw'umwana muto" kari ku rupapuro rwa 166 akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibabazo byo kumva agakuru.

Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Gusetswa n'umurezi bimarira iki umwana?(Gusetswa n'umurezi bitera umwana gukura yishimye)

Ni ibiki watojwe n'abarezi kugirango ugire uburere bwiza? (*Natojwe n'abarezi kumvira, kubaha, kugira isuku n'umwete.)*

Imyitozo yo kwandika.

1. Kwandika amagabo arimo ibihekane ntw na **tsw.**

Abanyeshuri barashaka mu gakuru amagambo arimo ibihekane **ntw** na **tsw** bayandike mu makaye yabo.

2**. Icyandikwa**

Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Baganintwari na Mukantwari bita ku burere bw'umwana wabo.

Umwana iyo amaze kururutswa nyina aramunanura yarangiza akamwonsa.

Gusetswa n umurezi bitera umwana gukura yishimye.

Umwarimu arakosora buri munyeshuri, hanyuma bakosorere hamwe ku kibaho.

Umukoro

Gukora umwitozo, mu makaye yabo, wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 164.

Isomo rya 8: Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ntw** na **tsw.**

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 158 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 162-164.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, igika ku kindi, agakuru "**Uburere bw'umwana muto**".

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro akurikije ingorane bafite, abahe imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **ntw** na **tsw** n'ibindi bihekane barangije kwiga.

- Umwarimu aravangavanga amagambo arimo ibihekane **tsw** na **ntw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero: Ntwari, Mukantwari, gusetswa, kotswa, kururutswa.

- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro.

Urugero

- Kwita ku burere bw'umwana muto bituma avamo umuntu w'intwari.

- Umwana asusurutswa no kumuririmbira akishima.
- Nusigarana n'umwana muto mu rugo, uzage umurinda kotswa n'umuriro no gukomeretswa n'ibikoresho byo mu rugo.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: gukomeretswa, intwari, gusetswa, Moukantwari kotswa

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro ziganjemo ibihekane **ntw** na **tsw** n'ibindi barangije kwiga.

Urugero :

- Kwita ku burere bw'umwana muto bituma avamo umuntu w'intwari.
- Umwana asusurutswa no kumuririmbira akishima
- Nusigarana n'umwana muto mu rugo, uzage umurinda kotswa n'umuriro no gukomeretswa n'ibikoresho byo mu rugo.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma bucece agakuru" Uburere bw'umwana muto".

Urugero:

- Kwita ku burere bw'umwana muto bituma avamo umuntu w'intwari.
- Umwana asusurutswa no kumuririmbira akishima
- Nusigarana n'umwana muto mu rugo, uzage umurinda kotswa n'umuriro no gukomeretswa n'ibikoresho byo mu rugo.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane **ntw** na **tsw**, urupapuro rwa 164.

Umukoro

Abanyeshuri barandika amagambo n'interuro birimo ibihekane mu makaye yabo **ntw** na **tsw** bakabisomera abo babana mu rugo.

IBIHEKANE BYIGWA: ty na kw

Isomo rya 1: Gusoma no kumva inkuru "Urugendoshuri"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yasobanuwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'imfashanyigisho zifatika

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 165 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 166,170.

Inyunguramagambo:
Ikigwari, urugwiro, kugwiramo, ngatutubikana, ntimukajijwe.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru "Uburere bw'umwana muto" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 166.

Isomo rishya

- Gusoma inkuru "Urugendoshuri"
- Umwarimu arereka amashusho n'imfashanyigisho abanyeshuri bagerageze gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura ibyo inkuru iri buvugeho:

Ni iki mubona ku mashusho? (*Turabonaho abanyeshuri bari kuva mu modoka iparitse muri Pariki y'Ibirunga.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? (*Turakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku rugendoshuri cyangwa ku bukerarugendo.)*

- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye abereka amashusho.
- **Gusobanura amagambo mashya**
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru igika ku kindi bagerageze gutahura amagambo mashya umwarimu ayandike ku kibaho.
- Mu matsinda, abanyeshuri barageragеza gusobanura amagambo akomeye, umwarimu agende abunganira bibaye ngombwa anonosora ibisobanuro batanze.

  Urugero: **Urugendoshuri:** Uruzinduko rugamije kwiga ikintu runaka. **Ibisiza:** ni ahantu harambuye.
- Abanyeshuri barakoresha amagambo bungutse mu nteruro ziboneye.
- **Urugero: Urugendoshuri** : Abanyeshuri basoza ikiciro cy'amashuri abanza bakunze gukora urugendoshuri, bagatembera.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru.**Urugero**: Ni bande bavugwa muri iyi nkuru? *(Sematyori na Nyirinkwaya.*) Ni iki cyari gitumye aba banyeshuri banezerwa cyane? (*Bari bagize amahirwe yo gusohoka no kujya gutembera.*) Ni ibiki abanyeshuri babonye mu nzira bagenda? (*Abanyeshuri babonye abantu bakora ibikorwa bitandukanye. Abantu batora inkwi, inkwavu z'agasozi ziruka mu ishyamba, inkware ziguruka mu mashami y'ibiti,…)* Ni iki mwarimu Nyirinkwaya yasabye abanyeshuri be ko bakora bageze muri pariki mbere y'uko batangira kubasobanurira? (*Kwandika mu makayi yabo ibyo bagenda babona, hamwe n'ibisobanuro byose bari buhabwe n'ababishinzwe.)*

Imyitozo:

Abanyeshuri bari mu matsinda baratanga ibitekerezo ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'ubukerarugendo.

Isuzuma

- Abanyeshuri barasubiza ibindi bibazo byo kumva inkuru
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru bagende babisubiza umwumwe, umwarimu abafashe kunoza ibisubizo byabo.

Urugero : Sematyori yagiye ku ishuri yambaye ate ? (*Yari yambaye inkweto nziza, ahetse agakapu karimo ibikoresho by'ishuri.*) Sematyori ageze ku ishuri yasanze ari ikihe kintu cyahindutse uwo munsi? (*Yasanze uwo munsi batari bwigire ahantu hasanzwe, yasanze kandi hari imodoka.)* Ni iyihe mpamvu abanyeshuri bose bashakaga kwicara ku idirishya? (*Buri wese yashakaga kugenda areba hanze.)* Abantu basanze mu ishyamba babakiriye bate? (*Barabayoboye, barabatembereza, bagenda babasobanurira ibyo bagendaga babona muri pariki byose.)*

Umukoro

Abanyeshuri barabaza abo babana cyangwa abandi bantu bakuru ahandi hantu hatanu nyaburanga mu Rwanda hagendwa na ba mukerarugendo.

Isomo rya 2: Gusesengura inkuru "Urugendoshuri"

Intego:
- Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru.
- Guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo.

Imfashanyigisho: amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 165 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 166.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Urugendo shuri" : Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (*Havugwamo abanyeshuri bagiye gusura Pariki y'Ibirunga hamwe n'umwarimu wabo.)*

Isomo rishya

- Umwarimu arongera asomere abanyeshuri inkuru **"Urugendoshuri "**mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Ni akahe kamaro ko gukora urugendoshuri? (*Ni ukugira ngo abarugeyemo biyungure ubumenyi kandi bibonere n'amaso ibiri aho basuye.)* Ubukerarugendo bumarira iki igihugu*? (Bwinjiza amafaranga y'amahanga bita amadevize, adufasha kugura ibintu biva mu mahanga tudafite mu Rwanda nk'imiti, ibikoresho by'ubwubatsi, …*)

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bihuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Ahantu nyaburanga waba warigeze gutemberera cyangwa ho uzi ni he? (*Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye.)* Vuga pariki uzi zo mu Rwanda? Pariki y'Akagera, iy'Ibirunga, n'iya Nyungwe.)

Imyitozo

Mu matsinda ya babiribabiri, abanyeshuri baravuga ibyiza byo gutembera no gusura ahantu hatandukanye.

Isuzuma

Abanyeshuri baravuga muri make ibivugwa mu mwandiko : «Urugendoshuri».

Umukoro

Abanyeshuri barabaza abo babana mu rugo cyangwa abandi bantu bakuru ibintu byiza biri aho batuye cyangwa ahandi mu Rwanda. (Ibiyaga, imigezi, inyamaswa, amashyamba...)

Isomo rya 3: Gutahura no gusoma igihekane ty

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ty.**

Imfashanyigisho: Amashusho agaragaza ityazo n'izindi mfashanyigisho zifatika zigaragaza amagambo arimo igihekane **ty**.

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 165 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 170.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, akazu ku kandi, agakuru ka "**Uburere bw'umwana muto**" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 166.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane ty

Gutahura igihekane ty

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **ty**. **Urugero**: Murabona iki? (*Turabona ityazo)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa. **Urugero:** *ityazo.*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **ty.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **ty.)***
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **ty** mu gitabo k'inkuru urupapuro rwa 165 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 179, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **ty.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **ty** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **ty** ayandike ku kibaho mu cyapa (*i**ty**azo, u**ty**o, gu**ty**a, **ty** iri mu ibara.)*
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **ty**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.
  Urugero: ityazo, gutya, gutyaza **…**

Gusoma amagambo arimo igihekane ty.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **ty** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

Urugero: ityazo, gutya, gutyaza.

- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:
  - Sematyori atuye mu Matyazo.
  - Tyaza ubwenge ejo utazabona amanota mabi.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 170.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe izi nteruro:

- Ityazo rikiri rishya rityaza neza.
- Mu Matyazo ni ho Mutyaba atuye.

Umukoro

Abanyeshuri barabaza abo babana andi magambo arimo igihekane **ty.**

Isomo rya 4: Kwandika igihekane ty

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ty** mu mukono.
Imfashanyigisho:
Amakarita yanditseho ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri 171,172.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga (ni igihekane **ty**.)

Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane **ty** agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane ty

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **ty.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **ty.**

(Amagambo arimo igihehane **ty** ni aya: ityazo, mu Matyazo, Gutyo, gutyaza .

- Umwarimu arandika mu mukono, ku kibaho, amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

ityazo, mu Matyazo, Gutyo, gutyaza .

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **ty** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **ty**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **ty** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

Umwitozo :

Abanyeshuri baritoza kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ty**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 171,172.

Isuzuma

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **ty** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo.

Urugero :

Sematyori atuye mu Matyazo.
Tyaza ubwenge ejo utazabona amanota mabi.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **ty** bazandike mu makeye yabo.

Isomo rya 5: Gutahura no gusoma ighekane nkw

Intego:
- Gutahura ibihekane **nkw** mu magambo, mu nkuru no ku mashusho.
- Gutanga andi magambo arimo ibihekane **nkw.**
- Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nkw**

Imfashanyigisho: imfashanyigisho zifatika: inkweto, inkwi
Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 165 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 171,173,174.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba agakuru "**Uburere bw'umwana muto**."

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane nkw

Gutahura igihekane nkw

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **nkw**. **Urugero**: Murabona iki? (*Turabona inkweto, inkwi)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa. **Urugero:** *inkweto, inkwi.*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **nkw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **nkw.)***
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **nkw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 165 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 171, abasabe gutera urutoki mu gihe yumvise ijambo ririmo igihekane **nkw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **nkw** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **nkw** ayandike ku kibaho mu cyapa (Inkweto, inkwi, inkwano, nkw iri mu ibara.)
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **nkw**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.
  Urugero: inkweto, inkwi, inkwano **…**

Gusoma amagambo arimo igihekane nkw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **nkw** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.
  Urugero: inkweto, inkwi, inkwano.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero:
  Nyirankwakuzi yorora inkwavu
  Senkware atekesheje inkwi.

Mubashankwaya yatuzaniye inkwano

- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 172.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 171.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuza gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 173, no gutahuramo amagambo arimo igihekane **ty** na **nkw.**

Isomo rya 6: Kwandika igihekane nkw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **nkw** mu mukono.
Imfashanyigisho:
Amakarita yanditseho ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 172,173.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga (ni igihekane **nkw**.)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane **nkw** agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane nkw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **nkw.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **nkw.**
  (Amagambo arimo igihehane **nkw** ni aya: Nkwakuzi, inkware, inkwavu, inkweto, inkwi.
- Umwarimu arandika mu mukono ku kibaho amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

  Nkwakuzi, inkware, inkwavu, inkweto, inkwi.

- Abanyeshuri barerekana igihekane **nkw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Abanyeshuri baratahura inyuguti zigize igihekane **nkw.**
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **nkw** mu mukono, ku kibaho no mu makaye yabo.
- Abanyeshuri barandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane **nkw.**

  Nyirankwakuzi yorora inkwavu
  Senkware atekesheje inkwi
  Mubashankwaya yatuzaniye inkwano

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo ibihekane **nkw** mu gitabo

cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 172.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo w'isuzuma bandika mu mukono izi nteruro :

Kankwanzi acuruza inkweto mu Matyazo.
Nkwakuzi yakoye inkwano nyinshi.

Umukoro

Abanyeshuri barahanga interuro zirimo amagambo arimo igihekane nkw n'ibindi bamaze kwiga, bazandike mu makaye yabo.

Isomo rya 7: Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ty, nkw.**

Imfashanyigisho:
Igitabo k'inkuru zisomerwa, amashusho yo mu gitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro 173-174.

Intangiriro

- Umwarimu arafasha abanyeshuri gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **ty** na **nkw.**
- Abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma ibihekane ty na **nkw**

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru bagerageze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru" **Nkwakuzi yahembwe gutemberera muri Nyungwe**" kari ku rupapuro rwa 174 akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibabazo byo kumva agakuru.

- Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Washimye iki ku munyeshuri uvugwa mu nkuru?(*Umunyeshuri uvugwa mu nkuru agera ku ishuri hakiri kare, asubiza neza mu ishuri, agira amanota menshi mu ishuri*)

Ni ahahe hantu heza wifuza kujya gusura? Kubera iki? (*Nifuza kujya gusura Pariki y' ibirunga. Ndashaka kujya kureba ibirunga n'ingagi.*)

Imyitozo yo kwandika.

1**. Kwandika amagabo arimo ibihekane ty** na **nkw.**

Abanyeshuri barashaka mu gakuru amagambo arimo ibihekane **ty** na **nkw** bayandike mu makaye yabo.

2. **Abanyeshuri baruzuza interuro yo mu gakuru**: Nkwakuzi yabaye uwa mbere mu ishuri……

3**. Icyandikwa**

Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma

ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Urugero rw'icyandikwa:

Sematyori yazindutse ajya ku ishuri.
Nyirinkwayayasabye umushoferi guhagarika imodoka.
Abanyeshuri bahagurutse i Rwinkwavu.

Umwarimu arakosora buri munyeshuri, hanyuma bakosorere hamwe ku kibaho.

Umukoro

Abanyeshuri barakora umwitozo, mu makaye yabo, wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 173.

Isomo rya 8: Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ty** na **nkw.**
Imfashanyigisho:

Ibitabo: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 165 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 170-173.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri gusoma neza agakuru "**Nkwakuzi yahembwe gutemberera muri Nyungwe**"

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

Gushyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.

Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **ty** na **nkw** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bivangavanze.

- Umwarimu arandikira abanyeshuri amagambo arimo ibihekane **ty** na **nkw** abanyeshuri bayasome umwumwe, mu ijwi riranguruye, umwarimu agende abafasha aho bakosheje.
  Urugero: Inkwi, ityazo, inkwano, inkweto, gutyaza, inkwenene.
- Abanyeshuri barasoma interuro zirimo ibihekane **ty** na **nkw,** umwarimu agende abafasha aho biri ngombwa.
  Urugero:
  Murorunkwere yakowe inka imwe.
  Ityazo rya Sematyori rityaza neza.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika.

Urugero: atyaze, Matyazo, inkwano, yankwereye, kankwanzi : atyaze, Matyazo, inkwano, yankwereye, Kankwanzi.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono interuro zirimo ibihekane **ty** na **nkw**.

Urugero :

Mama yanguriye i**nkwe**to nziza. Mama yanguriye inkweto nziza.

Kamana agiye kuvoma mu Ma**tya**zo. Kamana agiye kuvoma mu Matyazo.
Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro igizwe n'ibihekane bize bakayandika hanyuma bagasoma agakuru"**Nkwakuzi yahembwe gutemberera muri Nyungwe**.
Urugero : Sema**tyo**ri, Ka**nkwa**nzi, Nyira**nkwa**re, i**nkw**enene

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari ibihekane **ty** na **nkw** urupapuro rwa 171.

Umukoro

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika iri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 171

IGIHEKANE CYIGWA: py

Isomo rya 1 : Gusoma no kumva inkuru "Akamaro ko gutwara abantu n'ibintu."

Intego:
- Gusubiza ibibazo kunkuru basomewe.
- Gukoresha mu nteruroamagambo yasobanuwe.

Imfashanyigisho:
Igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 178.

Inyunguramagambo:
Kwipyipyinyura, gupyinagara, imodoka ya rukururana.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe agakuru "Nkwakuzi yahembwe gutemberera muri Nyungwe" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 174.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Akamaro ko gutwara abantu n'ibintu"
- Umwarimu arereka amashusho n'imfashanyigisho abanyeshuri bagerageze gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura ibyo inkuru iri buvugeho:

Murabona iki ku ishusho itangira inkuru? (*Turabona umuntu utwaye imodoka nini.)*
Murakeka ko inkuru iri buze kuvuga ku ki? *(Inkuru iravuga ku gutwara abantu n'ibintu.)*

- Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho.

Gusobanura amagambo mashya
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru igika ku kindi bagerageze gutahura amagambo mashya umwarimu ayandike ku kibaho.
- Mu matsinda, abanyeshuri barageragеza gusobanura amagambo akomeye, umwarimu agende abunganira bibaye ngombwa anonosora ibisobanuro batanze.

Urugero:
Imodoka ya rukururana: Imodoka ndende ziba zifite igice k'imbere kigenda gikurura ikindi kiri inyuma.

Kwipyipyinyura: ni ukwikuba mu gihe uri gukaraba kugira ngo umwanda ukuveho.
Gupyinagara: Gupindama.

Mu matsinda abanyeshuri barakoresha mu nteruro ziboneye amagambo bungukiye mu nkuru, hanyuma bakosorere hamwe na mwarimu ku kibaho.
Kwipyipyinyura: Ni byiza gukaraba wipyipyinyura kugira ngo umwanda ugushireho neza. **Gupyinagara**: Imodoka yagonze igiti irapyinagara.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye abereka amashusho.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru, bagende basubiza umwumwe.

Urugero: Gapyisi akora akahe kazi? (*Ni umushoferi.) Ni ibihe bicuruzwa biva mu mahanga? (Amasabune, ibikoresho by'ishuri, iby'ubwubatsi…)* Ibicuruzwa binyura mu zihe nzira? Binyura mu nzira z'imihanda yo ku butaka, mu nzira zo mu mazi no mu nzira zo mu kirere.)

Imyitozo
Abanyeshuri bari mu matsinda baratanga ibitekerezo ku byo bumvise mu nkuru bijyanye no gutwara abantu n'ibintu.

Isuzuma
Abanyeshuri baravuga muri make ibivugwa mu nkuru basomewe.

Umukoro
Abanyeshuri barabaza abo babana akamaro ko gutwara abantu n'ibintu, hanyuma bazahurize hamwe na bagenzi babo ibitekerezo babwiwe.

Isomo rya 2: Gusesengura inkuru: "Akamaro ko gutwara abantu n'ibintu"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 178.

Intangiriro:
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "**Akamaro ko gutwara abantu n'ibintu**" **Urugero:** Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma?

Isomo rishya
- **Gusoma inkuru**: **"Akamaro ko gutwara abantu n'ibintu"**
  Umwarimu arongera asomere abanyeshuri inkuru" **Akamaro ko gutwara abantu n'ibintu** "mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero:
Ni iki abana bagomba gukora kugira ngo batabangamira imodoka zigenda mu muhanda? (*Bagomba kwirinda gukinira mu muhanda no kujugunyamo ibintu bishobora guteza impanuka.)* Ni izihe ngaruka z'imihanda mibi? (*Ingaruka z'imihanda mibi ni uko yangiza imodoka kandi igatuma zitihuta.)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe

Kubaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero:

Wowe wumva gutwara abantu n'ibintu bigufitiye akahe kamaro?(*Bituma tubona ibiribwa nk'umuceri, isukari n'ibikoresho twe tudashobora kwikorera*.) Hari ibicuruzwa uzi biva mu Rwanda bijya mu mahanga*? (Ikawa n'icyayi*.)

Imyitozo

- Mu matsinda abanyeshuri baratanga ibitekerezo ku ngaruka zo kwangiza imihanda no ku byiza byo kubungabunga imihanda.

Isuzuma

Abanyeshuri baravuga muri make ibivugwa mu mwandiko : Akamaro ko gutwara abantu n'ibintu.

Umukoro

Kubaza abo babana mu rugo cyangwa abandi bantu bakuru ibintu u Rwanda rugura hanze n'ibyo rwohereza hanze.

Isomo rya 3: Gutahura no gusoma igihekane py

Intego:

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **py.**

Imfashanyigisho:

Amashusho agaragaza igikorwa cyo gupyipyinyura, gupyatura..

Ibitabo:

Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 178 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 179,182.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma umwumwe, akazu ku kandi, agakuru ka "**Nkwakuzi yahembwe gutembera muri Nyungwe**" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 174.

Isomo rishya:

Gutahura no gusoma igihekane py.

Gutahura igihekane py

- Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **py**. **Urugero**: Murabona iki? (*Turabona imodoka yapyinagaye, abantu bari kwipyipyinyura.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: *gupyinagara, kwipyipyinyura, Gapyisi.*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **py.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. *(Ni igihekane **py.)***
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **py** mu gitabo k'inkuru cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, abasabe gutera urutoki mu gihe bumvise ijambo ririmo igihekane **py.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **py** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **py** ayandike ku kibaho mu cyapa (*Gapyisi, gupyipyinyura, gupyinagara, **py** iri mu ibara.)*
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **py**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma ayabasomere.

Urugero: Gapyisi, gupyipyinyura, gupyinagara, **…**

Gusoma amagambo arimo igihekane py.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **py** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

  Urugero: ya**pyi**nagaye, gu**pya**tura, gu**pyo**ka, **pyo**o!
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo nteruro ku kibaho mu cyapa.

  Urugero:

Imodoka yagonze urukuta irapyinagara.

Nukaraba uge wipyipyinyura neza.

- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 181.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 180.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 181 no gutahuramo amagambo arimo ibihekane **py**

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane py

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **py** mu mukono.
Imfashanyigisho:
Amakarita yanditseho ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, ku rupapuro rwa 180,181.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga (*Ni igihekane* **py**.*)*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo igihekane **py** agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane py

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **py.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **py.**

(Amagambo arimo igihehane **py** ni aya: Gapyisi, gu**py**ipyinyura, gu**py**inagara, ya**pyi**nagaye, gu**pya**tura, gu**pyo**ka, **pyo**o!

- Umwarimu arandika mu mukono, ku kibaho, amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

Gapyisi, gupyipyinyura, gupyinagara, yapyinagaye, gupyatura, gupyoka, pyoo!

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **py** bagicaho akarongo aho cyanditse mu

magambo.

- Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **py**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **py** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

Umwitozo :

Abanyeshuri baritoza kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **py**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 181.

Isuzuma :

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **py** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo.

Abana bakunda umukino wo guhekana mapyisi.

Nimukaraba muge mwipyipyinyura neza.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Umukoro :

Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **py** bazandike mu makaye yabo mu mukono.

Isomo rya 5: Imyitozo y'isuzumabushobozi (Amasomo 2)

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **py.**

Imfashanyigisho:
Amashusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

Ibitabo:
Igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'inkuru.

Intangiriro

- Umwarimu arafasha abanyeshuri gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo igihekane **py:**
- Abanyeshuri barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni aho yanditse ku kibaho. Umwarimu ashobora no gukoresha amakarita y'amagambo.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma agakuru "Isiganwa ry'amamodoka"

- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru bagerageze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru"**Isiganwa ry'amamodoka**" kari ku rupapuro rwa 182 akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibabazo byo kumva agakuru.

Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

Urugero:

Ese wowe aho wiga hajya haba amarushanwa? mu biki?(*yego hajya haba amarushanwa. haba amarushanwa mu mikino itandukanye harimo umupira w'amaguru, imikino yo gusiganwa, gukina amakinamico ndetse n'amarushanwa yo kubyina.)*

Hari andi masiganwa uzi usibye ay'imodoka? Yavuge (*Hari amasiganwa y'amagare, amasiganwa yo kwiruka n'anamaguru, n'amasiganwa yo koga.*)

Gutanga interuro zo mu gakuru ziganjemo igihekane **py** abanyeshuri bakazisoma bagitsindagiraho.

Urugero:
Imodoka zisiganwa ziba zihuta ngo: Pyooo! Pyooo!
Imodoka imwe yari yagonze yapyinagaye.
Twari twazindutse twipyipyinyura.

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane py, mu mukono
Icayndikwa: Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zikurikira imwimwe, ku nshuro ya mbere batege amatwi, hanyuma ku ya kabiri bayandike mu makaye yabo.
Urugero:
Twari twazindutse kare twipyipyinyura.
Gapyisi ni umushoferi.

Umukoro

Gusomera abo babana agakuru kose.
Gukora umwitozo mu makaye yabo,wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 179-181.

Isomo rya 6: Imyitozo y'ishimangirabushobozi (Amasomo 2)

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **py.**
Imfashanyigisho:

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru, urupapuro rwa 178 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 179.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza agakuru "**Isiganwa ry'amamodoka.**"

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Gushyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo igihekane **py** n'ibindi bihekane barangije kwiga.

- Umwarimu aravangavanga amagambo arimo igihekane **py** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero: Gapyisi, gupyipyinyura, gupyinagara, guheka mapyisi.

- Gusaba abo banyeshuri gusoma interuro zirimo igihekane **py**.

Urugero

- Bamwe bahekanaga mapyisi, abandi bagasimbuka.
- Imodoka imwe yari yagonze umukingo yapyinagaye.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'igihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: Gapyisi, gupyipyinyura, gupyinagara, guheka mapyisi.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro ziganjemo igihekane **py** n'ibindi barangije kwiga.

Urugero :

Bamwe bahekanaga mapyisi, abandi bagasimbuka.

Imodoka imwe yari yagonze umukingo yapyinagaye.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'igihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma bucece agakuru"Isiganwa ry'amamodoka".

Urugero:

Bamwe bahekanaga mapyisi, abandi bagasimbuka.

Imodoka imwe yari yagonze umukingo yapyinagaye.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri ahari igihekane **py** urupapuro rwa 180.

Umukoro

Abanyeshuri barandika amagambo n'interuro birimo igihekane **py** bakabisomera abo babana mu rugo.

ISUZUMABUSHOBOZI RISOZA UMUTWE WA 7

I. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga (Amasomo abiri)

1. Ingingo ngenderwaho:

- Gutahura igitekerezo gikubiye mu kandiko basomye cyangwa basomewe.
- Gusobanura amagambo mashya no kuyakoresha mu nteruro.

2. Ibikoresho bikoreshwa mu isuzuma:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo k'inkuru n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. Amabwiriza

- Umwarimu arasoma inkuru aranguruye ijwi.
- Umwarimu arabaza abibazo binyuranye ku nkuru.
- Umwarimu aribanda ku bafite ibibazo byihariye mu myigire.

4. Imyitozo yo kumva inkuru

Gutega amatwi inkuru "Nasubiye mu ishuri mbikesha korora inkwavu"

Nasubiye mu ishuri mbikesha korora inkwavu

Nitwa Murorunkwere ntuye i Muyunzwe nkunda kwitabira ibikorwa by'iterambere iwacu mu Kagari.

Iwacu twari abakene nkababazwa n'uko ababyeyi bange batabashije gukomeza kundihirira ishuri kandi ntarigeze mba umuswa mu ishuri.

Nahwituwe na bagenzi bange tubana mu ishyirahamwe kuko banshishikarije kwiteza imbere.Ubwo mpitamo korora inkwavu ngira ngo nzabone amafaranga yo kujya gukomeza amashuri yange. Ntibyatinze inkwavu zange zatangiye kororoka nkajya nzijyana ku isoko.

Nyuma y'igihe gito mbona ntangiye kubona amafaranga nsubira mu ishuri. Mwarimu wange Muhire ntiyahwema kunyitaho kuko yansobanuriraga, buri gihe, by'umwihariko ibyo ntabashije kumva.

Nakoze urugendoshuri mu Matyazo nshimishwa no kubona bagenzi bange borora inkwavu, ibyo bituma mpagurutswa no kwagura ubworozi bwange ntangira korora kijyambere. Ubu nateye imbere ndifashije kandi narangije n'amashuri yisumbuye.

Umwitozo wa 1: Gusobanura amwe mu magambo mashya mu nkuru no kuyakoresha mu nteruro:

Urugero :

Ishyirahamwe: ihuriro ry'abantu barenze umwe bahujwe n'intego runaka. (*Mama aba mu ishyirahamwe rigamije korora inka no gucuruza amata.)*

Urugendoshuri : gutembera hagamijwe kwiga. (*Abanyeshuri bakunda gukora urugendoshuri mu isomo ry'ibidukikije.)*

Gusubiza ibibazo ku nkuru:

Umwitozo wa 2: Umwarimu arasomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye agakuru "**Nasubiye mu ishuri mbikesha korora inkwavu"** hanyuma abanyeshuri, umwumwe, basubize ibibazo babajijwe ku nkuru.

Urugero:

Ni nde uvugwa muri iyi nkuru? (*Ni Murorunkwere*.) Ni iki cyari cyarababaje Murorunkwere kuruta ibindi? (Ni *uko ababyeyi be batabashije gukomeza kumurihira ishuri kandi atarigeze aba umuswa mu ishuri.)* Ni iki cyamuteye kujya korora inkwavu? (*Yatewe ishyaka na bagenzibe babanaga mu ishyirahamwe, ikindi yagiraga ngo azabone amafaranga yo kwiyishyurira ishuri)* Murorunkwere byamugendekeye bite nyuma yo gutangira korora inkwavu? (*Inkwavu ze zatangiye kororoka akajya azijyana ku isoko. Atangiye kubona amafaranga ahita asubira mu ishuri.*) Aka gakuru karangira gate? (*Karangira Murorunkwere yateye imbere kubera korora kijyambere kandi yanarangije amashuri yisumbuye.)*

Umwitozo wa 3: Abanyeshuri barasubiza, umwumwe, ibibazo bihuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Ni ikihe kintu waba warakoze mu buzima bwawe cyatumye ubona amafaranga? (*Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye.)*

Urugero: Nagurishije ibishyimbo nejeje mu murima nahawe n'ababyeyi bange, nagurishije ihene yange mbona amafaranga,…)

5. Ikosora

Mu myitozo yose ikorwa, umwarimu arakosora abanyeshuri bagaragaje ibibazo byihariye mu gusubiza.

Aho umunyeshuri atabashije gusubiza ikibazo ku nkuru, gusaba undi munyeshuri kumukosora nyuma umwarimu akagaruka ku munyeshuri byari byananiye akikosora.

Umwarimu agomba kugerageza guha amahirwe menshi yo gusubiza abanyeshuri bafite ibibazo kurusha abandi, akabashishikariza kuvuga.

II.Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma (Amasomo 2)

1. **Ingingo ngenderwaho**

Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya, atagemura inyajwi, amagambo n'interuro n'udukuru tugufi birimo ibihekane byizwe.

2. **Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. **Amabwiriza:** Andikaku kibaho, amagambo n'interuro birimo ibihekane bimaze kwigwa muri uyu mutwe

- Kugenzura abanyeshuri no kubafasha ureba uko babikora wita no kubafite ibibazo bitandukanye.
- Umwitozo wa **2** urahitamo imyitozo ushaka ijyanye no gusoma ibihekane bamaze kwiga

4. Imyitozo yo gusoma

Umwitozo wa 1:

Abanyeshuri barakorera mu matsinda ya babiribabiri basoma amagambo n'interuro biri ku kibaho mu cyapa no mu mukono.

Urugero :

Inzu ya Muhire na Mukantaganzwa yubatswe na Ntwari.

Inzu ya Muhire na Mukantaganzwa yubatswe na Ntwari.

Nyirinkwaya aratora inswa hafi y'umurima w'ibihwagari.

Nyirinkwaya aratora inswa hafi y'umurima w'ibihwagari.

Yamupyipyinyuye mu mugongo maze arapyoka.

Yamupyipyinyuye mu mugongo maze arapyoka.

Papa aratyaza umuhoro ku ityazo rishaje

Papa aratyaza umuhoro ku ityazo rishaje.

Umwitozo wa 2:

Abanyeshuri barakora, umwumwe, imyitozo yo gusoma agakuru usanga mugitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 182.

5. Ikosora

- Ikosora mu gusoma rirajya rikorwa ako kanya: Umunyeshuri arakosorwa na bagenzi be ariko umwarimu agomba guhozaho mu gutanga urugero rwo gusoma neza aranguruye ijwi kugira ngo afashe umunyeshuri wagaragaje ikibazo.
- Umwarimu yibanda cyane kuri ba banyeshuri bagaragaje ikibazo abaha amahirwe yo gukomeza kwitoza gusoma.

III. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika (Amasomo 2)

1. **Ingingo ngenderwaho:**

Ubushobozi bwo kwandika nta kosa, inyajwi, amagambo n'interuro birimo ibihekane bimaze kwigwa.

2. **Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. Amabwiriza:

- Mu gihe abanyeshuri bakora imyitozo, umwarimu aragenda mu ishuri afasha abafite ingorane mu gukora imyitozo.
- Ikosora rusange rirabera ku kibaho, abanyeshuri umwumwe baza kwandika amagambo n'interuro babonye nyuma bakandika ibisubizo mu makayi yabo.
- Ku mwitozo wo gukora icyandikwa, umwarimu arasaba abanyeshuri gufata amakayi yabo n'amakaramu. Arabamenyesha ko agiye kubaha icyandikwa, abasabe gutega amatwi neza, no gutangira kwandika abahaye uburenganzira. Arasoma interuro ngufi inshuro ebyiri, noneho asabe abanyeshuri buri wese kwandika mu ikaye ye. Arakomeza atyo no ku zindi nteruro.
- Ikosora rirakorerwa ku kibaho. Umwarimu arandika interuro ku kibaho asabe buri munyeshuri gukosora aho yanditse nabi. Aragenda agenzura ko ikosorwa rikorwa neza.

4. **Imyitozo yo kwandika**

Umwitozo wa 1.

Abanyeshuri barakora, umwumwe, buzurisha mu nteruro amagambo akurikira: yahanzwe, ihwa, ibihwagari, ityazo, inkweto, busaswa,

Urugero:

Umwana …… n'……mu bworo bw'ikirenge kuko atari yambaye ……. (yahanzwe, ihwa, inkweto)

Sematyori yaguze amavuta y'……. mu Matyazo.(ibihwagari)

Uburiri bwa Mukantwari……. buri munsi. (busaswa)

Umwitozo wa 2

Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zikurikira kubasaba kuzandika banoza umukono.

Mama yaguze ibihwagari i Rwinkwavu.

Muswayire ni intwari yaranzwe n'ubugwaneza igihe cyose.

Yamupyatuye agashyi ku itama.

Abana bararya inswa bicaye ku gasambi.

Ityazo rya Simpatswe ni rishyashya.

5. **Ikosora**

- Kugenzura uko abanyeshuri bandika amagambo n'interuro ugenda ubakosora, umwumwe.
- Ikosora rusange rirabera ku kibaho, aho abanyeshuri umwumwe baza kwandika amagambo, interuro.
- Amagambo yose n'interuro bimaze kwandikwa neza n'abanyeshuri ubwabo ku kibaho, gusaba buri munyeshuri wagize ikibazo kwikosora aho yakoreye mu ikaye ye. Umwarimu aragenzura uko buri munyeshuri yikosora.
- Gukosora icyandikwa birakorerwa ku kibaho. Umwarimu arandika interuro ku kibaho asabe buri munyeshuri gukosora aho yanditse nabi. Aragenda agenzura ko ikosorwa rikorwa neza.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi (amasomo 2)

1. **Ingingo ngenderwaho**

- Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri.
- Gufasha buri kiciro kugera ku bushobozi bugamijwe haba mu gusoma cyangwa mu kwandika

Ibikoresho bikenerwa: amakayi, amakaramu n' igitabo cy'umunyeshuri.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Uburyo bwo gutanga iyi myitozo, mwaburebera mu masomo y'ishimangirabushobozi yabanjirije ayangaya mu mutwe wa mbere.

UMUTWE WA 8: UBUZIMA

Udukuru abanyeshuri bashobora kwisomera: Senjwiri yararwaye, Have sigaho, Dukunda gukina, Tuzi kwirinda indwara.

Inkuru zisomerwa abanyeshuri: Abana ba Nyanjwenge, Akanyamasyo n'igifwera, Imikino ntazibagirwa, Twirinde indwara.

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nshy** na **nty** no gusesengura utwandiko tugufi ku nsanganyamatsiko y'ubuzima.

Imbumbanyigisho: Ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko n'ubumenyi mu mikoreshereze y'ururimi.
Inyigisho: Kumva, kuvuga, gusoma no kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo ibihekane n'inyunguramagambo.

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 8	Gusoma no kumva inkuru "Akanyamasyo n'igifwera".	Gusesengura inkuru "Akanyamasyo n'igifwera".	Gutahura no gusoma igihekane **sy**	Kwandika mu mukono igihekane **sy**	Gutahura no gusoma igihekane **fw**	Kwandika mu mukono igihekane **fw**	Imyitozo y'isuzumabu shobozi	Imyitozo y'ishimangira-bushobozi
Inyunguramagambo	Umusyi, urusyo, gusyonyora, igifwera, kubaduka, gusodoka, kuzanzamuka,...	Umusyi, urusyo, gusyonyora, igifwera, kubaduka, gusodoka, kuzanzamuka,...	Akanyamasyo, urusyo, urusyo, gusya,...	umusyi gusya. Busyete, umusyi,...	Igifwera, ikigufwa,...	Igifwana. Gafwero, kigufwa,...	umusyi akanyamasyo Busyete gusya madwedwe, kudagadwa, kudodwa,...	akanyamasyo gusya, Nyirabusyete madwedwe, kudwinga,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo guhashya no gukumira ibiyobyabwenge.	Kugaragaza ubushake bwo guhashya no gukumira ibiyobyabwenge.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **sy**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **fw**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **sy** na **fw**	Ibihekane **sy** na **fw**	Igihekane **sy**	Igihekane **sy**	Igihekane **fw**	Igihekane **fw**	Ibihekane **sy** na **fw**	Ibihekane **sy** na **fw**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 8	Gusoma no kumva inkuru "Imikino ntazibagirwa."	Gusesengura inkuru "Imikino ntazibagirwa."	Gutahura no gusoma igihekane **ndy**	Kwandika mu mukono igihekane**ndy**	Gusoma no Kwandika ibihekane na **cw.**	Kwandika mu mukono igihekane**cw.**	Imyitozo y'isuzumabushobozi.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi.
Inyunguramagambo	Imicwira, twaracwezaga, indyankwi, indyabyatsi, indyanyama,...	Imicwira, twaracwezaga, indyankwi, indyabyatsi, indyanyama,...	Indyankwi, indyabyatsi,...	Ndyanabo indyo windyamira indyanyama ndye ndyumeho, indyamirizi,...	Imicwira, icwende,...	Amacwa, Semacwa, gucweza,...	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika,...	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo gukina no kwidagadura.	Kugaragaza ubushake bwo gukina no kwidagadura.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **ndy**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **cw**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **ndy** na **cw**	Ibihekane **ndy** na **cw**	Igihekane **ndy**	Igihekane **ndy**	Igihekane **cw**	Igihekane **cw**	Ibihekane **ndy** na **cw**	Ibihekane **ndy** na **cw**

	Isomo rya 1:	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 8	Gusoma no kumva inkuru "Abana ba Nyanjwenge"	Gusesengura inkuru "Abana ba Nyanjwenge"	Gutahura no gusoma igihekane **njw**	Kwandika mu mukono igihekane **njw.**	Gutahura no gusoma igihekane **dw**	Kwandika mu mukono igihekane **dw.**	Imyitozo y'isuzumabu-shobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.
Inyunguramagambo	Kugwingira, Kudagadwa, ubuzima buzira umuze,...	Kugwingira, Kudagadwa, ubuzima buzira umuze,...	Injwiri, kwanjwa, amanjwe,...	Nyanjwenge, amanjwe,...	kudwinga, madwedwe,...	madwedwe, kudagadwa, kudodwa,...	Injwiri, amanjwe, kwinjwa, madwedwe, kudagadwa, kudodwa,...	Injwiri, amanjwe, kwinjwa, madwedwe, kudagadwa, kudodwa,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kwita ku mirire myiza.	Kugaraga za imbamuti ma ze ku byerekeye imirire myiza.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **njw**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **dw**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **njw** na **dw**	Ibihekane **njw** na **dw**	Igihekane **njw**	Igihekane **njw**	Igihekane **dw**	Igihekane **dw**	Ibihekane **njw** na **dw**	Ibihekane **njw** na **dw**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 8	Gusoma no kumva inkuru "Twirinde indwara "	Gusesengura inkuru "Twirinde indwara ".	Gutahura no gusoma igihekane **nshy**	Kwandika mu mukono igihekane**nshy**	Gutahura no gusoma igihekane **nty**.	Kwandika mu mukono igihekane **nty**.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.
Inyunguramagambo	Icyorezo, indwara, kuremba, gushisha, intungamubiri,...	Icyorezo, indwara, kuremba, gushisha, intungamubiri,...	Inshyushyu, inshyimbo, inshyomotsi, inshyomoke, nshyashya,...	Inshyushyu, inshyimbo, inshyomotsi, inshyomoke, nshyashya,...	intyoza, intyabire, ntyariza,...	intyoza, intyabire, ntyariza,...	Icyorezo, indwara, kuremba, gushisha, intungamubiri, inshyushyu, inshyimbo, inshyomotsi, intyoza, intyabire, ntyariza, inshyomoke, nshyashya,...	Icyorezo, indwara, kuremba, gushisha, intungamubiri, inshyushyu, inshyimbo, inshyomotsi, intyoza, intyabire, ntyariza, inshyomoke, nshyashya,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kwirinda indwara.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye no kwirinda indwara.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **nshy**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza amatsiko yo gutahura no gusoma igihekane **nty**	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.
Ibihekane byigwa	Ibihekane **nshy** na **nty**	Ibihekane **nshy** na **nty**	Igihekane **nshy**	Igihekane **nshy**	Igihekane **nty**.	Igihekane **nty**.	Ibihekane **nshy** na **nty**	Ibihekane **nshy** na **nty**

	Isomo rya 1	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya** 7	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 8	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo kumva no kuvuga inkuru "Mfite ubuzima bwiza "	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo kumva no kuvuga inkuru " Mfite ubuzima bwiza".	Imyitozo y'isuzumabushobo-zi bwo gusoma.	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo gusoma	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo gusoma	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo kwandika.	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo kwandika.	Imyitozo y'isuzumabushobozi bwo kwandika.
Inyunguramagambo	Kudwangadwanga, injwiri, gucweza,...	Kudwangadwanga, injwiri, gucweza,...	Injwiri, kudwinga, amanjwe, madwedwe, urusyo, igifwana, umusyi, igifwera, indyankwi, icwende, indyadya, imicwira, inshyushyu, intyoza, inshyimbo, intyabire,...	Injwiri, kudwinga, amanjwe, madwedwe, urusyo, igifwana, umusyi, igifwera, indyankwi, icwende, indyadya, imicwira, inshyushyu, intyoza, inshyimbo, intyabire,...	Inshyimbo, indyankwi, icwende, akanyamasyo, igifwera, intyoza, kudagadwa, injwiri,...	Injwiri, icwende, indyarya, irayisyonyagura, indyamirizi, nshyuhiriza, intyoza, riramudwinga,...	Akanyamasyo, gucweza, kudagadwa, inshyomotsi, kudwinga, gushinjwa, amagufwa, intyabire,...	Inshyanutsi, indyoheshabirayi, Nyanjwenge, igifwera, akanyamasyo,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake bwo kwita ku buzima.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye ubuzima.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Inyuguti zigwa	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**

	Isomo rya 1:	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**	**Isomo rya 8**
Ibigize umutwe wa 8	Imyitozo y'ishimangi-ra-bushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-rabushobozi.	Imyitozo y'ishimangi-ra-bushobozi.	Imyitozo y'ishimangirabushobozi.
Inyunguramagambo	Icyorezo, indwara, kuremba, gushisha, intungamubiri,...	Icyorezo, indwara, kuremba, gushisha, intungamubiri,...	Injwiri, kudwinga, amanjwe, madwedwe, urusyo, igifwana, umusyi, igifwera, indyankwi, icwende, indyadya, imicwira, inshyushyu, intyoza, inshyimbo, intyabire,...	Injwiri, kudwinga, amanjwe, madwedwe, urusyo, igifwana, umusyi, igifwera, indyankwi, icwende, indyadya, imicwira, inshyushyu, intyoza, inshyimbo, intyabire,...	Inshyimbo, indyankwi, icwende, akanyamasyo, igifwera, intyoza, kudagadwa, injwiri,...	Injwiri, icwende, indyarya, irayisyonyagura, indyamirizi, nshyuhiriza, intyoza, riramu-dwinga,...	Akanyamasyo, gucweza, kudagadwa, inshyomotsi, kudwinga, gushinjwa, amagufwa, intyabire,...	Inshyanutsi, indyoheshabirayi, Nyanjwe-nge, igifwera, akanyamasyo,...
Ubukesha	Kugaragaza ubushake kwita ku buzima.	Kugaragaza imbamutima ze ku bijyanye n'ubuzima.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira gusoma amagambo n'interuro ngufi mu cyapa no mu mukono. Kugaragaza umuhate wo gusoma.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kwitabira kwandika amagambo n'interuro ngufi mu mukono. Kugaragaza umuhate wo kwandika.	Kugaragaza umuhate wo gusubiza ibibazo abajijwe. Kwitabira gusoma no kwandika.	Kugaragaza umuhate wo kwiga gusoma no kwandika.
Inyuguti zigwa	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**	Ibihekane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nsy** na **nty**

IBIHEKANE BYIGWA: njw, dw

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Abana ba Nyanjwenge"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru basomewe.
- Gukoresha neza amagambo mashya bungukiye mu nkuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 184.

Inyunguramagambo:
Umubabaro, inzogera, yigunze, gusabana.

Intangiriro

Kubaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'iterambere.
Urugero: Ni ibihe bikorwa by'iterambere mubona aho mutuye? *(Ibisubizo binyuranye: Mbona amasoko, imihanda, amashuri…)* Ni akahe kamaro k'ubukerarugendo? *(Ubukerarugendo buzanira igihugu cyacu amadevize.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Abana ba Nyanjwenge" mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 184.
- Umwarimu arerekana amashusho afasha abanyeshuri gutahura ibiri buvugwe mu nkuru.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho:
  Murabona iki kuri iyi ishusho? (*Ndabona abana banautse cyane, ababyimbye inda n'amatama*.)
  Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? (*Inkuru iri buvuge ku bana barwaye bwaki*.)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye abereka amashusho.

Gusobanura amagambo mashya
Umwarimu arasoma inkuru, igika ku gika, abanyeshuri bagerageza gusobanura amagambo mashya, umwarimu abuzuze bibaye ngombwa.
Urugero:
Kugwingira: kudakura neza kubera imirire mibi. **Kudagadwa**: gutitira cyane, guhinda mushyitsi.
Ubuzima buzira umuze: ubuzima bwiza.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru
Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru.
Urugero: Ni ba nde bavugwa mu nkuru? (*Muri iyi nkuru haravugwamo Nyanjwenge n'abana be*.)
Mu ntangiriro y'inkuru abana ba Nyanjwenge bameze gute? (*Abana ba Nyanjwenge barembejwe n'indwara zituruka ku mirire mibi*.) Inkuru yarangiye ite? (Inkuru yarangiye *Nyanjwenge n'abana be bagize ubuzima bwiza*.)

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru bijyanye n'indwara ziterwa n'imirire mibi.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukoresha amagambo mashya mu nteruro.

Kugwingira (Abana batarya indyo yuzuye baragwingira.)
Guhondobera (Uyu mwana arahondobera kubera uburwayi.)
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kubwira abandi ibyavuye mu matsinda ashimangira ibivugwa mu nkuru bijyanye n'indwara ziterwa n'imirire mibi.

Isuzuma

- Kongera kubaza ibibazo ku nkuru “Abana ba Nyanjwenge”.
  Urugero: Ni ba nde baje gusura Nyanjwenge? (*Ni abaturanyi be*) Bageze kwa Nyanjwenge babonye iki? (*Babonye uko abana be bameze barumirwa, bagira agahinda*.)
- Gusaba abanyeshuri gukoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.
  Urugero:
  Ubuzima buzira umuze (*Abana bariye neza bagira ubuzima buzira umuze*),
  Guhondobera (*Iyo umwana arwaye cyane arahondobera*.)

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru “Abana ba Nyanjwenge”, bakazagaragaza mu ishuri uko babivuze.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru "Abana ba Nyanjwenge"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku nkuru.
- Guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n’inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k’inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 184.

Intangiriro

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku nkuru "Abana ba Nyanjwenge":
Urugero: Ni iki kivugwa mu nkuru duheruka gusoma? (*Mu nkuru duheruka gusoma haravugwamo Nyanjwenge n’abana be*.) Inkuru itangira abana ba Nyanjwenge bameze bate? (*Inkuru itangira abana ba Nyanjwenge bararembejwe n’indwara*.) Izo ndwara zituruka ku ki? (*Izo ndwara zituruka ku mirire mibi*.)

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Abana ba Nyanjwenge" mu gitabo k’inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 184.
Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.
Ibibazo byo gusesengura inkuru
Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.
Urugero: Iyo abana babyimbye amatama n’inda kandi bananutse cyane biba byatewe n’iki? (*Biba byaturutse ku mirire mibi bityo bakagwingira ntibakure*.) Ni iki ubona gikorwa aho utuye kugira ngo abana barindwe imirire mibi? (*Mbona abaturanyi bita ku turima tw’igikoni ngo babone imboga zo kugaburira abana*.) Ukurikije ibyo wumvise mu nkuru, ni ubuhe burenganzira bw’abana, butitaweho? (*Uburenganzira bw’abana bwirengagijwe n’ubwo guhabwa ibibatunga byuzuye*.)
Ibibazo byo guhuza inkuru n’ubuzima busanzwe
Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n’ubuzima bwabo busanzwe.
Urugero: Ese mukurikije ibyo tumaze kubona, iwanyu mubona babaha indyo yuzuye? (Ibisubizo binyuranye.) Aho mutuye mubona abana bose bafite ubuzima bwiza? (*Hari abana bamwe bananutse cyane n’abandi bameze neza*.) Mwumva ababyeyi banyu babagaburira amafunguro ameze ate? (*Twumva batugaburira indyo yuzuye*.) Indyo yuzuye igizwe n’iki? (*Indyo yuzuye igizwe n’ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n’ibirinda indwara.*) Ese watanga urugero kuri buri bwoko bw’ibiribwa ugendeye ku byo ubona aho mutuye? (*Ibishyimbo, inyama, amafi, indagara biri mu byubaka umubiri. Imyumbati, ibirayi, ibijumba, amateke, biri mu bitera imbaraga. Imboga zinyuranye*

nk'imbwija, imiteja, ibisusa,… kimwe n'imbuto zinyuranye nk'imineke, ipapayi, avoka, ibinyomoro,… biri mu birinda indwara.)

Imyitozo

- Mu matsinda, umwarimu arasaba abanyeshuri kujya impaka ku mirire mu miryango yabo bibanda ku bigize indyo yuzuye .
- Umwarimu aragenzura uko bari gukorera mu matsinda.
- Abanyeshuri baragaragariza abandi ibyo bagezeho mu matsinda yabo.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusubiza ibindi bibazo ku nkuru.
Urugero: Abaturanyi ba Nyanjwenge bamugiriye iyihe nama? (*Bamugiriye inama yo kujya agaburira abana be indyo yuzuye igizwe n'ibitera imbaraga n'ubushyuhe, ibirinda indwra n'ibyubaka umubiri*.)
Inkuru irangira bavuga ko ari iki cyanejeje Nyanjwenge? (*Yanejejwe n'uko abana be na bo bagize ubuzima bwiza*.)

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana ibiribwa binyuranye bakabishyira mu matsinda atatu (ibitera imbaraga, ibyubaka umubiri n'ibirinda indwara) bakazagaragaza mu isomo ritaha Urugero z'ibiribwa bababwiye.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane njw

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **njw**.
Imfashanyigisho:
Amashusho: umwana ufite imisatsi y'injwiri.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 187.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba agakuru "Isiganwa ry'amamodoka" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 182.

Isomo rishya : Gutahura no gusoma igihekane njw

Gutahura igihekane njw

- Umwarimu arererekana amashusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **njw**. **Urugero**: Murabona iki? (*Ndabona injwiri*)
- Umwarimu arandika igisubizo ku kibaho mu cyapa. **Urugero: injwiri**.
- Umwarimu arasoma ijambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **njw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri gutahura ijwi atsindagiraho. (*Ni igihekane **njw**.*)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **njw** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 187 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 184, abasabe gushyira urutoki hejuru bumvise igihekane **njw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **njw**, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: Nyanjwenge, amanjwe, injwiri
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **njw**.
- Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho abanyeshuri berekana, aho bishoboka, imigemo yose y'icyo gihekane. **Urugero:** kwa**njwa**, ama**njwe**, i**njwi**ri

Gusoma igihekane njw

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **njw** yanditse ku kibaho mu cyapa. **Urugero:** kwa**njw**a ama**njw**e i**njw**iri.
- Abanyeshuri baragenda basubiramo bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: Karinda **aranjwa** ngo arabyina. Abanyeshuri bariyogoshesha kugira ngo batagira umusatsi w'**injwiri**. Ni byiza kwirinda **amanjwe**, ukabana neza n'abandi mu mahoro.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro atsindagira ku gihekane **njw.**
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe, batsindagira ku gihekane **njw**.

Imyitozo

- Abanyeshuri barasoma umwumwe, amagambo n'interuro biri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 187.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo igihekane **njw**.
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho asabe abanyeshuri gutanga amagambo arimo igihekane **njw**
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho asabe abanyeshuri guca akarongo ku gihekane **njw**.

Urugero: ama**njw**e, kwa**njw**a, gushi**njw**a, i**njw**iri.

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abnyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **njw**.
  I**njw**iri kwa**njw**a gushi**njw**a

Umunyeshuri mwiza arangwa n'isuku akazira injwiri ku mutwe we.

Biragayitse gushinjwa mu ruhame rw'abantu.

Reka kwanjwa ukorane umurava wigane ubushake.

Umukoro

Umwarimua arsaba abanyeshuri gushushanya ikintu kirimo igihekane **njw** bakazakereka bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane njw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **njw** mu mukono.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 188.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba agakuru "Isiganwa ry'amamodoka" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 182.

Isomo rishya

Kwandika igihekane njw

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize n'andi bazi arimo ibihekane **njw.**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **njw**?

(Amagambo twabonye arimo igihehane **njw** ni aya: injwiri, Nyanjwenge, kwanjwa.)

- Umwarimu arandika ku kibaho amagambo abanyeshuri bavuze, mu mukono, abanyeshuri bayitegereza.

Injwiri, Nyanjwenge, kwanjwa

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **njw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **njw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **njw** mu mukono ku kibaho no mu makaye yabo.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **njw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro bayandike mu makaye yabo. Arasoma interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ku nshuro ya kabiri bayandike mu makaye yabo.

Urugero:

Myasiro yabonye umwana we afite imisatsi y'injwiri, ajya kumwogoshesha.
Si byiza guta umwaya wawe mu manjwe, nta kamaro.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza abakosore.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **njw,** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 188**.**

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika mu mukono interuro zirimo igihekane njw.

Urugero:

Nyanjwenge afite umusatsi w'injwiri.
Kirazira kujya mu manjwe.

- Umwarimu aragenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo neza, abakosore.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo arimo igihekane **njw** mu mukono, bakereka abo babana mu rugo, bakazagaragaza mu ishuri aho banditse ayo magambo abakosore.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane dw

Intego:

Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **dw**.

Imfashanyigisho:

Amashusho: madwedwe.

Ibitabo:

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 188, 190.
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 184.

Intangiriro

Gusoma neza kandi vuba agakuru "Isiganwa ry'amamodoka" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 182.

Gutahura igihekane dw

- Umwarimu arerekana amashusho abaze abanyeshuri ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **dw**. **Urugero**: Ni ikihe gikorwa mubona kuri iyi shusho? (*Turabonaho igikorwa cyo kudwinga*) Iki giti Nyanjwenge yahiragaho imiti yo guha abana be kitwa gite? (*Ni madwedwe*.)
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: **kudwinga madwedwe**.
- Umwarimu arasoma amagambo, ku kibaho, atsindagira ku gihekane **dw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri kuvuga ijwi rigenda rigaruka muri ayo magambo. (Ni igihekane **dw**.)
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **dw,** mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 184 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 190, abasabe gushyira urutoki hejuru bumvise igihekane **dw.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **dw**, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.

Urugero: ma**dwedwe**, ku**dwi**nga.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **dw**.
- Umwarimu arayandika ku kibaho abanyeshuri bakerekana, aho bishoboka, imigemo yose y'icyo gihekane.

Urugero: ku**dwa**nga**dwa**nga, kudaga**dwa**, ku**dwi**nga, ma**dwe**dwe.

Gusoma igihekane dw

- Guhera ku nkuru no ku mashusho abanyeshuri bagatanga Urugero z'amagambo arimo igihekane **dw** umwarimu akandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa.

  Urugero: injwiri, amanjwe, kwinjwa, madwedwe, kudagadwa, kudodwa
- Gusaba abanyeshuri gusoma baranguruye amagambo yanditse ku kibaho.
- Gusaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma cyangwa andi arimo igihekane **dw**, umwarimu akandika zimwe muri izo nteruro ku kibaho mu cyapa.
  Urugero: Inzuki zamudwinze abyimba mu maso. Sigaho kudwangadwanga amazi.
- Gusaba abanyeshuri gusoma baranguruye interuro zanditse ku kibaho.

Imyitozo

Gusaba abanyeshuri gukora umwitozo wo gusoma igihekane **dw**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 188.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma umwumwe interuro zirimo igihekane **dw** ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 188.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 190.

Isomo rya 6 Kwandika igihekane dw

Intego
Kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane **dw.**

Imfashanyigisho: -
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 189.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma amagambo arimo igihekane **dw**.

Isomo rishya: Kwandika mu mukono igihekane dw

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo babonye mu nkuru bize n'andi bazi arimo igihekane **dw.**
  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **dw**?
  (Amagambo twabonye arimo igihehane **dw** ni aya: madwedwe, kudagadwa.)
- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze, ku kibaho, mu mukono abanyeshuri bayitegereza.

  Urugero: madwedwe, kudagadwa
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **dw** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **dw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **dw** mu mukono ku kibaho no mu makaye yabo.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora icyandikwa ku gihekane **dw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.
- Umwarimu arasoma interuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi. Arayisubiramo indi nshuro babone kuyandika. Arakomeza atyo no ku yindi nteruro.
  Urugero:

  Iyo umunyeshuri akomeretse cyane akina abarimu bamujyana kwa muganga akadodwa.

  Madabari uruyuki rwamudwinze none yabyimbaganye
- Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza akabakosora.

Imyitozo

- Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane **dw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 190.

Isuzuma

Abanyeshuri barandika mu mukono, interuro irimo igihekane **dw** mu makaye yabo.
Urugero:

Madwedwe ni igiti cyo mu gihuru.

Imyenda y'ishuri idodwe ruba abanyeshuri bagiye gutangira.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zirimo igihekane **dw** bakazandika mu mukono mu ikaye yabo, buri munyeshuri akazereka abo babana akazanazereka bagenzi be mu ishuri mu isomo ritaha.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuruo birimo ibihekane **njw** na **dw.**
Imfashanyigisho:
Amashusho yo mu gitabo k'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 184 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 182, 191.

Intangiriro

Gusoma neza kandi vuba, agakuru "Isiganwa ry'amamodoka" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 182.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo njw na **dw mu gakuru "Nyanjwenge yararwaye"**

- Abanyeshuri baritegereza amashusho batahure icyo agakuru "Senjwiri yararwaye" kari buvugeho bahereye ku mashusho.
- Abanyeshuri barasoma, umwumwe, agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191, akazu ku kazu, umwarimu agenda akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.

Gusubiza ibibazo byo kumva agakuru

- Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru babisubize mu magambo, utanze igisubizo kitari cyo abandi bamukosore.

  Urugero: Ni iyihe nama wagira umuntu warwaye azira imirire mibi? (*Kurya indyo yuzuye no kugirira isuku ibyo kurya*)

  Ni izihe ndwara ziterwa n'imirire mibi? (*Inzoka, bwaki no kuzingama*)
- Abanyeshuri baratanga interuro zo mu gakuru ziganjemo ibihekane **njw** na **dw** bazisome batsindagira kuri ibyo bihekane.

Urugero: Se**njw**iri aradaga**dwa** kubera uburwayi.
Se**njw**iri yaretse kurya ibiryo by'ama**njw**e.

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane njw na **dw mu mukono.**

- Gusaba abanyeshuri kuzuza interuro yo mu gakuru:
  Kurya nabi bitera_____**.** (*Kurya nabi bitera bwaki cyangwa kuzingama***.**)
- Gusaba abanyeshuri kwandika amagambo yo mu gakuru " Nyanjwenge yararwaye" arimo ibihekane **njw** na **dw**

Icyandikwa

- Umwarimu arasomera abanyeshuri amagambo n'interuro bakurikira bayandike mu makaye yabo: umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ku nshuro ya kabiri bayandike mu makaye yabo.

  Urugero: Injwiri kudagadwa
  Senjwiri aradagadwa kubera uburwayi no kugira intege nkeya.
  Senjwiri yananijwe no kujya ku ishuri arwaye.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Umukoro

- Abanyeshuri barasomera neza kandi vuba abo babana agakuru "Nyanjwenge yararwaye" kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191 bazabigaragaza basoma neza mu ijwi riranguruye mu isomo ritaha.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana andi magambo arimo ibihekane **njw** na **dw** no

kuyandika mu mukono bakazerekana ayo magambo mu isomo ritaha.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **njw** na **dw.**

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri cyo gusoma buri munsi, urupapuro rwa 191.

Intangiriro

Gusaba abnyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Nyanjwenge yararwaye"mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191.

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu arabashyira mu matsinda abahe imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

- Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma mu cyapa no amagambo n'interuro birimo ibihekane **njw** na **dw** n'ibindi bihekane bize.

Urugero: Amanjwe madwedwe amanjwe madwedwe

Nyanjwenge afite injwiri.

- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma agakuru mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191.
- Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo n'interuro bigizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kubyandika mu mukono.

Urugero: kudagadwa, kurunjwa

Nyanjwenge aradagadwa kuberra uburwayi.

- Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu ababwira gusoma, umwumwe, agakuru "Senjwiri yararwaye".
- Umwarimu aha abo banyeshuri interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika.

Urugero: Madwinga asokoza imisatsi ye buri munsi kugira ngo itazaba injwiri.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **njw, dw,** urupapuro rwa 190.

Umukoro:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **njw** na **dw** bakabisomera abo babana mu rugo bakazanabyerekana mu isomo ritaha.

IBIHEKANE BYIGWA: sy, fw

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Akanyamasyo n'igifwera"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku mwandiko basomewe.
- Gukoresha neza amagambo mashya bungukiye mu nkuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 195 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191.

Inyunguramagambo:
Umusyi, urusyo, gusyonyora, igifwera

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma neza kandi vuba agakuru "**Nyanjwenge yararwaye**" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 191.

Isomo rishya

Gusoma inkuru "Akanyamasyo n'igifwera".
- Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho bijyanye, igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 195.

Gusobanura amwe mu magambo mashya.
- Umwarimu asoma igika ku gika, abanyeshuri bakagaragaza amagambo mashya bumvise, umwarimu akayandika ku kibaho.
- Umwarimu asaba abanyeshuri kuyasobanurirana bari mu matsinda akabafasha kunonosora ibisobanuro.
  Urugero rw'amagambo:
  Kubaduka: kubyuka vubavuba.
  Gusodoka: kugenda buhorobuhoro
  Kuzanzamuka: kugarura ubwenge, ubuzima
- Umwarimu asaba abanyeshuri kuyakoresha mu nteruro ngufi.
  Urugero:
  Gusodoka: Umurwayi iyo arembye agenda asodoka.
  Ibibazo rusange byo kumva inkuru.
  Gusomera abanyeshuri inkuru ukabasaba gusubiza ibibazo rusange ku nkuru.
  Urugero: Ni ba nde bavugwa mu nkuru ? *(Haravugwamo akanyamasyo, igifwera, Busyete na Gafwero.*) Akanyamasyo kasanze igifwera gikora iki? *(Akanyamasyo kasanze igifwera kiryamiye ku ikoma ry'insina.)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru "Akanyamasyo n'igifwera."
Urugero: Uko akanyamasyo n'igifwera byamerewe bimaze kurya ibyatsi no kunywa urumogi.

Isuzuma

- Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru "Akanyamasyo n'igifwera".
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukoresha amwe mu magambo mashya yasobanuwe mu nteruro.

Urugero: Gusodoka: Abakecuru n'abasaza bagenda basodoka kubera imbaraga nke.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kugerageza gushaka irindi herezo ry'inkuru "Akanyamasyo n'igifwera'' bakazarisobanurira bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru "Akanyamasyo n'igifwera"

Intego:
- Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 195 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191.

Intangiriro

Abanyeshuri bitegereza amashusho ajyanye n'inkuru "Akanyamasyo n'igifwera" bagatanga igitekerezo kivugwa mu nkuru.

Urugero: Mwitegereje iyi shusho, hano byageze bite? *(Akanyamasyo n'igifwera byarimo biganira.)* Kuki akanyamasyo n'igifwera bitabasha kwihuta nk'izindi nyamaswa? *(Ni uko zigenda zikoreye inzu zazo aho zijya hose.*) Ni iki kindi mwibuka kivugwa mu nkuru? *(Akanyamasyo n'igifwera byafashe umwanzuro wo gushaka ibyatsi n'itabi bikabinywa kugira ngo bige byinyakura)* Inkuru yarangiye ite? *(Inkuru yarangiye akanyamasyo n'igifwera bifashe umwanzuro wo kutazongera kunywa ibiyobyabwenge kuko byangiza ubuzima.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru

Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye, mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 195.

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Ku bwawe wumva ibiyobyabwenge bishobora kongera imbaraga z'umuntu? Sobanura igisubizo cyawe. *(Oya. Kubera ko akanyamasyo n'igifwera byarushijeho kunanirwa aho kugira imbaraga.)* Ni iyihe nama wagira bagenzi bawe cyangwa abo muturanye bakoresha ibiyobyabwenge? *(Nabagira inama yo kubireka kuko byangiza ubuzima.)*

Gusubiza ibibazo bifasha abanyeshuri guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Urugero: Ese ibiyobyabwenge byangiza ubuzima? Gute? *(Yego. Ibiyobyabwenge bituma umuntu ata ubwenge, akazengera, akagira isereri, agasinda n'ibindi…)*

Iyi nkuru ikwigishije iki? *(Iyi nkuru inyigishije ko kunywa ibiyobyabwenge ari bibi mu buzima, ko byangiza ubuzima cyane.)*

Imyitozo: Mu matsinda, kuvuga uko akanyamasyo n'igifwera byabaye bimaze kunywa ibiyobyabwenge by'ibyatsi n'itabi ngo bibitere imbaraga.

(Akanyamasyo n'igifwera bimaze kurya ibyatsi no gutumagura itabi, byatangiye kuzenguruka, bigira isereri, biraruka, byikubita hasi kubera gusinda cyane.)

Isuzuma

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru "Akanyamasyo n'igifwera".
  Urugero: akanyamasyo n'igifwera byari bifite ikihe kibazo? *(Akanyamasyo n'igifwera byari bifite ikibazo cyo kugenda gahorogahoro, bisodoka.)*
- Ushingiye ku mwandiko wasomye no ku byo usanzwe ubona aho mutuye ni izihe ngaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima bw'umuntu? *(Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye, umwarimu abafashe kubinonosora.)*

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gushushanya igice bakunze mu nkuru no kuzasobanurira bagenzi babo mu ishuri bahuza icyo gishushanyo n'inkuru basomye.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane sy

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **sy.**

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'amakarita y'ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 196 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191, 196.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza agakuru "Nyanjwenge yararwaye" mu gitabo cy'umunyeshuri cyo gusoma buri munsi urupapuro rwa 191.

Isomo rishya

Gutahura no gusoma igihekane sy

Gutahura igihekane sy

Umwarimu arereka abanyeshuri amashusho ababaze ibibazo bifite ibisubizo bibafasha gutahura igihekane **sy**.**Urugero**: **Urugero:** Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? *(Akanyamasyo.)*
Iki ni iki? *(Umusyi, urusyo)*

- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: *akanyamasyo*, *umusyi, urusyo*
- *Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **sy.***
- *Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane kigenda kigaruka muri ayo magambo. (Ni igihekane **sy.)***
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kirimo igihekane **sy** mu gitabo k'inkuru urupapuro rwa 196 cyangwa mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 199, abasabe gutera urutoki mu gihe bumvise ijambo ririmo igihekane **sy.**
- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **sy** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **sy** ayandike ku kibaho mu cyapa (Urusyo Nyirabusyete akanyamasyo umusyi gusya)
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **sy**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma asabe abanyeshuri kugaragaza iyo migemo.

  Urugero: uru**syo**, gusya, Bu**sye**te, umu**syi**, …

Gusoma amagambo arimo igihekane sy.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **sy** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

  Urugero: umu**syi** akanyama**syo** Bu**sye**te gu**sya.**
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye, bari mu matsinda, bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.

  Urugero:

  Busyete arasya amasaka ku rusyo.

  Akanyamasyo kazi koga.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo, hanyuma bose hamwe.

Umwitozo

Gusaba abanyeshuri gusoma amagambo ari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 196.

Isuzuma

Umwarimu arasomesha abanyeshuri, umwumwe izi nteruro:

Busyete arasya amasaka ku rusyo.

Umusyi arasya amasaka ku rusyo.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri kubaza abo babana andi magambo arimo igihekane **sy** bakazayabwira bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane sy

Intego:
Kwandika amagambo arimo igihekane **sy.**

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'amakarita y'ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 191, 198.

Intangiriro

Abanyeshuri basoma agakuru "Nyanjwenge yararwaye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191.

Isomo rishya

Kwandika igihekane sy mu mukono.

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize arimo igihekane **sy**.

  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **sy**? (urusyo, akanyamasyo, gusya, umusyi, Nyirabusyete,...)
- Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho mu mukono.

Urusyo, akanyamasyo, gusya, umusyi, Nyirabusyete…

- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **sy**.
- Kwereka abanyeshuri uko igihekane **sy** cyanditswe ku makarita y'ibihekane.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **sy** mu mukono.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri guca akarongo ku gihekane **sy** mu magambo ari ku kibaho.
- Umwarimu arakora icyandikwa, mu mukono, ku gihekane **sy** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

  Urugero: Busyete ni umusyi mwiza, kuko asya amasaka neza kandi vuba.

Umwitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono, interuro zirimo igihekane **sy**.

Urugero:

Busyete akunda gusya amasaka.

Arisyigiza kuko gusya kuri uru rusyo byamunaniye

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika amagambo n'interuro birimo

ingombajwi igihekane **sy** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 198.

Umukoro

Kwandikira abo babana amagambo atandatu arimo **sy** mu mukono bakaza kugaragaza mu ishuri amagambo banditse.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane fw

Intego:
- Gutahura igihekane fw.
- Gutanga andi magambo arimo igihekane fw.
- Gusoma amagambi n'interuro birimo igihekane fw.

Imfashanyigisho:
Igifwera

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru, urupapuro rwa 195, n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191, 197, 199.

Intangiriro
- Umwarimu arasaba abnyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Nyanjwenge yararwaye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191.
- Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho zifatika n'amashusho mfashanyigisho akababazaho ibibazo bibafasha gutahura ijambo ririmo igihekane **fw.**
  Urugero: Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? *(Ndabona igifwera)* Uyu ni nde? *(Uyu ni Gafwero.)*
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **fw.**
- Abanyeshuri baratahura ko umugemo batsindagiraho ari igihekane **fw.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kiganjemo igihekane **fw** akabasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise ahari igihekane **fw,** ku migemo y'inyajwi zose.
  Urugero: akanyamasyo kabwira igifwera kati…..kugira ngo Kigufwa…
- Umwarimu arandika ku kibaho mu cyapa amagambo yatahuwe arimo, aho bishoboka, imigemo yose y'igihekane **fw**.
  Urugero: igi**fwe**ra, Ga**fwe**ro, Kigu**fwa,…**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana, ku kibaho, ahanditse igihekane fw baca akarongo ku migemo yacyo.

Gusoma igihekane fw
- Umwarimu arasomera abanyeshuri agace k'inkuru kiganjemo igihekane **fw.**
- Gusaba abanyeshuri kuvuga amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **fw**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibindi bibazo bituma batanga andi magambo arimo imigemo inyuranye y'igihekane **fw.**
- Umwarimu yandika ku kibaho mu cyapa, amagambo n'interuro byatahuwe.
  Urugero: igi**fwe**ra, igi**fwa**na, kigu**fwa**, Ga**fwe**ro .
  Yagiye kugura ifu akandagira igifwera.
  Igifwera gikundana n'akanyamasyo.
  Gafwero arwaye inzoka none arata ibifwana.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri ayo magambo arimo igihekane **fw** atsindagira ijwi rishya.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuyasoma batsindagira ku gihekane **fw**.
- Kujya mu matsinda bagatanga andi magambo n'interuro zirimo igihekane **f**w.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzisoma umwumwe.

Umwitozo

- Umwarimu arausaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro, birimo igihekane **fw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 197.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo gusoma amagambo n'interuro bukurikira: igifwana, igifwera, igufwa.
Imbwa iraguguna amagufwa.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri kuza gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 199 no kugaragaza amagambo yose basomyemo arimo ibihekane **sy** na **fw**.

Isomo rya 6 Kwandika igihekane fw mu mukono

Intego:
Kwandika amagambo arimo igihekane **fw.**
Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'amakarita y'ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 191, 198.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Nyanjwenge yararwaye" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 191.

Isomo rishya

Kwandika igihekane fw

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize arimo igihekane **fw**.
  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **fw**? (Amagambo arimo igihekane twabonye mu nkuru ni aya: igifwera Gafwero, …)
- Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho mu mukono.
  Urugero: igifwera, Gafwero, Kigufwa,
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **fw**.
- Kwereka abanyeshuri uko igihekane **fw** cyanditswe ku makarita y'ibihekane.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **fw** mu mukono.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri guca akarongo ku gihekane **fw** mu magambo ari ku kibaho.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **fw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.
  Urugero: Gafwero atinya igifwera.

Umwitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro mu gitabo cy'umunyeshuri.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **fw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 198.

Umukoro

Abanyeshuri barandikira abo babana amagambo atandatu arimo igihekane **fw,** mu mukono, bakazerekana, mu ishuri, aho bayanditse.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:
- Kumva no gusobanura agakuru karimo ibihekane **sy**na**fw**.
- Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **sy** na **fw**
- Gukora icyandikwa ku gakuru.

Ibitabo:
Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 200.

Intangiriro

Abanyeshuri barakina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **sy** na **fw**. Barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni.

Urugero: Akanyamasyo kagiye gusura igifwera baraganira biratinda.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo ibihekane sy na fw mu gakuru "Have sigaho."
- Abanyeshuri baritegereza amashusho ajyanye n'agakuru "Have sigaho" bagerageze gutahura icyo kari buvugeho bahereye ku mashusho.
- Abanyeshuri barasoma agakuru, umwumwe, akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza. Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 200.

Gusubiza ibibazo byo kumva agakuru.
- Umwarimu aragenda abaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru, babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo bagenzi be bamukosore.

Urugero: Ni izihe ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge (*kunywa ibiyobyabwenge bitera indwara z'ubuhumekero, guta ishuri)*
Uhereye ku byabaye kuri Busyete, wakora iki mu gihe ubonye hari abana banywa ibiyobyabwenge? (*Nabegera nkabwira ububi bwabyo nkanabagira inama yo kubireka, no kwirinda gushukwa n'abana bagendera mu mico mibi*.)

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane sy na **fw mu mukono**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika mu mukono, uduteruro tugufi tujyanye n'agakuru.

Urugero:

Busyete yigaga mu mwaka wa kabiri.

Arazongwa, amagufwa ye amera nk'ayamunzwe.

Icyandikwa

Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zikurikira, bazandike mu makaye yabo: Umwarimu arasoma interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma akayisubiramo bwa kabiri, bakayandika mu makaye yabo. Iyo barangije kwandika umwarimu yongera kubasubiriramo indi nshuro imwe akabasaba kugenzura ko babyanditse neza.

Urugero rw'interuro:

Urusyo rurasya neza.

Busyete na Gafwero baratoragura amagufwa.

Umukoro

Abanyeshuri barakora umwitozo, mu makayi yabo, wo kwandika mu mukono interuro nibura ebyiri zirimo ibihekane **sy** na **fw**.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **sy** na **fw**
Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 205 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 199, 200.

Intangiriro

Gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **sy** na **fw**.
Urugero: umusyi akanyamasyo igifwera Busyete
Nyirabusyete urusyo ibifwana Gafwero gusya

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Gushyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **sy** na **fw** n'ibindi bihekane bize.
Urugero:

- Umwarimu aravangavanga amagambo arimo ibihekane **sy** na **fw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.
  Urugero: gusya igifwera akanyamasyo yasyonyoye Gafwero.
  Umusyi Busyete igifwera akanyamasyo.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 199.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: akanyamasyo, Busyete, igifwera, ikigufwa

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro.

Urugero:

Igifwera n'akanyamasyo bigenda bisodoka.
Busyete arasya ibigori

- Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma agakuru "Have sigaho ."

Urugero:

Isuzuma

Abanyeshuri barakora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **sy** na **fw,** urupapuro rwa 199.

Umukoro

Abanyeshuri barasomera abo mu rugo agakuru "Have sigaho".

IBIHEKANE BYIGWA: ndy, cw

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Imikino ntazibagirwa"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku mwandiko basomewe.
- Gukoresha neza amagambo mashya bungukiye mu nkuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 205 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 200.

Inyunguramagambo:
Imicwira, twaracwezaga, indyankwi, indyabyatsi, indyanyama.

Intangiriro

Gusaba abanyeshuri, gusoma neza kandi vuba, agakuru "Have sigaho" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 200.

Isomo rishya

Gusoma inkuru "Imikino ntazibagirwa," mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 201.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho bijyanye.

Gusobanura amwe mu magambo mashya.

- Umwarimu arasoma, igika ku gika, abanyeshuri bagasobanurira bagenzi babo.
- Umwarimu arabafasha kuyasobanura ku buryo bwumvikana neza banatanga n'Urugero z'interuro akoreshwamo.

  Urugero: imicwira: ubwatsi bushibuka ku bikuri batemyeho amasaka.

  Indyankwi: igikoresho bashisha inkwi bita kandi ishenyi, ishoka, inshabiti.

  Twaracwezaga: twaracecekaga.

  Imyitozo: Mu matsinda, kuganira ku byo bumvise mu nkuru "Imikino n'imyidagaduro." **Urugero:** Kuvuga imikino yakinwe n'uko bayikinaga.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru ukabasaba gusubiza ibibazo rusange ku nkuru.

  Urugero: Ni ba nde bavugwa mu nkuru? *(Mu nkuru haravugwamo: Semacwa, nyogokuru, sogokuru na Ndyanabo.*) Kuki Semacwa afite ubuzima bwiza? *(Semacwa afite ubuzima bwiza kuko arya indyo yuzuye)* Umukino wa mbere washimishije Semacwa ni uwuhe? *(Ni umukino wo kwihishanya.*) Ni ibihe bikoresho bakoreshaga bakora inyamaswa zitandukanye? *(Bakora inyamaswa zitandukanye bakoreshaga amakara, amakarito, ibipapuro, ibikenyeri, amababi y'ibiti…)*

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusubiza ibindi bibazo ku nkuru "Imikino n'imyidagaduro".

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukoresha mu nteruro, amwe mu magambo mashya yasobanuwe.

Urugero: Umucwira: Utunyana duto dukunda kwirira **imicwira**.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana akamaro k'imikino n'imyidagaduro ku buzima bw'umuntu.

Isomo rya 2 Gusesengura inkuru "Imikino ntazibagirwa"

Intego:
- Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 205.

Intangiriro

Abanyeshuri bitegereza amashusho ajyanye n'inkuru "Imikino n'imyidagaduro" bagatanga igitekerezo kivugwa mu nkuru.

Urugero: Mwitegereje iyi shusho, hano byageze bite? *(Semacwa yakinaga n'abandi bana umukino wo kwihishanya.*) Semacwa yahuriye na nde kwa sekuru? *(Semacwa yahahuriye na babyara be.*) Ni iyihe mikino bakinnye? *(Bakinnye imikino yo kwihishanya, gusimbuka urukiramende, gushushanya no gukora inyamaswa zitandukanye.)* Ikindi wibuka mu nkuru ni ikihe? *(Bize gukora inyamaswa zitandukanye indyabyatsi, indyanyama n'indyabyose.)* Inkuru yarangiye ite? *(Inkuru yarangiye Semacwa yiyemeje kuzajya kwigisha abana bigana iyo mikino yamushimishije.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru

Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye, igitabo gikubiyemmo inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 204.

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Ni uruhe ruhare rw'w'imikino n'imyidagaduro ku buzima bw'umuntu? *(Gukina bituma amaraso atembera neza mu mubiri, bituma amagufwa akomera,…)* Ni akahe kamaro ko gutembera kagaragara muri uyu mwandiko? *(Gutembera byatumye Semacwa yunguka imikino inyuranye atari azi)*

Gusubiza ibibazo bifasha abanyeshuri guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe. **Urugero:** Ese imikino ni ngombwa? Kubera iki? *(Yego. Imikino ni ngombwa kuko ituma dusabana n'abandi, twidagadura, tugira ubuzima bwiza.)*

Iyi nkuru ikwigishije iki? *(Iyi nkuru inyigishije ko ari byiza gutembera kuko wunguka ibyo utari uzi.)*

Imyitozo

Mu matsinda, abanyeshuri barajya impaka bungurane ibitekerezo ku mikino y'abana itakinwa n'abantu bakuru.

(Urugero rw'imikino yavugwa: ukwihishanya, gukina mabigibigi, gukina agatambaro,...)

Isuzuma

Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru "imikino n'imyidagaduro".

Urugero: Tanga urugero rw'inyamaswa y'indyabyatsi waba uzi? *(inyamaswa y'indyabyatsi ni nk 'inka)*

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gushushanya ibintu bakunze mu nkuru no guhuza amashusho n'ibivugwa mu nkuru.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane ndy

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **ndy**

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru
Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 205 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 200, 205.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza agakuru "Have sigaho" mu gitabo cy'umunyeshuri cyo gusoma buri munsi urupapuro rwa 200.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane ndy.

Gutahura igihekane ndy

- Umwarimu arereka abanyeshuri imfashanyigisho zifatika n'amashusho mfashanyigisho akababazaho ibibazo bibafasha gutahura ijambo ririmo igihekane **ndy.**

  Urugero: Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? *(indyankwi.)*

  Inka iri mu buhe bwoko bw'inyamaswa?*(Ni indyabyatsi.)*
- Umwarimu arayasubiramo umwarimu atsindagira ku gihekane **ndy**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko umugemo atsindagiraho ari **ndy.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **ndy** akandikwa ku kibaho
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo igihekane **ndy** akabasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise ahari igihekane **ndy**.

  Urugero: Twakoze inyamaswa zirimo indyabyatsi, indyanyama n'indyabyose.
- Umwarimu arandika ku kibaho, mu cyapa, amagambo n'interuro birimo igihekane **ndy** no kugaragaza, aho bishoboka, imigemo yose y'igihekane **ndy**.

  I**ndya**nkwi **Ndya**nabo i**ndyo** wi**ndya**mira i**ndya**nyama **ndye ndyu**meho, ...

  indyankwi, Ndyanabo, windyamira, indyanyama, ndye ndyumeho ...
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya kwerekana ahanditse igihekane **ndy** mu magambo ari ku kibaho
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ingombajwi zigize igihekane **ndy**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga Urugero z'amagambo agaragaramo imigemo yose y'igihekane **ndy** aho bishoboka.

  Urugero: ndye ndyamira indyarya indyoheshabirayi

Gusoma igihekane ndy.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri agace k'inkuru kiganjemo igihekane **ndy.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **ndy.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri ibindi bibazo bituma batanga andi magambo arimo imigemo inyuranye y'igihekane **ndy.**
- Umwarimu arandika ku kibaho amagambo yatahuwe.

  Urugero: indyo indyabyose indyanyama windyamira Ndyanabo

  indyo, indyabyose, indyanyama, windyamira, Ndyanabo . . .
- Umwarimu arasomera abanyeshuri ayo magambo.
- Gusaba abanyeshuri kuyasoma batsindagira ku gihekane **ndy**.

- Abanyeshuri barajya mu matsinda batange andi magambo n'interuro zirimo igihekane **ndy.**
- Umwatrimu arasaba abanyeshuri kuzisoma, umwumwe.

Imyitozo

Gusaba abanyeshuri gukora umwitozo wo gutahura no gusoma uri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 205.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma izi nteruro:

Kamana arya indyo yuzuye.

Abana barindwe indyarya.

Indyankwi bayita kandi indyabiti.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana andi magambo arimo igihekane **ndy,** bazayasomere bagenzi babo bagenzi babo mu isomo ritaha.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane ndy

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ndy** mu mukono.

Imfashanyigisho:
Amakarita yanditseho ibihekane.
Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 206, 208.

Intangiriro

- Umwarimu arabaza abanyeshuri igihekane baheruka kwiga (*ni igihekane* **ndy**.*)*
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga amagambo arimo ibihekane **ndy** agende ayandika ku kibaho.

Isomo rishya

Kwandika igihekane ndy

- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo amagambo arimo igihekane **ndy.**
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **ndy.**

(Amagambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **ndy** ni: indyo, windyamira, indyabyatsi, indyanyama, indyabyose.)

- Umwarimu arandika mu mukono, ku kibaho, amagambo abanyeshuri bavuze, bayitegereze.

indyo, windyamira, indyabyatsi, indyanyama, indyabyose.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **ndy** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.

- Uwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **ndy**.
- Abanyeshuri barigana uko bandika igihekane **ndy** mu mukono ku kibaho no mu makaye.

Umwitozo

Abanyeshuri baritoza kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **ndy**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 206.

Isuzuma

- Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zirimo amagambo arimo igihekane **ndy** n'ibindi bihekane bamaze kwiga bazandike mu makaye yabo.

Indyarya ihimwa n'indyamirizi.
Ntwari akinisha akaguru k'indyo kurusha ak'imoso.

- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bandika banoza neza anabakosore.

Umukoro

Abanyeshuri barahanga interuro bakoreshamo amagambo arimo igihekane **ndy** bazandike mu mukono mu makayi yabo.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane cw

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **cw**.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 206.

Imfashanyigisho:
Amakarita ariho ibihekane.

Intangiriro

Abanysehuri baratanga ingero z'amagambo arimo igihekane **cw**.

Isomo rishya: Gutahura no gusoma igihekane cw.

Gutahura igihekane cw

- Umwarimu arereka abanyeshuri imfashanyigisho zifatika n'amashusho akababazaho ibibazo bibafasha gutahura ijambo ririmo igihekane **cw.**

Urugero: Ni iki mubona ku ishusho iri mu gitabo mufite? *(Ndabona imicwira)*
Uyu ni nde? *(Uyu ni Semacwa)*
Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho atsindagira ku gihekane **cw.**

- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko umugemo atsindagiraho ari igihekane **cw.**
- Umwarimu arasomera abanyeshuri igice k'inkuru kiganjemo igihekane **cw** akabasaba gushyira urutoki hejuru cyangwa gukoma amashyi bumvise ahari igihekane **cw.**
  Urugero: iyo twamaraga kwihisha twaracwezaga…..
- Umwarimu arandika ku kibaho mu cyapa amagambo yatahuwe arimo igihekane **cw,** kigizwe n'imigemo y'inyajwi zishoboka.
  Urugero: Semacwa twaracwezaga imicwira mwo gacwa mwe.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana ku kibaho ahanditse igihekane **cw.**
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ingombajwi babona zigize igihekane **cw.**
- Abanyeshuri baratanga Urugero z'andi magambo yumvikanamo igihekane **cw.**
  umwarimu ayandike ku kibaho, abanyeshuri bagaragaze igihekane **cw**.
  Urugero:
  Nyagucwa, imicwira, twaracwezaga, icwende
- Abanyeshuri barasoma umwumwe aya magambo.

Imyitozo

- Abanyeshuri baratahura igihekane **cw** mu magambo ari ku kibaho bagikozaho urutoki.
- Abanyeshuri barasoma amagambo n'interuro birimo igihekane **cw** mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 206, bagikozaho urutoki.
- Guhera ku nkuru no ku mashusho abanyeshuri bagatanga Urugero z'amagambo n'interuro birimo igihekane **cw.**

Urugero: Semacwa twaracwezaga imicwira
- Umwarimu arayandika ku kibaho abanyeshuri bayasome.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye amagambo yanditswe ku kibaho.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora interuro zoroshye bakoresheje amagambo bamaze gusoma, bakazandika ku kibaho.
- **Urugero**: Semacwa yahira imicwira y'inyana.
- Abanyeshuri barasoma izo nteruro mu ijwi riranguruye.

Isuzuma

- Abanyeshuri barasoma amagambo n'interuro bikurikira:
  Urugero: icwende nyagucwa gucwedeka,…
  Semacwa yanze gucweza kubera imicwira ye bonesheje.

Umukoro

Abanyeshuri barasoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 208 no gutahuramo amagambo arimo ibihekane **ndy** na **cw.**

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane cw

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane **cw**

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 206.

Imfashanyigisho:
Amakarita y'ibihekane.

Intangiriro

- Umwarimu arasomesha abanyeshuri amagambo arimo igihekane **cw**.
- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize arimo igihekane **cw**.
- **Urugero:** Ni ayahe magambo twabonye mu nkuru arimo igihekane **cw**? (Amagambo arimo igihekane twabonye mu nkuru ni aya: imicwira Semacwa twaracwezaga, …)
- Umwarimu arandika ayo magambo ku kibaho mu mukono.
  Urugero: imicwira Semacwa twaracwezaga
- Umwarimu arasaba abanyeshuri guca akarongo ku gihekane **cw** mu magambo ari ku kibaho.
- Gufasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **cw**.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko igihekane **cw** cyanditswe ku makarita y'ibihekane.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **cw** mu mukono.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa ku gihekane **cw** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero: Nyagucwa yagiye kwahira imicwira yo guha inyana.

Imyitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika amagambo n'interuro mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 206.

Isuzuma

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika interuro zirimo ingombajwi ibihekane **cw** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 206.

Umukoro

Abanyeshuri barandikira abo babana, mu mukono, nibura amagambo atatu arimo igihekane **cw**.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:

- Kumva no gusobanura agakuru karimo ibihekane **ndy** na **cw**.
- Gusoma amagambo n'interuro birimo ibihekane **ndy** na **cw.**
- Gukora icyandikwa ku bihekane **ndy** na **cw.**

Ibitabo:

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 207.

Intangiriro

Abanyeshuri barakina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **ndy** na **cw**. Barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo ndy na cw mu gakuru "Dukunda gukina"

- Abanyeshuri baritegereza amashusho y'agakuru bagerageze gutahura icyo kari buvugeho.
- Abanyeshuri barasoma umwumwe, agakuru "Dukunda gukina" kari ku rupapuro rwa 209, akazu ku kazu, umwarimu agende akurikirana uko basoma kandi abakosora aho batasomye neza.
- Abanyeshuri barasubiza ibibazo byo kumva agakuru.

Urugero: Ni ibihe bikoresho by'imikino muzi gukora? (*Tuzi kubanga umupira mu birere n'imigozi, tuzi kuboha umugozi wo gusimbuka mu birere.)*

Ni iki wakunze muri aka gakuru? Kubera iki? *(Nakunze ko abarezi badufasha abanyeshuri gukina no kwidagadura. Bifasha abanyeshuri kumenya amoko y'imikino inyuranye.)*

- Abanyeshuri baratanga interuro zo mu gakuru ziganjemo **ndy** na **cw** abanyeshuri bazisome batsindagira ku bihekane **ndy** na **cw.**

Urugero:

Dutwara agakoni mu kaboko k'i**ndyo**.Turabanza tuga**cwe**za, tukumva amabwiriza y'umukino.

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane ndy, cw mu mukono

- Gusaba abanyeshuri kuzuza interuro ikurikira yo mu gakuru:

  Imikino nzi gukina ni ……(karere, agati, agatambaro,...)
- Kwandika uduteruro tugufi tujyanye n'agakuru.

Urugero:

Dukina mabigibigi tugenda tubusanya ukuguru kw'indyo n'imoso.

Iyo duteze amatwi amabwiriza turacweza tukaruca tukarumira.

Gukora icyandikwa

Umwarimu arasoma amagambo n'interuro bikurikira babyandike mu makaye yabo mu mukono: Umwarimu arasoma ijambo cyangwa interuro inshuro ya mbere abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma ayisubiremo bwa kabiri bayandike mu makaye yabo.

Urugero:

indyarya

indyamirizi

indyo

Ntwari yandyamiye nabi sinacweza ndasakuza.
Yonesheje imicwira yange ndyumaho ndamwihorera.

Umukoro

- Gusomera abo babana agakuru "Dukunda gukina".
- Gukora umwitozo, mu makaye yabo, wo kwandika mu mukono interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 207.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **ndy** na **cw**

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 208 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 208, 209.

Intangiriro

Gukina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **ndy** na **cw**.

Urugero

Indyanyama, Nyagucwa, imicwira, icwende.

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Gushyira abanyeshuri mu byiciro ukurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abashyira mu matsinda akabaha imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma amagambo arimo ibihekane **ndy** na **cw** n'ibindi bihekane bize.

Urugero:

- Kuvangavanga amagambo arimo ibihekane **ndy** na **cw** abanyeshuri bafite ibibazo mu gusoma, umwumwe, bakayasoma mu ijwi riranguruye.

Urugero:

Indyo gucweza imicwira indyanyama icwende

- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma interuro zanditse mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 208.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero: inyana, Nyagucwa, indyohesahabirayi.

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika interuro.

Urugero:

Semacwa ararya indyo yuzuye.

Ntwari ni umunyeshuri uzi gushushanya indyanyama.

Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu abaha interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika hanyuma bagasoma agakuru "**Dukunda gukina**." kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 209.

Urugero:

Isuzuma

Gukora imyitozo yo gusoma no kwandika mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **ndy** na **cw,** ku rupapuro rwa 207.

Umukoro

Abanyeshuri barasomera abo mu rugo agakuru "Dukunda gukina'.' Kwandika mu mukono amagambo arimo ibihekane **ndy** na **cw**.

IBIHEKANE BYIGWA: nshy, nty

Isomo rya 1 Gusoma no kumva inkuru "Twirinde indwara"

Intego:
- Gusubiza ibibazo ku mwandiko basomewe.
- Gukoresha neza amagambo mashya bungukiye mu nkuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 213 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 218.

Inyunguramagambo:
Icyorezo k'indwara, kuremba, zishishe, intungamubiri.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma agakuru "Dukunda gukina" mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 218.

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Twirinde indwara"

- Umwarimu arereka amashusho ajyanye n'inkuru anababaze ibibazo byo gutahura ibyo inkuru iri buvugeho.
  Urugero:
  Murabona iki kuri iyi ishusho? *(Ndabona inyamaswa nyinshi zinyuranye zirambaraye mu ishyamba zisa n'izirwaye.)* Murakeka ko iyi nkuru iri buvuge ku ki? *(Inkuru iri buvuge ku nyamaswa zirwaye.)*
- Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye ubereka amashusho bijyanye.

Gusobanura amwe mu magambo mashya.

- Umwarimu asoma igika ku gika, abanyeshuri bakagaragaza amagambo mashya bumvise, umwarimu akayandika ku kibaho.
- Umwarimu asaba abanyeshuri kuyasobanurirana bari mu matsinda akabafasha kunononsora ibisobanuro.
  Urugero:
  Icyorezo k'indwara: indwara yaduka ikandurwa n'abantu benshi kandi ikabahitana.
  Kuremba: kurwara cyane.
  Intungamubiri: Ibitunga umubiri biboneka mu biribwa no mu binyobwa.
  Zishishe: zibyibushye.

Ibibazo rusange byo kumva inkuru

Abanyeshuri barasubiza ibibazo ku nkuru. Umwarimu aragenda abaza ibibazo babisubize mu mvugo, uvuze igisubizo kitari cyo bamukosore

Urugero: Mu ntangiriro y'inkuru, ni iki kivugwa cyabaye mu ishyamba rya Ntyazo? *(Hateye icyorezo k'indwara zidasanzwe.)* Intare umwami w'ishyamba yahamagaye abajyanama bayo ngo bakore iki?

(Yarabahamagaye ngo bashake umuti w'icyo cyorezo.)

Imyitozo

- Mu matsinda, abanyeshuri baraganira ku byo bumvise mu nkuru bijyanye no kwirinda indwara.
- Abanyeshuri barasangiza abandi ibyavuye mu matsinda umwarimu bashimangire ibivugwa mu nkuru bijyanye no kwirinda indwara.
- Abanyeshuri barakoresha amagambo mashya mu nteruro.

  Urugero:

  Icyorezo k'indwara: Iyo hateye icyorezo k'indwara, bakingira abantu bose.

  Kuremba: Hateye icyorezo mu ishyamba inyamaswa zose zirarwara ziraremba.

Isuzuma

- Umwarimu arabaza ibindi bibazo ku nkuru "Twirinde indwara"

  Urugero: Ni iyihe nyamaswa yari inshyomotsi? *(Ni uruvu.)* Mu mpera y'inkuru, intare yategetse ko inyamaswa zigomba kurya ibiryo bimeze bite? *(Ibiryo birimo intungamubiri byiganjemo imbuto n'imboga.)*
- Abanyeshuri barakoresha mu nteruro amwe mu magambo mashya yasobanuwe.

  Urugero: **Zishishe** (Intare yabonye inyamaswa zo mu yandi mashyamba zishishe.)

  Icyorezo k'indwara: (Duhora twirinda icyorezo k'indwara.)

Umukoro

Umwarimu asaba abanyeshuri kugerageza gushaka irindi herezo ry'inkuru "Twirinde indwara" bakazaribwira bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 2 — Gusesengura inkuru "Twirinde indwara"

Intego:

- Gusubiza ibibazo byimbitse ku nkuru.
- Guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho:

Amashusho ajyanye n'inkuru

Ibitabo:

Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 213 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 218.

Intangiriro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kubwira abandi irindi herezo ry'inkuru "Twirinde indwara" babonye.
- Umwarimu arongera kwereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru "Twirinde indwara" bagende batanga igitekerezo kivugwa mu nkuru bijyanye.

  Urugero: Ishusho ya kabiri: *(Intare umwami w'ishyamba yahamagaye abajyanama bayo ngo bafatanye gushaka umuti w'icyorezo.)*

  Ishusho ya munani: *(Inyamaswa zose zitangira gushyira mu bikorwa amategeko intare umwami w'ishyamba yatanze, zitangira kumererwa neza.)*

Isomo rishya

Gusoma inkuru: "Twirinde indwara"

Umwarimu arongera gusomera abanyeshuri inkuru yose mu ijwi riranguruye.

Ibibazo byo gusesengura inkuru

Ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo kumva inkuru ku buryo bwimbitse.

Urugero: Inyamaswa zikurikije amategeko intare yazihaye byagenze bite? *(Inyamaswa zarashishe, zirishima ntizongera kurwara.)* Ni ibihe bintu bishobora gutera abantu indwara? *(Kurya nabi, kugira umwanda, kunywa ibiyobyabwenge,)* Wowe ni iki ukora ngo urusheho kugira ubuzima bwiza

cyangwa ngo wirinde indwara? *(Nkora siporo, ndya indyo yuzuye, nkaraba mbere yo kurya,...)* Ni iki mukora iyo murwaye? *(Twihutira kujya kwa muganga kwivuza..)*

Ibibazo byo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibafasha guhuza ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe.

Urugero: Ese hari icyo mu muryango wawe mukora ngo mwirinde indwara? *(Iwacu dufungura indyo yuzuye buri munsi, twese twiyuhagira buri munsi,...)* Hari ikindi wungukiye mu nkuru wasaba abo mubana kujya mukora? *(Ibisubizo binyuranye: Gukora imyitozo ngororamubiri, kuruhuka bihagije.)* Ni iyihe nama wagira umuntu urwaye? *(Namugira inama yo kwihutira kujya kwa muganga.)*

Imyitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuganira mu matsinda ku byo bakora mu miryango yabo ngo birinde indwara.
- Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bari gukorera mu matsinda.
- Abanyeshuri baragaragariza abandi ibyo bagezeho mu matsinda yabo.

Isuzuma

Abanyeshuri basubiza ibindi bibazo ku nkuru.

Urugero: Intare ibonye ko inyamaswa zikomeje kuremba yakoze iki? *(Yohereje inyamaswa zose kujya kureba uko inyamaswa zo mu yandi mashyamba zibayeho kuko yari yarabonye zishishe.)* Ese inyamaswa zazanye uwuhe muti? *(Buri nyamaswa yagarutse ivuga uko izo yabonye zibayeho neza, maze zose ziyemeza kuzigana na zo zimererwa neza.)*

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gushushanya igice k'inkuru bakunze no kuzasobanurira bagenzi babo mu ishuri icyo gishushanyo agihuza n'inkuru.

Isomo rya 3 Gutahura no gusoma igihekane nshy

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nshy**.
Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'amakarita y'ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 213 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 214.

Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma neza kandi vuba agakuru "Dukunda gukina" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 209.

Isomo rishya

Gutahura igihekane nshy

- Mwarimu arerekana amashusho abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **nshy**. **Urugero**: Murabona iki? *(Ndabona i**nshy**ushyu.)*
- Umwarimu arerekana imfashanyigisho zifatika ababaze icyo babona. **Urugero**: Iki ni iki? *(Ni i**nshy**imbo.)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: i**nshy**ushyu, i**nshy**imbo i**nshy**ushyu**, inshy**imbo.
- Umwarimu arasoma amagambo yanditse ku kibaho, atsindagira ku gihekane **nshy**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko igihekane atsindagiraho ari igihekane **nshy.**
- Umwarimu arabasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **nshy** no gusaba abanyeshuri kuvuga

ijambo bumvise ririmo igihekane **nshy**.

- Abanyeshuri baragenda bavuga amagambo arimo igihekane **nshy** bumvise mu nkuru, umwarimu ayandike ku kibaho mu cyapa.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo igihekane **nshy** ayandike ku kibaho mu cyapa (**nshya**, **nshyu**shye, **nshye**, **nshyi**rira,…)
- Abanyeshuri baratanga andi magambo bazi arimo igihekane **nshy**, bagerageza kubona imigemo igizwe n'inyajwi zitandukanye, umwarimu ayandike ku kibaho, hanyuma asabe abanyeshuri kugaragaza iyo migemo.

  Urugero: in**shyi**mbo, i**nshyo**motsi, u**nshyu**hirize, ya**nshye**ngeye, i**nshya**nutsi.

Gusoma amagambo arimo igihekane nshy.

- Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero, amagambo arimo igihekane **nshy** yanditse ku kibaho, abanyeshuri bagende basubiramo, bose hamwe, umwumwe, cyangwa mu matsinda bicayemo.

  Urugero: unshyuhirize, sinshyomoka, munshyirire.
- Abanyeshuri barakora interuro zoroshye, bari mu matsinda, bakoresheje amagambo bamaze gusoma.
- Umwarimu arandika izo interuro ku kibaho mu cyapa.

  Urugero: Iyo nganira n'abandi, sinshyomoka.

  Munshyirire iyo nshyushyu.
- Abanyeshuri baravuga izo nteruro, umwumwe, mu matsinda bicayemo.

Umwitozo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo gusoma uri mu gitabo cy'umunyeshuri cyo gusoma, urupapuro rwa 214.

Isuzuma

Abanyeshuri barasoma, umwumwe, amagambo n'interuro.

Urugero: Yanshyuhirije, winshyashyariza, nshyirira iyi nshyushyu abana.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubaza abo babana andi magambo arimo igihekane n**shy** bakazayabwira bagenzi babo mu ishuri.

Isomo rya 4 Kwandika mu mukono igihekane nshy

Intego:
Kwandika amagambo arimo igihekane n**shy.**

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'amakarita y'ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 213 n'igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 215.

Intangiriro

Abanyeshuri baradsoma agakuru "Dukunda gukina." neza kandi vuba

Isomo rishya

Kwandika mu mukono igihekane nshy.

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize n'andi bazi arimo ibihekane **nshy.**

Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **nshy**?

(Amagambo twabonye arimo igihehane **nshy** ni aya: inshyomotsi, inshyushyu,…)
Umwarimu arandika ayo magambo abanyeshuri bavuze, ku kibaho, mu mukono abanyeshuri bayitegereza.

inshyushyu, inshyomotsi, umunshyirire

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **nshy** bagicaho akarongo aho cyanditse mu magambo.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **nshy**.
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko igihekane **nshy** cyanditswe ku makarita y'ibihekane.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **nshy** mu mukono.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri guca akarongo ku gihekane **nshy** mu magambo ari ku kibaho.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa, mu mukono, ku gihekane **nshy** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

  Urugero: Busyete ni umusyi mwiza, kuko asya amasaka neza kandi vuba.

Umwitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono, interuro zirimo igihekane **nshy.**

Urugero:

Nshyuhiriza iyo nshyushyu nyihe umwana.

Inshyimbo ye ni ndende.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **nshy** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 215.

Umukoro

Kwandikira abo babana mu mukono amagambo atanu arimo igihekane **nshy** bakazagaragazamu ishuri amagambo banditse.

Isomo rya 5 Gutahura no gusoma igihekane nty

Intego:
Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nty**.
Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'amakarita y'ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 213 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 215.

Isomo rishya

Gutahura igihekane nty

- Umwarimu arerekana amashusho, abaze ibibazo bifite ibisubizo bifasha abanyeshuri gutahura igihekane **nty**. **Urugero**: Iki ni iki? *(Ni intyabire)*
- Umwarimu arandika ibisubizo ku kibaho mu cyapa: ntyariza.
- Umwarimu arasoma amagambo ku kibaho atsindagira ku gihekane **nty**.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura ko igihekane atsindagiraho ari igihekane **nty.**
- Kubasomera igice k'inkuru kirimo igihekane **nty** akabasaba abanyeshuri gutahura no kuvuga ijambo bumvise ririmo igihekane **nty.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri gutanga andi magambo bazi arimo igihekane **nty**.
- Umwarimu arayandika ku kibaho abanyeshuri bakerekana, aho bishoboka, imigemo yose y'icyo

gihekane. **Urugero: ntya**, i**ntyo**za, …

Gusoma igihekane nty

- Umwarimu arasomera abanyeshuri agace k'inkuru kiganjemo igihekane **nty.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga amagambo bumvise mu nkuru arimo igihekane **nty.**
- Kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bituma batanga andi magambo arimo imigemo inyuranye y'igihekane **nty.**
- Umwarimu yandika ku kibaho mu cyapa, amagambo n'interuro byatahuwe.
  Urugero:
  Ntyazo ntyariza intyoza ntyo.
  Nyirantyoza azi kwirinda indwara.
  Iyo ntyaza icyuma nkora ntyo.
- Umwarimu arasomera abanyeshuri ayo magambo arimo igihekane **nty** atsindagira igihekane rishya.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuyasoma batsindagira ku gihekane **nty**.
- Abanyeshuri barajya mu matsinda bagatanga andi magambo n'interuro zirimo igihekane **nty**.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzisoma umwumwe.

Umwitozo

- Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane **nty** mu gitabo cy'umunyesuri, urupapuro rwa 215.

Isuzuma

Abanyeshuri barashaka andi magambo arimo imigemo yose y'igihekane **nty.**
Urugero: ntya, intyoza, intyabire..

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuza gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri cyo gusoma buri munsi no gutahuramo amagambo arimo ibihekane **nshy** na **nty.**

Isomo rya 6 Kwandika mu mukono igihekane nty

Intego:
Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane n**ty.**

Imfashanyigisho:
Amashusho ajyanye n'inkuru n'amakarita y'ibihekane.

Ibitabo:
Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 215.

Intangiriro

Abanyeshuri barasoma agakuru "Dukunda gukina" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 209.

Isomo rishya

Kwandika igihekane nty mu mukono.

- Umwarimu arabaza abanyeshuri amagambo babonye mu nkuru bize n'andi bazi arimo igihekane **nty.**
  Urugero: Ni ayahe magambo twabonye arimo igihekane **nty**?*(Amagambo twabonye arimo igihehane **nty** ni aya: intyoza, ntyariza, Ntyazo…)*
- Umwarimu arandika amagambo abanyeshuri bavuze, ku kibaho, mu mukono abanyeshuri bayitegereza.

  intyoza, ntyariza, Ntyazo
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwerekana igihekane **nty** bagicaho akarongo aho cyanditse mu

magambo.

- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura inyuguti zigize igihekane **nty.**
- Umwarimu arereka abanyeshuri uko igihekane **nty** cyanditswe ku makarita y'ibihekane.
- Umwarimu arafasha abanyeshuri kwigana uko bandika igihekane **nty** mu mukono.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri guca akarongo ku gihekane **nty** mu magambo ari ku kibaho.
- Abanyeshuri barakora icyandikwa, mu mukono, ku gihekane **nty** mu nteruro igizwe n'inyuguti n'ibihekane bamaze kwiga.

Urugero: Ntyariza iyo suka nge guhinga i Ntyazo. Nyirantyoza akunda intyabire.

Umwitozo

Abanyeshuri barakora umwitozo wo kwandika mu mukono amagambo n'interuro birimo igihekane **nty**.

Urugero: Ntyazo, ntyariza, ntyo, intyabire
Nyirantyoza yagiye mu ishyamba rya Ntyazo ahabona intyabire.

Isuzuma

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika interuro zirimo igihekane **nty** mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 216.

Umukoro

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandikira abo babana amagambo atanu arimo igihekane **nty** mu mukono bakazagaragazamu ishuri amagambo banditse.

Isomo rya 7 Imyitozo y'isuzumabushobozi

Intego:

- Kumva no gusobanura agakuru karimo ibihekane **nshy** na **nty.**
- Kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nshy** na **nty.**
- Gukora icyandikwa ku gakuru.

Imfashanyigisho:
Amashusho yo mu gitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.
Ibitabo:
Igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 213 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 216.

Intangiriro

Abanyeshuri barakina umukino wa Buzz ku magambo arimo ibihekane **nshy** na **nty**. Barajya basoma amagambo umwarimu akojejeho agakoni.

Urugero: Nyirantyoza yantyarije isuka. Nteka intyabire ntya.

Isomo rishya

Imyitozo yo gusoma amagambo arimo ibihekane nshy na nty mu gakuru "Tuzi kwirinda indwara"

- Umwarimu arafasha abanyeshuri gutahura icyo agakuru "Tuzi kwirinda indwara" kari buvugeho bahereye ku mashusho.
- Umwarimu arasaba abanyeshuri, umwe umwe, gusoma bucece agakuru kose.
- Abanyeshuri, umwumwe, mu ijwi riranguruye, barasoma agakuru kose, akazu ku kazu, bagenda bakoza urutoki ku ijambo.
- Abanyeshuri barasubiza ibibazo byo kumva agakuru.

Urugero: Wowe, wirinda indwara ute? (*Nirinda marariya ndara mu nzitiramibu iteyemo umuti, Nkaraba intoki burigihe uko mvuye ku musarani nirinda mikorobi zituruka ku mwanda, ndya indyo yuzuye kugira ngo nirinde indwara zituruka ku mirire mibi*)

Iyo urwaye ugomba gukora iki? (*Kwihutira kujya kwa muganga*)

- Abanyeshuri baratanga interuro zo mu gakuru ziganjemo **nshy** na **nty** abanyeshuri bakazisoma batsindagira ibyo bihekane.

Urugero: Tunywa amazi, inshyushyu n'imitobe bisukuye.

Turya ibiribwa birimo imboga, intyabire n'imbuto.

Imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane nshy na **nty mu mukono.**

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kwandika amagambo yo mu gakuru " Tuzi kwirinda indwara" arimo ibihekane **nshy** na **nty.**
- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuzuza interuro yo mu gakuru: Kurara mu nzitiramibu.....
- Umwarimu aratanga icyandikwa cy'amagambo n'interuro zo mu gakuru.
- Umwarimu arakosora buri munyeshuri kandi afashe abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Urugero: Ntyoza yanyoye inshyushyu arya n'ibiryo birimo intyabire.

Umukoro

Abanyeshuri barashaka mu gakuru "Tuzi kwirinda indwara" amagambo yose arimo ibihekane **nshy** na **nty**, mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 218.

Isomo rya 8 Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Intego:
Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane **nshy** na **nty.**

Ibitabo:
Igitabo k'inkuru, urupapuro rwa 213 n'igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 216.

Intangiriro

- Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga amagambo batahuye mu gakuru arimo ibihekane **nshy** na **nty.**
- Gusoma neza agakuru "Tuzi kwirinda indwara".

Isomo rishya

Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri

- Umwarimu arashyira abanyeshuri mu byiciro akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu arabashyira mu matsinda abahe imyitozo ijyanye n'ubufasha bakeneye.

Imyitozo y'ishimangirabushobozi

Ku bafite ikibazo cyo gusoma, umwarimu abaha umwitozo wo gutahura no gusoma mu cyapa amagambo arimo ibihekane **nshy** na **nty** n'ibindi bihekane bize.

Urugero: inshyimbo inshyushyu nshyirira intyoza intyabire ntyo

- Umwarimu arasaba abo banyeshuri gusoma agakuru kari mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 217.

Ku bafite ikibazo mu kwandika, umwarimu abaha amagambo agizwe n'ibihekane bize akabafasha kwigana kuyandika mu mukono.

Urugero:

unshyirire, intyabire, inshyushyu

- Umwarimu arasaba abo banyeshuri kwandika interuro.
  Urugero:
  Nshyuhiriza izo ntyabire. Ntaganzwa na Nkwakuzi bari kunywa inshyushyu.
- Ku badafite ibibazo mu gusoma no kwandika, umwarimu ababwira gusoma, umwumwe, agakuru "Tuzi kwirinda indwara".
- Umwarimu aha abo banyeshuri interuro zigizwe n'inyuguti n'ibihekane bize bakazandika.
  Urugero: Si byiza kuba inshyomotsi. Tugomba kurangwa n'ikinyabupfura.

Isuzuma

Umwarimu arakora imyitozo yo gusoma no kwandika iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ahari ibihekane **nshy** na **nty,** urupapuro rwa 216-217.

ISUZUMABUSHOZI RISOZA UMUTWE WA 8

I. **Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no kuvuga (Amasomo 2)**

1. **Ingingo ngenderwaho**
   - Gusubiza ibibazo byo kumva no gusobanukirwa inkuru.
   - Gusobanura amagambo mashya no kuyakoresha mu nteruro.
2. **Ibikoresho bikenerwa mu isuzuma**: Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri.

3. **Amabwiriza**
   - Umwarimu arasoma inkuru aranguruye ijwi.
   - Umwarimu arabaza abibazo binyuranye ku nkuru.
   - Umwarimu aribanda ku bafite ibibazo byihariye mu myigire.

4. **Imyitozo yo kumva inkuru**

Gutega amatwi inkuru "Mfite ubuzima bwiza"

Mfite ubuzima bwiza

Nitwa Gasore, mfite imyaka umunani, niga mu mwaka wa kabiri. Abantu bose barantangarira kuko mfite igikuriro. Ababyeyi bange bampa **indyo** yuzuye. Bampa umwanya wo gukina no kwidagadura. Ibyo bituma ngira umubiri mwiza n'amagufwa akomeye.

Iyo ngeze mu kibuga, **nshyirwa** imbere, bityo ngatinyura bagenzi bange. Mu kuvuga ndi **intyoza**, namenyereye guhabwa ijambo iwacu, ndishyira nkizana.

Nkunda gufasha ababyeyi, imirimo yo mu rugo. Iyo ifu y'imyumbati yashize, bantuma ku cyuma **gisya** ngashesha, nuko ngataha nihuse. Ubushize nanyuze ku ngurube **zadwangadwanze** amazi, ndebye uko zivuruguse ndatangara. Mbega ukuntu zari zifite umwanda? Narazihunze ndiruka nigira gukina agapira.

Ngeze mu kibuga mpasanga umwana ufite imisatsi y'**injwiri**, mwegereye mbona arasa nabi, ijisho ryatukuye. Naketse ko anywa ibiyobyabwenge, nuko **ndacweza** mugendera kure ngo atankubita. Hashize akanya ndatekereza, niha akanyabugabo ndamwegera, ntangira kumuvugisha. Turaganira arankundira, menya ko ari umwana wo mu muhanda, utagira umuntu umwitaho. Namugiriye inama yo kwisubiraho, aranyemerera, mujyana iwacu. Ababyeyi bange baramwakira, bamwogosha **injwiri** yari afite baramwuhagira, bamwambika imyenda myiza isukuye.

Bamusubiza mu ishuri, ubu ariga neza kandi agira umurava. Kubera ubuzima yanyuzemo, aba uwa mbere mu gukumira no kurinda abandi ibiyobyabwenge. Ubu twese dufite ubuzima buzira umuze.

Gusubiza ibibazo ku nkuru

Muri iyi nkuru haravugwamo ba nde? *(Haravugwamo Gasore n'umwana wo mu muhanda.)* Kuki Gasore afite igikuriro? *(Ni uko ababyeyi be bamugaburira indyo yuzuye.)* Ni iyihe mirimo Gasore afashamo ababyeyi be? (*Abafasha kujya gushesha imyumbati ku cyuma gisya.)* Umuntu udasanzwe Gasore yabonye ku kibuga bakiniraho akamutera ubwoba ni nde? *(Yabonye umwana wo mu muhanda.)* Mu nkuru bavuga ko yari ameze ate? *(Yasaga nabi, afite imisatsi y'injwiri n'ijisho ritukuye.) Gasore amubonye yaketse iki?* (Yaketse ko yaba anywa ibiyobyabwenge.) Yabyifashemo ate? (Gasore yagize ubwoba, aracweza maze amugendera kure.*) Nyuma yabigenje ate?* (Yishyizemo akanyabugabo, aramuganiriza, amugira inama.) Mu rwego rwo kumufasha Gasore yabigenje ate? *(Yamujyanye mu rugo rw'iwabo baramwakira.)* Bamukoreye iki? *(Bamwogoshe injwiri, baramwuhagira, baramwambika, bamusubiza no mu ishuri.)* Umwana wakiriwe amaze gusubira mu murongo yakoze ikihe gikorwa? *(Yabaye uwa mbere mu gukumira no kurinda abandi ibiyobyabwenge.)*

Gusobanura amagambo mashya mu nkuru no kuyakoresha mu nteruro.

Injwiri: udusatsi dukomeye tudasokoreka. (Abana batamesa mu misatsi ntibayiteho bakunze kugira injwiri.)

Kudwangadwanga: gutoba. (Ingurube iyo zigeze mu mazi zirayadwangadwanga)

Gucweza: Guceceka. (Iyo abana bageze mu bwihisho baracweza, bakaruca bakarumira.)

5. **Ikosora**

Muri iyi myitozo, umwarimu akosora abanyeshuri bagaragaje ibibazo byihariye mu gusubiza. Aho umunyeshuri adasubije neza ikibazo ku nkuru, umwarimu asaba undi kugisubiza.
Umwarimu agaruka kuri wa wundi akamubaza ikindi areba ko yabyumvise.
Umwarimu ashishikariza abanyeshuri bafite ibibazo kurusha abandi gutinyuka kuvuga abasomera ibice by'inkuru bize akababazaho ibibazo.

II. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo gusoma (Amasomo 3)

1. Ingingo ngenderwaho

Gusoma amagambo, interuro n'udukuru turimo ibihekane byizwe.

2. **Ibikoresho bikenerwa**: Igitabo cy'umunyeshuri.

3. **Amabwiriza**

- Umwarimu arayobora abanyeshuri mu myitozo inyuranye yo gusoma amagambo, interuro n'udukuru birimo inyuguti n'ibihekane byizwe.
- Umwarimu arandika amagambo n'interuro ku kibaho. Arasaba abanyeshuri gusoma, umwumwe, ijambo n'interuro akojejeho agakoni. Umwarimu arabashishikariza gusoma batagemura kandi abasomeshe amagambo n'interuro beretswe n'umwarimu kugira ngo arinde abanyeshuri bamwe na bamwe gusoma ibyo bafashe mu mutwe gusa.
- Umwarimu arasomesha buri munyeshuri yita cyanecyane ku banyeshuri bagifite ibibazo mu gusoma. Arajya abasubirishamo kenshi kugira ngo na bo bagere ku rwego rwiza rwo gusoma.
- Mu gusomesha agakuru, umwarimu arasaba abanyeshuri gufata, buri wese, igitabo ke ku rupapuro rwa 218, ahari agakuru "Tuzi kwirinda indwara."
- Umwarimu arabasomera agakuru aranguruye abanyeshuri bateze amatwi.
- Abanyeshuri barahabwa umwanya wo gusoma, umwumwe, baranguruye. Umwe arajya asoma nk'interuro ebyiri, undi akomerezeho, gutyogutyo, ku buryo abanyeshuri benshi bahabwa amahirwe yo gusoma.

- Ikosora rirajya rikorwa ako kanya.

4. Imyitozo yo gusoma

a) Gusoma amagambo yanditse ku kibaho mu cyapa.

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwumwe aya magambo:

- Injwiri kudwinga amanjwe madwedwe
- Urusyo igifwana amusyi igifwera
- Indyankwi icwende indyarya imicwira
- Inshyushyu intyoza inshyimbo intyabire

Gusoma interuro zanditse ku kibaho.

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwumwe izi nteruro:

b)
- Ishati idodwa n'abadozi b'abahanga.
- Abana ba Nyangwenge bafite imisatsi y'injwiri.
- Igifwera gikundana n'akanyamasyo.
- Nyogokuru afite ubuhanga mu gusya amasaka.
- Ndyanabo azi gushushanya indyanyama.
- Ntyariza icyo cyuma neza ngiye gukata inyama.
- Nanyoye inshyushyu cyane mu buto bwange.

a) **Gusoma agakuru "Tuzi kwirinda indwara" mu gitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 218.**
- Gusomera abanyeshuri uranguruye nyuma na bo bakisomera baranguruye.
- Gusomesha abanyeshuri benshi bashoboka, umwarimu yibanda ku banyeshuri bagifite ibibazo.

1. Ikosora

- Ikosora mu gusoma rikorwa ako kanya: Umunyeshuri akosorwa na bagenzi be ariko umwarimu agomba guhozaho mu gutanga urugero rwo gusoma neza aranguruye ijwi kugira ngo afashe umunyeshuri wagaragaje ikibazo.
- Umwarimu yibanda cyane kuri ba banyeshuri bagaragaje ikibazo abaha amahirwe yo gukomeza kwitoza gusoma.

III. Imyitozo yo gusuzuma ubushobozi bwo kwandika (Amasomo 3)

1. **Ingingo ngenderwaho:**

   Kwandika amagambo n'interuro byoroheje birimo inyuguti zizwe.

2. **Ibikoresho bikenewe**: Igitabo cy'umunyeshuri.
3. **Amabwiriza**

- Umwarimu atanga imyitozo inyuranye: guhuza ibice by'amagambo hanyuma bakandika mu makayi yabo amagambo babonye, kuvangura imigemo bagakora amagambo nyuma bakayandika mu makayi yabo, guhitamo amagambo aboneye bakuzuza mu nteruro maze bakazandika, kuvangura amagambo bagakora interuro, gukora icyandikwa.
- Mu gihe abanyeshuri bakora imyitozo, umwarimu agenda mu ishuri afasha abafite ingorane mu gukora imyitozo.
- Ikosora rusange ribera ku kibaho, abanyeshuri, umwumwe, baza kwandika amagambo n'interuro

babonye nyuma bakandika ibisubizo mu makayi yabo.

- Ku mwitozo wo gukora icyandikwa, umwarimu asaba abanyeshuri gufata amakayi yabo n'amakaramu. Abamenyesha ko agiye kubaha icyandikwa, akabasaba gutega amatwi neza, no gutangira kwandika abahaye uburenganzira. Asoma interuro ngufi inshuro ebyiri, noneho agasaba abanyeshuri, buri wese, kwandika mu ikayi ye. Arakomeza atyo no ku zindi nteruro.
- Ikosora rirakorerwa ku kibaho. Umwarimu arandika interuro ku kibaho asabe buri munyeshuri gukosora aho yanditse nabi. Aragenda agenzura ko ikosorwa rikorwa neza.

4. **Imyitozo yo kwandika**

1. **Curukura imigemo ukore amagambo hanyuma uyandike mu mukono.**

Umwarimu araha abanyeshuri imyitozo ikurikira bayikore umwumwe, abakosore.

1) mbo- nshyi- I. 2) nkwi-ndya-I. 3) nde-I-cwe 4) syo- A- ma- ka- nya.

5) ra-fwe-gi-I. 6) za-ntyo-I. 7) dwa- da- Ku-ga. 8) ri-I-njwi.

Ibisubizo: (Inshyimbo, indyankwi,icwende, akanyamasyo, igifwera, intyoza, kudagadwa, injwiri.

Indi myitozo urayisanga mu gitabo cy'umunyeshuri.

2. **Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

(injwiri, icwende, Indyarya, irayisyonyagura, Indyarya, nshyuhiriza, intyoza, riramudwinga.)

- Maze kuba_____mu kuvuga Ikinyarwanda. (Maze kuba intyoza mu kuvuga ikinyarwanda.)
- _____ ihimwa n'indyamirizi. (Indyarya ihimwa n'indyamirizi.)
- Mfite imbeho _____ amazi nkarabe. (Mfite imbeho nshyuhiriza amazi nkarabe.)
- Imodoka yagonze imbwa _____. (Imodoka yagonze imbwa irayisyonyagura.)
- _____ rya Nyogokuru ryaramenetse. (Icwende rya Nyogokuru ryaramenetse.)
- Nahuye n' _____kigenda gikururuka. (Nahuye n'igifwera kigenda gikururuka.)
- Afite imisatsi y' _____ iruhije gusokoza. (Afite imisatsi y'injwiri iruhije gusokoza.)
- Rudabari yahuye n'ivubi _____. (Rudabari yahuye n'ivubi riramudwinga.)

Indi myitozo urayisanga mu gitabo cy'umunyeshuri.

3. **Vangura amagambo ukore interuro kandi uzandike mu mukono mu ikaye yawe.**

- kagenda cyane buhoro Akanyamasyo. (Akanyamasyo kagenda buhoro cyane.)
- bacweza Ubwoba bose bwatumye . (Ubwoba bwatumye bose bacweza.)
- aradagadwa mu kizamini Yageze. (Yageze mu kizamini aradagadwa.)
- mu buriri adakarabye undyamira umuntu Sinkunda. (Sinkunda umuntu undyamira mu buriri adakarabye.)
- yigize inshyomotsi mwana Uyu. (Uyu mwana yigize inshyomotsi.)
- mu ruhame Bitera gushinjwa isoni. (Bitera isoni gushinjwa mu ruhame.)
- amagufwa ziguguna imbwa. (Imbwa ziguguna amagufwa.)
- isupu Intyabire nziza zigira. (Intyabire zigira isupu nziza.)

Indi myitozo urayisanga mu gitabo cy'umunyeshuri, ku rupapuro rwa 224.

4. **Icyandikwa: Kwandika mu mukono interuro abanyeshuri basomewe.**

Urugero:

Umwana w'inshyanutsi asebya ababyeyi.
Nyanjwenge yariye indyoheshabirayi.
Igifwera gikundana n'akanyamasyo
Semacwa ararya indyo yuzuye.

5. Ikosora

- Umwarimu aragenzura uko abanyeshuri bandika amagambo n'interuro agende ubakosora umwumwe.
- Ikosora rusange rirabera ku kibaho, aho abanyeshuri, umwumwe, baza kwandika amagambo n'interuro.
- Amagambo yose n'interuro bimaze kwandikwa neza n'abanyeshuri ubwabo ku kibaho, hakurikiraho gusaba buri munyeshuri wagize ikibazo kwikosora aho yakoreye mu ikayi ye. Umwarimu aragenzura uko buri munyeshuri yikosora.
- Gukosora icyandikwa birakorerwa ku kibaho. Umwarimu arandika interuro ku kibaho, asabe buri munyeshuri gukosora aho yanditse nabi. Aragenda agenzura ko ikosora rikorwa neza.
- Buri munyeshuri arandika neza za nteruro mu ikayi ye.

Isomo rya 1- 8: Imyitozo y'ishimangirabushobozi

1. **Ingingo ngenderwaho**

- Gutahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri.
- Gufasha buri kiciro kugera ku bushobozi bugamijwe haba mu gusoma cyangwa mu kwandika

2. **Ibikoresho bikenerwa:** Amakayi, amakaramu n'igitabo cy'umunyeshuri.

3. **Imyitozo y'ishimangirabushobozi**

Uburyo bwo gutanga iyi myitozo, mwaburebera mu masomo y'ishimangirabushobozi yabanjirije aya ngaya, mu mutwe wa mbere.

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE

- Barton, B. & Booth, D. (1995.) Stories in the classroom. Storytelling Reading Aloud and Role Playing with Children. Markham, ON
- Edition Bakame, (2007) Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa kabiri. Kigali.
- Edition Bakame, (2007) Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu. Kigali.
- Edition Bakame, (2010) Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye, Kigali.
- Feitelson, D. & Goldstein, Z. (1986.) Patterns of Book Ownership and Reading to Young children in Israelo School-Oriented and Non-school Oriented Families. Reading Teacher, 39 (9), 924-930
- Gambrell, L. (1996.) Creating classroom cultures that foster reading motivation. The Reading Teacher, 50 (1), 14-25.
- Ikigo k'igihugu gishinzwe Integanyanyigisho, (2009.) Gusoma, Kwandika no Kubara, Igitabo cy'Umwigishwa. Kigali.
- Ikigo k'igihugu gishinzwe integanyanyigisho, (2015), Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza: Ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Kigali.
- Ikigo k'igihugu gishinzwe Integanyanyigisho,(2004.) Gusoma 2, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali.
- Ikigo k'igihugu gishinzwe Integanyanyigisho,(2004.) Gusoma 3, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali.
- Ikigo k'igihugu gishinzwe Integanyanyigisho,(2004.) Gusoma 4, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali.
- Ikigo k'igihugu gishinzwe Integanyanyigisho,(2004.) Gusoma 5, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali.
- Institut de recherche scientifique et technologique (IRST), (2011.) Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda, MAGANEM. Kigali.
- Kagame F., Zorzutti C. & Bonfils P.(2006.) Imigani y'ikinyarwanda. Proverbes rwandais. Proverbs from Rwanda, Éditions Sépia.
- Karweit, N., & Wasik, B. (1996.) The effects of story reading programs on literacy and language development of disadvantaged pre-schoolers. Journal of Education for Students Placed At-Risk 4:319-48
- Ministère de l'Education Nationale, Direction Générales des Etudes et Recherches Pédagogiques, Bureau Pédagogique,(1977), Cours de Méthodologie Spéciale Kinyarwanda, Kigali.
- MK. (2007), Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu. Kigali.
- MK. (2007), Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa kabiri. Kigali.
- Overdulve, C.M., Irenee, J., (1998.) Twige Ikinyarwanda, Manuel d'apprentissage de la langue rwandaise, 3e édition revisée et augmentée.
- Stahl, S.A., & Nagy, W.E. (2006.) Teaching word meanings. Hillsdale, NJ: Lawrence Erlbaum Associates
- Study of Malian Primary Teacher's Beliefs, Attitudes and Practices with Respect to the Teaching and Learning of Reading and Writing, Education Development Center, October 2009.
- Trelease, J. (2006) The Read Aloud Handbook: Sixth Edition. Penguin, NY
- Wells, C. G. (1986.) The meaning makers: Children learning language and using language to learn. Portsmouth, NH: Heinemann.